# AMAHAME 95 KU GUTSINDISHIRIZWA KU BWO KWIZERA

Morris L. VENDEN

**Byakuwe mu gifaransa``*95 Thèses sur la Justification par la Foi* ``**
**n'Itorero ry`Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ryo muri**
**Kaminuza y'u Rwanda (ASEPA-UNR)**

**Butare,Werurwe 2005**

# IBIBANZA

Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. Ibyo yategetse ko biba byose byari bigendereye gutegurira umuntu imibereho ihebuje. Nta cyiza Umuremyi yirengagije cyari guha umuntu umudendezo n'amahoro; yari Inkuru nziza. Inkuru mbi yatunguye ibyaremwe byose, umuntu wari utunganye yari amaze kugushwa n'umwe mu Bamarayika ukomeye wari warigometse ku Mana, Lusiferi wahindutse Satani.

Muri ako kaga, ntacyo ijuru ryirengagije cyakiza ikiremwamuntu, ryatanze Umwami wa byose, Yesu Kristo, uwadukuye ahahogoje umwanzi. Umusaraba we ni ibyiringiro byacu : kuwutesha agaciro ni nko guhanagura izuba mu kirere. Umuntu yari acunguwe, Inkuru nziza nk'iyi isubiza intege mu byaremwe byose, iherezo ryiza ku bantu bose babyemeye ryari ryishingiwe. Urupfu ruhinduka ibitotsi ku bemera Inama y'Agakiza y'Imana; ibishuko, ibigeragezo n'ibirego bya Satani nta cyo bigitwaye abahishanywe na Kristo mu Mana.

Muri uru rugamba hagati y'ikibi n'icyiza, ihurizo ryakomeje kuba urusobe kuri benshi : « Ni gute umuntu yahinduka umukiranutsi ? ». Igisubizo kiri mu byo Kristo yadukoreye : Dukizwa n'Ubuntu ku bwo Kwizera; ni ukuri kugomba gusobanukira mu mibereho y'uwemera Kristo wese, mbere yo gusohozwa kw'ibyiringiro byo kugaruka k'Umwami wacu Yesu Kristo. Nta cyo Uwiteka yakwirengagiza kuduhishurira cyatuma twitegura gushyingiranwa n'Uwadukoye amaraso ye. Kuza kwe ni ihame ridakuka. Kumumenya nk'uko bishoboka ko amenywa, ni byo biduhesha kugira im

ibereho imwe na We, maze tugashyingiranwa na We tukiri ku isi.

Iyi Nkuru Nziza igomba gukwira mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'abantu bose. Ni muri ubwo buryo Ihuriro ry'Abanyeshuri n'Abakozi b'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bo muri Kaminuza y'u Rwanda (ASEPA-UNR) ryemeye irarika ry'Umwuka Wera ririhamagarira kugeza ku mbaga y'abumva ururimi rw'Ikinyarwanda uku kuri guhebuje kugomba kudutegurira kubaho imibereho y'ijuru tukiri ku isi, ukuri kugomba kumenywa n'abitegura kuba mu ijuru.

Tubararikiye guca bugufi mukerereza Ijambo ryera, rikaba ari ryo riyobora ibyo mutekereza, rikaba igisubizo cy'ikibazo cyose mufite; Kristo ababere byose aho muri hose ku bw'imbaraga y'Umwuka Wera!

# IRIBURIRO

Mu kuri, byababaye ngombwa kwisegura kuri Maritini Luteri. Igitekerezo gitanga umucyo yagize ubwo yazamukaga uruhimbi apfukamye: Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera, kigaragaza mu by'ukuri igihe gikomeye cy'ubugorozi. Ariko amahame 95 yamanitse ku muryango w'urusengero rw'i *WITTENBERG* (soma Witeniberige) mbere ya byose ntiyari ashingiye ku mpaka z'icyigisho cyo gutsindishirizwa kubwo kwizera. Ahubwo yerekezaga ku bugorozi bwa ngombwa muri gahunda y'itorero ry'icyo gihe, yibanda ku mutimanama, yamagana ubucuruzi bwa indulujensiya (indulgences), ndetse ahagurukira kurwanya ibibi by'ubupapa.

Amahame 95 yo muri iki gitabo yibanda ku nyigisho zo gutsindishirizwa ku bwo kwizera Yesu Kristo gusa. Ni ubutumwa bukwiriye ibihe byose, buzagenda buhinduka ubw'agaciro gakomeye, kugeza hasigayeho intego isumba izindi, icyigisho gisumba ibindi: Kristo gukiranuka kwacu. Icyo gihe ni cyo turimo. Ubutumwa bw'abamalayika batatu bwaravuzwe kandi buzakomeza kuvugwa kugeza ubwo buzagira imbaraga y'ijwi rirenga.

Iki gitabo gifite umugambi wo gushishikariza abantu gutekereza no kwiga icyigisho gikomeye cyo gukiranuka kwa Kristo. By'umwihariko kirabwira Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi. Ariko mwirinde, niba wumva wemeranya n'ihame rya mbere byashoboka ko *wafashwe mu rushundura*. Niba ukibyemera nyuma y'amahame cumi n'abiri (12) abanza, *ntabwo uzaba ukivuye muri urwo rushundura!* Umuntu wese wemeye mu by'ukuri amahame cumi n'abiri abanza bizamworohera kwemera akurikiraho, kuko ayo mahame cumi n'abiri abanza ari urufunguzo rwo kumva andi yose.

Inyigisho yo gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera ntiyihishira. Igihe uzaba wayisobanukiwe neza ntuzaguma uko uri. Ariko inyigisho ntihagije. Igihe izava mu magambo ikaba imibereho yawe, ni bwo uzakira imbaraga iyiturukamo. Uyu munsi ndakurarikira ngo iyi nyigisho ihe imibereho nyayo ubuzima bwawe.

# AMASHAKIRO

**IBIBANZA** ........ **ii**

**IRIBURIRO** ........ **iii**

**AMASHAKIRO** ........ **iv**

**AMAHAME 95 KU GUTSINDISHIRIZWA KU BWO KWIZERA** ........ **1**

**GUKIRANUKA** ........ **6**

*IHAME RYA 1: UMUKRISTO AKORA IBYO GUKIRANUKA KUKO ARI UMUKRISTO, SI UKUGIRA NGO AHINDUKE UMUKRISTO* ........ *6*

*IHAME RYA 2:GUKIRANUKA NI YESU.TUTARI MURI WE NTITUBA DUFITE GUKIRANUKA* ........ *7*

*IHAME RYA 3:NTA KUNDI UMUNTU YASHAKA GUKIRANUKA KERETSE GUSHAKA YESU.* ........ *8*

*IHAME RYA 4:UBUKRISTO N'AGAKIZA NTIBISHINGIYE KU BYO UKORA, AHUBWO BISHINGIYE KU WO UZI. Abaroma3:28* ........ *9*

*IHAME RYA 5:GUKORA NEZA WIGENGESERA NGO UDAKORA NABI SI UGUKORA NEZA, NO KUBA MWIZA WIGENGESERA NGO UTABA MUBI SI UKUBA MWIZA.* ........ *10*

*IHAME RYA 6 :GUKIRANUKA KUZAGUHINDURA INYANGAMUGAYO ARIKO UBUNYANGAMUGAYO NTIBUZAGUHINDURA UMUKIRANUTSI.* ........ *11*

*IHAME RYA 7 :IMIRIMO YACU MYIZA SI YO NTANDARO Y'AGAKIZA KACU, IBIKORWA BYACU BIBI SI BYO NTANDARO YO KURIMBUKA.* ........ + *12*

**ICYAHA** ........ **16**

*IHAME RYA 8 :ABANTU BOSE BAVUKA ARI ABANYABYAHA (BIKUNDA) KUKO BAVUKA BATANDUKANYE N'IMANA.* ........ *16*

*IHAME RYA 9 :IMANA NTIDUHORA KO TWAVUTSE TURI ABANYABYAHA.* ........ *17*

*IHAME RYA 10:NTABWO TUBA ABANYABYAHA KUKO DUKORA IBYAHA AHUBWO DUKORA IBYAHA KUKO TURI ABANYABYAHA.* ........ *19*

*IHAME RYA 11:ICYAHA (mu bumwe), NI UKUVUGA KUBAHO UTANDUKANYE N'IMANA NI YO NTANDARO Y'IBYAHA (mu bwinshi), NI UKUVUGA GUKORA IBIKORWA BIBI.* ........ *20*

*IHAME RYA 12:UMUNTU UBAHO ATANDUKANYE N'IMANA ABAHO MU CYAHA* ........ *21*

**KWIZERA** ........ **24**

*IHAME RYA 13:UBUSOBANURO BWO KWIZERA BURUTA UBUNDI NI UKWIRINGIRA. KWIRINGIRA NI UKWISHINGIKIRIZA KU WUNDI MUNTU. MATAYO15:21-28* ........ *24*

*IHAME RYA 14: KUMENYA IMANA NI UKUYIRINGIRA. UTAYIZI NTUSHOBORA KUYIRINGIRA. NIBA UTAYIRINGIRA NI UKO UTAYIZI.* ........ *25*

*IHAME RYA 15: KWIZERA NI IMBUTO Y'UMWUKA NTABWO ARI IMBUTO Y'UMUNTU. NTABWO TUKUBONA KU BW'IMIHATI YACU.* ........ *27*

*IHAME RYA 16 : KWIYUMVISHA KO IBINTU BIZABA BYIZA, NTIBIBYARA KWIZERA NYAKURI, AHUBWO KWIZERA NI UKW'IBITEKEREZO BIZIMA.* ........ *28*

**KWIZERA.** ........................................................................................................................................ **29**

**KWITANGA**........................................................................................................................................ **33**

*IHAME RYA 18 : MU KWIHATIRA KUZINUKWA IBYAHA BYACU BISHOBORA KUTUBUZA KWIZINUKWA UBWACU.* ........................................................................................................ *34*

*IHAME RYA 19:NTA WABASHA KWIBAMBA CYANGWA KWITANGA UBWE , HAGOMBA UNDI MUNTU WO KUBIDUKORERA.* ........................................................................................................ *35*

*IHAME RYA 20 :DUTWARWA N'IMANA CYANGWA SE SATANI : UBUBASHA BWONYINE DUFITE NI UBWO GUHITAMO UTUYOBORA.* ........................................................................................................ *37*

*IHAME RYA 23:MU GUKURA KWABO MU BY'UMWUKA, ABAKRISTO BAJYA BIYEGURIRA IMANA.HABA UBWO BIYEGURIRA IMANA, UBUNDI BAKIYIRINGIRA.* ........................................................ *40*

**KWITANGA**........................................................................................................................................ **42**

**GUHINDUKA**........................................................................................................................................ **44**

*IHAME RYA 24:GUHINDUKA NI UMURIMO UKORWA N'UMWUKA WERA UTERA GUHINDURA INYIFATO IMBERE Y'IMANA KANDI UGATANGA UBURYO BUSHYA BWO KUYIMENYA*........................ *44*

*IHAME RYA 25 : GUHINDUKA BITERA GUHINDURA IMIBEREHO*................................................................ *45*

*IHAME RYA 26.:GUHINDUKA NO KWIHANA NTIBIKORWA RIMWE, AHUBWO NI UGUHOZAHO.*................. *47*

**KWIHANA** ........................................................................................................................................ **50**

*IHAME RYA 27: KWIHANA NI UKUGIRA AGAHINDA K'UKO WAKOZE ICYAHA, NO KUGICIKAHO. KWIHANA NI IMPANO : BITYO RERO AGAHINDA K'UKO WAKOZE ICYAHA NO KUKIREKA NA BYO NI IMPANO.* ........................................................................................................ *50*

*IHAME RYA 28 : NTITUBANZA GUHINDURA IMIBEREHO YACU KUGIRA NGO TUBASHE GUSANGA KRISTO ; TUMUSANGA UKO TURI AKABA ARI WE UHINDURA IMIBEREHO YACU.*.......................... *51*

*IHAME RYA 29: IMANA IDUHA KWIHANA MBERE YO KUDUHA IMBABAZI.* .................................................. *52*

*IHAME RYA 30 : AGAHINDA KO MU BURYO BW'ISI NI UKUBABAZWA N'UKO WAGARAGAWEHO N'INENGE YO KWICA ITEGEKO; NAHO AGAHINDA KO MU BURYO BW'IMANA NI UKUBABAZWA N'UKO WASHENGUYE UMUTIMA W'INSHUTI YAWE MAGARA, UKAYICUMURAHO.* .........*53*

**IMBABAZI** ........................................................................................................................................ **56**

*IHAME RYA 31 : ICYAHA KIMWE RUKUMBI KIDASHOBORA KUBABARIRWA NI ICYO TUTIHANNYE NDETSE NGO TUGISABIRE IMBABAZI*........................................................................................................ *56*

*IHAME RYA 32 :IMBABAZI NI IMFABUSA IYO UMUNYABYAHA ATAZEMERA .* ............................................... *57*

*IHAME RYA 33 :IMBABAZI Z'IMANA NTIZIGIRA IHEREZO; ARIKO KUZAKIRA KWACU GUSHOBORA KUGIRA IHEREZO* ........................................................................................................ *58*

*IHAME RYA 34:ABABABARIWE BYINSHI NI BO BAKUNDA CYANE. ABAKUNDA CYANE, BAZUMVIRA BATAGOMBYE KUBARA INSHURO BUMVIYE.*............................................................................ *59*

*IHAME RYA 35:IMBABAZI TUZIHABWA KU BUNTU, NYAMARA ZIRAHENDA CYANE KUKO ZAGUZE UBUZIMA BW'UMWANA W' IMANA IKUNDA CYANE.* ............................................................ *60*

**UMUSARABA** ........................................................................................................................................ **64**

*IHAME RYA 36: IMANA NTIBABARIRA IBYAHA AHUBWO IBABARIRA ABANYABYAHA. NYAMARA BIBILIYA IVUGA IBYO KUBABARIRA IBYAHA. YESU YAPFUYE KUBERA KO IBYAHA BITASHOBORAGA KUBABARIRWA.* ........................................................................................................ *64*

*IHAME RYA 37:KRISTO YAPFUYE KU BW'IBYAHA BYACU NK'UKO IBYANDITSWE BIBIVUGA......................65*

*IHAME RYA 38:KUBW'UMUSARABA GUKIRANUKA KW'IMANA KWARAGARAGAYE NDETSE N'IMBABAZI Z'IMANA ZIHABWA UMUNTU WESE ......66*

*IHAME RYA 39:URUPFU RWA KRISTO RWARI NGOMBWA KUGIRA NGO TUBABARIRWE.............................67*

*IHAME RYA 40:NTA CYO DUSHOBORA KONGERA KU GITAMBO CYA KRISTO KU MUSARABA, ARIKO IMANA YO ISHOBORA KONGERAHO BYINSHI......69*

**UMUSARABA. ......70**

**UBWISHINGIZI......72**

*IHAME RYA 41: KUGUMA MURI YESU NI INGEZI NKO KUMUSANGA......72*

*IHAME RYA 42 :UBWISHINGIZI BW'AGAKIZA KACU BUSHIMANGIRWA N'UMUSHYIKIRANO WA BURI MUNSI TUGIRANA NA YESU. ......73*

*IHAME RYA 43:ABAKRISTO BAGOMBYE KUMENYA RWOSE KO N'UYU MUNSI BAFITE IBYIRINGIRO BY' AGAKIZA. ......75*

*IHAME RYA 44:BIBILIYA ITWIGISHA KO TWACUNGUWE RIMWE RISA, ARIKO BIKAGIRA AGACIRO MU GIHE TUGUMYE MU GAKIZA. ......76*

*IHAME RYA 45 :AMAHORO NTAVA MU GUTSINDA, AHUBWO GUTSINDA GUTURUKA MU MAHORO.........78*

*IHAME RYA 46:DUKOMEZA GUCUMURA KUKO TUTIZERA KO TWABABARIWE. GUSHIDIKANYA BIZANA GUTSINDWA, NAHO KUDASHIDIKANYA BITERA KUNESHA. ......79*

**UMUBANO N'IMANA......82**

*IHAME RYA 47: GUTSINDISHIRIZWA N'UBUNTU KU BWO KWIZERA SI AMAGAMBO GUSA AHUBWO NI IMIBEREHO......82*

*IHAME RYA 48: UBUZIMA BW'IBY'UMWUKA BW'UMUKRISTO SI IKINTU YAKWITAHO ABISHATSE CYANGWA SE ATABISHAKA NTAKITEHO. UMUBANO N'IMANA NI RYO SHINGIRO RYO GUKURA MU BUKRISTO. ......84*

*IHAME RYA 49 : NIBA TUTAGIRA IGIHE CYO KWIGA BIBILIYA NO GUSENGA TUZAPFA MU BY'UMWUKA. ......85*

*IHAME RYA 50: GUSOMA BIBILIYA NO GUSENGA UBWABYO NTIBIGARAGAZA KO UFITANYE UMUSHYIKIRANO N'IMANA. ARIKO NIBA UTITA KU GUSOMA BIBILIYA NO GUSENGA, NTUZASHOBORA GUSHYIKIRANA N'IMANA. ......86*

*IHAME RYA 51 : UMUGAMBI W'IBANZE W'ISENGESHO SI UGUHABWA IBYO DUSABA, AHUBWO NI UKUMENYA YESU......88*

*IHAME RYA 52: INTEGO NKURU MU KWIGA BIBILIYA,SI UGUKURAMO UBUMENYI, AHUBWO NI UKUMENYA YESU......89*

*IHAME RYA 53 : AKENSHI IYO DUSENGA, IBINTU NTIBIBURA KURUSHAHO KUBA BIBI, KUGEZA TUMENYE GUSHAKA YESU KUBWO URUKUNDO TUMUKUNDA ATARI KUBW'IZINDI NYUNGU ZACU. ......90*

*IHAME RYA 54 : UMUNTU WESE UREKA UMUBANO WE NA YESU BITEWE NI IMYITWARIRE YE ATWARWA N'AMATEGEKO. ......92*

**KUMVIRA......95**

*IHAME RYA 55: KUMVIRA NYAKURI NI IMPANO Y'IMANA :UMWAMBARO W'UBUKWE UTANGIRWA UBUNTU......95*

*IHAME RYA 56 : KUMVIRA NYAKURI NTIGUTURUKA INYUMA, KUVUKIRA IMBERE MU MUTIMA, KUKIGARAGARIZA INYUMA. ......97*

*IHAME RYA 57: KUMVIRA NYAKURI NI UMWIMERERE KANDI KURIZANA. GUSA KUBYARWA N'UMUBANO TUGIRANA NA KRISTO KUBWO KWIZERA.* ......98

*IHAME RYA 58: UWISHINGIKIRIZA KU MANA KUGIRA NGO ABONE INTEGE NTABWO AKENEYE KWITUGATUGA KUGIRA NGO YUMVIRE.AHUBWO ICYAMUGORA NI UKUTUMVIRA* ......99

*IHAME RYA 59 : KUMVIRA KW'INYUMA GUSA NI UKUMVIRA GUPFUYE.* ......101

*IHAME RYA 60 : IGIHE TUZAMENYA IMANA UKO BISHOBOKA KO IMENYWA, IMIBEREHO YACU IZAHINDUKA KUMVIRA GUHORAHO.* ......102

**AMATEGEKO** ......**105**

*IHAME RY 61 : UWO ARIWE WESE USHAKA KUBAHO GIKRISTO ATISHINGIKIRIJE KURI KRISTO, NTABWO ARI UMUKRISTO. AHUBWO YABA UTSIMBARARA KU MIHANGO CYANGWA ATAYITAHO, UWO ATWARWA N'AMATEGEKO.* ......105

*IHAME RYA 62 : AMATEGEKO NTATANGA IMBARAGA ZO KUMVIRA NYAKURI. SINAYI NTA MUMARO WAYO HATABAYEHO KALUVARI* ......107

*IHAME RYA 63 : KRISTO NI IHEREZO RY'AMATEGEKO KUBWO GUTSINDISHIRIZWA; ARIKO SI WE GUKURWAHO KW'AMATEGEKO.* ......108

**IMIRIMO** ......**112**

*IHAME RYA 64 : IMIRIMO MYIZA UDAKORESHEJWE NA KRISTO NI IMIRIMO MIBI RWOSE KU MUNTU UYIKORA.* ......112

*IHAME RYA 65 : UMUGAMBI W'IMIRIMO MYIZA SI UKUDUKIZA; AHUBWO NI UGUTUMA IMANA IHIMBAZWA.* ......113

*IHAME RYA 66: IYO KWIZERA ARI UK'UKURI N'IMIRIMO ARI IY'UKURI, NTUSHOBORA KUGIRA KIMWE NGO UBURE IKINDI.* ......114

**GUKURA** ......**117**

*IHAME RYA 67: KWIZERA KWIYONGERA MU BWINSHI NTIKWIYONGERA MU BWIZA. UKO KWIYONGERA GUTERWA NO GUKOMEZA KWISHINGIKIRIZA KU MANA.* ......117

*IHAME RYA 68 : NTAWE UKURA AKORESHEJE UMUHATI WE NGO AKURE* ......119

*IHAME RYA 69: ABAKRISITO BAKOMEZWA NO KUMENYA INTEGE NKE ZABO. IYO TWIYUMVAMO INTEGE NKE NIBWO TUBA TURI ABANYAMBARARAGA* ......120

*IHAME RYA 70: DUSHOBOZWA BYOSE NA KRISTO UDUHA IMBARAGA ARIKO NTACYO TWAKORA TUTAMUFITE* ......121

**UMUSHYIKIRANO N'IMANA** ......**125**

*IHAME RYA 71: SATANI NTA BUSHOBOZI AFITE BWO GUCUMUZA ABIRINGIRA IMANA. NYAMARA ABIYIRINGIRA ABACUMUZA BIMWOROHEYE* ......125

*IHAME RYA 72: GUSHYIKIRANA N'IMANA BURI MUNSI BIGIRA INGARUKA YO GUHORA UYIYEGURIRA, KWISHINGIKIRIZA BURI KANYA KU MBARAGA ZAYO.* ......126

*IHAME RYA 73 : KWIREBAHO BITERA BURI GIHE GUTANDUKANA N'IMANA KANDI BIGACA IMIRUNGA YO KUYISHINGIKIRIZAHO GUHORAHO.* ......128

**UBUHAMYA** ......**133**

*IHAME RYA 75:IMANA ISHAKA KO DUHAMYA KUKO BIDUFITIYE AKAMARO* ......133

*IHAME RYA 76: N'UBWO UBURYO BUKORESHWA BUTANDUKANYE, UMUKRISTO NYAKURI AHORANA ICYIFUZO CY'UMWIMERERE KIMUHATIRA KUVUGA IBYO YIZERA.* ......135

*IHAME RYA 77 : UMUNTU UFITE UMUNEZERO KURUSHA ABANDI MU ISI NI UWITANGIRA GUKORERA ABANDI; NAHO UMUNYABYAGO KURUSHA ABANDI, NI UWISHAKIRA INYUNGU ZE MBERE YA BYOSE. ....... 136*

*IHAME RYA 78: UMURIMO WA GIKRISTO MU MIBEREHO Y'IBY'UMWUKA UGERERANYWA N'IMYITOZO NGORORANGINGO MU BUZIMA BUSANZWE. ....... 137*

*IHAME RYA 79 :NTAWE UTANGA ICYO ADAFITE ....... 138*

**IBISHUKO....... 143**

*IHAME RYA 80: KU BYEREKERANYE N'IBISHUKO NI UKUMENYA NIBA IMIBEREHO YACU IGENGWA CYANGWA ITAGENGWA NA KRISTO ....... 143*

*IHAME RYA 81: IBISHUKO BIHINDUKA IBYAHA IYO TUBIHAYE ICYICARO MU NTEKEREZO ZACU....... 144*

*IHAME RYA 82 :YESU YASHUKISHIJWE GUKORA IBYIZA AKORESHEJE UBUBASHA BWE BWITE; NATWE NI KO BITUGENDEKERA. ....... 145*

*IHAME RYA 83 : UMWAMI IMANA IZI GUKIZA IBISHUKO ABAMUNAMBAHO, ARIKO NTAKIZA ABABI. ....... 146*

*IHAME RYA 84 : NTABWO DUTSINDA IBISHUKO ARI UKO BIJE, AHUBWO TUBITSINDA BURI GIHE MBERE Y'UKO BYIGARAGAZA ....... 147*

**KUNESHA ....... 151**

*IHAME RYA 85: KUNESHA NTABWO ARI UMURIMO W'AMABOKO YACU;TUGUHABWA N'IMANA. ....... 151*

*IHAME RYA 86 : MU RUGAMBA TURWANA NK'ABAKRISTO, TUGOMBA KUGIRA UMWETE MU NTAMBARA YO KWIZERA; NAHO MU NTAMBARA YO KURWANYA IBYAHA TUGATUZA. ....... 152*

*IHAME RYA 87 : KUNESHA NYAKURI NI UGUTSINDA AKAMENYERO KO GUSHYIRAHO UMUHATI WACU NGO TUBE ABANESHI. ....... 153*

**GUTUNGANA. ....... 157**

*IHAME RYA 88: GUTUNGANA KW'IMICO SI INTEGO DUSHOBORA KWIGEZAHO UBWACU, NI UMURIMO W'IMANA MURI TWE. ....... 157*

*IHAME RYA 89: INYIGISHO YO GUTUNGANA ISHOBORA GUTERA AKAGA NIBA ISHINGIYE KURI TWE UBWACU NDETSE NO KU MIRIMO YACU BWITE. ....... 158*

**YESU....... 163**

*IHAME RYA 90 : KU BWA KAMERE YE ITAGIRA ICYAHA, YESU YARI NK'ADAMU MBERE YO KUGWA NTABWO YAVUTSE ATANDUKANYE N'IMANA, YESU YARI NK'ADAMU NYUMA YO KUGWA KU BYEREKEYE IMBARAGA ZE Z'UMUBIRI, IZ'IBITEKEREZO N'IZ'IMICO. ....... 163*

*IHAME RYA 91 : MU GUTSINDA IBISHUKO, YESU NTA MAHIRWE YIHARIYE YADUSUMBYAGA....... 164*

*IHAME RYA 92 : YESU YANESHEJE IBISHUKO NK'UKO NATWE TWABINESHA, KU BWO GUKORESHA IMBARAGA IVUYE MU IJURU, AHO GUKORESHA IMBARAGA YE BWITE. ....... 166*

*IHAME RYA 93 : YESU YANGAGA ICYAHA URUNUKA. IBYO NATWE BYATUBAHO IGIHE DUFITANYE UMUSHYIKIRANO N'IMANA ....... 167*

*IHAME RYA 94: NTIDUSHOBORA KUBA NKA YESU ARIKO DUSHOBORA GUKORA NKA WE....... 168*

*IHAME RYA 95 : IPFUNDO RY'ICYAHA NI UGUCIKA K'UMUBANO HAGATI Y'IMANA N'UMUNTU. UMUGAMBI W'AGAKIZA, NI UGUSUBIZAHO UMUBANO HAGATI Y'IMANA N'UMUNTU. 169*

# AMAHAME 95 KU GUTSINDISHIRIZWA KU BWO KWIZERA

***GUKIRANUKA***

1.Umukristo akora ibyo gukiranuka kuko ari umukristo, si ukugira ngo ahinduke umukristo.Yohana15:5

2.Gukiranuka ni Yesu. Tutari muri we ntituba dufite gukiranuka. Abaroma 1:16,17

3.Nta kundi umuntu yashaka gukiranuka keretse gushaka Yesu. Abaroma 4:4,5

4.Ubukristo n'agakiza ntibishingiye ku byo ukora, ahubwo bishingiye ku wo uzi. Abaroma 3 :28

5.Gukora neza wigengesera ngo udakora nabi si ugukora neza. Kuba mwiza wigengesera ngo utaba mubi si ukuba mwiza. Matayo 23 :27,28

6.Gukiranuka kuzaguhindura inyangamugayo, ariko ubunyangamugayo ntibizaguhindura umukiranutsi. Matayo 5 :20

7.Imirimo yacu myiza si yo ntandaro y'agakiza kacu, ibikorwa bibi si byo ntandaro yo kurimbuka kwacu. Abaroma 3 :20

***ICYAHA***

8**.**Abantu bose bavuka ari abanyabyaha( cyangwa bikunda) kuko bavuka batandukanye n'Imana. Zaburi 58 :4

9.Imana ntiduhora ko twavutse turi abanyabyaha : Ezekiel 18 :20, Yohana 1 :9

10.Nti tuba abanyabyaha kubera ko dukora ibyaha, ahubwo dukora ibyaha kuko turi abanyabyaha. Abaroma 7 :14-17

11.Icyaha (mu bumwe), ni ukuvuga kubaho utandukanye n'Imana, niyo ntandaro y'ibyaha(mu bwinshi), ni ukuvuga gukora ibikorwa bibi : 1Yohana 3 :4

12.Umuntu wese ubaho atandukanye n'Imana aba ariho mu cyaha. Yohana 16 : 8,9.

***KWIZERA***

13.Ubusobanuro bwo kwizera buruta ubundi ni Ukwiringira. Kwiringira ni ukwishingikiriza ku wundi muntu . Matayo 15 :21-28

14.Kumenya Imana bitera kuyiringira. Uramutse utayizi ntiwayiringira. Niba utayiringira ni uko utayizi. 2Timoteyo1 :12

15.Kwizera ni imbuto y'umwuka, ntabwo ari imbuto y'umuntu ntabwo tukubona ku bw'umuhati wacu. Abagalatiya 5:22

16.Kwiyumvisha ko ibintu bizaba byiza muri wowe( ko ibintu bimeze neza cyangwa ko bizamera neza) ntibibyara kwizera nyakuri.Ahubwo kwizera gutanga ibitekerezo bizima. Abaroma 10:3,4

***KWITANGA***

17. Kwitanga ntibivuga kuzinukwa ibyaha byacu, ahubwo ni ukwizinukwa ubwacu. Kuzinukwa ibyaha byacu ni ingaruka yo kwizinukwa ubwacu no gushaka Imana. Abaroma 9:31,32

18. Kwihatira kuzinukwa ibyaha byacu,bishobora kutubuza kwizinukwa ubwacu Abaroma 9:31,32

19. Nta we ubasha kwibamba cyangwa kwitanga ubwacu. Hagomba undi muntu wo kubidukorera. Abagalatiya2: 20

20. Dutwarwa n'Imana cyangwa se Satani. Ububasha bwonyine dufite ni ubwo guhitamo utuyobora. Abaroma 6 : 16

21.Gutanga ubushake bwacu ni ukuzinukwa ubushobozi bwacu bwo guhitamo, nyamara tugomba gukoresha ubwo bushobozi ngo tuzinukwe ubwo bushobozi bwacu bwo guhitamo.Tugomba kuzinukwa ubushobozi bwacu bwo guhitamo ku byerekeye imyifatire yacu, nyamara ni bwo dukoresha kugira ngo tunoze umubano wacu n'Imana. Abafilipi 2 :13, Abaroma 6 :11

22.Ahantu honyine umuntu akoresha imbaraga abigambiriye mu mibereho ya gikristo ni mu

gushaka Imana. Ibyo bizatanga imbaraga itagambiriwe yo gushyikira izindi ntego. Abafilipi 4 :13
23.Mu gukura kwabo mu by'umwuka,abakristo bajya biyegurira Imana . Hari ubwo biyeguriye Imana ubundi bakiyiringira. Luka 9 : 54, Matayo 16 :16,17,22,23.

***GUHINDUKA***

24.Guhinduka ni umurimo w'Umwuka Wera, utera guhindura inyifato imbere y'Imana kandi ugatanga uburyo bushya bwo kuyimenya. Yohana 3 :3-8
25.Guhinduka bitera guhindura imibereho.Ezekieli 36 :26,27
26.Guhinduka no kwihana ntibikorwa rimwe gusa, ahubwo ni uguhozaho.

***KWIHANA***

27.Kwihana ni ukugira agahinda k'uko wakoze icyaha no kugicikaho. Kwihana ni impano : Bityo rero agahinda k'uko wakoze ibyaha no kukireka na byo ni impano. Ibyakozwe n'intumwa 5:31
28.Ntitubanza guhindura imibereho yacu kugira ngo tubashe gusanga Kristo. Tumusanga uko turi akaba ari we uhindura imibereho yacu. Yohana 6:37
29.Imana iduha kwihana mbere yo kuduha imbabazi. Ibyakozwe n'intumwa 3 : 19
30.Agahinda ko mu buryo bw'isi ni ukubabazwa n'uko wagaragaweho n'inenge yo kwica itegeko; naho agahinda ko mu buryo bw'Imana ni ukubabazwa n'uko washenguye umutima w'inshuti yawe magara ukanayicumuraho. 2Abakorinto 7:10

***IMBABAZI***

31.Icyaha kimwe rukumbi kidashobora kubabarirwa ni icyo tutihanye ndetse ngo tugisabire imbabazi 1Yohana 7:9
32.Imbabazi ni imfabusa ku munyabyaha iyo atazemera. Zaburi 86:5
33.Imbabazi z'Imana ntizigira iherezo ariko kuzakira kwacu gushobora kugira iherezo. Matayo18:21,22
34.Ababababariwe byinshi bazakunda cyane.Abakunda cyane bazumvira batabaze inshuro bumviye. Luka 7:41-43, Yohana 14:15
35.Imbabazi tuzihabwa ku buntu, nyamara zirahenda cyane, kuko zaguze ubuzima bw'Umwana w'Imana ikunda cyane Yohana3:16

***UMUSARABA***

36.Imana ntibabarira ibyaha, ibabarira abanyabyaha.Nyamara Bibiliya ivuga ibyo kubabarira ibyaha.Yesu yapfuye kubera ko ibyaha bitashoboraga kubabarirwa. Yesaya 53:5,6,8
37.Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko ibyanditswe bibivuga 1Abakorinto 15:3
38.Ku bw'umusaraba gukiranuka kw'Imana kwaragaragaye ndetse n'imbabazi z'Imana zihabwa umuntu wese. Abaroma 3:23-26
39.Urupfu rwa Kristo rwari ngombwa kugira ngo tubabarirwe. Yohana 3:14,15
40.Nta cyo dushobora kongera ku gitambo cya Kristo ku musaraba ariko Imana yo ishobora kongeraho byinshi. Abaheburayo 7:25; 9:11,12

***KWIZERA AGAKIZA UBWISHINGIZI***

41.Kuguma muri Yesu ni ingenzi nko kujya kuri we .Yohana15:4
42.Ubwishingizi bw'agakiza kacu bushimangirwa n'umushyikirano tugirana na Yesu buri munsi.1Yohana5:11,12
43.Abakristo bagombye kumenya ko bafite, ndetse n'uyu munsi ko bashikamye mu gakiza. Yohana6:47
44.Bibiriya yigisha ko twacunguwe rimwe risa, ariko bikagira agaciro mu gihe tugumye mu gakiza. Matayo 24:12,13
45.Amahoro ntava mu gutsinda, ahubwo gutsinda guturuka mu mahoro.Yohana8:11

46.Dukomeza gucumura kuko tutizera ko twababariwe, gushidikanya bizana gutsindwa, kudashidikanya bituyobora ku kunesha.

***UMUBANO N'IMANA***

47.Gutsindishirizwa ku bwo kwizera si amagambo gusa ahubwo ni imibereho. Abafilipi 3:9,10
48.Ubuzima bw'iby'umwuka bw'umukristo si ikintu yakwitaho abishatse cyangwa se atabishatse ntacyiteho, umubano n'Imana ni wo shingiro ryo gukura mu bukristo. Yohana 17: 3.
49.Niba tutagira igihe cyo gusoma Bibiliya no gusenga tuzapfa mu by'umwuka. Yohana 6:33
50.Gusoma Bibiliya no gusenga ubwabyo ntibigaragaza ko ufitanye umushyikirano n'Imana, ariko niba tutita ku gusoma Bibiliya no gusenga ntituzashobora gushyikirana n'Imana .Yohana 5:39
51.Umugambi w'ibanze w'isengesho si uguhabwa ibyo dusaba ahubwo ni uwo kumenya Yesu .Ibyahishuwe 3:20,Yohana 17:3
52.Intego nkuru igamijwe mu kwiga Bibiliya si ugukuramo ubumenyi, ahubwo ni ukumenya Yesu .Ibahishuwe 3:20
53.Akenshi iyo dusenga ibintu birushaho kuba bibi, kugeza tumenye gushaka Yesu ku bw'urukundo tumukunda atari ku bw'inyungu zacu. Igitabo cya Yobu.
54.Umuntu ureka umubano we na Yesu ku bw'imyitwarire ye atwarwa n'amategeko. Abaroma 7:14-24

***KUMVIRA***

55.Kumvira nyakuri ni impano y'Imana.Umwambaro w'ubukwe utangirwa ubuntu. Matayo22:11-14
56.Kumvira nyakuri ntiguturuka inyuma, ahubwo kuvukira imbere muri twe, kukigaragariza inyuma. Matayo 23:25,26
57.Kumvira nyakuri ni umwimerere kandi kurizana.Gusa kubyarwa n'umubano tugirana na Kristo mu kwizera. Uwishingikiriza ku Mana ngo abone intege ntakeneye kwitugatuga ngo yumvire. Ahubwo icyamugora ni ukutumvira. 1Yohana 3:6.
58.Uwishingikiriza ku Mana kugira ngo abone intege ntobwo akeneye kwitugatuga kugira ngo yumvire.Ahubwo icyamugora ni ukutumvira.
59.Kumvira kw'inyuma gusa ni ukumvira gupfuye. Matayo5:20
60.Igihe tuzamenya Imana uko bishoboka ko imenywa imibereho yacu izahinduka kumvira guhoraho.

***AMATEGEKO***

61.Uwo ari we wese ushaka kubaho gikristo atishingikirije kuri Kristo si umukristo yaba atsimbarara(conservateur) cyangwa atita ku mahame(liberal) atwarwa n'amategeko. Abagalatiya 3:1-3
62.Amategeko ntatanga imbaraga zo kumvira.Sinayi nta mumaro wayo hatabayeho Kaluvari .Abaroma 8:3
63.Kristo ni iherezo ry'amategeko ku bwo gutsindishirizwa ariko si iherezo (gukuraho)ry'amategeko.

***IMIRIMO***

64.Imirimo myiza udakoreshejwe na Kristo ni imirimo mibi. Matayo 7:22,23
65.Umugambi w'imirimo myiza si uwo kudukiza ni uwo gutuma Imana ihimbazwa. Matayo5:16
66.Iyo kwizera n'imirimo ari iby'ukuri ntushobora kugira kwizera nta mirimo. Yakobo 2: 17,18.

***GUKURA***

67.Kwizera kwiyongera mu bwinshi ntikwiyongera mu bwiza. (en quantité et non en qualité) uko kwiyongera gukomoka mu gukomeza kwishingikiriza ku Mana. Luka 17 :5,6
68.Ntawe ukura abitewe n'umuhati yashyizeho ngo akure. Matayo 6 :27

69.Abakristo bashikama mu bukristo iyo bazirikanye ko ari abanyantege nke, iyo turi abanyantege nke ni bwo tuba turi abanyambaraga. 2Abakorinto 12 :9,10.

70.Dushobozwa byose na Kristo uduha imbaraga ,ariko ntacyo twakora tutamufite. Abafilipi 4 : 13 ; Yohana 15 :5.

### *UMUSHYIKIRANO N'IMANA*

71.Satani nta bushobozi afite bwo gucumuza abiringira Imana,nyamara abiyiringira abatsinda mu buryo bumworoheye.2Abakorinto 10 :45

72.Gushyikirana n'Imana buri munsi bigira ingaruka yo kwitanga guhoraho, buri kanya umuntu agakomeza kumva ko byose abikesha imbaraga yayo. Yohana 15 : 1-5

73.Kwirebaho bitera buri gihe gutandukana n'Imana kandi bigaca imirunga yo kuyishingikirizaho guhoraho.

74.Imana ntiyitandukanya na twe, ariko twe dushobora gufata icyemezo cyo gutandukana na yo Abaroma 8 :35,38,39.

### *UBUHAMYA*

75.Imana ishaka ko duhamya kuko bidufitiye akamaro. Matayo 11 :29

76.N'ubwo uburyo bukoreshwa butandukanye ,umukristo nyakuri ahorana icyifuzo cy'umwimerere kimuhatira kuvuga ibyo yizera. 2Abakorinto 4 : 13.

77.Umuntu unezewe wa mbere ku isi ni uwitangira gukorera abandi, umunyabyago kuruta abndi ni ushaka mbere ya byose inyungu ze. Mariko 8 :35

78.Umurimo wa gikristo mu mibereho y'iby'umwuka ugereranywa n'imyitozo ngororangingo mu buzima busanzwe Ibyakozwe n'Intumwa 3 :6-9

79.Nta we utanga icyo adafite . Mariko 5:19, Yohana 3:11.

### *IBISHUKO*

80.Ku byerekeranye n'ibishuko ikibazo cy'ingenzi ni ukumenya niba imibereho yacu igengwa cyangwa se itagengwa na Kristo. Yohana 16:6,9

81.Ibishuko bihinduka icyaha iyo tubihaye icyicaro mu ntekerezo zacu. Matayo 5:21,22,28

82.Yesu yashukishijwe gukora ibyiza, akoresheje ububasha bwe bwite, natwe ni ko bitugendekera. Matayo 4:2,3

83.Umwami Imana azi gukiza abamunambaho ibishuko ariko ntakiza ababi. 2Petero 2:9

84.Ntabwo dutsinda ibishuko ari uko bije, ahubwo tubitsinda mbere y'uko byigaragaza Abaheburayo 4:16.

### *KUNESHA*

85.Kunesha si umurimo w'amaboko yacu tuguhabwa n'Imana 1Abakorinto 15:57

86.Mu ntambara turwana nk'abakristo, tugomba kugira umwete mu ntambara yo kwizera, naho mu ntambara yo kurwanya icyaha tukituriza.

87.Kunesha nyakuri ni ugutsinda akamenyero ko gushyiraho umuhati kugira ngo tube abaneshi. 2Ngoma 20: 15,17.

### *GUTUNGANA*

88.Gutungana kw'imico si ingeso dushobora kwigezaho twebwe ubwacu ni umurimo w'Imana muri twe. Abaheburayo 13: 20,21

89.Inyigisho yo gutungana ishobora gutera akaga niba ishingiye kuri twe ubwacu ndetse no ku mirimo yacu bwite Abagalatiya 3: 3.

***YESU***

90.Ku bwa kamere ye itagira icyaha Yesu yari nk'Adamu mbere yo kugwa. Nta bwo yavutse atandukanye n'Imana , Yesu yari nk'Adamu nyuma yo kugwa ku byerekeranye n'imbaraga z'umubiri, iz'intekerezo n'iz'imico. Luka 1:35, Abaheburayo 2:17,18

91.Mu gutsinda ibishuko Yesu nta mahirwe yihariye yadusumbyaga. Abaheburayo 4: 15

92.Yesu yanesheje ibishuko nk'uko natwe twabibasha, ku bwo gukoresha imbaraga ivuye mu ijuru, aho gukoresha imbaraga zacu bwite

93.Yesu yangaga icyaha urunuka;ibyo natwe byatubaho igihe cyose dufitanye umushyikirano uhamye w'Imana

94. Ntidushobora kuba nka Yesu ariko dushobora gukora nka we. Yohana 14:12

95.Ipfundo ry'icyaha ni ugucika k'umubano hagati y'Imana n'umuntu. Umugambi w'agakiza ni ugusubizaho umubano hagati y'Imana n'umuntu. Ibyahishuwe 19: 7-9

**Amagambo ya Elina White yakoreshejwe muri iki gitabo yakuwe mu bitabo byo mu gifaransa,uko byanditswe mu myaka nk'uko bikurikira:**

**+MU MACAPIRO YA S.D.T. :**

-Ibyakozwe n'Intumwa,1980
-Uburezi,1954
-Umurimo w'Ubugabura,1951
-Imigani ya Kristo,1977
-Abakurambere n'Abahanuzi,1972
-Ibihamya by'Itorero,Umuzingo wa 1, 1955
-Ibihamya by'Itorero,umuzingo wa 3, 1972
-Intambara Ikomeye,1973
-Imibereho Ihebuje,1982

**MU ICAPIRO RYA PACIFIC PRESS ASSOCIATION :**

-Inama ku Mirire n'Ibiribwa,1972
-Ubutumwa ku Basore,1968
-Ubutumwa Bwatoranijwe,Umuzingo wa 1, 1969
-Umurimo w'Ubuvuzi,1977
-Inyandiko za Mbere,1970
-Kugana Yesu,1961

# GUKIRANUKA

***IHAME RYA 1: UMUKRISTO AKORA IBYO GUKIRANUKA KUKO ARI UMUKRISTO, SI UKUGIRA NGO AHINDUKE UMUKRISTO.***

Mu byumweru bya mbere namaze ubwo nari nimuriwe mu ntara nshya , nihaye umugambi wo gusura imiryango yose yo mu itorero kugira ngo tumenyane. Biroroshye kwiganirira ku bintu bidafashije: "Mbese iriya foto iri ku rukuta ni iya nyogosenge Idu?"
"Yego"
Nahimbye amayeri: Kubaza ikibazo icyo kibazo kikaba kimwe muri buri rugo"Mbese umukristo ni iki?" Nuko nkandika nitondeye ibisubizo byose bampaye.
"Umukristo ni umuntu ukurikiza itegeko ry'izahabu"
"Umukristo ni imfura"
"Umukristo ni umuntu ukunda abantu kandi akabagirira neza "
"Umukristo ni umuntu ubana neza na mugenzi we".

Numvise ibisubizo binyuranye nyamara byose byari bihuriye ku kintu kimwe.Buri gisubizo cyari cyerekeje ku myifatire y'umuntu. Izina rya Yesu ntiryagaragayemo na mba.
Ushobora gusoma ibyanditswe n'abanyamakuru, ku bibazo bimeze nk'iki ngiki bagiye babaza abantu bahuriye mu nzira, ugasanga ibisubizo ari bimwe ngo umukristo akora ibi ntakora biriya." Ni kangahe se wumva igisubizo ngo umukristo ni umuntu uzi Kristo kandi ukunda Kristo?"

Ubukristo ni iki ? Mbese bushingiye cyane ku myifatire cyangwa bushingiye mbere ya byose ku mubano?Uru nirwo rufunguzo rwo gusobanukirwa no kugendera mu gakiza gaturuka ku kwizera Kristo.Ubukristo ni ukumenya Kristo naho imyifatire itandukanya umukristo n'utari we, ni ingaruka y'imirunga yo kwizera ihuza umukristo na Yesu. Iyo myifatire si yo ntandaro y'ubukristo.
Reka ibyo tubivuge mu bundi buryo.Insina itanga igitoke kuko ari insina ntigitanga kugira ngo ibe insina.Yesu yatanze icyitegererezo kimeze gityo"igiti cyiza cyose cyera imbuto nziza ariko igiti kibi cyera imbuto mbi".Igiti cyiza ntikibasha kwera imbuto mbi kandi n'igiti kibi ntikibasha kwera imbuto nziza" Matayo 7:17,18.

Iyo ushaka kubona imbuto nziza ubanza gushaka igiti cyiza. Umurimo wawe rero icyo gihe uba uwo kuhira igiti, ahari yenda kugifumbira hanyuma ukareka izuba n'imvura bigakora akazi kabyo. Si ngombwa gushyiraho imbaraga kugira ngo ubone imbuto . Niba ufite igiti kizima kizera imbuto kuko ariko kimeze muri kamere yacyo.

Ni ko bigenda mu mibereho ya gikristo umuntu ugerageza kubaho gikristo ashyiraho imbaraga ngo ahindure imyitwarire ye aba arushywa n'ubusa.Mu gitabo cy*'Imigani ya Kristo* babisobanura batya bati"Ubuntu bw'Imana buhindura umutima mushya kandi bugahindura imibereho.Guhinduka inyuma gusa ntibihagije ngo tube duhuje n'Imana.Abenshi ni abagerageza kwikosora bakareka ingeso mbi iyi ni yi, bakizera ko ibyo byabahindura abakristo,ariko ubwo ni ubuyobe. Mu byukuri guhinduka guhera mu mutima*(Paraboles de Jésus* P.97)

Imyifatire myiza waba ufite yose umubare w'ibikorwa byiza waba ufite byose bona n'ubwo waba ugaragarwaho cyane no kuba umunyedini, ntabwo uri umukristo nyawe; Niba utazi Yesu ku giti cyawe nk'inshuti yawe magara.Gukora neza ntibizigera bihindura umuntu umukristo ahubwo bizamuhindura umuntu mwiza gusa.

Abizera b'itorero rya mbere bari berekeje intekerezo zabo ku mwami Yesu Kristo kuburyo ari we wari ishingiro ry'ibitekerezo n'ibiganiro byabo;"Kristo yakoze ibi, Kristo yavuze atya".Byaje kugera aho umuntu umwe agira igitekerezo cyo kubita abakristo.
Mbese umuntu yakwita iki akurikije ibyo ukunda kuvuga no gutekereza? Mbese uri umuntu mwiza cyangwa uri umukristo? Bitekerezeho!

## *IHAME RYA 2:GUKIRANUKA NI YESU.TUTARI MURI WE NTITUBA DUFITE GUKIRANUKA*

Umwigisha mukuru muri kaminuza yatangiye ikiganiro ubwo twari dutangiye isomo ribanza ry'igihembwe atubaza ubusobanuro bw'ijambo gukiranuka.
Twamuhaye ubusobanuro butandukanye.Gukiranuka ni ugukora ibitunganye .Gukiranuka ni ugukurikiza amategeko y'Imana.Gukiranuka ni ukwera.Ndetse ahari ubusobanuro buruseho Gukiranuka ni urukundo.Si abanyeshuri batanga ubu busobanuro gusa ahubwo buboneka no mu bitabo bisobanura Bibiliya.

Amaze kuduhebya ko tudashoboye kugera ku busobanuro nyabwo, umwigisha yaradufashije maze dufata umwanzuro ko ubusobanuro buruta ubundi kandi bwuzuye ari ubu :Gukiranuka ni Yesu.Ubundi busobanuro bwose ntibwuzuye.

Nk'urugero niba ubusobanuro bwo gukiranuka bubaye "Gukora neza" kugira ngo ube umukiranutsi byaba bisaba iki ? Gukora neza.Niba gukiranuka byari bishingiye ku myifatire, ntabwo twaba dukeneye umukiza.Nyamara gukiranuka si ikintu gitereye aho ubwacyo ntabwo ari umuco mwiza abantu bashobora kwigezaho. Nta gukiranuka tugira,"nibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bwuzuye ibizinga" Yesaya 64: 5. Ari ukugera ku gukiranuka ari no kukugumana,nta nakimwe dushoboye.Tudafite Yesu si ikintu twashobora kubona cyangwa kugumana. Niyo mpamvu ubusobanuro buruta ubundi bwo gukiranuka ari umuntu.Igihe cyose dufite Yesu tuba dufite gukiranuka.Tutamufite nta kizere na gike cyo gukiranuka.
« Umunyabyaha nta handi yabona ibyiringiro no gukiranuka uretse mu Mana,umuntu akiranuka ari uko afite kwizera mu Mana kandi akagumishaho umubano nyakuri n'Imana. »*Testimonies to Ministers*(Ibihamya ku bagabura)P 367.

Twashobora kuvuga iri hame dukoresheje iyi nganyagaciro. Niba Yesu angana no gukiranuka (Yesu=Gukiranuka) no gukiranuka kukangana na Yesu (Gukiranuka=Yesu), Uburyo bwonyine bwo kubona gukiranuka ni ukujya mu ruhande rurimo Yesu tugakomeza komatana nawe. Dushobora rero kuvuga ko Umuntu + Yesu = Gukiranuka

Umunsi umwe ubwo ibi nabijyagaho impaka n'itsinda ry'abanyeshuri nagiye kubona mbona mu maso h'umwe muri bo wari wicaye inyuma harijimye. Azamura ukuboko maze aravuga ati "Niba Yesu ubwe wenyine ahwanye no gukiranuka kandi umuntu wongeyeho Yesu bingana no gukiranuk ubwo rero umuntu angana n'ubusa !" Yavugaga nk'aho ntesheje agaciro ikiremwa muntu.
Nyamara se kandi urujijo turimo ntiruterwa nuko nta gukiranuka na mba twifitemo ? Dufite agaciro katarondoreka imbere y'ijuru.Yesu ku musaraba yerekanye agaciro k'ubugingo bw'muntu. Nyamara ariko iyo bije mu byerekeye kugera ku gukiranuka, ntacyo tuba dushoboye. Ntidushobora kubyara gukiranuka; Ntako twigirira habe na mba.

Charles T.Everson (soma Kaloli Everisoni) yavugaga igitekerezo cy'umugore umwe washakaga kugura igitambaro cyo kudodamo ikanzu. Yakorakoraga imyenda , akagenzura ukuntu iboshye, akareba amabara ndetse n'ibyanditseho kugeza ubwo abonye igitambaro gisa n'icyo yifuzaga. Mu

gihe yashidikanyaga ashaka kubanza kwizera ko yahisemo neza, nyir'iduka aramwegera aramubaza ati" Nabonye iki gitambaro mwagikunze hari rero ikanzu yadozwe muri cyo. Mushobora kuba mutayibonye ubwo mwinjiraga."
Barajyanye bombi kureba mu kabati k'ibirahuri ko mu iduka maze umugore atera hejuru ati" Ni nziza bihebuje! Ni iyi nashakaga rwose. Iki gitambaro ni cyiza rwose ariko noneho nkibonye kidozemo ikanzu none ndushijeho kubyemera ." Hanyuma agura icyo gitambaro.

Ni nako bimeze mu mategeko y'Imana. Dushobora kwishimira amahame yigishwamo, dushobora kwemera ibyo adusaba . Ariko mbere yo kuyabenguka no kuyemera, tugomba kuyabona yahindutse imibereho.-Imibereho ya Yesu. Ubwo ni bwo umutima wacu utsindwa. Kandi iyo twakiriye Yesu, twakira no gukiranuka kwe.

### *IHAME RYA 3:NTA KUNDI UMUNTU YASHAKA GUKIRANUKA KERETSE GUSHAKA YESU.*

Habayeho umuntu washakaga gukora imigati. Yakundaga imigati mishya, maze akumva byamushimisha kuyikorera abandi.
Nuko azenguruka umujyi,ashaka ahantu heza yacururiza imigati. Agura ikibanza iruhande rw'umuhanda maze yifashisha umwubatsi wo muri uwo mujyi ndetse mu gihe gito inzu y'imigati yari iri hafi gutangira gukora, kandi inyuma muri iyo nzu hari ahantu hogerezwa ibikoresho hakozwe mu byuma bishashagirana hamwe n' ibyuma bikoreshwa n' amashanyarazi. Mu iduka ubwaho, harimo utubati tw'ibirahuri birabagirana two gushyirwamo ibicuruzwa .

Nyamara kandi ubucuruzi bw' imigati bw'uyu mugabo ntibwagendaga neza. Yakoraga amasaha menshi ,yatangaga n' amafaranga menshi yo kwamamaza ibikorwa bye ahantu hose. Akagerageza guteza imbere ubucuruzi bwe akoresheje uburyo bwose bushoboka .Nyamara ariko ntiyigeze abasha gukora imigati myiza nk'uko yari yarabiteganyije. Iyo abantu bahanyuraga bakitegereza ubucuruzi bwe, rimwe na rimwe bara muguriraga bakagenda ubutagaruka .
Hanyuma hashize imyaka myinshi , akora ibishoboka byose nta kindi cyari gisigaye, uretse kwemera ko bimunaniye. Yarimo ahomba bikomeye ari hafi gufunga. Yari yakoze byose kugira ngo ubucuruzi bwe butere imbere ariko ntacyo yari yagezeho.

Ubwo yari hafi kubireka byose, yaje gusobanukirwa n'ikintu cyavugurura ubucuruzi bwe. Umuntu umwe yaje kumubwira ko kugira ngo akore imigati akeneye ifarini! Ntabwo yari yarigeze na rimwe agerageza gukora imigati akoresheje ifarini, ariko yumva icyo gitekerezo ari cyo, maze akoresheje ifarini ibintu byose byaje guhinduka.
Murabyumva nta gushidikanya ko icyo ari icyitegererezo .
Mu by'ukuri byatugora kwemera ko hari umuntu wayoberwa ikintu nk'icyo cy'ibanze. Ifarini ni ngombwa mu gukora imigati. Biragaragara rwose ko byaba ari ubupfapfa kugerageza gukora imigati udakoresheje ifarini.

Umushinga wose waba ugiye gukora, umenye ko kugira ngo utere imbere hari ibyangombwa wagombye kuzuza. Banki ntibasha gukora nta mafaranga; ntibyashoboka gukora itwara ry'abantu n'ibintu mu igare ry'umwotsi, ufite ayo magare gusa. Ntiwabona ubwoya bw'intama nta ntama zihari.
Ubuzima bwa gikristo bwo se bumeze bute? Ni bangahe muri twe bibagiwe iby'ingenzi bibugize? Ni bangahe bashaka gukiranuka ariko batazi uko bakubona ? Nta kintu gica intege nko kugerageza kuba umukristo utazi uko wabigeraho.
Abanyamakuru hari ibibazo bakoresha kugira ngo babone ibintu by'ingenzi biri bube bigize inkuru yabo. Ibyo bibazo bishobora no gukoreshwa no mu mibereho ya gikristo. Ikibazo cya mbere ni iki

ngo: “Iki?” Rimwe na rimwe usanga byoroshye kuvuga ibigomba gukorwa mu buzima bwa gikristo. Bamwe muri twe bakuze bagaburirwa ibyo.

Abantu bajya bibaza ngo:Hagomba gukorwa iki ? Ni iki kitagomba gukorwa kugira ngo umuntu abe umukristo maze abone agakiza?
Twagiye tubazwa ibibazo nk’ibyo byagiye biba ingingo yo kugirwaho impaka mu mashuri ya Bibiliya no mu byumweru byo gusenga. Twarabazaga ngo “ Kuki iki kitagomba gukorwa? Ikibi kirimo ni ikihe?”

Mbese ni bibi kwibaza ibigomba gukorwa? Oya, Bibiliya irimo ibintu byinshi muri byo bigomba gukorwa; ariko ibyo bigomba gukorwa si byo rufatiro rw’imico ya gikristo.
Nyuma y’ibyo haza ikibazo ngo “Kubera iki?” Ni ikibazo gituma abantu basesengura bakajambura bakajya impaka. Ni ikibazo cyiza cyo kubazwa mu gihe cy’ishuri ryo ku isabato. Ikibazo “Kuki ?” gishobora kuba ingenzi. Imana yaravuze iti” Muze tujye inama” Yesaya 1: 18
Si bibi kujya impaka no gutekereza ku kintu. Twavutse dufite ishusho y’Imana dufite ubushobozi bwo gutekereza no kwimbika ariko “ *Kuk*i ?” icyo kibazo ntigihagije.
“Ryari”? ni ikindi kibazo cyadutwaye umwanya munini mu mateka y’Itorero ryacu: Twaribazaga tuti ibyo byose bizaba “ryari?” hanyuma tukamanika ku nkuta zacu imbonerahamwe zisubiza icyo kibazo. Byashoboka ko bamwe bitaye cyane kuri icyo kibazo cya “Ryari?” kugira ngo bazashobore kwinjira mu modoka kumunota wanyuma. Abandi batinya ko igihe cyabashiranye batarasobanukirwa uko bagomba gukora n’ibyo bagomba gukora.

Niba kuva mu bwana bwawe warabwiwe ibigomba gukorwa, impamvu ugomba kubikora n’igihe bigomba kuba byararangiye, ushyize mu nyurabwenge wasanga ikibazo gikurikiyeho ari “Gute?”Ni ikibazo gifatika gishobora kuyobora ku nyigisho yo gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Niba utumva ibyerekeranye n’ikibazo ngo ni gute bigenda, nta kabuza n’ibindi bibazo twavuze haruguru ntuzabibonera igisubizo. Ariko na none kumenya uko ibintu bikorwa ntibihagije, kuko gutsindishirizwa n’ubuntu ku bwo kwizera birenze kuba amagambo gusa, Ni imibereho. Icyo gihe rero “Gute?” kiba ikibazo gishimishije iyo umenye ko igisubizo cya “gute?” ari ni nde?

Yesu niwe rufatiro rw’ubukristo. Ni byo koko. Bibiliya iduhugurira gushaka gukiranuka.Muri Zefaniya 2:3 babivuga nk’itegeko ngo:”Mushake gukiranuka” ; ndetse kandi bamwe muri twe batekereje ko kugira ngo bashake Yesu bagomba kubanza gushaka gukiranuka. Ariko abizera ibingibi bibagirwa iki kibazo ngo “gute?”, kubera ko gukiranuka=Yesu, uburyo bwonyine bw’ukuri bwo gushaka gukiranuka ni ugushaka Yesu.”Gukiranuka kw’Imana kwagaragariye muri Yesu: iyo tumwakiriye, tuba twakiriye gutsindishirizwa” *Une vie meilleure*(Imibereho ihebuje ) p.31

### *IHAME RYA 4:UBUKRISTO N’AGAKIZA NTIBISHINGIYE KU BYO UKORA, AHUBWO BISHINGIYE KU WO UZI. Abaroma3:28*

Umugore umwe yaretse kwambara amadarubindi, maze ayasimbuza uturahuri duto bafatisha ku maso(verres de contact).Hashize akanya gato, umupolisi yaramufashe amubwira ko yishe amategeko y’umuhanda.Amaze gusoma ku ruhushya rwe rwo gutwara imodoka abonye ibyo uwo mugore agomba kuba yujuje kugira ngo atware imodoka, umupolisi yamubajije arakaye ati”Amadarubindi yawe ari he?”Umugore yaramushubije ati “Mfite contact(ashaka kuvuga twa turahuri)Umupolisi ntabwo yasobanukiwe ko ari kuvuga bya birahuri, ahubwo yumva iby’amasano amubwira ko ibyo atari byo akeneye ko yagombye kwambara amadarubindi.
Ntitwahakana ko kuri iyi si isano n’umubano bifite agaciro. Iyo ushaka akazi ukaba uziranye n’umuyobozi w’ikigo ugashakamo, aba ari akarusho. Iyo ugiye mu rukiko ukaba uziranye

n'umucamanza uba ufite amahirwe. Iyo ushaka kumenyana n'umuntu maze ukaza kubona ko aziranye n'inshuti yawe ubwo biba byatunganye.

Ubwo Abraham Lincoln(soma Linkolune) yari umuyobozi wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yabwiraga abamurinda ko adashaka umurogoya, yinjiraga mu biro akifungirana. Abamurinda bagumaga mu ntambwe ijana ngo hatagira umuntu winjiramo.Umunsi umwe umuntu yaje yiruka anyura ku ngabo zirinze umukuru w'igihugu, akingura urugi agana aho Perezida ari. Abarinda Perezida nta n'ubwo bigeze bagerageza kumubuza. Kubera iki ? Kuko uwo muntu yitwaga Tad Lincoln akaba yari umuhungu wa Perezida! Isano yo mu muryango yari afitanye na Perezida niyo yatumye byose bigenda bityo.
Mbese mwizera ko isano mufitanye na Kristo ariyo ituma habaho itandukaniro mu mibereho y'iby'umwuka?Mbese mwizera ko imibereho ya gikristo ishingiye kuri uwo muzi? Cyangwa mwibwira ko ishingiye ku bikorwa byanyu?

Hashize imyaka myinshi, hari mu materaniro makuru, ubwo umwanditsi w'ikinyamakuru *Adventist Review*(Urwibutso) yahagurukaga maze akagira ibibazo abaza iteraniro:" Ni bangahe muri mwe bizera ko bakijijwe no kwizera Yesu Kristo gusa?"Abantu bake bazamuye ibiganza bahita bamanura. Noneho arongera arababaza ati:" Ni bangahe muri mwe bakijijwe no kwizera Yesu Kristo wongeyeho imirimo yabo myiza ?"Abasigaye bose benshi barazamuye ntibamanura, ahubwo batangira kuzunguza ibiganza mu kirere?
Umubwiriza yarakomeje ati:"Ndibwira ko ikibwirizwa cyo muri iki gitondo kiri burangire mwahinduye ibitekerezo?" Ubwo yahise atangira gusobanura ko twakijijwe no kwizera Kristo gusa nta kindi.

Yesu yarabivuze muri Yohana 17: 3 "Ubu ni bwo bugingo buhoraho ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri wenyine bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo" Dusoma mu gitabo Uwifuzwa ibihe byose(*Jésus Christ* P.323) ngo :"Iyo twinjiye mu buruhukiro bwa Yesu,ijuru ritangira tukiri ku isi. Araturarika ngo:Muze munyigireho; tugasubiza, tukamusanga, nuko ubugingo buhoraho kuri twe bugatangira. .Guhora twegerezwa Imana na Kristo ni « Ijuru ».
Mbese uzi Kristo? Kumenya Kristo ni urufatiro rw'imibereho ya gikristo.Kumenya Yesu ni inzira y'ubugingo buhoraho.Kumenya Yesu bizahindura uburyo bwawe bwo kubaho, kuko nusobanukirwa n'imico ye, ukitoza kumukunda no kumwiyegereza uzahinduka use na we.
Gukiranuka ni Umuntu.Agakiza ni Umuntu.Ku bwa Yesu ushobora gutangira ubugingo bw'iteka uyu munsi.

### *IHAME RYA 5:GUKORA NEZA WIGENGESERA NGO UDAKORA NABI SI UGUKORA NEZA, NO KUBA MWIZA WIGENGESERA NGO UTABA MUBI SI UKUBA MWIZA.*

Niba nta kintu kibi ukora ubwo ukora ibyiza! Mbese ibyo ni byo?Oya, si byo!
Cyakora ibyo ntibishaka kuvuga ko niba ukora nabi,ugira neza, cyangwa se ko ari byiza gukora nabi.Ibyo bivuga ko inyuma ushobora gukora neza ariko imbere uri mubi.Ukora neza gusa ni umwiza imbere n'inyuma.
Mbese ntiwigeze wumva iby'Abafarisayo?.Bari bafite ukuri cyangwa ntako?Yesu yababwiye amagambo akakaye muri Matayo 23:27,28:"Muzabona ishyano banditsi n'abafarisayo mwa ndyarya mwe! Kuko musa n'ibituro byasizwe ingwa bigaragara ko ari byiza inyuma ariko imbere byuzuye amagufa y'abapfuye n'imyanda y'uburyo bwose. Namwe ni uko, inyuma mugaragarira abantu ko muri abakiranutsi ariko imbere mwuzuye uburyarya no gukiranirwa".

Ibyo bidutera kwibaza ibibazo byinshi by'ingenzi: N'ubwo twemera ko umugambi w'umukristo ari ukuba mwiza imbere n'inyuma , reka tuvuge ko imbere utari waba mwiza. Mbese ikiza si uko waba utunganye inyuma niba ari byo byagushobokera?Ibyiza ntiwaba umufarisayo aho kuba umukoresha w'ikoro?Itondere igisubizo ngiye gutanga !

Yesu avuga ko idini y'abafarisayo itari ihagije ngo ibaheshe ubugingo buhoraho."Gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw' abanditsi n'abafarisayo ntimubasha kwinjira mu bwami bw'Imana ».Matayo5 :20. Ni ukuvuga rero ko, nubwo ubwiza bw'inyuma bwagira akamaro, nta gaciro bufite na mba mu by'agakiza.

Dusoma mu gitabo cyo Kugana Yesu(*Vers Jésus* Page44) ngo : ''Hariho abantu bavuga ko bakorera Imana biringira ko imbaraga zabo gusa ari zo zizabashoboza gukomeza amategeko yayo,gukosora amakosa yabo, no kwihesha agakiza.Umutima wabo nturagakorwaho n'urukundo rwimbitse rw'umukiza,ahubwo bihatira kuzuza inshingano z'imibereho ya gikristo nk'ikintu basabwa gusohoza ngo babone ijuru.Bene iyo dini nta gaciro na busa ifite '' . Ni ukuvuga rero ko nubwo kugaragara neza inyuma hari aho kwagira umumaro, nta cyo kumaze, nta gaciro bigira mubyerekeye iyobokamana.

Mu gice cya gatatu cy'Ibyahishuwe tuhabona ubutumwa budasanzwe bwagenewe itorero ryo mu gihe kibanziriza kuza kwa Yesu : '' Nzi imirimo yawe :Ntukonje kandi ntubize ! Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize. Nuko rero ubwo uri akazuyaze udakonje kandi ntubire ngiye kukuruka ''. Imirongo ya 15,16. N'ubwo rero gukiranuka kw'inyuma kwagira akamaro, mu maso y'Imana ni kubi cyane, kurutwa no kuba kudahari, ku mwami Imana gukonja biruta kuba akazuyaze.

Gukiranuka kw'inyuma gusa kubabaza Imana.Data wo mu ijuru azi ko umuntu ucumura ku mugaragaro ashobora kwishimira inkuru nziza y'agakiza no kuyumva kuruta uwumva ko ntacyo akennye.Abashobora kuba beza inyuma ku bw'imbaraga zabo ntibumva ko bakennye , ntibaza kuri Yesu ngo bakire agakiza yifuza kubaha.

Ngo birashoboka ko aho dusengera twahuzuza abantu b'imico myiza bashoboye kwitwara nk'uko itorero ribisaba. Ariko iyo myifatire abo bagabo n'abagore bishimiye bibahindukira urukuta rubabuza gukomeza umubano wabo na Yesu Kristo.
Iyaba twemeraga kandi tukizera mu by'ukuri ko gukiranuka kw'inyuma kudafite agaciro mu maso y'Imana gusa , ahubwo ko kunayitera iseseme, twareka kugira uko gukiranuka !Ahubwo aho gukora ibyo, twatanga igihe, imbaraga zacu, umwete wacu dushaka umwami Yesu kugira ngo aze abe muri twe.

Mbese biguteye ubwoba ? ufite ubwoba bwo kureka kugerageza gukora neza ? Mbese witeguye gushyira umuhati wawe mu kwemera gukiranuka kwa Kristo buri munsi,ukagirana nawe umushyikirano uhoraho ? Niba wumva ibi utabisobanukiwe kandi bikaba bikubangamiye, niba wibaza umwanya imyifatire y'inyuma igomba guhabwa mu buzima bwawe,ihutire gusoma ikigisho gikurikira gitangirwa n'iyi nteruro ngo : '' Gukiranuka kuzaguhindura inyangamugayo'' Gira vuba rero usome icyifuzo gikurikira.

### *IHAME RYA 6 :GUKIRANUKA KUZAGUHINDURA INYANGAMUGAYO ARIKO UBUNYANGAMUGAYO NTIBUZAGUHINDURA UMUKIRANUTSI.*

Birumvikana ko Imana itarwanya ubunyangamugayo ! Mu Byahishuwe 3, Imana nticyaha Abanyarawodokiya ku bw'ubunyangamugayo bwabo; ibacyahira ko bagerageza kubusimbuza gukiranuka. Nta cyo mwagaya indabo z'inkorano. Muzibona ko ari nziza iyo ziri mu kirahuri ku

meza. Amatunda y'amiganano afite umwanya wayo kandi hari ibintu byinshi by'ibyiganano bigaragara nk'aho ari imyimerere. Iyo ushyize amatunda y'amiganano mu mboga, ibyo wabona byaguca intege rwose bitanateye ipfa . Nta kintu gishobora gusimbura amatunda y'umwimerere.
Imana ntirwanya ubunyangamugayo ! Nubaho ubuzima buzira umugayo ntuzigera ufungwa, uzirinda ibibi byinshi, akazi kawe kazatera imbere, bitume uba ikirangirire . Abagukikije nabo nta ngaruka z'ibikorwa byawe bibi bizababageraho. Nta gushidikanya ubunyangamugayo bufite ibyiza byinshi bigaragara. Nuko rero gucyaha kw'Imana ku banyarawodokiya gushingiye ku kuba nta na rimwe ubunyangamugayo bushobora gusimbura gukiranuka.

« Benshi mu biyita abakristo ni inyangamugayo gusa » Imigani ya Kristo(*Les Paraboles de Jésus* p 274). Tumenye neza ko abantu bavugwa aha si abiyita inyangamugayo ahubwo ni abiyita abakristo atari bo. Umugani w'umuntu utari wambaye umwenda w'ubukwe (Matayo 22) utwigisha iryo hame. Aho kujya mu bukwe uyu muntu yagombaga kwigumira iwe, aho imyambaro ye isanzwe itari kugira icyo ivugwaho. Umwami yari yamuraritse mu bukwe ariko nta gahato yari yamushyizeho. Ingorane ze zaturutse ko yahisemo kwambara imyenda ye aho kwambara iyo umwami yamuhaye kandi agatinyuka kwinjira mu nzu y'ubukwe.

Mu gihe cya Yesu abantu bari barashyizeho idini ishingiye ku bunyangamugayo gusa. Umufarisayo wasengaga ahagaze mu rusengero yari muri iyo dini. Yari imbata y'ubunyangamugayo bwasimbuye gukiranuka.Yipimaga akoresheje urugero rw'abantu. Maze atondagurira Imana ibikorwa yibwiraga ko byamuhesha ijuru. Ibyiringiro bye byari bishingiye ko atakoraga imirimo imeze nk'iy'umukoresha w'ikoro. Imbere y'uyu mufarisayo imyifatire ye niyo yari ingenzi. Uru rugero na none rugaragaza ko ubunyangamugayo butabuza umuntu gusa kugera ku gukiranuka, ahubwo ko bunamuvutsa gukiranuka nyakuri.

Twongeye kuvuga ko Imana itarwanya ubunyangamugayo ! Ibyo ushobora kubisoma mu gitabo kugana Yesu(*Vers Jésus* P 18) « Uburezi, ubuhanga, gukoresha ubushake umuhati w'umuntu, ibyo byose bifite umyanya wabyo ubikwiriye ariko aha ntacyo byashobora. Bishobora gutuma umuntu akosora inyifato y'inyuma ariko ntibishobora guhindura umutima.''

Ntitwagombye kwanga ubunyangamugayo ahubwo ni ibyacu kubusobanukirwa uko bikwiriye.Ubunyangamugayo buva ku gukiranuka. Sibwo mvano yo gukiranuka, ntibuzigera bunayiba ! Umukristo nyakuri azaba inyangamugayo. Ntidukwiriye gutinya ngo nidushaka gukiranuka nyakuri ubunyangamugayo buzasigara ku ruhande, ushobora kugaragara neza ariko ntushobora kuba mwiza bidaturutse imbere [mu mutima]. Iyo umutima uhindutse ingaruka simusiga ni ihinduka ry'imyifatire. Buri gihe gukiranuka kuzaguhindura inyangamugayo » Nituguma muri Yesu urukundo rw'Imana rukaguma muri twe, ibyiyumviro byacu, ibitekerezo byacu, imigambi yacu n'ibikorwa byacu bizahamanya n'ubushake bw'Imana nk'uko bivugwa mu mateka y'amategeko yayo yera. *Kugana Yesu(Vers Jésus p 61)*

Biragaragara ko Imana itarwanya ubunyangamugayo ahubwo iratuburira ngo tutemera ko busimbura gukiranuka kwa Kristo .Ahubwo iraturarikira kwakira gukiranuka kwa Kristo gutangirwa ubuntu kubegerezwa Imana nawe.

## *IHAME RYA 7 :IMIRIMO YACU MYIZA SI YO NTANDARO Y'AGAKIZA KACU, IBIKORWA BYACU BIBI SI BYO NTANDARO YO KURIMBUKA.*

Mu 1888, igihe cy'ivugurura mu itorero ryacu, mwene Data A. T. Jones yabaye umwe mu bashyigikiye ihame ry'uko umuntu atsindishirizwa no kwizera Yesu gusa.Yari umubwiriza

w'umunyamuhati kandi ari nyamwigendaho. Muri uko kugira ishyaka kwe yageze kure cyane mu bitekerezo bye, maze umwami Imana imwoherereza inama dusanga mu gitabo cy'Ubutumwa bwatoranijwe(*Messages choisis* vol I P442).Inshuro nyinshi uyu mwene data yari yaravuze ko imirimo myiza nta gaciro ifite, ko atari yo ngombwa ngo umuntu abone agakiza. E.White yaramubwiye ati : « Nzi imigambi yawe ariko utanga, isura mbi ku bantu benshi. Ni ubwo ari ukuri ko nta muntu uzakizwa n'imirimo myiza, nta n'umuntu uzakira nta mirimo myiza. P 442''. Ku mpapuro z'inyuma z'icyo gitabo 454, E.White yaranditse ati : « Imirimo myiza ntizatwinjiza mu ijuru ».

Ese ni ku yihe ngingo mwene data Joncs yahabyeho ? Ni irihe tandukaniro ryo kuvuga ko imirimo myiza nta gaciro ifite, no kuvuga ko imirimo myiza nta n'umwe izakiza , ko itazinjiza umuntu mu ijuru? Abantu bamwe bafata umwanzuro badatekereje bavuga ko niba tudakizwa n'imirimo myiza ko ari nta kamaro ifite; bavuga kandi ko niba imirimo yacu mibi Atari yo ntandaro yo kurimbuka kwacu, ubwo ni ukuvuga ko yemewe. Ariko ijambo rimwe ry'imbarutso ryaturinda iyo myumvire. Iyo bavuze imirimo myiza cyangwa mibi nk'intandaro y'agakiza kacu cyangwa kurimbuka kwacu ntidukwiriye gusobwa n'ijambo INTANDARO. Aha ntiturimo kuvuga akamaro cyangwa umugambi w'imirimo myiza. Ahubwo turavuga uburyo bwo kubona agakiza. Ariko mu byerekeranye n'agakiza imirimo myiza siyo ntandaro yako. Ahubwo ni ingaruka y'ako gakiza.Intandaro y'agakiza kacu se ni iyihe? Tuzi ko Atari imirimo yacu myiza. Mu Baroma 3:20 habisobanura neza ngo ‘' Kuko imbere yayo[Imana] ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko ‘' Yesu niwe udukiza kandi dukizwa iyo tumwemeye. ‘' Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo.'' Ibyakozwe n'Intumwa 4:12.

Ntitugomba gutumbira imirimo yacu yaba mibi cyangwa myiza. Mu gushaka agakiza tugomba guhanga amaso kuri Yesu, kuko mu kumwitegereza duhinduka tugasa na we. Igihe cyose twirebyeho turatsindwa. Byaba igihe tubonye ububi bwacu tugacika intege cyangwa byaba igihe tubonye imirimo yacu myiza tukayirata. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, tuba turushywa n'ubusa. Tubona umutekano gusa igihe turebye kuri Yesu.

Paulo yari yaratwawe gusa no kuvuga iby'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo ku bwo kwizera, ariko ntiyarwanyaga imirimo myiza, inyifato ye yaziraga amakemwa. Mu Bafilipi 3:4 agira ati: "Niba hari undi wese wibwira ko afite impamvu imutera kwirata imirimo jyeweho namurusha." Ariko arangiza agereranya ibyo byose nk'igihombo ubigereranyije n'ubutunzi butagira akagero ari bwo kumenya Kristo Yesu. " Mu kwicira urubanza akurikije uko amategeko asomwa maze akayagereranya n'imyifatire ye y'inyuma, nk'uko bamwe bashobora kubigenza, umutima we nta cyaha wamushinjaga. Ariko amaze kwitegereza uburyo gutungana kw'amategeko kwimbitse yibonye nk'uko Imana yamubonaga, byamuteye kubika umutwe yatura icyaha cye'' Kugana Yesu (*Vers Jésus* p 29).

Umunsi umwe nabivuganye n' itsinda ry'abapasitoro, buri wese yamenye adashidikanya igice cya mbere cy'iri hame kivuga ko imirimo myiza yacu Atari yo idukiza. Ariko tugeze ku gice cya kabiri kivuga ko imirimo yacu mibi Atari yo ntandaro yo kurimbuka kwacu, bamwe byababaguye nabi. Ariko munyemerera mbabaze iki kibazo: Niba igice cya mbere ari ukuri icya kabiri cyo si uko? Izo nteruro zombi ntizisobanura ukuri kumwe? Agakiza kacu gashingiye ku guhora twemera Yesu,n'igitambo yadutambiye no ku mubano tugirana nawe buri munsi.Ntabwo gashingiye ku myifatire yacu. Agakiza karenze kure imyifatire yacu. Bityo no kukabura ni uko.Imyifatire si ifatizo rigaragaza ahazaza h'iteka ryose h'umuntu.

Niba warakijijwe ni imbuto yeze biturutse ku mubano wagiranye na Yesu, umucunguzi wawe. Mu by'ukuri imirimo myiza izitabwaho ariko siyo izaba yarabaye intandaro y'agakiza. Na none kandi ni

muri ubwo buryo nurimbuka bizaba bitewe n'ukuntu utugururiye Yesu, agakomeza gukomangira ubusa ku rugi rw'umutima wawe. Ku birebana n'ibikorwa bibi, ni ingaruka ntabwo ari intandaro yo kurimbuka kwawe. Imana ntica urubanza ikurikije ibikorwa by'inyuma, ahubwo ikurikiza umutima. Mu mutima niho iby'ubugingo bikomoka. 1Samuel 16:7; Imigani 4:23.

## *ICYIGISHO CYA 1: GUTSINDISHIRIZWA*

1. Kuri iyi si hari abakiranutsi bangahe?'' Ntawe ukiranuka n'umwe....ntawe ukora ibyiza n'umwe'' Rom 3 : 10-12 soma na Yes 64 : 5
2. Gukiranuka ni ukwa nde ? '' Nyagasani gukiranuka ni ukwawe'' Dan 9 :7
3. Ese bishoboka ko umuntu yagaragara nk'umukiranutsi atari we ? '' Mwebwe ho banditsi n'abafarisayo, mwa ndyarya mwe muzabona ishyano !...Ni uko namwe, inyuma mugaragarira abantu muri abakiranutsi ariko mu mutima mwuzuye uburyarya n'ubugome '' Mat 23 : 27,28.
4. Mbese kugaragara inyuma nk'abakiranutsi byatwemerera kwinjira mu ijuru ? '' Kandi ndababwira ukuri ko gukiranuka kwanyu nikutaruta ukw'abanditsi n'ukw'abafarisayo mutazigera mwinjira mu bwami bwo mu ijuru'' Mat 5 :20.

**IMPUGUKIRWA** : Ubupfura ni irindi jambo rivuga gukiranuka kw'inyuma. Ubupfura ni ukwitwararika mu mahame y'ukuri y'imyifatire cyangwa imikorere y'ibikorwa. Ubupfura buzana ibyiza byinshi muri iyi si yacu, ariko gukiranuka ntikuri muri ibyo byiza.

**GUKIRANUKA KUZAGUHINDURA INYANGAMUGAYO ARIKO UBUNYANGAMUGAYO NTIBUZAGUHINDURA UMUKIRANUTSI.**

Ni akahe kamaro ko gukiranuka mbere y'uko Yesu agaruka ?'' Ukiranirwa agumye akiranirwe , uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba, nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze'' Ibyahishuwe 22 : 11,12.

5. Bizagenda bite nidupfa mbere yo kugaruka kwa Yesu ?'' Hazabaho kuzuka kw'abakiranutsi n'abakiranirwa Ibyakozwe 24:15 Reba na none 2Petero 3:13; 1Kor 6:9
6. Ese abiyumvamo ko ari abakiranutsi bumvira kurarika kwa Yesu?'' Sinazanywe no guhamagara abakiranutsi, keretse abanyabyaha'' Mat 9:13

**IMPUGUKIRWA**: Abanyabyaha bamwe bazi ko ari abanyabyaha, naho abandi bibwira ko ari abakinutsi. Abazi ko ari abanyabyaha nibo bonyine bemera gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Abiringira gukiranuka kwabo ntibemera gutsindishirizwa kubwo kwizera.

7. Ese nta na rimwe Bibiliya yigeze yita abanyabyaha '' abakiranutsi'?"Kuko Uwiteka azi inzira y'abakiranutsi" Zab 1:6 Reba na none Zab 34: 18-20; 37:25; Yakobo 5:16
8. Gukiranuka kw'Imana gukomeye kwahishuriwe gute isi yacu?" Erega ubutumwa bwiza[bwa Kristo] ntibunkoza isoni kuko ari imbaraga y'Imana ihesha umwizera wese gukizwa.. kuko muri bwo ari namwo gukiranuka kw'Imana guhishurirwa" Rom 1:16 Reba na none 1Yoh 2:1 ; Yoh 16 :8 , 10.

**IMPUGUKIRWA**: Ubusobanuro nyakuri bwo gukiranuka, ni Yesu.

**GUKIRANUKA NI YESU, TUTARI MURI WE NTITUBA DUFITE GUKIRANUKA**

9. Abanyabyaha bashobora kubona gukiranuka bate? " Ariko rero udakora, ahubwo akizera utsindishiriza banyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka" Rom 4: 5
10. Ese imirimo yacu myiza yabyara gukiranuka gukiza?" Iradukiza itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo" Tito 3: 5 Reba na none Gal 2:21, Rom 3:20-22; 9:30-32; 10: 1-4.

**IMIRIMO YACU MYIZA SIYO NTANDARO Y'AGAKIZA KACU. GUKIRANUKA NTIGUSHINGIYE KU BYO DUKORA AHUBWO KU WO TUZI .**Reba Abafilipi 3: 6-10

11. Ese tugomba gushaka gukiranuka cyangwa tugomba gushaka umucunguzi? "Mushake Uwiteka, bwa bagwaneza bo mu isi mwese, bakomeza amategeko ye; mushake gukiranuka, mushake no kugwa neza … " Zefaniya 2: 3

**IMPUGUKIRWA:**_Ubwo gukiranuka ari Yesu, uburyo bwiza bwo gushyaka gukiranuka ni ugushaka Yesu!

**GUKIRANUKA NTIGUHABWA ABAGUSHAKISHA AHUBWO ABATAGUSHAKISHA BAGASHAKA YESU NIBO BAGUHABWA.**

13.Ni iki cyagombye kuba icyifuzo cyacu cya mbere? " Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, nibwo ibyo byose muzabyongererwa" Matayo 6:33 Reba na none Mat 5:6

12. Ese duhabwa gukiranuka kwa Kristo ngo twitwe abakiranutsi; ababariwe n' abakijijwe?

- ♣ Yesu yaduhindukiye gukiranuka 1Kor 1:30
- ♣ Mu maso y'Imana twaratsindishirijwe Rom 3:24-26
- ♣ Gukiranuka ntiguturuka ku mirimo Rom 4:2-4
- ♣ Impano yo gukiranuka yatanzwe kubwo kumvira k'Umwe Rom 5:18,19
- ♣ Gukiranuka kwahawe Aburahamu n'urubyaro rwe Gal 3:6-9

13. Ese gukiranuka kwa Kristo kwagaragarijwe no muri twe? , twagizwe abakiranutsi?Ngo tube twerejwe guhesha Imana icyubahiro?

- ♣ Umugisha ku bakora ibyo gukiranuka Zab 106:3
- ♣ Gutunganywa no gucenshurirwa kuba abakiranutsi. Mal 3:1-3
- ♣ Guhindurwa abakiranutsi Rom 5 : 10,19
- ♣ Gukiranuka gusohozwe muri twe Rom 8 : 4
- ♣ "Nimuhugukire gukiranuka ……. Ntimukongere gukora ibyaha" 1Kor 15:34
- ♣ Duhinduka gukiranuka muri we 1Kor 5 : 21
- ♣ Mwiyambure kamere yanyu ya kera mwambare kamere nshya(Gukiranuka) Efeso 1:22-24.
- ♣ Gukiranuka kuzanwa no kwizera Heb 11:33
- ♣ Bapfuye ku byaha bakabaho kubwo gukiranuka 1Pet 2:24
- ♣ Dukora ibyo gukiranuka kuko twavutse bundi bushya 1Yoh2:29
- ♣ Dukora ibyo gukiranuka kuko turi abakiranutsi 1Yoh 3:7
- ♣ Imirimo yo gukiranuka y'abera Ibyah 19:8

**GUKIRANUKA KWA KRISTO KWIGARAGAZA ICYARIMWE KU BWACU NO MURI TWE.**

14. Ni uwuhe mugambi wo gukiranuka kwa Kristo muri twe?

- ♣ Ku bw'izina rye Zab 23: 3
- ♣ Ku bw'icyubahiro cy'Uwiteka Yes 64:3
- ♣ Ku bw'icyubahiro no guhimbaza Imana Fil 1: 11

15. Ni kuki ari ngombwa guha agaciro uko kuri no kukunambaho?"Icyajyaga kubabera cyiza, iyaba batigeze kumenya inzira yo gukiranuka, biruta ko basubira inyuma, bamaze kuyimenya bakareka itegeko ryera bahawe" 2Pet 2:21.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBAGA GUKOSORA**

- ❖ Gukiranuka ni ikintu twikorera.
- ❖ Gukiranuka si ikindi uretse imyifatire y'inziramakemwa

- ❖ Gukiranuka ni ikintu dushobora kwigezaho
- ❖ Gukiranuka ni ikintu dushobora gushakisha tutishingikirije kuri Yesu Kristo
- ❖ Imirimo yacu myiza niyo ifite uruhare rukomeye mu gakiza kacu
- ❖ Gukiranuka kwa Kristo kubaho gusa ku bwacu, ntikuba muri twe.
- ❖ Tubanza gukora uko dushoboye maze Yesu akatwongerera ikibuze
- ❖ Ubunyangamugayo bungana no gukiranuka.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Umukristo akora ibyo gukiranuka kuko ari umukristo si ukugira ngo ahinduke umukristo
- Gukiranuka ni Yesu.Tutari muri we ntituba dufite gukiranuka
- Nta kundi umuntu yashaka gukiranuka, uretse gushaka Yesu.
- Ubukristo n'agakiza ntibishingiye ku byo ukora ahubwo bishingiye ku wo uzi
- Gukora neza wigengesera ngo udakora nabi si ugukora neza. Kuba mwiza wigengesera ngo utaba mubi si ukuba mwiza
- Gukiranuka kuzaguhindura inyangamugayo ariko ubunyangamugayo ntibuzaguhindura umukiranutsi
- Imirimo yacu myiza si yo ntandaro y'agakiza kacu, Ibikorwa byacu bibi sibyo ntandaro yo kurimbuka kwacu.

## ICYAHA

***IHAME RYA 8 :ABANTU BOSE BAVUKA ARI ABANYABYAHA (BIKUNDA) KUKO BAVUKA BATANDUKANYE N'IMANA.***

Nk'ibiremwa muntu dusangiye nibura ibintu bibiri :Icya mbere twaravutse ; icya kabiri twavutse turi abanyabyaha. Ingorane zacu z'icyaha zatangiye tukivuka kuko twavutse dutandukanye n'Imana.Kenshi biratugora kumva uku kuri. Dushima umwana wavutse, tukavuga tuti ‘’ Bishoboka bite ko icyo kiremwa gitoya ,uruhinja rutakwirwanaho rwaba urunyabyaha ? ‘’ Ariko mbega uburyo bworoshye kubona uburyo uruhinja rwikunda !Nyina yaba ananiwe, ise akaba yagombaga gusubira ku kazi bukeye bwaho, uruhinja rupfa kuba rukeneye kugaburirwa, guhindurirwa imyenda cyangwa gukinishwa rufite uko rubimenyekanisha.Uruhinja rero rurikunda mu buryo bwose.

Kuvukira muri iyi si ni akaga gakomeye ! Abana baragwa icyaha. Icyaha cyabatandukanije n'Imana. *Child Guidance*(Kurera abana p 475) ‘’ Kubera icyaha cya Adamu, urubyaro rwe rwose ruvukana kamere yo kutubaha ‘’. Reba Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventiste b ‘umunsi wa karindwi umuzingo wa 5 p 1128.

Mu mahame arindwi abanza twavuze ku byerekeye gukiranuka, kuko ikinyuranyo cyo gukiranuka ari icyaha, birumvikana ko iryo hame ry'icyaha rikurikira iryo gukiranuka. Gusobanukirwa nyakuri n'iby'icyaha n'ibyo gukiranuka ni ingenzi cyane, kugira ngo wige iby'agakiza kabonerwa mu kwizera. Uburyo uziga ibi byigisho byombi, byagereranywa n'umututu wiyashije mu kayira gato ukagenda waguka kugeza ubwo uhinduka ikibaya kinini.

Muri make, tumaze kwiga ko gukiranuka guturuka ku mubano tugirana na Yesu ; ntigushingiye ku myifatire.Ubwo bimeze bityo tugomba gusobanura icyaha nk'ikintu kirenze imyifatire. Tuvuka turi abanyabyaha, ku bwa kamere turi abanyabyaha. Kamere yacu niyo mbi ; ibikorwa byacu bibi ni ingaruka y'iyo kamere yacu gusa.

Mu Befeso 2 :3 Pawulo avuga ko ku bwa kamere yacu twari abo kugirirwa umujinya. Zaburi 58 :4 Abanyabyaha batandukanywa n'Imana uhereye ku kuvuka kwabo. Iyo bavutse, uwo mwanya bariyobagiza bakabeshya.'' Niba ushidikanya ku bantu washyira mu banyabyaha reba Abaroma 3 :10 '' Ntawe ukiranuka na umwe ''.

Igitekerezo cya Sikorupiyo n'igikeri birabigaragaza :
Sikorupiyo yashatse kwambuka umugezi maze isaba igikeri yasanze ku nkombe,kuyambutsa ku mugongo.Igikeri kirayisubiza kiti : ''Oya ! nguhetse ku mugongo wanduma ngapfa''. Sikorupiyo irakibaza iti'' Byashoboka bite ko nakuruma ? Nkurumye ugapfa twembi twarohama maze simbe nkigeze ku nkombe.'' Igikeri cyumva ayo magambo ari ay'ukuri, kemera kuyiheka maze gitangira koga ngo byambuke umugezi. Bigeze hagati mu mazi Sikorupiyo iruma igikeri. Mu kugonga kwacyo kwa nyuma igikeri kirataka kibaza Sikorupiyo kiti'' Undumiye iki ? Ubu rero twembi tugiye gupfa. '' Sikorupiyo isubizanya agahinda iti'' Ndabizi ariko sinashoboye kubyibuza. Ni ko nteye.''

Iyo niyo ngorane y'ikiremwa muntu kamere yacu yaranduye. Ntidushobora kuyivanamo. N'ubwo bitugaragarira ko twiyangiza bigaragara ko tudashobora kwibuza gucumura, kuko kamere yacu ari yo mbi. Ingaruka z'icyaha cya mbere, zigaragara mu buzima bw'abantu bose. Muri kamere muntu habamo kubogamira ku bibi, kandi umuntu wenyine ntashobora kubitsinda. *Education*(uburezi) p 25 Ku bw'icyaha cya Adamu kamere yacu yarangiritse, ku bw'ibyo ntidushobora kwihindura abakiranutsi. *Vers Jesus*(Kugana Yesu p.62)

Uko ingorane y'icyaha irenze imyifatire mibi kandi kamere yacu ikaba ari iy'icyaha kuva tuvukiye muri iyi si y'icyaha, igisubizo ku kibazo cy'icyaha kigomba rero gushakirwa ahandi atari mu myifatire. Imana idusaba kongera gutangirira kuri zeru. Bidusaba kuvuka bundi bushya, kamere ihindutse byuzuye.Mu kibwirizwa cya nijoro cy'iteraniro rigizwe n'umuntu umwe, Yesu yasobanuriye Nikodemu ko niba tutavutse ubwa kabiri, tudashobora kwiringira kubona ubwami bw'ijuru.

Kuvuka kwacu kwa mbere ntikutwemerera kubona ubugingo bw'iteka ryose. Niyo mpamvu tugomba kuvuka ubwa kabiri. Ubutumwa bwiza bw'agakiza ni uko ku bwa Yesu dushobora guhabwa indi kamere ; Mu gufatanya na kamerey'Imana dushobora guhunga kononekara kw'iyi si y'ibyaha twavukiyemo.

## *IHAME RYA 9 :IMANA NTIDUHORA KO TWAVUTSE TURI ABANYABYAHA.*

Umunsi umwe mu majyepfo ya Kalifoluniya nahagaritswe n'abashinzwe umutekano mu muhanda.Icyo gihe hariho imirimo yo gutunganya umuhanda mu mukono nagendagamo. Aho niho hakomotse ingorane zanjye. Ubwo rero natwariraga imodoka mu mukono utari wo ariko ntabizi kuko imirongo igabanya umuhanda yari yasibwe n'ibyondo.Nari nzi neza ko amategeko y'umuhanda antegeka kuguma mu mukono wanjye ariko sinari namenye ko nayishe.

Umwe mu bashinzwe umutekano mu muhanda yahise akora inyandiko mvugo(Proces verbal) yavuze ko kutamenya bitavanaho ikosa. Ariko njye natekerezaga ko byari kuba igisobanuro cyumvikana! Noneho aho kwemera gutanga amafaranga bari banshiye , njyana ikibazo cyanjye mu rukiko. Ku bw'amahirwe, umucamanza yabonaga ibintu nka njye n'uko aransonera sinatanga ya mafaranga.
Mbese ni inde wari mu kuri? Umucamanza cyangwa umupolisi ? Mutekereza ko kutamenya ko urimo gukora ikosa byaba impamvu yo kutarihanirwa ? Ni gute Imana ifata ubujiji bwacu mu byerekeye uruhare rwacu rwo kwica itegeko ryayo ?

Dushobora kwifashisha imirongo myinshi ya Bibiliya kugira ngo tubone igisubizo cy'icyo kibazo.Muri Ezekiel 18 : 20 haranditse hati'' Ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa.Umwana ntazazira ibyaha bya se kandi na se ntazazira ibyaha by'umwana we gukiranuka k'umukiranutsi kuzaba kuri we kandi ibyaha by'umunyabyaha bizaba kuri we.'' Muri Yohana 15 : 22 Yesu ati '' Iyaba ntaje ngo mvugane nabo ntibaba bafite icyaha, ariko noneho ntibafite uko biregura icyaha cyabo.'' Ahandi muri Yohana 9 :41 Yesu ati ‘' Iyo muba impumyi nta cyaha muba mufite ariko none , kuko muvuga ko mureba icyaha gihoraho.''

Ntabwo mwigeze mwibaza impamvu hashize imyaka myinshi mbere y'irimbuka rya Yerusalemu n'ubwo Yesu yari yaraje akavugana n'Abayuda batari rero bagifite icyo kwireguza ? Kuki nyuma yo kuzuka kwa Yesu umuriro utamanutse mu ijuru ngo utsembeho abishe umwana w'Imana ?
Impamvu ebyiri zavuzwe mu gitabo cy'Intambara ikomeye(*La tragédie des siècles*) ubwa mbere abantu bose ntibari bazi ibyo Yesu yakoze ndetse usibye n'abana hari n'abantu bakuru batabizi.''

Abenshi mu Bayuda ntibari bazi iby'umurimo w'umukiza. Abana ntibari baragize amahirwe yo kwigishwa ibyo ababyeyi babo bari barasuzuguye. Binyuze mu ntumwa Imana yabamurikishirije umucyo wayo. Bari kuba baramenye ibyo gusohora k'ubuhanuzi atari mu kuvuka n'imibereho bya Kristo gusa, ahubwo no mu rupfu no mu kuzuka kwe. Nta bwo rero bazize ibyaha by'ababyeyi babo ahubwo kuko bamaze kumenya umucyo wari wahawe ababyeyi babo, nabo banga uwo bari bahawe. Ubwo rero nabo bakoze ibyaha by'ababyeyi babo buzuza urugero rwo gukiranirwa kwabo. Page28.

Mbese ntibitera imbaraga kumenya ko umucamanza w'isi yose azirikana ukutamenya amategeko kwacu mbere y'uko aducira urubanza ? N'ubwo twavutse turi abanyabyaha, ntabwo abiduhora mbere y'uko tugira umucyo uhagije n'amahirwe yo kwihana.

Icyaha kiduhanganisha nibura n'ibibazo by'uburyo butatu muri iyi si. Icya mbere ni ingorane ya kamere yacu y'icyaha twavukanye. Iya kabiri ni imibereho yacu ya kera : Ni ukuvuga ibyaha twakoze, iya gatatu ni icy'ibyaha dukora ubu, ibyo dukora uko bukeye n'uko bwije. Hari bamwe batekereza ko turetse gukora ibyaha, ntitubikore ukundi, ntitugire gucika intege no gusubira inyuma tutaba dukeneye Yesu. Ariko igihe cyose turi muri iyi si, dukeneye ubuntu bwe butsindishiriza kugira ngo butwikire amafuti yacu ya kera na kamere yacu y'ibyaha.

Na none , bamwe batekereje ko hari icyo umuntu yakora kugira ngo akureho amakosa ya kamere yacu y'icyaha, kandi batekereje ko twavutse turi abanyabyaha, basanze ko ari ngombwa kubatiza impinja ngo bakemure icyo kibazo.Mutagatifu Augustin(soma Ogusitini) yigishije icyo bahisemo kwita inyigisho y'icyaha cy'inkomo n'ubwo byari bikwiriye kucyita Inyigisho'' y'igicumuro cy'inkomoko .''Yemeraga ko umuntu avuka ari umunyabyaha kandi ko tubifitemo uruhare.

Ariko Imana nta numwe muri twe ibara ho uruhare mu cyaha cye. Byaba ku bwa kamere yacu y'icyaha, ku bw'ibyaha twakoze kera cyangwa ibyo dukora ubu bikorwa ubu- mbere y'uko dusobanukirwa n'ibi bintu bibiri: ubwa mbere ko ari icyaha,ubwa kabiri uko tugomba kwitwara imbere y'icyaha.Ubwo nibwo gusa uruhare rwacu rutangira.

Imana ntishakisha kumenya ngo ni bangahe muri twe ishobora kwima ijuru ahubwo, ku bw'urukundo rwayo ruhebuje, ikora byose kugira ngo buri wese abone uburyo bwo kujya yo. Igisubizo cy'ikibazo cya kamere yacu y'icyaha , cy'ibyaha byacu byakozwe kera n'ibikorwa ubu, twagihawe ku bw'ubuntu bwayo .

***IHAME RYA 10:NTABWO TUBA ABANYABYAHA KUKO DUKORA IBYAHA AHUBWO DUKORA IBYAHA KUKO TURI ABANYABYAHA.***

Itsinda ry'abanyeshuri bo mu buganga bari bafite umurambo bagombaga kwigiraho mu isomo rimwe. Bateranira mu cyumba aho uwo murambo wari uri, maze baganira ku kibazo cyari kibari imbere.

- Uwa mbere ati" areruruka cyane''
- Uwa kabiri ati '' arambaraye hariya nta cyo akora.
- Undi ati '' Nzi neza ko adakora imyitozo ihagije kugira ngo akomeze kugira ubuzima bwiza.
- Undi ati '' Ndatekereza ko mbere ya byose ko ari ngombwa kumubyutsa kugira ngo amaraso ye yongere atembere.

Nuko batangira kugerageza gukangura wa murambo ariko ukomeza kurambarara ku meza ukonje utanyeganyega n'ubwo abanyeshuri bavugaga kandi bagakora byinshi. Murumva ko uwo ari umugani. Ariko duhereye kuri icyo kigereranyo, n'ubwo bikabije tugaruke ku ihame rya cumi mu bundi buryo:" Umurambo uguma kurambarara ku meza kuko wapfuye, ntabwo wapfuye kuko urambaraye ku meza, imyifatire iranga umurambo ni ingaruka z'uko wapfuye iyo myifatire si yo mpamvu y'urupfu.''
Tubivuze mu buryo bw'umwuka, twese twavutse dupfuye.'' Mwebwe abari bapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu'' Abefeso 2:1. Ibikorwa bibi bikorwa n'abanyabyaha ntabwo ari intandaro ahubwo ni ingaruka z'iyo mibereho.

Ntabwo nshaka kuvuga ko gukora icyaha atari igikorwa cyo gucumura, ahubwo icyo mvuga ni uko gukora icyaha atari byo bitugira abanyabyaha. Muri aka kanya muramutse mutongeyeye gukora ibyaha, mbese ibyo byababagira abakiranutsi? Sibyo na gato. Mwagira imyitwarire myiza, ibyo gusa.
Dusoma mu gitabo cy*'Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p.21)* ibi: icyaha cyakomotse ku kwikunda tubitekereze ho akanya. Lusiferi yari yarashyizwe hejuru y'abamalayika bose bo mu ijuru.Yari mukuru ku byaremwe byose. Nyamara aho kwimbika mu kumenya Imana, aho gushaka kunoza umubano na yo, aho kugira intego isumba izindi: icyubahiro n'ikuzo by'Imana we yishakiye icyubahiro cye bwite. Icyaha nticyatangiye ubwo Lusiferi yibaga imbuto z'igiti cy'ubugingo.Cyakomotse mu kwikunda ubwe no gukuza ikiremwa mu mwanya w'umuremyi.

Ni itegeko ry'ibyaremwe ko bidashoboka kubangikanya kwihimbaza no guhimbaza Imana .Malayika wa mbere wo muri batatu bo mu Byahishuwe 14 aza afite ubutumwa bw'amahanga yose, n'amoko n'indimi n'imiryango yose ati '' Mwubahe Imana muyihimbaze'' umurongo 7.Umurimo w'inkuru nziza nta mwanya ufite wo gukuza umuntu.Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera ni " Umurimo w'Imana ujugunya icyubahiro cy'umuntu mu mukungugu, ukabashisha umuntu icyo adashobora kwikorera ubwe. Byakuwe mu Bihamya ku Bugabura (*Testimonies To Ministers P* 456)
Umuntu ufite imbaraga nyinshi z'ubushake ashobora kwitegeka, akiyemeza kugira umurongo agenderaho.Ariko n'uwagira imbaraga ate ntiyashobora guhindura kamere ye y'icyaha.''Ntidushobora twebwe ubwacu kwivana mu rwobo rw'icyaha twaguyemo. Imitima yacu ni mibi kandi ntidushobora kuyihindura" Byakuwe mu *Kugana Yesu(Vers Jésus p.18)*

Guhinduka kose kw'inyuma kudakozwe na Kristo nta kindi gukora atari ukwishyira hejuru, ukajugunya icyubahiro cy'Imana mu mukungugu. Ubwo tukaba turushijeho kujya kure y'ubugingo bwo muri Kristo, kure y'ubugingo duhabwa iyo twomatanye na we kandi tugashyikirana na we.
Bashobora kuhagira umurambo,bakawuha isuku ku bigaragara bakawambika imyenda myiza, birashoboka ko utagira igicumuro ukora ndetse ukaba wajyanwa mu rusengero ariko urakomeza ukaba umurambo.Gusa ubugingo bushya bw' umuntu w'imbere,butangwa n'Imana ni bwo bushobora guhindura ava mu rupfu ajya mu bugingo.Ubwo bugingo bushya tubuhabwa iyo tubanye

na yo.”kuko itegeko ry’umwuka w’ubugingo bwo muri Kristo Yesu ryambatuye ububata bw’itegeko ry’ibyaha n’urupfu.’’ Abaroma 8: 2.

***IHAME RYA 11:ICYAHA (mu bumwe), NI UKUVUGA KUBAHO UTANDUKANYE N’IMANA NI YO NTANDARO Y’IBYAHA (mu bwinshi), NI UKUVUGA GUKORA IBIKORWA BIBI.***

Hari itandukaniro hagati y’ibyaha, mu bumwe, ni ukuvuga kubaho utandukanye n’Imana, n’ibyaha mu bwinhsi ni ukuvuga gukora imirimo mibi.
Kubaho utandukanye n’Imana niwo muzi w’icyaha ;imirimo mibi akenshi twita icyaha ni ingaruka zo kubaho turi abanyabyaha.
Akenshi si ko tubyumva. Dutekereza ko gukora imirimo mibi ari byo bidutandukanya n’Imana. Mu kuri, gutandukana n’ Imana ni byo bidushora mu gukora imirimo mibi.Icyaha (mu bumwe) ni cyo kibyara ibyaha (mu bwinshi).

Dufate urugero ku mibereho ya Salomo. Bigaragara ko mw’itangira ry’ubwami bwe umutima we wose wari wiyeguriye Imana. Ariko uko imyaka yahitaga, ibintu byarahindutse. `` Salomo amaze gusaza abagore be bamutwara umutima, agakurikiza izindi mana, bigatuma umutima we utagitunganira Uwiteka Imana ye, nkuko uwa se Dawidi wari umeze``1 Abami 11 :4.
Byagendekeye bite Salomo ? Mbese yatangiye akora imirimo mibi, nuko akomeza gukora amakosa kugeza ubwo umutima we wose utakiri ku Mana? Oya, si ko byagenze.
Dusanga uku kugwa uko kwagenze mu busobanuro bwa bibiliya bw’itorero ry’abadivantisiti b’umunsi wa karindwi (*SDA Bible commentary*, vol 2,p.1031).
«Ibyaha byose no gukabya bya Salomo byakomotse kw’ikosa rikomeye ryo kureka kwishingikiriza ku Mana ngo abone ubwenge no kugenda yicishije bugufi imbere yayo».

Ibyo ni na byo byabaye kuri Eva. Bamwe batekereza ko yaguye kubera ko yariye itunda- ariko mu by’ukuri, yariye itunda kubera ko yari yaguye. Mbere yo kurambura ikiganza ngo asorome itunda, yari yatangiye gusuzugura Imana, yishingikiriza kuri we ubwe. Igikorwa cyakurikiye ho cyabaye ingaruka.

Hashobora gushira igihe rwose mbere y’uko umuntu abaho atandukanye n’Imana agera ubwo akora icyaha nkana. Byatwaye igihe kuri Salomo. Birashoboka ko byagombera igihe ku muntu ushaka Imana no kugirana umubano na yo, mbere yo kugira imibereho yo guhora anesha.
Birashoboka gushaka Imana unakuza imyitwarire. Ariko amaherezo, uburyo umutima wisunga Imana ni byo bigize ishingiro nyaryo ry’imibereho igaragara inyuma ndetse n’imibereho y’imbere mu mutima. `` Niba icyaha( kubaho utandukanye n’Imana) ari yo ntandaro y’ibyaha (gukora imirimo mibii), ibyaha dukora mu gihe dushaka buri munsi kwinjira mu mubano n’Imana bikomoka he?``

Igitabo cy’Uwifuzwa ibihe byose (*Jésus-Christ*, p. 671) gitanga igisubizo mu nteruro imwe: “Ubwo tuzamenya Imana nk’uko bishoboka ko imenywa, imibereho yacu izahinduka kumvira guhoraho.Ndetse n’igihe dushaka kuyimenya uko bwije n’uko bukeye, ntituyimenya ahari nk’uko bikwiye ko imenywa. Birashoboka ko mu gihe runaka, tuyikura ho amaso, tugacogora mu kuyisunga, tukongera tukishingikiriza kuri twe ubwacu.
Ubwo ni bwo dutsindwa urugamba. Ariko nidukomeza gushira ho umuhati ngo tuyimenye, izatuyobora kugeza ubwo tuyiringira ibihe byose, ku buryo imyitwarire yacu izasigara itunganye.

***IHAME RYA 12:UMUNTU UBAHO ATANDUKANYE N'IMANA ABAHO MU CYAHA***

Niba ikintu remezo, mu byerekeye icyaha, ari ikibazo cy'umubano aho kuba imyitwarire, none ho umuntu ubaho atandukanye n'Imana abaho mu cyaha. Mu kuri n'ibikorwa byiza bidakomotse kw'isano yo kwizera tugirana n'Imana, birimo icyaha.
`` Igikorwa cyose kidakoranywe kwizera aba ari icyaha.``Roma 14 :23.
Ubwo Yesu yasobanuraga umurimo w'Umwuka Wera wo kwemeza umuntu icyaha, yaravuze ati :".. iby'icyaha kuko batanyizeye". Yohana 16:9.

Kugira ngo tugerageze kumva uko kuri, dufate urugero rw'umupfakazi wari ufite akanyatsi.
Tuvuige ko uwo mupfakazi atuye imbere y'iwanjye kandi ko buri ku cyumweru nyuma ya saa sita nkorera ako kanyatsi. Ese icyo gikorwa ni cyiza cyangwa ni kibi?
Mu maso y'umuturanyi wanjye icyo gikorwa ni cyiza rwose.riko se bite n'umutima wanjye?
Ihame turiho rishimangira ko no gukorera akanyatsi k'umupfakazi nabyo birimo icyaha niba ntandukanye n'Imana.

Utizera ashobora gufata icyemezo cyo gutunganya akanyatsi k'umuturanyi we. Ese ibyo byamugira umukristo? Umuntu w'umuyoboke mwiza w'itorero, utigera agira igitekerezo cyo gukora nabi, ariko utagira igihe cyo gusenga ku giti cye, kwiga bibiliya no gushyikirana n'Imana buri munsi;ashobora gufata icyemezo cyo gukorera akanyatsi k'uwo mupfakazi . Ariko namukorera uwo murimo yirengagiza kunoza umubano muzima n'Imana, umutima we uba wishuka n'ibikorwa bye biba biri mo icyaha.

Nk'urugero,nshobora gutunganya akanyatsi k'uwo muphakazi kugirango abaturanyi banjye bambone nk'umugiraneza,cyangwa kubera ko nshaka kwibagiza kimwe mu byaha byo mubuzima bwanjye bwakera.Nshobora kugirira neza uwo muphakazi kuko ntekereza ko hari udufaranga yaba yarazigamye akaba yazatumpaho umurage.Niba mbaho ntandukanye n'Imana,ngengwa gusa no kwikunda,kandi igikorwa cyose mbasha gukora,cyaba cyiza cyangwa se kibi mu bigaragara,kiba kirimo icyaha.

Birashoboka ko ibigaragara inyuma nk'aho ari byiza cyane biba bihishe icyaha kibi cyane. Mu binyejana byinshi, isi n'ijuru byagiye bitangazwa no kubona ko akenshi abanyantege nke n'abagwaguza ari bo begera Imana kurusha abandi, naho abanyambaraga, bitwara neza cyane, bageraho bakayireka burundu.

Umwigishwa wasaga n'ufite amahirwe menshi yo gutsinda, niwe waje kugambanira Yesu. Abakuru b'idini bo mu gihe cya Yesu ni bo bamwanze, baramubamba, mu gihe abakoresha b'ikoro, abasambanyi n'abajura bahindutse abigishwa b'indahemuka.
``Abo utakekera kuba mu butware bw'umushukanyi ni bo akoresha bitangaje…
Abantu benshi bajijutse kandi bishimirwa, badashobora kwinjira mu bikorwa bigaragara muri rusange ko ari bibi, ntakindi bari cyo uretse ibikoresho binoze biri mu ntoki za Satani``.Intambara ikomeye ( *La Tragédie des sciècles* p553).
Dusoma mu Kugana Yesu (*Vers Jésus* p.58 ) :`` Gukunda icyubahiro no kwifuza gushimwa n'abantu bishobora gutuma umuntu agira imibereho itunganye. Kwiyubaha bishobora gutuma wanga kugira nabi. Uwikunda ashobora gukora ibikorwa by'ubugiraneza. ``
Iyo umutima wandujwe n'icyaha, imibereho itunganye ishobora kuba ukwihenda kurushije ho gukomera.
Mbese icyarushaho gutera ingorane ni ikihe : ni icupa ryijimye riri munsi y'akameza ko mu gikoni ririho icyapa cy'umutwe w'umuntu wapfuye, n'umusaraba w'amagufwa ya ruseke abiri, cyangwa ni

icupa riri muri firigo ririmo uburozi, ari ko ririho icyapa cyanditse ho ngo «ibinyobwa bidasindisha»?

Mbese uyu munsi ubaho mu cyaha? Uko biri kose naho waba umunyantege nke cyangwa ugwaguza, cyangwa uri mu gice cy' abafarisayo b'inditwe,nka Pawulo mbere yo guhura na Yesu mu nzira ijya i Damasiko, ubohorwa ku cyaha(naho icyo cyaha kigaragazwa n'imyitwarire myiza cyangwa mibi) ari uko usanze Yesu ngo ubone agakiza, kandi ugakomeza kujya kuri we.
Yesu wenyine ni we ushobora kudukura mu cyaha akatugeza ku gukiranuka.

## *ICYIGISHO CYA 2: ICYAHA*

1. Izingiro ry'ikibazo cy'icyaha ni irihe?
    - " Kandi ubwo azaza [ Umwuka wera ], azemeza ab'isi , iby'icyaha, ibyo gukiranuka, n'iby'amateka [ iby'imanza]; iby'icyaha kubera ko batanyizeye" Yohana 16: 8,9.
    - " Igikorwa cyose kidakoranywe kwizera ni icyaha " Rom 14:23

**IMPUGUKIRWA** : Icyaha (mu bumwe) ni ukubura ibyiringiro muri Yesu, cyangwa kubaho utandukanye nawe. Kuva 20:3. Ni byo bibyara ibyaha (mu bwinshi), ni ukuvuga gukora imirimo mibi. 1Yohana 3:4

2.Icyaha cyakomotse he?
" Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w'umuseke ko wavuye mu ijuru, ukagwa!… Waribwiraga uti :…nzaba nk'isumba byose" Yesaya 14:12-14. reba Itangiriro 3:4,5
3.Ni buryo ki icyaha cyinjiye muri iyi si ?
« Nk 'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe » kandi nkuko kutumvira Imana k'umuntu umwe, kwateye ko benshi baba abanyanyaha, niko no kumvira Imana k'umuntu umwe, kwateye ko benshi baba abakiranutsi ». Rom 5 :12,19
4. Umuntu aba umunyabyaha ryari ?
- « Dore : navukiye mu byaha, mu byaha ni mo mama yambyariye. Zaburi 51 :7
- « Abanyabyaha batandukanywa n'Imana uhereye kukuvuka kwabo,iyo bavutse uwo mwanya bariyobagiza bakabeshya » Zaburi 54

**IMPUGUKIRWA**: Twese biratureba, kuko ntawe ukiranuka n'umwe. Reba Roma 3 :10

5. Mbese ibyo bisobanuye ko turi abanyabyaha ku bwa kamere ?
« kandi ku bwa kamere twari abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose ' Abefeso 2 : 3
6. Bite se n'utemera ko ari umunyabyaha ?
''Ni tuvuga ko ari nta cyaha dufite , tuba twishuka, ukuri kutari muri twe » Yohana 1 :8

**IMPUGUKIRWA:**Nta n'umwe mu ntumwa, no mu bahanuzi wigeze yibwira ko nta cyaha afite. Abantu babaye hafi y'Imana cyane, bashoboraga gutanga ubuzima bwabo aho gukora ibikorwa bibi, bari biyiziho kamere y'icyaha . Kugeza umunsi tuzahindurirwa, ubwo Yesu azagaruka, ntidushobora kuvuga ko nta cyaha dufite.

7. * Ingaruka yo kuba twaravutse turi abanyabyaha ni iyihe?
`` Bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana`` Roma 3: 23.

**IMPUGUKIRWA**. Icyaha, ni ukuvuga kumva dushaka kwigenga bidushora mu gukora ibyaha, mu yandi magambo mu bicumuro.

8.* Ni iki gihamya ko bose bakoze ibyaha?
„ Nk’uko bimeze bityo, nk’uko ibyaha byazanywe mu isi n’umuntu umwe, niko urupfu rugera ku bantu bose, kuko bose bakoze ibyaha...“ Roma 5:12

**IMPUGUKIRWA**: Ndetse n’impinja zirapfa.

9. * Mbese Imana iduhora ko twavutse turi abanyabyaha ?
``Ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa. Umwana ntazazira ibyaha bya se, kandi na se ntazazira ibyaha by’umwana we. Gukiranuka k’umukiranutsi bizaba kuri we`` Ezekieli 18: 20.
10.* Ni ryari tubarwaho icyaha ?
« Yesu arabasubiza ati : « Iyo muba impumyi nta cyaha muba mufite. Ariko none kuko muvuga yuko mwe mureba, icyaha cyanyu gihoraho. » Yohana 9 :41 ; Yakobo 4 :17.
11.* Ibyo bisobanuye ko niba nta mucyo mfite , nta cyaha mfite ?
``iyaba ntaraje ngo mvugane nabo ntibaba bafite icyaha. Ariko none ho ntibafite uko biregura icyaha cyabo``. Yohana 15 : 22, Reba 15 :24 ; 1 :9 ; 1Yohana 5 :11,12

**ICYAHA KIDUSHORA MUGUKORA IBYAHA**

12. * Ese tuvuka duta ndukanye n’Imana?
“ Abanyabyaha batandukanywa n’Imana uhereye mu kuvuka kwabo” Zaburi 58:4.
13.* Ni gute Yesu yahamije ukudatungana kw’ivuka ryacu rya mbere?
“ Ni ukuri, ni ukuri ndababwira ko umuntu utabyawe ubwa kabiri atabasha kubona ubwami bw’Imana” Yohana 3:3 . Reba imirongo ya 4-6.
14. Ingaruka zo gutandukana n’Imana ni izihe?
“ nzaba nk’Isumba byose “ Yesaya 14: 13,14.

**IMPUGUKIRWA**
Twese dufite ibibazo kubera inarijye yacu.
Kwikunda ni umuzi w’ibyaha byose bugukomoka ho.
Zirikana ukugaruka kw’ijambo “jye”/”nza” muri iyo mirongo yo muri Yesaya.
15. Ni mu buhe buryo Bibiliya ivuga ku byaha biva ku cyaha!
`` Umuntu wese ukora icyaha aba agomye kandi icyaha ni bwo bugome`` 1 Yohana 3:4
16. Imbuto mbi zikomoka he?
``Igiti kibi cyera imbuto mbi. Igiti cyiza ntigishobora kwera imbuto mbi n’igiti kibi ntigishobora kwera imbuto nziza ``. Matayo 7:17,18 reba na 12:33.

**IMPUGUKIRWA:** Nidukora ibyaha ni ukuvuga ibikorwa bibi, ni kubw’icyaha, kuko inari jye yacu yatandukanye n’Imana.

- Ukora icyaha ni imbata y’icyaha. Yohana 8:34.
- Dukora ibyaha kuko icyaha kiba muri twe. Roma 7:17,20.
- Turi imbohe z”itegeko” ry’icyaha riba muri twe. Roma 7:23,25
- Dukora ibyaha kubera kwifuza kwacu. Yakobo 1:14,15.
- Umutima urusha ibintu byose gushukana. Yeremiya 17 :9.
- Umutima wa kamere ntubasha gukora amategeko y’Imana. Roma 8:7
- Ni nde wakura icyizamu kibi? Yobu 14:4.
- Kamere itandukanye n’umwuka, “ ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora” Galatiya :17.

17. Ese ushobora kwiringira gusarura imbuto nziza ?

" Kugira ngo aheshe… amavuta y'ibyishimo mu cyimbo cy'ubwirabure n'umwambaro w'ibyishimo mu cyimbo cy'umutima wihebye kugira ngo bahere ko bitwe ibiti byo gukiranuka byatewe n'uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro" Yesaya 61:3.

18. Ubutumwa bwiza buvuga iki ?
*" Bene data ndabamenyesha ubutumwa bwiza ….: yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu, nk'uko byanditswe ".1 Korinton 15: 1-3

* " N'uko rero none ho abari muri kristo Yesu ntateka bazacirwa ho, ntibayoborwa na kamere ahubwo bayoborwa n'Umwuka. Nuko rero, muri Kristo itegeko ry'Umwuka w'ubugingo ryankuye mu bubata bw'itegeko ry'ibyaha n'urupfu". Rom 8: 12, reba na none 1Yohana 2:1.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- Mu byerekeye icyaha, icy'ingenzi ni ibyo ukora.
- Ntabwo turi abanyabyaha igihe cyose tutakoze ibyaha.
- Iyo turekeye aho gukora ibyaha, tuba tutakiri abanyabyaha.

**AMAHAME UKU KURI GUSHIGIKIRA**

- Abantu bose bavuka ari abanyabyaha ( cyangwa bikunda) kuko bavuka batandukanye n'Imana.
- Imana ntiduhora ko twavutse turi abanyabyaha.
- Icyaha ni ukuvuga kubaho utandukanye n'Imana, niyo ntandaro y'ibyaha, ni ukuvuga gukora ibikorwa bibi.
- Umuntu ubaho atandukanye n'Imana aba ari mu cyaha.

## KWIZERA

***IHAME RYA 13:UBUSOBANURO BWO KWIZERA BURUTA UBUNDI NI UKWIRINGIRA. KWIRINGIRA NI UKWISHINGIKIRIZA KU WUNDI MUNTU. MATAYO15:21-28***

Ahari waba warigeze kumva igitekerezo cy'umuntu wambutse isumo y'uruzi rwa Niagra agendeye ku mugozi. Abantu bamaze gukururwa n'ubugenge bwe, yarabajije ati: «Ni bangahe muri mwe bemera ko nshobora kwambukira kuri uyu mugozi noneho nsunika ingorofani yicayeho umuntu?» Abantu benshi bakoma mu mashyi bemezaga ko uwo mukinnyi yabishobora. Ariko ahita yongeraho ati:«Ni nde wakwiyemeza kwicara muri iyi ngorofani?»

Haba guceceka mu bantu. Uhereye kuri abo bantu wabona itandukaniro rikomeye riri hagati yo kwemera no kwiringira. Kwemera ko ingorofani ishobora gusunikwa hejuru y'umworera ni ikintu kimwe, kwemera gushyira ubuzima bwawe aho bushobora kugira ingorane ni ikindi kintu; Yakobo 2:19 hagaragaza itandukaniro nk'iryo:«wemera ko hariho Imana imwe, ni byiza: abadayimoni nabo barabyemera, bagahinda umushyitsi»

Kugira ngo ugire kwizera gukiza, bigusaba ibirenze ibyo wiyumvisha mu bwenge, abadayimoni nabo bashobora kwiha ibyo byiyumviro kandi bagahinda umushyitsi. Barizera ariko ntibiringira. Aho niho hari itandukaniro rikomeye.

Hari amagambo atatu agaragaza uko isano yo kwisunga Imana k'umukristo iba iteye: *Kwizera, kwemera, kwiringira.* Mu mvugo y'iki gihe, ijambo *kwemera* ryerekeza akenshi ku gitekerezo cyo kwiyumvira gusa ko mu bwenge. Hari ubwo kwizera kugereranywa no kwiyumvisha ko ibintu bizaba byiza. Ariko ijambo *Ibyiringiro* ahari niryo rigaragaza kurushaho ubusobanuro bwa Bibiliya bwo kwishingikiriza ku Mana. Aho muzabona hose ijamba *kwizera* mu byanditswe, mushobora kurisimbuza ijambo *Kwiringira*. Noneho amagambo amwe mumenyereye muzabona ahari agize ubusobnuro bushya. Urugero:«Izere Umwami Yesu urakira» Ibyakozwe16:31 Hashobora gusomwa ngo «Iringire Umwami Yesu urakira».

Dusoma mu butumwa bwatoranyijwe (*Messages choisis* Vol 1. p.456) «Ukwizera kutari ukwemera gusa, ahubwo ukwiringira nako… » no mu gitabo cy'uburezi, urupapuro rwa 259: «Kwizera ni ukugira ibyiringiro mu Mana»
Kwizera ni ukwishingikiriza ku wundi muntu. Ahari niryo jambo rirushaho kujya gusobanura kimwe n'ijambo kwitanga dusanga muri Bibiliya, kuko ribumbatiye igitekerezo cyo gushyira ubuzima bwawe munsi y'ubushobozi bw'Imana.

Abahanga banga kwemera kwishingikiriza ku wundi muntu. Igitekerezo kimwe gusa cyo kwishyira mu bubasha bw'undi gishobora gutera impungenge. Biragoye ko ubwigenge n'ubwibone bw'umuntu bishyirwa mu maboko y'undi muntu. Nyamara: «nta kwizera ntibishoboka kuyinezeza» gusa igihe turetse ubushake bwacu n'inzira zacu, tukiringira ubushobozi bwayo bwo kudukiza, nibwo Imana ibasha gusohoza imigambi yayo mu mibereho yacu.
Nk'uko abana, baza barira batuzaniye ibikinisho byabo byangiritse ngo tubibatunganirize, niko nashyiriye Imana ibyo ntekereza bidatunganye kuko ari incuti yanjye.
Ariko aho kugirango nyireke mu mahoro, ikore umurimo wayo,nagumye aho nshaka kuyifasha nkoresheje ingufu zanjye,nyuma mfata ibitekerezo byanjye vuba vuba. Mbaza nsakuza nti: "kuki bigenda buhoro cyane?-Aransubiza ati : "Mwana wanjye ushaka ko nkora iki? Ntiwabirekuye"
Kwizera kuzima cyangwa kwiringira kuzi kurekura pe! Ni ukwishingikiriza ku wundi. Ntigushinga ijosi. Gishyira mu gaciro, gusobanukirwa, no gushyira mu nyurabwenge ku muntu bifite umupaka; ibirenze ibyo, tubasha kwiringira bitewe n'ubunararibonye tugenda tugira. Akenshi abahanga muby'iyobokamana nibyo bita: "Gusimbuka ko kwizera".
**Nyamara kwiringira Imana si ugusimbukira mu mwijima. Umwami yaduhaye ibihamya bihagije dukwiye kubakiraho ibyiringiro byacu muri we.**
Muri Matayo 15, dusoma igitekerezo cy'umunyakananikazi. Uwo mugore yari aje gushaka Yesu, yari yakoze urugendo rwa Km 80 kugirango asubize icyifuzo cye. Guhura n'Umwami mu nzira zuzuye umukungugu zo mu gihugu cye byagombaga kongerera imbaraga kwizera kwe. Ariko ubwo yamugezagaho icyifuzo cye, byasaga n'aho Yesu atamwitayeho na busa. Arihangana maze Yesu amuha igisubizo gisa n'igitutsi. Nyamara hari ibimenyetso bigaragaza ko hari igisubizo kizima byagaragaraga mu maso h'Umwigisha, mu ijwi rye no mu myifato ye byakomeje uwo mugore akarinda ibyiringiro bye yirengagije ibigaragarira amaso, yarihanganye kugeza aho ibyiringiro bye byasubijwe. Yashubijwe kuko yakomeje kwihangana akishingikiriza kuri Yesu.

## *IHAME RYA 14: KUMENYA IMANA NI UKUYIRINGIRA. UTAYIZI NTUSHOBORA KUYIRINGIRA. NIBA UTAYIRINGIRA NI UKO UTAYIZI.*

*Hari ibintu bibiri bya ngombwa gusa niba ushaka kwiringira umuntu. Bwa mbere ni ngombwa kubona umuntu ukwiriye kwiringirwa. Ubwa kabiri ugomba gufata igihe cyo kumenya uwo muntu. Ikinyuranyo cy'Ibyo nacyo ni kimwe. Kugirango we kwiringira umuntu birahagije kubona ko atari uwo kwiringirwa, noneho ugafata igihe cyo kumumenya.*

Igihe kimwe ari mu cyi ubwo nigaga mu mashuri yisumbuye nabonye akazi aho imodoka zinywera lisansi. Abantu twakoranaga icyo gihe ntibaburaga uburyo bariganya abaguzi batazi gushishoza. Abashyira lisansi mu modoka ntibatindiganya guhina icyuma gikonjesha moteri maze bakakivuna (courroie de ventilateur); noneho bakacyereka utwaye imodoka bati «dore mbonye icyuma cyanyu gikonjesha moteri cyacitse. Mbese si amahirwe kuba mbibonye?» Noneho bakibonera agahimbazamushyi ku cyuma gishya bagurishije. Iyo bakuraga amavuta mu modoka basubizagamo ayavuye mu yindi, bityo bakabonera muri ubwo buriganya inyungu yikubye kabiri. Ntabwo bari abo kwiringirwa kandi narabamenye. Kuva ubwo sinigeze nongera kwiringira abakozi b'aho banyweshereza lisansi.

Umunsi umwe nahagaze aho imodoka zinywera lisansi , umukozi aza mu idirishya ry'imodoka anyereka icyuma gikonjesha moteri gicitse. Ndamubwira nti «murakivunnye murakiriha» Agwa mu kantu ati: «urashaka kuvuga iki?» ndamusubiza nti «nakoze aho banyweshereza lisansi» aravuga ati « mbese?». Yahise asimbuza cya cyuma nta faranga na rimwe anyishyuje.

Si ikintu kidashoboka ko mu mpande zose zo mu isi haboneka abakozi b'aho imodoka zinyweshera lisansi b'indahemuka. Ariko kugirango ngire uwo muri bo niringira byansabagaga kumumenya neza. Umushyikirano w'akanya gato ntiwabaga uhagije. Ntiyagombaga gusa kuba akwiriye kwiringirwa, ahubwo byagombaga kunsaba igihe ngo menyane nawe kugeza ubwo mugirira icyizere.

Bibiliya ihamya ko Imana ari iyo kwiringirwa ariko ntuzigera uyiringira by'ukuri utarayimenya wowe ubwawe ku giti cyawe. Twavuze interuro yo mu gitabo cy'Uwifuzwa ibihe byose( *Jesus Christ* p.671). «Nitumenya Imana nk'uko bishoboka ko imenywa, imibereho yacu izaba kumvira guhoraho». Ongeraho imirongo yo mu Kugana Yesu ( *Vers Jésus* p.60). «Kumvira ni imbuto yo kwizera». Niba ari ngombwa kumenya Imana kugirango tugire kwizera kandi kumvira akaba ari urubuto rwo kwizera,ni ngombwa kumenya Imana kugira ngo tubashe kuyiringira.

Akenshi twiyibagiza uko kuri tukiyahura mu rugamba turwanya icyaha n'umubiri. Dukoresha imbaraga zacu zose ngo twumvire ntitubigereho tugahora dutsindwa. Ni iby'ukuri ko twahamagariwe kurwana, ariko dukwiriye kurwana intambara nyakuri. «Rwana intambara nziza yo kwizera» niko tubwirwa muri 1Timoteyo 6:12. Ni gute warwana intambara nziza yo kwizera? Ukoresha imbaraga zishoboka ngo umenye Imana kugirango ubashe kuyiringira. Tuvuganira n'Imana mu ijambo ryayo. Turi kumwe nayo turishyira tukizana. Dukorana nayo tugiye mu murimo wa gikristo, mu guhamya no mu bikorwa by'ivugabutumwa.

Hari ubwo bamwe babona ko bikomeye gishyikirana n'Imana itagaragara. Umunsi umwe umugabo yaje kureba HMS Richards (Soma Rishari) aramubwira ati «Sinemera Imana». Mwenedata Richards aramubaza ati « kuki?». Umugabo aramusubiza ati « kuko ntayibona». Pastoro Richards aramusubiza ati «Sinizera ko ufite ubwonko». Umugabo ati « kuki? ». Pastoro aravuga ati « kuko ntabubona »

Dukoresha ibintu byinshi tudashobora kubona n'amaso. Ni ryari uheruka kubona n'amaso umuriro w'amashanyarazi? Wigeze se ubona ijwi? Uretse kuba utuye mu majyepfo ya Kaliforniya (Calfornie) aho ikirere cyahumanye bikomeye, ubundi ntushobora kubona n'amaso umwuka duhumeka. Ntitubona n'amaso umuyaga. N'udusimba duto cyane (microbes & bacteries) ntitujya tutubona n'amaso yacu. Ntidushobora kubona n'amaso ayo mayobera y'ubuzima. Nyamara tubona ibikorwa n'ingaruka z'ibintu byose.

N'ubwo tutabasha kubona Imana n'amaso yacu cyangwa ngo tuyumvishe amatwi kubwa kamere muntu, tubona ibikorwa by'imbaraga zayo kandi twifashishije uburyo bwo kubonana nayo

yaduhaye, dushobora kwiga kuyimenya. Nitwiga ngo tuyimenye nibwo tuzabasha kuyiringira kuko ari iyo kwiringirwa.

### *IHAME RYA 15: KWIZERA NI IMBUTO Y'UMWUKA NTABWO ARI IMBUTO Y'UMUNTU. NTABWO TUKUBONA KU BW'IMIHATI YACU.*

Uramutse ufite umugambi wo guhinga icyo ari cyo cyose, yaba ibinyomoro cyangwa amapera icyo uheraho ni ikihe? Waba se warigeze gukora mu busitani? Uzi uko ibintu bigenda. Si ngombwa kugirango ube uhinga mu busitani kugirango wemere ko ibintu bimwe ari "intandaro" ibindi bikaba "ingaruka". Niba ushaka umusaruro ushimishije birumvikana ko imbaraga zawe zose utazazishyira ku musaruro.

Mbega uko byaba umugisha turamutse tubashije gusobanukirwa neza itandukaniro riri hagati y'intandaro n'ingaruka mu byo gukura mu by'umwuka! Turi benshi abataye igihe kinini, twirushya tugerageza akenshi, dukoresha imbaraga zacu ngo tubone umusaruro!

Pawulo atanga urutonde rw'imbuto zigaragara mu mibereho ya gikristo, kandi zirikana ko imbuto ari iz'umwuka atari imbuto z'umuntu.«Dore imbuto z'Umwuka: urukundo ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, kwizera, gucisha make, kwirinda, ibimeze bityo nta mategeko abihana» Galatiya 5:22

Igihe cyose, ibyanditswe bigaragaza kwizera nk'imbuto, impano cyangwa ingaruka. Ntabwo ari umurimo wacu. Imana yagereye umuntu wese igipimo runaka cyo kwizera. Abaroma 12;3. « kwizera kuzanwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo » Abaroma 10:17. Igihe cyose kwizera ni ingaruka y'ikindi kintu ntacyo wakora ngo uhembere kwizera. Ntushobora gukoresha imbaraga ku mbuto, ahubwo uzishyira mu gukorera igitanga imbuto. Ntabwo ukorera impano, uharanira kwegera utanga impano ngo wakire icyo aguha. Nta muntu ushobora kwihangira kwizera. Umwuka ukorera kandi ukamurikira intekerezo z'umuntu, niwo utera kwizera Imana.» byavuzwe na Ellen White, mu busobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadivantiste b'umunsi wa karindwi. Vol 7 p 940.

Biroroshye kwitiranya kwizera n'ibyo wiyumvisha. Kugerageza kubona kwizera ugendeye ku byiyumviro. Ni ryari bikorohera kwizera ko Imana iribusubize amasengesho yawe? Mbese ni igihe wumva ko izabikora? Cyangwa ni igihe wiyumvisha ko itazabikora? Ni ryari wumva urushijeho kugira ibyiringiro mu masezerano ko Imana izakubabarira ibyaha wayicujijeho? Mbese ni iyo wumva ubabariwe cyangwa ni iyo wumva ko watereranywe? kwizera kwanyu gusa n'ugufite imbaraga iyo ibintu bimeze neza kuri mwe cyangwa no iyo isi isa n'ibasumiye, ndetse mukaba mugomba guhangana n'ibigeragezo n'imibabaro?

«Ibyiyumviro si ukwizera, byombi biratandukanye» Inyandiko za kera (*Premiers écrits* p.72)
Iyi ni indi mpamvu igaragaza ko ari iby'ubusa gukoresha imbaraga ngo ubone kwizera. Birashoboka kubyutsa amaranga mutima. Ushobora gutega amatwi indirimbo nziza, ushobora kunyurwa n'ubushizi bw'amanga bw'umuntu ukora uko ashoboye ngo ashimishe abantu, ushobora gukangaranywa n'urumuri rwinshi cyangwa ruyunguruye, cyangwa umwuka w'ibikuzengurutse. Mu buryo runaka, ushobora gukorera abantu ibintu bishobora kubyutsa amarangamutima yabo. Nyamara iyo umucyo uzimye abantu bamaze gutandukana iyo usigaye wenyine bigenda bite? Ahari usanga ufite ingorane kurusha mbere. Ese ibyo byigeze bikubaho ? uyu munsi miliyoni z'abantu bava mu bintu bajya mu bindi, bagacogoza imbaraga zabo mu isiganwa ndengakamere, ngo babone ikintu kibakangura kikabafasha kwibagirwa ko ibyo bari bagerageje gukora ntacyo byabagejejeho.

Umwanzi yabashije kwigarurira isi akoresheje ubwo buryo,kandi akomeje kubukoresha nk'igikoresho cye gihebuje ndetse no mu itorero. Iyo umugabo cyangwa umugore afashe icyemezo cyo kujya kuri Yesu ngo abone umunezero uhoraho Yesu ashobora kubaha, umwanzi araza ati « Urashaka kujya kuri Yesu ? Ni byiza. Byaba ari akarusho ubanje gutunganya imibereho yawe ngo abone kukwakira»,akemeza uwo muntu kwihutira guhera ku musaruro bityo akamuheza kure ya Yesu mu gihe agerageza kwihindura umukiranutsi kubwe.

Ubwo nibwo yumva bavuga ibyo gutsindishirizwa kubwo kwizera. Akumva icyo gitekerezo ari agahebuzo. Ariko iyo yiyemeje kucyemera umwanzi akoresha ubundi buriganya akaza agira ati « nibyo ,gutsindishirizwa biboneshwa kwizera. Ntukoreshe imbaraga ngo witsindishirize, koresha imbaraga ngo ubone kwizera». Ibyo bishobora gutera indi nkomyi hagati y'umunyabyaha n'Umukiza. Ukuri ni uko nta mbaraga usabwa gukoresha ngo utsindishirizwe. Na none nta mbaraga ugomba gukoresha ngo ubone kwizera. Gutsindishirizwa ndetse no kwizera ni imbuto. Byombi ni ingaruka yo kumenya Yesu. Kandi twiga «kumenya Yesu iyo dufata igihe cyo gushyikirana nawe. Numusanga azaguha kwizera nyakuri ukeneye . Ingaruka ya mbere yo gushaka Yesu ni ukwizera nyakuri ; iya kabiri ni ugutsindishirizwa.»

### *IHAME RYA 16 : KWIYUMVISHA KO IBINTU BIZABA BYIZA, NTIBIBYARA KWIZERA NYAKURI, AHUBWO KWIZERA NI UKW'IBITEKEREZO BIZIMA.*

Jan Hus(soma Yani Husu) na Jérôme w'I Prague (Purage) babaye intwari mu bugorozi. Bakoreraga I Boheme kandi ubuhamya bwabo bwabanjirije ubwa Maritini Ruteri mu Budage. Abo bagorozi bombi bari barahinduwe n'inzandiko za John Wyclef (soma Yohana Wikilifu).

Hashize igihe gito Jan Hus atangiye ivugabutumwa mu mbaraga nyinshi, yahuye na Jérôme wari uvuye mu Bwongereza aho yabaga icyo gihe. Ubutumwa bwa Jan Hus bwarushijeho gukwira hose. Jan Hus yahawe urwandiko rw'inzira rwo kumujyana I Constance aho inama nkuru y'idini yari iteraniye ngo asobanure inyigisho ze. Nyamara akirangiza kwisobanura bahise bamushyira mu buroko. Ubwo bamuhaga amahirwe yo kwisubiraho, yanze kuva kwizima rwose,maze nyuma y'ibyumweru bike, bamujyanye kumutwika. Abamurenganyaga,bajugunye ivu rye mu mugezi witwa Rhin (soma Re). Bumvaga bamucecekesheje by'iteka, ariko baribeshyaga.

Jerome amenye ko mugenzi we ari mu mazi abira, yahise agana i Constance; ntiyarindiriye urwandiko rw'inzira dore ko na Hus waruhawe ntacyo rwamumariye. Ahageze nawe bamuta mu munyururu amaramo amezi menshi. Yatangiye kwiheba no gushidikanya yumva agiye guhindura umugambi. Nyamara hari ikintu gitangaje yavumbuye. Yabonye ko hari ikintu kibi cyane kuruta gutwikwa. Icyo ni ukudatwikwa ariko ukabaho imibereho yo guhora wicuza ko wihakanye umwami wawe. Ubwo yahise asubira ku gitekerezo cye. Yerekeza aho bari bagiye kumutwikira aririmba. Abwira uwari ugiye kumutwika ati «Gira umwete maze ucane umuriro. Iyo ngira ubwoba simba ndi aha.».

Inkuru ya Jerome na Hus itwigisha Kwizera nyakuri. Muri iki gihe hari igisa no kwizera cyakwiriye hose yemwe no mu itorero. Icyo kintu si ukwizera namba. Ahubwo ni ukwibwira ko ibintu bizaba byiza. Ibyo byatuyobora mu kwibwirako ibyo twifuza bizaba tukumva ko igisa n'isezerano cyose dukwiriye kucyishyuza uko tukibonye muri Bibiliya.
Umuririmbyi witwa FRANK Sinatra (Franki Sinatara), yavuze ku byerekeye «Kwibwira ko ibintu bizaba byiza». Mu ndirimbo yitwa « I DID IT MY WAY» (Nabigezeho mu buryo bwanjye).Ndetse no mw'itorero ryacu havugwa ibyo kwiyumvisha ko ibintu bizaba byiza. Bishobora kuvugwa mu magambo make gutya : « Mushobora kubigeraho»

Nyamara dukurikije Bibiliya icyo ibivugaho, amasezerano yose si ayanyu muri iki gihe no mu bihe mubyo mwiberamo. Iyaba byari bihagije kugira ngo umuntu yishyuze amasezerano ngo urokorwe, Jerome na Hus baba baratsinzwe. Muri Yesaya 43 :2, hari isezerano rihebuje baba barishyuje ariryo iri ngo « Nunyura mu muriro ntuzashya kandi ibirimi byawo ntibizagufata» uko byamera kose Jerome na Hus baratwitswe atari uko babuze kwizera, ahubwo bazize kwizera.

Kwizera, gukomeza kwiringira Imana ndetse no mu bihe bikomeye. Biroroshye kwiringira Imana mu gihe ubuzima budafite inkomyi. Ariko igihe tubona ko amasengesho yacu asa n'atari gusubizwa, kwizera kwacu kuba kuri gupimwa. Nyagasani yifuzako twiringira urukundo n'imbabazi bye mu gihe tugoswe n'ibicu byinshi n'umwijima kimwe no mu bihe izuba riva. Ibihamya *(Testimonies* Vol.2 p.274).

Nk'abantu, muri kamere yacu dukunda kumva inkuru ya Danyeli mu rwobo rw'intare kuruta uko twakumva iya Yohani umubatiza. Biratugora cyane kwiyumvisha ko« Gushyikirana na Kristo mu mibabaro ye ari impano ikomeye Imana ishobora guha abantu» *Ministère de la Guérison* p.412
Dukunda igice cya 11 cy'igitabo cy'Abaheburayo, igice kivuga ibyo kwizera, ariko iyo tugeze ku masubi yacyo ya nyuma dushengurwa n'agahinda. Nyamara nacyo ni igice kigize bibiliya. Muherutse gusoma icyo gitabo se vuba aha ? Nyuma y'urutonde rw'ibitangaza Imana yagiye ikorera ubwoko bwayo mu bihe bikomeye kandi bitandukanye, hahita hakurikiraho iby'abandi, ntiwibagirwe na rimwe iby'Abandi.

« Abandi bakicishwa inkoni ntibemere kurokorwa kugirango bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza. Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa bagashyirwa mu mazu y'imbohe. Bicishwaga amabuye bagakerezwa inkero, bakicishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'ihene n'intama banyazwe byose. Barababazwaga bakagirirwa nabi, yemwe n'isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo ! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga, mu mavumo no mu masenga. Abo bose nubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo ntibaragahabwa ibyasezeranijwe » Abaheburayo 11 : 35-39.

Amasezerano y'iby'umwuka arebana no kubabarirwa ibyaha, gusukirwa Umwuka Wera no guhabwa imbaraga zo gukora umurimo wayo, nta gihe ataba akenewe. Ariko amasezerano arebana n'imigisha runaka mu gihe runaka, harimo ay'ubuzima busanzwe, ayo masezerano rimwe arasohozwa ubundi ntasohozwe nk'uko Imana izi byose ibibona.
Mbese wari kuba witeguye kuba mu mugabane w'abandi iyo Umwami aguhamagarira kwifatanya na bo mu kigeragezo gikomeye cyo kwizera?

***ICYIGISHO CYA GATATU:***

## KWIZERA.

1. Kubaho mu kwizera bifite mumaro ki?
   - « Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza» Heburayo11:6
   - « Kandi igikorwa cyose kidakoranywe kwizera aba ari icyaha » Roma 14:23
   - « Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera » Abaheb.10:38, Habakuki 2:4, Roma 5:1, Ibyakozwe26:18

2. Ni iki cyakumvikana nabi ku birebana no kwizera?

Intumwa zibwira umwami Yesu ziti « twongerere kwizera» nawe arazisubiza ati «mwagira kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti « randuka uterwe mu nyanja ukabumvira» Luka 17:5,6.
**IMPUGUKIRWA**: Si uko kwizera kugomba ubwinshi ngo gushimwe, ahubwo kwizera niyo kwaba guke ari ukwizera nyakuri, kwabasha no gukora ibyagaragaraga nk'ibidashoboka. Nyamara kwizera nk'uko kuzaba ingume mu minsi y' imperuka. Luka 18:8.

3. <u>None se kwizera nyakuri bisobanura iki?</u>
Umugore w'umunyakananikazi yari afite kwizera gukomeye( Matayo 15: 21-28).
- Yesu ntiyagira icyo amusubiza (umurongo 23)
- Yesu ntiyamwitaho (umurongo 24)
- Yesu aramushotora ( umurongo26)

**IMPUGUKIRWA:** Uwo mugore w'umunyakananikazi ntiyizeraga Yesu nta n'ubwo yagendeye mu byo yamubwiye nabyo , ahubwo yari afite kwiringira muri Yesu.

**KUGIRA KWIZERA NYAKURI NI UKUGIRA KWIRINGIRA, NI UKWISHINGIKIRIZA KU WUNDI MUNTU.**

**IMPUGUKIRWA:** Ayo magambo ntavuga kwizera ibyizerwa, ndetse n'icyizere. Abadayimoni baremera ariko ntibiringira. Yakobo2:19 Mu isezerano rishya , igicumbi cy'ijambo rimwe ry'ikigiriki risobanura kwizera, kwemera cyangwa se kwiringira.

4. <u>Ese biradukwiriye kwiringira umuntu, ubutunzi, kwiyiringira ubwacu cyangwa ahubwo dukwiriye kwiringira Imana?</u>
- «Guhungira ku Witeka bigira umumaro kuruta kwiringira umuntu» 1Korinto2:5;Zaburi 118:8,9; Yeremiya 17:5
- Yesu arababwira ati:«bana banjye ni ukuri biraruhije ko abiringiye ubutunzi binjira mu bwami bwo mu ijuru» Mariko 10 :24 (mu butunzi kandi habaririrwamo n'ibyo mufite byose n'imisago yabyo)
- « Ntitukiyiringire ubwacu, ahubwo twiringire Imana » 2Korinto1:9; Luka18:9-13; Ezekiyeli33:13 n'Abafilipi3:4-6

5. <u>Twiga dute kwiringira umuntu?</u>
- «Nzi uwo nizeye uwo ari we » 2 Timoteyo 1:12

**IMPUGUKIRWA**: Mbere yo kugira uwo tugirira icyizere tubanza kumenyana na we.

6. <u>Ese ibyo byaba bivuze ko kumenya Yesu ari ubugingo buhoraho?</u>
- Ubu no bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo»Yohana17:3 no Yohana3:16.

**KUMENYA IMANA NI UKUYIRINGIRA. NIBA MUTAYIZI NTIMUSHOBORA KUYIRINGIRA KANDI NIBA MUTAYIRINGIRA NI UKO MUTAYIZI.**

7.<u>None ni gute twamenya IMANA</u>?
Tumenya IMANA mu gihe:
A.<u>Tuyitegera amatwi.</u>

- «Dore kwizera guheshwa no kumva, kandi no kumva kuzanwa n'ijambo rya Kristo» Roma10: 17
- «Ariko ibi byandikiwe kugirango mwizere ko Yesu ari Kristo umwana w'IMANA kandi ngo nimwizera muherwe ubugingo muri iryo zina» Yohana20:31

B.Tuyibwira.

- « Yesu abacira umugani kugirango abereke ko bakwiriye gusenga ubudasiba» Luka18:1.

C. Dukorana na yo.

- «Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima … kuko kunkorera kutaruhije n'umutwaro wanjye utaremereye» Matayo 11:29-30

**UKO TURUSHAHO KWIGA BIBILIYA, GUSENGA NO GUKORA UMURIMO W'IMANA NI NAKO DUKUZA KWIZERA KWACU.**

8.Ese imirimo ni yo iduhesha kwizera?

- ❖ «Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera; ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana; ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu númwe wirarira».Abefeso 2:8,9 reba na none, Abaheburayo 12:2 na Roma 12:13.
- ❖ «Ariko rero imbuto z'umwuka ziragaragaga; ni urukundo, ibyiringiro, amahoro, kwihangana, kugira neza, gukiranuka, ingeso nziza no kwirinda» Abagalatiya 5:22

**KWIZERA NI IMBUTO Y'UMWUKA WERA. NTABWO IKOMOKA KU MUNTU UBWE; NI NAYO MPAMVU TUTAGUHABWA KUBW'UMUHATI WACU.**

9. Mbese kwakira impano yo kwizera bisaba umwete?

- ❖ «Ujye urwana intambara nziza yo kwizera usingire ubugingo» 1 Timoteyo 6:12

**IMPUGUKIRWA**: Niba kwizera ari ingaruka yo kumenya Imana twerekeze umuhati wacu ku gushaka kumenya Imana.

**KWIYUMVISHA KO IBINTU BIZABA BYIZA NTIBITANGA KWIZERA NYAKURI; AHUBWO KWIZERA GUTANGA IBITEKEREZO BIZIMA.**

10. Ni irihe sezerano ritangaje Yesu yadusezeranije?

- ❖ «Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere ko mubihawe kandi muzabibona» Mariko 11 : 24 ; Matayo 21 :22

11. Iryo sezerano ribumbatiye iki ?

- ➢ «mwaba mufite kwizera kungana n'akabuto ka sinapi, mwabwira uyu musozi muti Va hano ujye hirya wahava kandi nta kizabananira». Matayo 17;20
  „Usaba asabe yizeye ari ntacyo ashidikanya".Yakobo 1:6

12. Ni ibihe byangombwa bisabwa ngo ayo masezerano asohozwe?

- ❖ «Mwagira kwizera mudashidikanya, ntimwakora iby'umutini gusa ahubwo mwabwira núyu musozi muti « shinguka utabwe mu nyanja, byabaho» Matayo 21:21

13. Ni gute twareka gushidikanya?

- ❖ « Uko niko umwuka adufasha mu ntege nke zacu, kuko tutazi uko dukwiriye gusenga» Roma 8:26
- ❖

**IMPUGUKIRWA**: Kumenya Imana no kumenya ubushake bwayo na byo bitubashisha kudashidikanya.

14. Ni buryo ki Imana iduha kudashidikanya ubushake bwayo?
    - «Kandi nimujya kunyura iburyo cyangwa ibumoso, amatwi yanyu azajya yumva ijwi ribaturutse inyuma rivuga riti iyi niyo nzira, mube ari yo munyura» Yesaya30:21

**IMPUGUKIRWA**: Mu kutumenyesha ubushake bwayo ku kintu iki n'iki kihariye, Imana inatumenyesha ubushake bwayo mu gihe tugezemo no mu byo tuba tugezemo byose.

15.Dukurikije Bibiliya kwizera gufite icyo guhuriyeho no gukira indwara?
- Umugore wari urwaye( Matayo 9:22)
- Abagabo babiri b'impumyi bakizwa (Matayo 9:22)
- Impumyi yitwaga Barutoromayo(Mariko 10:52)
- Umubembe akizwa( Luka 17:19)
- Umugabo w'ikirema akizwa( Ibyakozwe n'intumwa3:1-9)
- Ikirema cy'i Lusitira gikizwa( Ibyakozwe n'intumwa 14:9)

16. Mbese abigishwa ba Yesu bakwiriye gukurikiza urugero rwe?
    - «Ndababwira ukuri yuko unyizera imirimo nkora nawe azayikora, ndetse azakora n'iyiruta» Yohana 14:12

17. No gusengera abarwayi biri mu byo bakwiriye gukora?
    - «Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi; umwami amuhagurutse» Yakobo5:15

18. Amasengesho y'abakiranutsi asubizwa igihe cyose?
    - Yohana umubatiza yaciwe umutwe(Matayo 14)
    - Abigishwa ba Yesu barishwe bose keretse umwe
    - Elisa yishwe n'uburwayi yari amaranye igihe (2 Abami 13)
    - Gusenga kwa Pawulo ntikwasubijwe inshuro eshatu zose(2 korinto12:7-10)

19. Nonese hakizwaga abarwayi badafite umugayo bonyine?
    - Icyenda mu babembe bakijijwe ntibagarutse gushima (Luka 17:17,18)
    - Umugabo wo ku kidendezi cy'I Betesida yabanje gukizwa nyuma Yesu amugira inama yo kudacumura ukundi( Yohana 5:5-15)
    - Simoni yakijijwe ibibembe mbere y'uko ababarirwa ibyaha(Luka 7:39-48)

20. Nyuma y'ibyo se , kwizera ni iki?
    - «Kwizera ni ukumenya ibyiringirwa udashidikanya ko bizaba, kandi niko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri.» Heburayo11 :1

21. Mbese haba hari umugisha wateganirijwe abizera batabonye?
    - Yesu aramusubiza ati «Wijejwe n'uko umbonye, hahirwa abizera batabonye » Yohana 20:29

22.Mbese haba hari ikintu kiruta kwizera?
- Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika ariko singire <u>urukundo</u> mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi n'ubwo nagira impano yo guhishura ibihishwe byose n'ubwenge bwose kandi n'ubwo nagira <u>kwizera</u> kose nkabasha no gukuraho imisozi ariko singire urukundo ntacyo mba ndi cyo. 1Abakorinto 13:1-2.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBAGA GUKOSORA.**

- Kwibwira ko kwizera ari ukwemera gusa.
- Kwibwira ko kwizera kwabaho ntikubyare imirimo.
- Kwibwira ko kwizera guturuka mu mirimo y'umuhati wacu.
- Kwibwira ko niwiyumvisha ko ibintu bizagenda neza uzaba ufite kwizera.
- Kwibwira ko iyo isengesho ridasubijwe nta kwizera kuba guhari.
- Kwibwira ko amasezerano yanditswe muri Bibiliya ari ayacu ubu no mu bihe bizaza ibyo aribyo byose tugezemo.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA.**

- Igisobanuro cyiza cyo «Kwizera» ni «Ukwiringira» kandi kwiringira ni ukwishingikiriza ku wundi muntu.
- Kumenya Imana ni ukuyiringira. Niba mutayizi ntimubasha kuyiringira; kandi niba mutayiringira ni uko mutayizi.
- Kwizera ni imbuto y'Umwuka Wera, ntabwo gukomoka ku muntu ubwe, niyo mpamvu tutaguhabwa ku bw'umuhati wacu.
- Kwiyumvisha ko ibintu bizaba byiza, ntibibyara kwizera nyakuri, ahubwo ni ko gutanga ibitekerezo bizima.

## KWITANGA

### IHAME RYA 17 :KWITANGA NTIBIVUGA KUZINUKWA IBYAHA BYACU AHUBWO NI UKWIZINUKWA. KUZINUKWA IBYAHA BYACU NI INGARUKA YO KWIZINUKWA UBWACU NO GUSHAKA IMANA

Byari byakubaho gufata ibyemezo nko mu itangira ry'umwaka ? Bamwe muri twe bagiye bafata ibyemezo bishya kenshi, atari igihe umwaka utangiye gusa, ahubwo ukwezi gutangiye,mu itangira ry'icyumweru igihe bijihije amasabukuru, mu itangira ry'umwaka w'amashuri yemwe n'igihe bimutse bakajya gutura ahandi.

Ibyo nibyo twakwita «Gutsindishirizwa kubw'ibyemezo». Ubwo nibwo tuvuga tuti «uhereye none nza...» cyangwa se « uhereye none sinza ...» Ibyo ari byo byose hari ubwo wavuze amagambo asa n'aya. Ese ntiwatangajwe nuko ibyo ntacyo byakugejejeho?

Icyigwa cyo mu mahame akurikiyeho ni «Ukwitanga». Rimwe mu mahame shingiro yo kwitanga ni uko iyo kutuzuye kuba kutari ukwitanga. Birenze cyane kuzinukwa icyo wagize akamenyero. Kuvuga ko dukwiriye kureka byose bishobora guteza urujijo. Kuko kwitanga bitarebana gusa n'ibintu. Uburyo rukumbi bwo kuzinukwa byose ni ukwizinukwa ubwawe. Kwizinukwa, twakwita mu mvugo yahuranije "kwivanaho amaboko", biza kumwanya wa mbere.

Mu irangira ry'intambara ya kabiri y'isi yose Abadage n'Abataliyani baratsinzwe bamanika amaboko. Ibyo baretse ni ibiki? Batanze imbunda zabo, amabombe, ibisasu bya rutura, amaburende (ibifaru), amagerenade,imyenda ya gisilikare n'ibyabatungaga ku rugamba byonyine? Cyangwa byabaye ngombwa ko bitanga ubwabo? Ubwo bitangaga bahise batanga ibibunda byose bya rutura, amabombe, amaburende n'ibindi byose.

Ntabwo umuntu agenda yizinukwa buhoro buhoro. Umusilikare watsinzwe ntiyitanga igice. Kandi nk'uko umubyeyi adashobora gutwita igice, niko no kwitanga igice bidashoboka. Yaba atwite cyangwa adatwite, nta ruhande rwo hagati rubaho.

Niwiga inyandiko zahumetswe , uzasanga ko kwiyegurira Imana bikwiye kuba igikorwa cyuzuye. Rimwe kuruzuye cyangwa se ntako. Ubutumwa bwatoranijwe (*Messages choisis* vol.1, p.129). « Ni

ukwizinukwa nta kigombero .Igitabo cy'ibihamya (*Testimonies* vol.4,p.120) haravuga ngo «bakwiriye kureka inarijye burundu». Mu bihamya by'itorero ( *Témoignage pour l'Eglise* vol.3,p.434.) . «Yesu ni impano ku bamwiyeguriye batizigamye n'umutima wose, ubugingo n'umwuka». Imigani ya Kristo (*Parabole de Jésus* P.54) Urutonde rwabyo rwaba rurerure.

Nubwo igitekerezo cy'ijambo «kwizinukwa» kiri muri Bibiliya, ntabwo iryo jambo ubwaryo turisangamo. Hakunze gukoreshwa ijambo «kuganduka». «Nuko rero mugandukire Imana mwange Satani nawe azabahunga» Yakobo 4:7.

Uyu murongo ugaragaza neza kwitanga gushyitse ,kuzuye kutizigama kutagira ikigombero. Nk'uko twabibonye haruguru, ntabwo tugira ibyo dutanga gusa, ahubwo turitanga ubwacu. Nitureka inarijye, ibibazo byose bizanwa nayo bizakemuka hamwe n'ibisigaye byose. Ibihamya by'itorero (*Témoignage pour l'Eglise* Vol 3 p.453) byo bivuga ngo « Buri wese azarwana intambara ikomeye kugira ngo atsinde icyaha cyo mu mutima we» akenshi bica intege guhanga amaso amakosa yo mu mico yacu. Turahagarara tukayahanga amaso kandi twagombye kureba kuri Yesu maze tukambara ikanzu ye yo gukiranuka.

Abazinjira mu murwa w'Imana bazanyura mu marembo y'imaragarita nziza, bazinjira ari abaneshi kandi kunesha kwabo n'uko bazaba barinesheje ubwabo. Kwitanga no kwizera ntibibasha gutandukanwa. Iyo twiringiye Imana ubwo nibwo tubasha kuyiyegurira gusa, tukishingikiriza kuri yo aho kwishingikiriza kuri twe ubwacu. Mu kuyiyegurira, turareka ikayobora imibereho yacu. Ubwo rero ibasha kudutera gukunda no gukora nk'uko ibyo yishimira. Abafilipi 2:13.

## *IHAME RYA 18 : MU KWIHATIRA KUZINUKWA IBYAHA BYACU BISHOBORA KUTUBUZA KWIZINUKWA UBWACU.*

Tuvuge ko wiyemeje gutanga ibyigisho bya Bibiliya maze ukajya kwa pasitoro ukamusaba ko akurangira abantu bashobora kuba abizera bo mu itorero. Akagusubiza ati « Yego mu by'ukuri mfite imiryango ibiri yasabye kwiga Bibiliya. Hitamo uwo wifuza. » Noneho akamubwira ibyerekeye iyo miryango yombi, umwe ugizwe n'umugabo uzobereye wo mu mujyi uzobereye iby'ubucuruzi. We n'umugore we bashimwa n'abaturanyi. Umugorewe yagiye mu bya politike kandi akora n'imirimo y'ubugiraneza ku bitaro. Abana babo bafite uburere bwiza. Inzu yabo ni nziza cyane. Bose nta musinzi cyangwa umunywi w'itabi ubarimo. Ndetse bamaze imyaka mike batangiye kwiga kwitungira amagara mazima, none ubu usibye kuba bakora urugendo rw'ibirometero 7 buri munsi biruka, basigaye birira imboga n'imbuto . Muby'ukuri kubwo gushaka kwitungira amagara mazima byabateye gushaka kumenya iby' Itorero ry'Abadivantisiti.

Undi muryango wo utuye mu kazu gato mu mujyi rwagati, haruguru y'akabari. Abo bashakanye sinzi niba nabita umugabo n'umugore kuko babana mu buryo bwo gushoreka. Nta kazi bagira ; batungwa n'imfashanyo z'abagiraneza. Umugabo ahora mu buroko kubw'amakosa agira nko kwiba, gucuruza ibiyobyabwenge n'ibindi bisa bityo. Umugore yamugajwe n'inzoga « umubyibuho » (obèse). Afite abana batatu badahuje ba se kandi nta n'umwe wabyawe n'uwo mugabo babana.

Ariko mu gihe gishize umushinga ushinzwe kurengera abana watwaye abo bana wanga ko bapfa kubw'uburangare bw'ababyeyi. Ibyo byamubayeho rero ni byo byatumye amenyana ku nshuro ya mbere n'itorero ry'Abadivantisiti kuko we yifuzaga ko bamuha abana be akabirerera, ndetse avuga ko ubu amaze gusobanukirwa ko bose bakeneye Imana ngo bave muri ibyo bibazo. Urumva wajya mu wuhe muryango ? Guhitamo ni ukwawe. Urumva umuryango ushobora kuvamo abakirisito bazima, Abadivantisiti nyabo muri iyo miryango yombi ari uwuhe ?

Ndibuka rimwe ubwo najyaga gusura umugabo w'umusinzi ufite umugore w'umwizera wacu, ubwo twaganiraga, uwo mugabo yarantumbiriye cyane maze arambwira ati « nikundira abadivantisiti,

ariko rero bigusaba kuba umuntu wihambira ngo ube umudivantisiti. » Namwe se ni ko mubyumva? Cyangwa se mwumva ko umunyantege nke yavamo umudivantisiti mwiza ? None se ku rundi ruhande twakuzuza mu itorero abagabo n'abagore b'abanyambaraga badashobora gutekereza gukora ikibi namba, ariko batazigera bumva ko bakeneye Kristo ?

Kuri Satani we, kuba umuntu yayoba ari mu itorero cyangwa hanze yaryo ntacyo bimubwiye. Mu buriganya bwe ngo atubuze kwitanga nyakuri, ni ugutuma dukoresha umuhati wacu ngo tuneshe ibyaha byacu, ngo dukoreshe amaguru n'amaboko ngo tugire imibereho itunganye.

Waba umunyambaraga cyangwa umunyantege nke ; gukora uko ushoboye ngo ucike ku byaha nta cyo bizakugezaho. Niba uri umunyambaraga, ufite imico izira amakemwa bishobora kuba inzitizi hagati yawe n'umukiza. Noneho kandi niba uri umunyantegenke ibyo na byo bishobora kuguca intege, ukababazwa n'uburyo ugwaguza maze amaherezo ukava mu birindiro. « Ntabwo dukwiriye kwirebaho. Uko turushaho kwihebeshwa n'ibyacu bidatunganye ; niko imbaraga zo kubigira byiza zibura. » (E. White, Urwibutso n'integuza, *Revue and Herald,* 4 Mutarama 1890).
Mu gihe cya Kristo, ubwoko bw'abayuda ni ko bwari bumeze. Itorero ry'abayuda ryari ryuzuyemo ba ntamakemwa. Kugira ngo uhinduke umufarisayo nyawe, byagusabaga imbaraga nyinshi z'imico. Nyamara abanyambaraga ni bo banze Yesu baramubamba.

Mu ishyanga ry'abayuda, abanyantege nke bashyirwaga ku ruhande, bagafatwa nk'abanyabyaha ruharwa. Abakuru b'idini bari barabaciye mu masinagogi kubwo kugwaguza n'ibyaha byabo. Abo banyantege nke bari barihebye nta byiringiro basigaranye, bumvaga nta buryo bwo kuba babasha kwinjira mu bwami bw'ijuru ; ariko nyamara nibo bahoraga inyuma ya Yesu, ni bo bakiriye irarika rye, abararikira kwakira ubutumwa bwe kandi ni bo bahindutse abigishwa beza ba Yesu.

Muri ubwo buryo rero twavuga ko ba ntamakemwa bafite amahirwe make. None se ibyo bivuze ko dukwiye kwifatira agatama, tukisindira kugira ngo twumve ko hari icyo dukennye ? Twaba abanyambaraga cyangwa abanyantege nke ntitwari dukwiye kwibuka ko imyifatire yacu atari yo ituma turimbuka nk'uko atari yo idukiza ? Bose bakwiye kwakira Yesu ngo babone agakiza ke. None se waba uri umunyambaraga (*) ? Na Pawulo ni ko yari ndetse na Nikodemu. Waba se uri umunyantege nke ? Mariya, Petero na Matayo, bose ni ko bari. Wa muntu wari wuzuwemo na Dayimoni na we yari umunyantege nke. Nyamara bose icyo bari bakeneye cyari kimwe, icyo ni iki : kureka kwishingikiriza kuri bo ubwabo bagasanga Yesu. Bose babonye ko Yesu yabakiriye igihe bemeraga kumusanga. Nawe uyu arakwakira kuko agutegeye ibiganza.

## *IHAME RYA 19:NTA WABASHA KWIBAMBA CYANGWA KWITANGA UBWE , HAGOMBA UNDI MUNTU WO KUBIDUKORERA.*

Ahari ukuri kujya kugora kwemera mu byerekeye kwitanga, ni uko twe tudashobora kubyigezaho. Iyaba twashoboraga gukoresha umwete kugira ngo twitange ; ntibyakabaye ngombwa ko twitanga. Iyaba hari icyo twashoraga gukora ; ntitwakagombye kwitanga. Kuko kwitanga,kumanika amaboko ni ukwemera ko nta cyo dushoboye. Byanze bikunze Imana ni yo ifite kugira icyo idukorera ngo twitange. Twe ubwacu ntitwabigeraho.

Nk'uko twabivuze mbere, Satani yazanye ubuyobe bwinshi mu mibereho y'umuntu uvumbuye uburyo akeneye Kristo,agafata icyemezo cyo kumusanga. Satani akamwongorera ati « Dore uri umunyabyaha. Nta gukiranuka kukurangwaho. Ngaho rero kora cyane ushakishe gukiranuka. » Kubw'ibyo tukaba twamara imyaka n'imyaka turushwa n'ubusa dukora iyo bwabaga ngo « twiremera » ukwacu gukiranuka dukoresheje imbaraga z'ubushake.

Hanyuma iyo tumenye ko gukiranuka kuboneshwa kwizera gusa, Satani ahita atubwira ati « ni koko , ukeneye kwizera, ngaho kora , wihatire kubona kwizera. »
Ubwo nabwo nyuma tuza kumenya ko kwizera ari impano y'Imana atari imirimo yacu bwite. Satani akongera akigaragaza bwa nyuma mu rugendo rwacu: akagira ati « komereza aho,ubu ukwiye gukusanya imbaraga zawe zose kugira ngo wizinukwe ubwawe ».

Bijya bibaho ko ababyeyi, abarimu, abapasitoro n'abandi bayobozi b'itorero bamamaza Satani batabizi ! Ntimurajya mu nama cyangwa mu iteraniro maze ngo mwumve umupasitoro cyangwa undi mwigisha abahamagarira gukora uko mushoboye ngo mwizinukwe ?
Wigeze ubona igicaniro gito hafi y'uruhimbi hatwikirwaga udupapuro tuvuye mu iteraniro ? Hari ubwo wigeze kwandika ibyaha ushaka gucikaho ku rupapuro maze ukarushyira ku gicaniro rugashya ? Ariko se koko uko ni ko kwiyegurira Imana !

Wigeze wibaza uko wacika ku cyaha umuntu akakubwira ko bihagije kukizinukwa : warabigerageje uvuga amagambo wumvaga akwiriye. Uravuga uti « nshitse ku buhemu bwanjye. » Cyangwa uti « ku bitekerezo byanjye bibi. » Ayo magambo wayavuze usenga nyamara wabonye ko utacitse ku buhemu bwawe cyangwa ku bitekerezo byawe bibi.

Bibiliya yakoresheje ijambo kubambwa mu kwerekana icyo kwitanga nyakuri ari cyo. « Nabambanwe na Kristo », ni ko Pawulo avuga Abagalatiya 2: 20. Ibihe byinshi Yesu na we yagiye akoresha icyo cyitegererezo ahamagarira abigishwa kwikorera umusaraba bakamukurikira. Soma muri Matayo 10 : 38, Luka 14 : 27, Mariko 8 : 34. Aha hose igihe Yesu yakoreshaga ijambo umusaraba yawuvugaga nk'uwacu ntabwo avuga uwe.

Mufate igihe mwibaze ku gikorwa cyo kubambwa, bigenda bite ? Biroroshye kubyiyumvisha kubera ko twabonye amashusho menshi yabyo, twumva bavuga iby'imisumari n'igiti cy'umusaraba ! Ariko hari ikintu cyihariye : ntubasha kwibamba ubwawe ; hagomba undi muntu wo kubigukorera.

Uramutse ushatse kwiyahura, hari uburyo bwinshi wakoresha : ushobora kwirasa mu mutwe cyangwa ukurira umunara muremure wa Eifffel(mu Bufaransa) cyangwa ikiraro cya Golden gate(muri Amerika) ukijugunya hasi, ushobora kurenza urugero rw'imiti isinziriza, ndetse ushobora no kwifungira mu modoka, ugafunga n'igarage ubundi ukareka moteri ikikaraga. Uburyo bwinshi bwarageragejwe mu kwiyahura ndetse ababukoresheje bagiye bagera ku ntego bashakaga kugeraho. Nyamara mu buryo bwageragejwe bwose nta n'umwe wigeze yiyahuza kwibamba. Mu gitabo cy'Imigani ya Kristo *( Les paraboles de Jésus P. 132)* havuga iby'ibyo. « Ntawakwiyambura inarijye, keretse Kristo abimukoreye. »

Nigute twakwemerera Kristo agakorera uwo murimo muri twe ? Bisaba ibirenze kuvuga amagambo cyangwa isengesho. « iminwa ishora kuvuga ubukene bw'iby'umwuka nyamara umutima utiteguye kwemera ubwo bukene. Ni nk'uko dushobora kubwira Imana ko turi abatindi babanyabyaha nyamara turi kwirata kwicisha bugufi kwacu no kogeza gukiranuka kwacu. Kwitegereza Yesu gusa, ni byo bizatuma twibona uko turi. »

Igihe tuziyemeza gufata igihe buri munsi ngo twitegereze Yesu, igihe tuzamurarikira gukora umurimo muri twe, mu bugingo bwacu, azatuyobora intambwe ku yindi kugeza ubwo tuziyegurira Imana. Kwitanga kwacu kuzashoboka gusa igihe tuzaba tugeze kuri urwo rugero.

### *IHAME RYA 20 :DUTWARWA N'IMANA CYANGWA SE SATANI : UBUBASHA BWONYINE DUFITE NI UBWO GUHITAMO UTUYOBORA.*

Mbese ushaka kugira umwitozo muto ukora ? Shyira igisubizo kimwe inyuma ya buri kibazo.

1. Uri a) Umudemokarate ?
   b) Umurepubulika ?
   c) Nta na kimwe muri ibyo byombi ?
2. Uri a) Umuherwe?
   b) Umukene ?
   c) Nta na kimwe muri ibyo byombi ?
3. Uri a) Umuhanga cyane ?
   b) Umuswa ?
   c) Nta na kimwe muri ibyo byombi ?
4. Uri a) Umunyaburanga ?
   b) Nta buranga ufite ?
   c) Nta na kimwe muri ibyo byombi ?
5. Ugenga imibereho yawe ni : a) Imana ?
   b) Satani ?

Umwitozo wacu uhagarariye aha, murakoze.

Muri iyi si hari umuntu ushobora kutagira uruhande abogamiramo mu bintu byinshi. Umuntu ashobora kuba atitaye ku bya Politiki, akaba atari umunyacyubahiro, ntabe n'umwe muri rubanda rwa giseseka, akaba afite ubumenyi bugererenyije, ntabe ari mubi cyangwa mwiza kuby'uburanga. Ariko ku kibazo cyerekeye ugenga imibereho yacu, nta kwifata kubamo. Iyo atari Imana aba ari Satani. « Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo ? Imbata z'ibyaha bizana urupfu cyangwa izo kumvira kuzana gukiranuka ? » Abaroma 6 : 16. Amahitamo ashoboka ni abiri gusa : Guhitamo icyaha kizana urupfu, cyangwa se kumvira Imana kuzana ubugingo (Gukiranuka). Nta yandi mahitamo ahari. Yesu na we yabivuzeho. « Uwo tutabana ni umwanzi wanjye » Luka 11 : 23.

Igitabo *Uwifuzwa Ibihe Byose (Jésus Christ)* gifite amasubi ane mu gusobanura uko kuri. Aho ni ku mapaji akurikira : 108, 242-243, 314 na 462. Ibyababera byiza ni uko bibashobokeye mwahasoma.

Dore bimwe mu bihavugwa :

« Nitutishyira mu bubasha bwa Kristo, umwanzi ntazabura kutwigarurira. Uko byagenda kose dukwiriye kugengwa n'imwe muri izo mbaraga ebyiri zihatanira kuyobora isi. Kugira ngo umuntu atwarwe n'ubutware bw'umwijima, si ngombwa kubihitamo. Birahagije kwirengagiza gufatanya n'ubutware bw'umucyo. » *Uwifuzwa Ibihe Byose ( Jésus Christ p.314 ).*

« Umutima wose wanze kwiyegurira Imana, uba wishyize mu butware bw'indi mbaraga. Ntabwo uba ukiri uwa nyirawo. Nubwo yakwibwira ko we yigenga, mu kuri aba yibeshya kuko aba ahindutse imbata mu buryo burushijeho kuba bubi. » *Paji 462*. Hari abumva ibyo bikababababaza, bakibaza bati « None se umudendezo wacu ni uwuhe ? « Niba turetse ngo tugengwe n'Imana mu buryo bwuzuye, ntituzaba tuvukijwe umudendezo wacu ? Niba bimeze bityo se, ntituzaba nk'imashini ?

Mu by'ukuri, kwanga kuyoborwa n'Imana kwacu, ni byo biduhindura nk'imashini, bigakuraho umudendezo wacu, kuko ubutware bw'Imana bugaragaza umudendezo wo kubuvamo igihe icyo ari cyo cyose .Umwanzi ni we ugundirira mu nzara ze abari mu butware bwe akanga kubarekura.

Nk'abantu turi ibikoresho. Dukurikije ibivugwa mu Baroma 6 :13, dushobora kubera Imana ibikoresho byo gukiranuka cyangwa kubera icyaha ibikoresho byo gukiranirwa. Dushobora kutiha Imana n'ubwo tujya turirimba ngo : « Mana ndakwihaye, ungenze uko ushaka.» Ese uri igikoresho ? Igikoresho gikoreshwa n'umuntu. Ishoka si mbi cyangwa ngo ibe nziza ubwayo, Mu gihe cy'itumba ishobora kwasa inkwi zo gushyushya mu nzu. Nyamara ishobora no kwica umuntu. Ukoresha igikoresho ni we ukigenga. Inanga icurangwa ishobora gutanga amajwi meza aryoheye amatwi cyangwa se igatanga amajwi atera abantu kutamererwa neza biturutse ku uyikoresha.Natwe turi ibikoresho. Icyo dukwiye kumenya ni iki : **twe turi mu biganza byande ?**

## **IHAME RYA 21: GUTANGA UBUSHAKE BWACU NI UKUZINUKWA UBUSHOBOZI BWACU BWO GUHITAMO ; NYAMARA TUGOMBA GUKORESHA UBWO BUSHOBOZI NGO TUZINUKWE UBWO BUSHOBOZI BWACU BWO GUHITAMO.TUGOMBA KUZINUKWA UBUSHOBOZI BWACU BWO GUHITAMO KU BYEREKEYE IMYIFATIRE;NYAMARA NIBWO DUKORESHA TUNOZA UMUBANO WACU N'IMANA.**

Reka turebere hamwe mu bushishozi bwinshi amagambo aboneka mu gitabo cyo *Kugana Yesu p.37,38* .« Benshi baribaza bati: 'Nabasha kwiyegurira Imana nte?' » Mwifuza kuyiyegurira nyamara mukaba abanyantege nke, muri imbata zo gushidikanya ndetse mugengwa na kamere y'ibyaha mwamenyereye. Amasezerano n'ingamba mufata ni nk'inzu z'ibitagangurirwa. Ntimushobora gutegeka intekerezo zanyu, guhubuka mugira ndetse ntimwakwibuza ibyo mukunda. Kwibuka amasezerano mutakomeje n'ibyo mwagombaga gukora mutashohoje, bituma namwe rwose mwishinja ko mutari abanyakuri maze mugatekereza ko n'Imana idashobora kubemera.

Nsoma ayo magambo bwa mbere naribwiye nti « ni gute umwanditsi w'iki gitabo yamenye ibyanjye byose ? » Ariko iyo nyandiko yatangaga ihumure " nta mpamvu yo kwiheba." Icyo mukeneye gusa ni ukumenya imbaraga nyakuri y'ubushake. *Kugana Yesu p.38.*

Naribwiye nti « nibyo, ubushake bwanjye nta mbaraga bufite. Sinakwibuza gukora mu gapaki k'ibisuguti. Sinakwihanganira kudafatanya n'abandi mu rwenya. Sinshobora gutuza. Nkeneye imbaraga y'ubushake biruseho. » Nongeye gutanga andi masezereno mfata n'izindi ngamba nshya ariko byose nsanga byoroshye nk'inzu y'ibitagangurirwa, nkabona naragarutse aho nari natangiriye. Byanshaga intege cyane kurushya mbere, buri gihe uko nsomye iyo nyandiko yo mu *Kugana Yesu P.37-38* naravugaga nti « dore kandi ! » maze nkihutira gusoma ku rupapuro rwa 38.Nyamara ni mutanga akanya muzabona igisubizo muri izo nyandiko.

Icyo nkeneye mu by'ukuri ni ukumenya imbaraga nyakuri z'ubushake. « Ikiri ku isonga ry'imiterere y'umuntu ni ubushobozi bwo gufata umwanzuro no guhitamo. »

None se ubushake ni iki ? Ni ubushobozi bwo guhitamo. Hari itandukaniro riri hagati y'ubushake, ububasha bwo guhitamo n'imbaraga z'ubushake, kwitegeka cyangwa kwihagararaho. Reka dukomeze gusoma maze ijambo « ubushake » turisimbuze « ububasha bwo guhitamo » kuko byenda kuvuga kimwe muri iyi nyandiko.

« Byose biterwa n'ubushake. [ Dushobora kuvuga ngo : byose biterwa n'ubushobozi bwo guhitamo.] Imana yaduhaye ubushobozi bwo guhitamo : ni ahacu ho kubukoresha.

Ntimushobora guhindura umutima wawe ubwawe, ntushobora kwegurira Imana ibyo ukunda, ariko ushobora gufata icyemezo cyo kuyikorera. Ushobora kuyiha ubushake bwanyu [ ubushobozi bwo guhitamo ] bityo izagutera gukunda no gukora ibyo y'ishimira. Bityo impagarike yawe yose izakoreshwa n'umwuka wa Kristo. Benshi bazarimbuka bacyizeye ko bahinduka abakristo ndetse bakifuza kuba bo. Abo ni ba bandi bateguriye Imana ubushake bwabo burundu. [ Ni ba bandi bateguriye Imana burundu ubushobozi bwabo bwo guhitamo] …

« Ukoresheje neza ubushake bwawe [ubushobozi bwo guhitamo ], guhinduka gukomeye kwagaragara mu mibereho yawe. Iyo wiyeguriye Yesu Kristo ubushake bwawe [ ubushobozi bwo guhitamo ] uba wifatanije n'imbaraga ikomeye cyane kuruta iz'abatware bose ndetse n'ububasha bwose. Imbaraga yo hejuru izakumanukira itume udahungabana ; muri ubu buryo ni ugumya kwishyira mu biganza by'Imana ibihe byose, uzabashishwa kubaho mu bugingo bushya, ari bwo bugingo bwo kwizera. » P. 38. Ariko ibyo bishatse kuvuga ko tugomba gukoresha ubushobozi bwacu bwo guhitamo kugira ngo tuzinukwe ubwo bushobozi bwacu bwo guhitamo ! Byongeye kandi ni itandukaniro rikomeye hagati y'imyifatire n'umubano. Tuzinukwa ubushake bwacu bwo guhitamo kubirebana n'imyifatire. Dukoresha ubwo bubasha bwacu bwo guhitamo ku birebana n'umubano. Kristo adutera gukunda no gukora ibyo yishimira mu gihe dukomeje guhitamo kugirana umubano na We buri munsi. Twe ubwacu ntidushobora kuzinukwa ubushake bwacu ari bwo kwitanga. Dushobora kwemera ko Kristo akorera muri twe atyo, twishyira mu biganza bye kandi dukomeza isano yihariye tugirana na We.

## <u>IHAME RYA 22 :AHANTU HONYINE UMUNTU AKORESHA IMBARAGA ABIGAMBIRIYE MU MIBEREHO YA GIKRISTO NI MU GUSHAKA IMANA. IBYO BIZATANGA IMBARAGA ITARI IGAMBIRIWE YO GUSHYIKIRA IZINDI NTEGO</u>

Tuvuge ko ku cyumweru mu gitondo wari ufite gahunda yo guhindura amapine y'imodoka yawe. Uyiteruje ijeke kandi ushoboye gukuramo amapine ane. Uwo mwanya umugore wawe araguhamagaye ngo usamure. Mbere y'uko urangiza gusamura, agakobwa kawe k'imyaka ine kagiye gukinira mu kibuga, umupira wako utembera munsi y'imidoka, maze kawukurikiyeyo ngo kawufate gakoma kuri ya jeke maze irakuka. Wumva ka gakobwa gataka maze urungurukiye mu idirishya ubona imodoka, maze uhite umenya ibyabaye ura…….

*Mbese wakora iki ? Ese wakomeza gukora umugambi wakuzanye ukabwira umugore wawe uti: « Wagira ngo imodoka yaguye kuri Mariya. Byari bikwiye ko njya kongera kuzamura ijeke; ariko banza unyongere undi mugati ! » Mbese aho ntiwahita wirukira hanze maze n'imbaraga z'indengakamere ukagererageza guterura imodoka kugira ngo urebe ko agakobwa kawe kavamo? Mbese icyaba cyoroshye gukorwa ni iki ? Itonde ntusubize uhubutse. Ni ikihe gikorwa wabanza gutekerezaho cyane ? Ese ni ukuguma ku meza maze ugakomeza kwirira ibyo bakongeye cyangwa guterura imodoka n'ubwo yaba ari iyo mu bwoko bw'imodoka zangushye?*

N'ubwo ari urugero rworoshye, mbese icyasaba imbaraga nyinshi ni ikihe ? Ni iki cyagusaba imbaraga nyinshi gusumbya ikindi ? Ni iki cyakubiza ibyuya gusumbya ikindi ?

Niba ukunda umwana wawe icyakugora cyane ni ikihe ? Icyo kibazo nticyari kinakwiye. N'ubwo bisaba imbaraga z'umusore wi'intarumikwa ngo uterure inyuma h'imodoka ngo ubashe gutabara umwana wawe, gukomeza kurya byagusaba imbaraga irenze iya kimuntu. Ni ingenzi kumenya itandukaniro hagati y'icyo imuntu akora kimusabye imbaraga zitekerejweho n'igikorwa cyizana kugira ngo tubashe kumva imbaraga dusabwa mu kubaho ubuzima bwa gikristo.

Bamwe bibwira ko iyo bavuga ko tutagomba kurwanya icyaha n'umubi n'imbaraga zacu, ko ari ukwigisha iyobokamana ridasaba imbaraga n'imwe. Abayoboke b'idini ridasanzwe ryabayeho mu kinyejana cya 19 bizeraga ko nta mbaraga na nke tugomba gukoresha.

Kuri bo byari bihagije kwiyicarira gusa ; bagaterera agati mu ryinyo. Mu by'ukuri birenze ibyo. Bavugaga ko tugomba kwiyicarira gusa. Bizeraga ko ikigomba gukorwa cyose Imana izakirangiza nta ruhare tukigizemo. Nyamara Imana ntiduha agakiza tutabigizemo uruhare. Urwo ruhare rwacu ni uruhe ? Icyo ni cyo kibazo duhura na cyo kenshi. Icyo kibazo cyabaye intandaro y'impaka zidashira mu by'iyobokamana. Nyamara cyanasubijwe muri aya masomo yombi yigisha bike ku gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera. Iyo mirongo yombi ifite ubusobanuro bwimbitse bwo kwizerwa buvuga iby'isano hagati y'imbaraga mvajuru ku ruhande rumwe, n'imbaraga ya kimuntu ku rundi ruhande. Iyo mirongo ni Yohana 15 : 5 n'Abafilipi 4 : 13. « Amagambo ya Yesu « ntacyo mubasha gukora mutamfite » n'amagambo ya Paulo aho agira ati « nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga .» Iyo mirongo yombi igomba kegeranywa; niba nta cyo dushobora gukora tutari kumwe na Yesu ariko tukaba dushora byose turi kumwe nawe. None se ikidusigariye gukora ni iki ? Ni ukumusanga kandi tukagumana na We.

« Icyo umuntu ashobora gukora ngo yibonere agakiza ni ukwitaba iri rarika. 'ushaka wese naze ajyane amazi y'ubugingo ku buntu.'» *Ubutumwa Bwatoranijwe ( Messages Choisis P. 403 )* Kandi twibuke ko ijambo agakiza ridasobanura gusa imbabazi z'ibyaha, ahumbwo risobanura na none imbaraga yo kubaha, ndetse n'ijuru – gutsindishirizwa, kwezwa no guhabwa ubwiza.
Dusanga Kristo dute ? Ni gute dufata amazi y'ubugingo ? Imana « ishaka kutwinjiza mu mushyikirano na yo ; kubw'uwo mushyikirano, tubashishwa gusenga no kwiga byimbitse ukuri ko mu ijambo ryayo ; na none umutima wacu uzagaburirwa kandi uhemburwe n'isoko y'ubugingo.» *Imibereho Ihebuje ( Une vie Meilleure P. 134)*. Umugabo cyangwa umugore ukora uko ashoboye kose ngo arere umwana we; azi uburyo uwo murimo ugoye. Ariko iyo ibyago bije, imbaraga akoresha ntazitekerezaho. Nta mubyeyi n'umwe w'umunyarukundo watakaza n'isogonda imwe atekereza iby'imbaraga ari butakaze ahubwo yakwihutira gutabara uwo mwana we uri mu ngorane.

Ni uko bimeze no ku mukristo. Imbaraga z'uburyo bwose zirakenewe mu buzima bwa gikristo. Ariko imbaraga iba yatekerejweho ni imwe gusa : ni iyo gushaka umushyikirano n'Imana. Bizabyara izindi mbaraga zizanye zizatuma tugera ku zindi ntego.

## *IHAME RYA 23:MU GUKURA KWABO MU BY'UMWUKA, ABAKRISTO BAJYA BIYEGURIRA IMANA.HABA UBWO BIYEGURIRA IMANA, BUNDI BAKIYIRINGIRA.*

Abigishwa bagendaga mu nzira y'i Kaperinawumu. Bagendaga biguruntege kugeza ubwo batari bakibona Yesu.Bagendaga bajya impaka zikomeye ku buryo batamenyaga igihe yagendeye.Rimwe na rimwe bamumamagaho akajisho ngo bamenye ko atarimo kubumva.
Ikiganiro cyabo cyari gishingiye ku ngingo bakundaga. Ni nde muri bo uzaba mukuru mu bwami ?
Bageze ubwo batinyuka kwinjiza Yesu muri izo mpaka bibwira ko ari bubahe igisubizo kibashimishije. Ariko abaha igisubizo mu mugani w'abana bato aho kugira ngo abwire buri wese inshingano ze zahazaza.
Ibyo ari byo byose ntibari kunezezwa n'uko Yesu amenya ko bakomeje kuvuga kuri icyo kibazo.

Nta nubwo bwari ubwa nyuma abo bigishwa bajya impaka kuri icyo kibazo nubwo Yesu yahoraga abacyaha. Uwo munsi iyo baba barumvise amagambo ye mu nzu y'I Kaperinawumu, baba baramenye ikosa bari barimo ryo kwishakira umwanya mwiza,ari nacyo cyaha cy'ibanze cya

Luciferi. Ariko ntibyatinze kuko Yakobo na Yohana nyuma babwiye nyina kujya kubasabira imyanya myiza, umwe iburyo, undi i bumoso bwa yesu; ibyo nabyo byongeye impaka z'abigishwa.

Nyuma y'igihe gito, ni bwo Petero, Yakobo na Yohana bajyanye na Yesu mu mpinga y'umusozi aho yahindukiye ishusho irabagirana, icyo gihe abandi icyenda bari basigaye baraye bajya impaka zo kumenya umukuru muri bo. Nubwo Mu gitondo cy'umunsi wari wabanjirije uwo, bari bananiwe kwirukana umudayimoni, ntabwo bigeze bakura icyigisho muri izo ntege nke zabo. Kuko igihe bari mu cyumba cyo hejuru buri bucye Yesu abambwa , bari bakiri babisi ku buryo nta n'umwe muri bo wari witeguye kureka kwishyira mu mwanya wa mbere ngo abe yaba nk'umugaragu w'abandi.

Abigishwa bakoraga icyaha nkana. Nyamara bakundaga kwivuruguta muri ayo makosa. Mbese abigishwa bari bantu ki? Ni abantu bagize amahirwe yo kubana na Yesu imyaka irenze itatu. Bagendanaga nawe umunsi ku wundi . Bari abantu bihannye kuko ubwo bari bavuye kubwiriza ubutumwa, banejejwe n'uko abadayimoni babumvira, Yesu yababwiye ko ahubwo bari bakwiriye kwishimira ko amazina yabo yanditswe mu gitabo cyo mu ijuru. Reba muri *Luka 10: 20*. Kandi amazina y'abatarihana ntashobora kuboneka mu gitabo cy'ubugingo. Reba *Yohana 3*.

Bamwe batangazwa cyane n'icyaha cy'abigishwa. Nyamara icyo gitekerezo kivuga ukuri nk'ibindi bitekerezo byose biboneka muri bibiliya.
Mu by'ukuri ubwo bubyutse ndetse no kugwabira ntibitangirira cyangwa ngo birangirire ku bigishwa. Aburahamu, Yakobo, Eliya, Dawidi, Mariya na Marita na Pawulo ubwe ndetse n'abandi nabo banyuze iyo nzira.Ntibyoroshye kubyiyumvisha, nyamara ni ukuri ibyanditswe bitubwira bidaciye ku ruhande.

Mu magambo abanza, twavuze ko kwitanga igice bidashoboka.
Uritanga cyangwa se ntiwitange, ariko birashoboka ko wahera mu rungabangabo mu kwitanga kwawe. Mu kuri , dukurikije ubuzima bw'abantu banditse muri bibiliya, washoboraga kugeza n'aho wavuga ko guhera mu rungabangabo mu byo kwitanga bitabaho.

Mbere y'uko umuntu yiyeguriye Imana, yiga kuguma mu buntu bwayo atagwaguza , akenshi byagiye bimutwara igihe ndetse akagira no kujijinganya kwinshi. Ihame rya 72 rizasuzuma mu buryo burambuye uko kugwaguza mu buzima bwa gikirisito.
Ubu ngubu,reka twite gusa kuri iki: Ishyire mu mwanya w'abigishwa, urasanga ko igihe kimwe uba wishingikirije ku Mana nuko ugatsinda- ariko umunota ukurikiyeho,utazi impamvu zabyo, ubona wongeye kwirebaho maze ukabona waguye mu mafuti, ugasanga watsinzwe ndetse wongeye gukora icyaha. Mbese ubigenza ute?

Dore amagambo yagukomeza mu gihe nk'icyo :"Niba umuntu ushyikirana n'Imana buri munsi ateshutse inzira, niba hari ubwo akuye amaso kuri Yesu, si uko yacumuye abishaka; kuko iyo amenye icyaha cye , akivamo, agahanga amaso kuri Yesu; kandi kuba yari yazimiye, ntibigabanya agaciro ke imbere y'Imana". Soma *Ellen G. White* mu *Urwibutso n'Integuza(Review and Herald, 12 mai 1896).*

***ICYIGISHO CYA KANE:***

# KWITANGA

Kwitanga bisobanura *''kwizinukwa''*. Iri jambo ubwaryo ntiriba muri Bibiliya, ariko igitekerezo ryerekeza ho kiboneka mo ku buryo bwumvikana.

1. Birashoboka kubona gukiranuka utagushakashatse?

"None tuvuge iki?Ko abanyamahanga, batakurikije ibyo gukiranuka bagushyikiriye-ari ko gukiranuka guheshwa no kwizera". *Roma 9:30.*

2. Mbese dushobora gushakashaka gukiranuma nyamara ntitukubone?

" Naho Abisirayeli bakurikije amategeko yo gukiranuka bakaba ari bo batayashohoje". *Roma 9:31*

3.Kuki Abisirayeli batageze ku gukiranuka?

" Ni kuki? Ni uko batashishikajwe no kwizera , ahubwo bashishikajwe n'imirimo, bagasitara kuri rya buye risitaza". *Roma 9:32.*

4.Ni iki cyagushije Abisirayeli ndetse bikabatera kujijwa?

" Dore ndashyira muri Siyoni ibuye risitaza, urutare rugusha; ariko , uwizera [Yesu] , nt'azakorwa n'isoni ". *Roma 9:33.*

Soma na *Matayo 21:42-44*

5. Mbese birashoboka ko ubwoko bw'Imana bwagira umuhati kandi buri mu mafuti?

"Ndahamya yuko bafite ishyaka ry'Imana , ariko ritava mu bwenge ". *Roma 10:2.*

6. Abashaka gukiranuka kuva ku mategeko bahura n'ikihe gisitaza?

"kuko ubwo batari bazi gukirauka kw'Imana uko ari ko , bagerageje kwihangira gukiranuka kwabo ubwabo, bituma basuzugura gukiranuka kw'Imana". *Roma 10 :3*

7. Ese gukiranuka kuva mu mategeko n'ukuva ku kwizera byabangikana?

" Kuko Kristo ari we amategeko asohoreraho, kandi niwe uhesha uwizera wese gukiranuka".Rom 10:4.

**IMPUGUKIRWA***:* Twiringira Kristo kugira ngo tubone gukiranuka, iyo tuzinutswe kwiyiringira ngo dutsindishirizwe.

Kwitanga ntibivuga kuzinukwa ibyaha byacu. Ahubwo ni ukwizinukwa twebwe ubwacu. Kuzinukwa ibyaha ni ingaruka yo kwizinukwa no gushaka Imana. Mu kwihatira kuzinukwa ibyaha byacu, bishobora kutubuza kwizinukwa ubwacu.

8.Mbese abantu bizinutswe Bibiliya ibita gute?

"Mbese twebwe *abapfuye* ku byaha , twakomeza kuramira muri byo gute '' ? *Roma 6:2*

9.Ese abapfuye baracumura?

« Kuko uwapfuye aba atsindishirijwe ibyaha ». *Roma 6:7.*

10.Ni ubuhe buryo umunyabyaha apfa kuri we ubwe?

« Kandi tuzi yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe nawe kugira ngo uyu mubiri w'ibyaha ukurwe ho, twe kuguma kuba imbata z'ibyaha". Roma 6:6.

11.Yesu yavuze iki ku byo kwizinukwa wowe ubwawe? « Maze Yesu abwira abigishwa be ati" umuntu nashaka kunkurikira *yiyange* (yizinukwe), yikorere *umusaraba we ankurikire*. Kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye azabubona. » *Matayo 16: 24;25* soma na *Mariko 8:34;35.*

12. Mbese umuntu yizinukwa rimwe bikaba birangiye?

" Umuntu nashaka kunkurikira, yikorere umusaraba we *iminsi yose* ankurikire". Luka 9: 23.

13. NI iki he kintu cyiza kiba ku muntu nyuma yuko apha kuri we ubwe? "Nuko rero kubw'umubatizo, twahambanywe nawe mu rupfu rwe kugira ngo nkuko kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese abe ari ko natwe tugendera mu bugingo bushya".Roma 6:4;5.

14. Ni inde ufite ububasha ku bugingo bushya?
« Mwihe Imana nk'abazuke, n'ingingo zanyu muzihe Imana nk'intwaro zo gukiranuka « *Roma 6:13.*

**IMPUGUKIRWA:** Ukoresha igikoresho cyangwa intwaro niwe umenya icyo zikwiriye gukora.

15.Ku byerekeranye n'umurongo w'ubuzima bwacu, ni irihe hitamo riri imbere yacu?
« Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo : imbata z'ibyaha bizana urupfu, cyangwa izo kumvira Imana bizana gukiranuka? »*Roma 6:16*

**DUTWARWA N'IMANA CYANGWA SE NA SATANI. UBUBASHA BWONYINE DUFITE NI UBWO GUHITAMO UTUYOBORA.**

16. Ni gute twatsinda Satani n'ubushobozi bwe?
" nuko rero, mugandukire Imana, ariko murwanye Satani, nawe azabahunga. Mwegere Imana na yo izabegera". *Yakobo 4:7,8*

**IMPUGUKIRWA***: Tuzanesha Satani tukugandukira Imana ndetse tuyiyegereza.*

17. Mbese ntabwo duhamagarirwa gukoresha imbaraga z'ubushake bwacu ngo dukore ibyiza?
" Kuko mpora nifuza gukora icyiza, ariko kugikora ntako. Kuko icyiza nshaka atari cyo nkora, ahubwo ikibi nanga akaba ari cyo nkora".
*Roma 7:18,19*

18.Twashobora iki tudafite Kristo?
"Nta cyo mubasha gukora mutamfite ". *Yahona 15:5*

19. Twabasha gukora iki turi kumwe na Kristo?
" Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga".
*Abafilipi 4:13.*

**IMPUGUKIRWA** : Niba ntacyo tubasha gukora tutari kumwe nawe, kandi niba twashobora byose turi kumwe nawe, ikidusigariye ni ukuba iruhande rwe tukahaguma.

Ahantu hamwe umuntu akoresha imbaraga abigambiriye mu mibereho ya gikristo ni mu gushaka Imana. Ibyo bizatanga imbaraga itagambiriwe ituma tugera ku zindi ntego.

20. Ni nde ukorera mu bantu bakomeza kwishingikiriza ku Mana ?
" kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira " .
Abafilipi 2:13. Soma n'Abaheburayo 13:20, 21.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- Kwitanga bivuga kuzinukwa gukora ibyaha.
- Dushobora kwigeza ku kwizinukwa twebwe ubwacu.
- Umuntu yizinukwa (yiyanga) rimwe bikaba birangiye.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Kwitanga ntibivuga kuzinukwa ibyaha byacu, ahubwo ni ukwizinukwa twebwe ubwacu. Kuzinukwa ibyaha byacu ni ingaruka yo kwizinukwa ubwacu no gushaka Imana.
- Mu kwihatira kuzinukwa ibyaha byacu, bishoboka kutubuza kwizinukwa ubwacu.
- Ntawabasha kwihamba cyangwa kwitanga ubwe. Hagomba undi muntu wo kubidukorera.

- Dutwarwa n'Imana cyangwa se na Satani. Ububasha bwonyine dufite , ni ubwo guhitamo utuyobora.
- Gutanga ubushake bwacu ni ukuzinukwa ubushobozi bwacu bwo guhitamo, nyamara tugomba gukoresha ubwo bushobozi ngo tuzinukwe ubwo bushobozi bwacu bwo guhitamo. Tugomba kuzinukwa ubushobozi bwacu bwo guhitamo mu byerekeye imyifatire yacu, nyamara ni bwo dukoresha kugira ngo tunoze umubano wacu n'Imana.
- Ahantu honyine umuntu akoresha imbaraga abigambiriye mu mibereho ya gikristo, ni mu gushaka Imana ; ibyo bizatanga imbaraga itari igambiriwe yo gushyikira izindi ntego.
- Mu gukura kwabo mu by'umwuka, abakristo bajya biyegurira Imana. Hari ubwo biyegurira Imana ubundi bakiyiringira.

## GUHINDUKA

***IHAME RYA 24:GUHINDUKA NI UMURIMO UKORWA N'UMWUKA WERA UTERA GUHINDURA INYIFATO IMBERE Y'IMANA KANDI UGATANGA UBURYO BUSHYA BWO KUYIMENYA***

Ntushobora guhitamo umunsi wo kuvuka kwawe. Kugeza ubu ntawabishoboye. Tuvukira mu munsi wagenwe, bona n'ubwo ubuvuzi burushaho gutera imbere , ntibyoroshye guhitamo umunsi undi muntu azavukamo.
*Guhinduka byitwa kuvuka bundi bushya* . Ni intangiriro y'imibereho y'iby'umwuka. Kimwe no kuvuka bisanzwe, ntushobora guhitamo umunsi wo kuvuka kwawe mu by'umwuka.

Igihe umuhungu wanjye yari mu mashuri yisumbuye , nabonaga ko igihe cye cyo guhinduka kigeze. Mwicaza iruhande rwanjye niyemeje gukora ibishoboka byose ngo ahinduke. Ariko ntacyo byatanze, maze twembi ducika intege . Nari nibagiwe ihame rya mbere ryo guhinduka: guhinduka ni umurimo w'umwuka wera . Ntidushobora kwihindura ubwacu kandi ntidushobora guhindura undi muntu. “Gusa , igikorwa gitangaje cy'Umwuka wera, ni cyo gituma habaho bene iryo hinduka”. *Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p153)*

Akenshi abasore bajya bihenda ku byerekeranye no kumenya icyo guhinduka ari cyo. Bamwe bibwiraga ko bizabagendekera nkuko byagendekeye Pawulo ubwo yari mu nzira yerekeza i Damasiko, bakibagirwa ko intumwa ubwayo byayisabye imyaka itatu yiherereye mu butayu bwa *Arabiya* mbere yo gutangira umurimo we.
Abandi bakibwira ko bigeze bahinduka kubera ko bavukiye mu itorero.
Abandi nabo bagiye mu ruhande rwa Kristo, ariko ubwo babonaga nta gitangaza cyo guhinduka kw'imico yabo uko bukeye n'uko bwije, bemeza ko batigeze bahinduka, maze bagategereza irindi rarika rikangura ngo bongere bagerageze.

Ni ingenzi rwose gusobanura neza icyo guhinduka ari cyo.
Guhinduka ni umurimo w'Umwuka Wera kandi bitera guhindura inyifato imbere y'Imana.
Umwana w'ikirara yahindutse ryari?
- Ni igihe yari aragiye ingurube
- Ni he yari uwo mwanya akimara guhinduka?
- Yari akiri mu ngurube.

Muri rusange biragaragara ko atahagumye igihe kirekire.
Ni byo koko. Ariko se ni iki cyahindutse ubwo yahindukaga?

- Ni imyumvire ye .Yari agifite urugendo rurerure agomba gukora ngo agere iwabo. Nyamara ibitekerezo bye ku birebana na se byari byahindutse rwose. Uko guhinduka kw'imyumvire gutegura guhinduka kwaje gukurikira ho. Guhinduka biduha uburyo bushya bwo kumenya Imana. Ntawe ushobora kurya cyangwa guhumeka we ubwe atari yavuka.

Nubwo bishoboka kwihutisha igikorwa cyo guhinduka, ukunda ahantu hari iby'Umw'uka, kugerageza kose ngo ube ho wubaha Imana bishobora kubiha kandi bikanagora ku muntu utarabyarwa n'Umwuka .
Mu *I Abakorinto 2: 14* haranditswe ngo “ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we akaba atabasha kubimenya kuko bisobanuzwa iby'Umwuka”.
Kimwe mu bitangaza bikorwa n'umwuka mu gihe cyo guhinduka ni ugutanga uburyo bushya bwo kumenya Imana.
“Ntawe ushobora gukorera Imana mu buryo bukwiriye atarabyarwa n'Umwuka w'Imana . Uko ni ko umutima ushobora gutunganywa, ibitekerezo bigahindurwa bishya, maze umuntu akaba ashobora kumenya no gukunda Imana”. *Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ p. 170)*

Waba uturuka mu muryango utemera cyangwa umuryango w'abakristo by'ukuri, ugomba kuvuka bundi bushya kugira ngo ubone ubwami bw'ijuru. Yesu yabwiye Nikodemu muri *Yohana 3:3* ati “ umuntu natabyarwa ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw'Imana “.

Ushobora kumenya niba waragize guhinduka cyangwa niba utarigeze ukugira. Ni koko guhinduka kubaho mu buryo butandukanye kimwe n'uko imikorere yacu y'ibyiyumviro itandukanye umuntu ku wundi, ariko guhinduka ni ikintu gifite ibikiranga.
“ Buhoro buhoro cyangwa se tutanabizi , imitima yacu ireherezwa kuri Kristo. Bishobora kukubaho igihe utekereza cyane kuri kristo, usoma ibyanditswe cyangwa utegera amatwi ibibwirizwa.Mu gahe gato, kubw'irarika ry'Umwuka Wera nyir’izina, umutima ugahita wirundurira mu biganza bya Yesu unezerewe“. Uwifuzwa ibihe byose*(Jésus Christ p154 ).*

Mbese bene uko guhinduka kwari kwakubaho?
Waba se warishingikirije ku myitwarire yawe myiza, ku mirimo ukora mu itorero, k'uko ufite ababyeyi b'abakristo maze ukumva ko bizaguhesha agakiza ? Cyangwa se wahanze amaso ku ntege nke n'amakosa byawe maze usanga ko utigeze uhinduka. Igihe uzamenya guhinduka icyo ari cyo, uzamenya niba warahindutse cyangwa niba atarahindutse.

## *IHAME RYA 25 : GUHINDUKA BITERA GUHINDURA IMIBEREHO*

Urubuto rw'umwuka ntiruboneka mu iguriro na rimwe, haba no muri za resitora zikomeye. Gukura mu by'umwuka bisaba igihe.
Umwe mu migani ya Yesu, yagereranije gukura mu by'umwuka n'imikurire isanzwe muri *Mariko4:28.*
“Ubwa mbere habanza kuba utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite impeke”.

Bidatewe no gukurira muri Kristo, igikorwa cyoroshye cyo kujya kuri Kristo kigaragaza kujya mbere. Intambwe ya mbere ni " ***ukwifuza ikintu gisumba ibindi”***.
Birashoboka ko tutahita tumenya niba uko kwifuza gufitanye isano runaka n'Imana. Twiyifuriza imodoka nziza, akazi keza cyangwa se amanota meza mu ishuri. Ariko Imana yashyize muri buri muntu kwifuza ikintu kiruta ibindi. Intambwe ya kabiri itwerekeza kuri kristo ni "***ukumenya ikintu kirushijeho kuba cyiza kuri twe***". Kubwa Bibiliya, ubuhamya bw'abandi bantu b'abakristo ndetse no kubw'umurimo w'Umwuka Wera ku mitima yacu, tuzamenya neza Inana y'agakiza ari yo gisubizo

cy'Imana kiziba icyuho mu mutima w'umuntu. Intambwe ya gatatu itwerekeza kuri kristo, ni ***ukwemera ko turi abanyabyaha*** . Twemera kamere yacu y'icyaha atari imyifatire yacu mibi gusa. Iyo tumenye urukundo rw'Imana, dusanga twarayihaye agaciro gake.
Tumenya ko twabaye ho tutagengwa na yo .Tubona ko turi mu kaga, maze tukabona ko dukeneye agakiza ke.

Intambwe ya kane yo gusanga umukiza ni "***ukumenya ko tudashobora guhindura na gato kamere yacu***". Abasore by'umwihariko bashobora kumara imyaka hagati y'intambwe ya gatatu n'iya kane, bemera ko ari abanyabyaha ariko batemera ko badashobora kubyivana mo bo ubwabo.

Ku iherezo tubona ko nta bundi bushobozi dufite .
Iyo twimenye ho intege nke nta kindi kiba kidusigariye gukora keretse "kumanika amaboko" twakwita na none "**K-W-I-T-A-N-G-A**".
Nk'uko twabivuze, twebwe ubwacu ntitubasha kugera ubwo twitanga.
Ariko iyo Imana ituyoboye iyo nzira ni ahacu ho guhitamo kuyiyegurira. Mu gitabo cyo kugana Yesu p.13, havuga igitangaza cyo guhinduka cyangwa kuvuka bushya. Umukiza yavuze ati "utabyawe ubwa kabiri"( Utakiriye umutima mushya, no kwifuza gushya kukwerekeza ku bugingo bushya) ntashobora kubona ubwami bw'Imana".

Mutekereze cyane kuri iri jambo "*bimwerekeze ku bugingo bushya* ". Ibyo ntibitangira none ngo ejo bibe birangiye.
Kuvuka bisanzwe ni intangiriro ryo kubaho. Kuvuka bundi bushya na byo ni intangiriro. Ntabwo ari imihindukire yuzuye kandi ihutiyeho y'ubuzima n'ibyo twamenyereye. Ahubwo icyerekezo cyawe ni cyo kiba gihindutse rwose. Twavuze mu mibereho y'intumwa zakomeje mu myaka itatu n'igice yose kurwana n'ibibazo bimwe mbere yo kunesha. I Beteli ni ho Yakobo yiyeguriye Imana; ariko hashize imyaka makumyabiri mbere y'uko ibyabaye mu mibereho ye iruhande rw'akagezi ka Yaboki bishyira iherezo mu kwiringira imbaraga ze bwite.

Mariya Magadalina yasanze Yesu inshuro ndwi zose amusaba kwirukana abadayimoni bari barigaruriye ubuzima bwe. Byamusabye igihe kugira ngo asobanukirwe uko yamwiyegurira burundu.

Ariko abo bizera bose bahuriye ku kintu kimwe: bashakaga uburyo bakunga ubumwe n'umwami wabo, aho kumuhungira kure. Icyerekezo cy'ubuzima bwabo cyari cyarahindutse rwose. Bari barahinduye imitekerereze. Bari bafite uburyo bushya bwo kumenya no gukunda Imana.
Inyifato yabo ku Mana yari yarahindutse. Kandi uko bakomezaga gushaka Yesu, ni ko hagendaga habaho gukura no kuba abantu bashyitse n'imibereho yabo igahinduka.
“Impano z'Umwuka ntizikura mu kanya nk'ako guhumbya; bifata igihe.”
*Rengera ubuzima (Ministère de la Guerison p. 390)*
Tuziga ku buryo bwimbitse ibyerekeye ibishuko mu mahame ya 80-84. Reka ubu tuzirkane ibi:
Ni ryari dutangira guha ibishuko urwaho ? « Duha ibishuko urwaho iyo tudafashe icyemezo kandi tudashikama ku kwiringira Imana ». *Imibereho ihebuje (Une vie meilleure p. 109).*
Hagomba igihe kingana iki ngo tugire kwiringira mu Mana kutajegajega ?
Ibyo ntibibaho mu gihe gito bisaba igihe kinini.

Mbese wiyeguriye Imana?
Mbese ukomeza kumwiyegereza umunsi ku wundi?
Ese unoza umubano na yo?
Mbese waba ubona ko icyizere uyigirira kidafite ireme?

Ntutinye twese turi ku rugero rumwe. Iby’aribyo byose, umutima wawe mushya ukwerekeza ku mibereho mishya.

Mbese mwiteguye gukomeza kujya kuri Yesu nubwo mubona ko ibyigisho yifuza kubigisha mubifata buhoro?
Mbese mwiteguye guha Imana umwanya ngo ikorere muri mwe?

### *IHAME RYA 26.:GUHINDUKA NO KWIHANA NTIBIKORWA RIMWE, AHUBWO NI UGUHOZAHO.*

Umunsi umwe, umunyeshuri yaje mu biro byanjye arambwira ati « Ku mpeshyi ishize, mu materaniro makuru, nafashe umwanzuro wo kwegurira Yesu ubugingo bwanjye kandi nizera rwose ko nari nahindutse ». Ariko ibyumweru bike nyuma yaho, nari nongeye kujya kure y'Imana, ndetse kurusha mbere hose. Ibyo byambayeho birongera bimbaho! None se bishoboka bite ko guhinduka kwanjye kudatinda kandi ntikugumeho?

Ntitugomba kwibwira ko guhinduka kujya kurenza umunsi umwe! Ikibazo cy'uwo munyeshuri si uko yahindukaga inshuro nyinshi, ahubwo ni uko atahindukaga inshuro nyinshi kurushaho! Simpamya ko iyo mpindutse rimwe mba mpindutse by'iteka. Niba rwose wahindutse uyu munsi, uzagomba no kongera guhinduka ejo. Guhinduka ni igikorwa cya buri munsi.

Impeshyi imwe, nakoze nk'umunyeshuri ubwiririsha ubutumwa ibitabo mu misozi y'umucanga ya Nebraska (soma Neburasika). Nibwiraga ko ibihe byiza nagiranye n'Imana muri ibyo byumweru byari kumbera impamba mu mwaka w'amashuri wose. Nyamara kubera gahunda y'amasomo y'urudaca, inshuti nyinshi nari mfite, sinongeye kugira inyota yo gushaka Imana, nuko ya mibereho inejeje yo mu mpeshyi ntiyatinda kuyoyoka. Mu by'umwuka, uyu wambereye umwe mu myaka y'amashuri mibi cyane.

N'ibimenyetso ibi by'agahano by'imbaraga z'Imana ntibitinda guta ubushobozi bwabyo bwo kugira icyo bitwigisha. Ibyo ni nako byari mu gihe cya Yesu. Yahagije abagabo ibihumbi bitanu utabaze abana n'abagore, atubuye imitsima n'amafi bike. Ijuru ryasaga n'iryamanukiye ku isi. Rubanda bari biteguye kumwimika ngo abe umwami. Iki gitekerezo tugisanga muri Yohana 6.

Nyamara nyuma y'amasaha makumyabiri n'ane yakurikiyeho, abayuda bari biteguye gutera Yesu umugongo bakanamusuzugura ,mu gihe yari amaze kwanga kubakorera
Ibitangaza basabaga. Ntabwo bari bafite kwihangana gutuma barya umutsima w'ubugingo Yesu yavugaga. Uwo munsi abantu benshi bamuvuyeho ku buryo yageze aho abaza abigishwa ati: «Kandi namwe murashaka kugenda ?». Ku bigaragara, abigisha be ni bo bonyine bamugumye iruhande. Niba mutari muzi ko umuntu agomba guhinduka buri munsi, iki gishobora kubabera ingenzi mu buzima bwanyu.niba mushaka umwami kandi mugahinduka buri munsi, « kwitotomba kwanyu kuzashira, ingorane zanyu zizacishwa bugufi, kandi ibihangayikisha bibabuza amahoro bizabona ibisubizo ». Byakuwe mu gitabo cyitwa *Une vie meilleure* ( *Imibereho ihebuje* ), p.120.

Guhinduka no kwihana ni isanga n'ingoyi, kandi ninjije kwihana muri iri hame kugira ngo nkomereze kuri iyo ngingo yo kwihana. Nyamara kwihana si ibikorwa inshuro imwe mu buzima ; na ko kugomba kuvugururwa buri munsi. Iyo mvuga kwihana nk'ikintu cya ngombwa buri munsi, simba mvuga ibyo kwihana ibikorwa bibi. Byashoboka ko mwaba mwarumvise inkuru y'umugabo wabwiye Pasitoro we ati
« Nasabye Imana inshuro igihumbi ngo imbabarire iki cyaha ». Pasitoro na we aramusubiza ati « Inshuro 999 ntizari ngombwa ! ».

Sinshyigikiye amagambo adashira dusubiramo tuvuga amakosa yacu n'ibyo tutatunganije. Imana yasezeranye ko « nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ». Reba

Yohana1.9. Kwihana mvuga ni ukwihana kwasobanuwe mu gitabo cyitwa *Conquérants pacifiques* (*Ibyakozwe n'intumwa*), p.500 : « Nta ntumwa n'imwe, nta muhanuzi n'umwe wigeze wirata ko adafite icyaha. Ababaye bugufi y'Imana cyane, abahisemo gutanga ubuzima bwabo ho ibitambo aho gukora nabi, abo Imana yahesheje icyubahiro ikoresheje umucyo wayo n'ubushobozi byayo, abo bimenyeho ko ari abanyabyaha.» Uko ni ko kwihana gukenewe buri munsi, ukwihana gutewe no kurabukwa bundi bushya uburyo turi abanyabyaha, ibyo bigatuma dukenera ubuntu bw'Imana.Uko kwihana ni ko kwavuzweho ngo:«Uko tuzarushaho kujya mbere mu mibereho ya gikristo, kwihana kwacu kuzagenda gukura », *Conquérants pacifiques,*( *Ibyakozwe n'intumwa* ), p.501. Waba se warahindutse? Urumva se wahindutse uyu munsi ? Waba se wiyegereje Imana kugira ngowihane uyu munsi?

## *ICYIGISHO CYA 5 GUHINDUKA*

1.Mbese ni ku ruhe rugero imibereho yo guhinduka ifite umumaro ? « Umuntu natavuka ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw'Imana »,Yohana 3.3.
2. Mbese ubushobozi bwo kuvuka ubwa kabiri buva he ? « Abamwakiriye bose bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kwitwa abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso n'ububasha bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana », Yohana 1.12,13.

**IMPUGUKIRWA** : Umuntu ashobora gukorana n'Imana mu murimo wo guhindura abandi. Yakobo 5.19, 20 ; Zaburi 51. 15.
3. Ni nde ugira icyo akora mu kuvuka kwacu ubwa kabiri ? « Yaradukijije ... kubw'imbabazi za yo – idukirisha kuhagirwa ni ko kubyarwa ubwa kabiri, idukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera », Tito 3.5, soma na Yohana 3.5.

**GUHINDUKA NI UMURIMO W'UMWUKA WERA URENZE IMBARAGA Z'UMUNTU.**
4.Ni ibihe bintu bihinduka iyo umuntu ahindutse ? « Reka mpaguruke njye kwa Data, mubwire nti:< Data nacumuriye Iyo mu ijuru no mu maso yawe > », Luka 15.18.

**IMPUGUKIRWA** : umwana w'ikirara aho guhunga se, yaramusanze.guhinduka gutuma umuntu ahindura inyifato imberey'imana**.**
5. Mbese abantu boroherwa no kumva iby'Umwuka ? « … ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'umwuka », 1 Abakorinto 2.14 ; soma n'Abakorinto 8.10.
6. Ni iki cyatubashisha gusobanukirwa ? « [muhindurwe] bashya n'umwuka mu bwenge bwanyu », Abefeso 4.23.

**GUHINDUKA GUHESHA UBURYO BUSHYA BWO KUMENYA IMANA.**
7. Umutima mushya uhindura imibereho ? « Nzabaha umutima mushya, mbashyiremo Umwuka woroshye. Kandi nzabashyiramo Umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza amategeko yanjye, mukayasohoza », Ezekiyeli 36.26-27.
8.Ni izihe ntambwe zitandukanye zo guhinduka ?
- <u>Intambwe ya mbere</u>: Kwifuza ikintu kirushijeho kuba cyiza. « Nanjye nimanikwa hejuru y'isi nzireherezaho abantu bose », Yohana 12.32.
- <u>Intambwe ya kabiri</u>: Kumenya icyo kintu kirushijeho kuba cyiza icyo ari cyo. « …kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora, ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'Ijambo ry'Imana rizima rihoraho », 1 Petero 1.23 ; Abakolosayi 3.10 ; Zaburi 51.15.

- Intambwe ya gatatu: Kwemera ko turi abanyabyaha rwose. . « Abo bantu bumvise ibyo, bibacumita mu mitima nuko barabaza bati : < bagabo benedata, mbese tugire dute ? >», Ibyakozwe n'intumwa 2.37 ; Zaburi 19.8.

- Intambwe ya kane : Kumenya neza ko ubwacu tudashobora kwihindura
« nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato ntimuzinjira mu bwami bwo mu ijuru », Matayo 18:3,reba na none Yeremiya 15:3,Yohana 15:5.

- Intambwe ya gatanu: Kwitanga no kwizinukwa ubwacu. « Kuko uzi yuko muri jye, ibyoni ukuvuga muri kamere yanjye, nta cyiza kimbamo : kuko mpora nifuza gukora icyiza ariko kugikora ntako », Abaroma 7.18. « Yemwe mbonye ishyano !
Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu ? », Abaroma 7.18, 24 ; 10.3,4.

- Intambwe ya gatandatu: Gusanga Kristo ( binyuze mu kwiga Bibliya no gusenga ).
« uza aho ndi sinzamwirukana na hato »,Yohana 6.37.

-Intambwe ya karindwi: Kwihana. «Nuko mwihane kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe », Ibyakozwe n'intumwa 3.19 ; 2 Petero 3.9, soma n'icyigisho cya 6.

Mbese dushobora kumenya niba twaragize imibereho ihindutse, kandi ko twavutse bwa kabiri ?

- « Mumere nk'impinja zivutse vuba, mwifuze amata adafunguye y'Umwuka, kugira ngo abakuze abageze ku gakiza »1 Petero 2.2.
- « Uwizera wese koYesu ari Kristo ni we wabyawe n'Imana », 1 Yohana 5.1.
- « Bakundwa dukundane kuko urukundo ruva ku Mana .Umuntu wese ukunda yabyawe n'Imana, kandi azi Imana », 1 Yohana 4.7.
- «Icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi ; kandi uku ni ko kunesha kwacu kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu », 1 Yohana 5.4.
- « Umuntu wese wabyawe n'Imana ntakora icyaha, kuko imbuto y'Imana iguma muri we, kandi ntabasha gukora ibyaha , kuko yabyawe n'Imana », 1Yohana 3.9; reba na 1Yohana 5.18.

Ni iyihe mbuto iguma mu mukristo uvutse ubwa kabiri ?

- « Ijambo ry'Imana rizima, rihoraho », 1 Petero 1.23

**IMPUGUKIRWA**: Igihe cyose umukristo afashe umugambi ko ijambo ry'Imana rigomba kuguma muri we, ntacumura (ntiyongera kubaho atandukanye n'Imana ), Zaburi 119.11.

Mbese umukristo wavutse ubwa kabiri abasha kugira amahoro yo mu mutima ?
-« Imbuto z'umwuka : urukundo, ibyiringiro, ibyishimo,amahoro…»,Galat.5.22, reba n'Abaroma 5.1 ; Heb.10.19-23.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMYE GUKOSORA**

-Dushobora kuvuka ubwa kabiri tutabizi.
-Dushobora guhindura undi muntu. Igihe umuntu ahindutse ako kanya imibereho ye uko yakabaye ihita ihinduka.
-Umuntu ahinduka rimwe bikaba birangiye . Reba Luka 22.31,32.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

-Guhinduka ni umurimo w'Umwuka Wera, utera guhindura inyifato imbere y'Imana kandi kugatanga uburyo bushya bwo kuyimenya. Yohana 3.3-8.
-Guhinduka bitera guhindura imibereho. Ezekiyeli 36.26,27.
-Guhinduka no kwihana ntibikorwa rimwe, ahubwo ni umurimo uhozaho. Ni umurimo ukorwa buri gihe.

***IHAME RYA 27: KWIHANA NI UKUGIRA AGAHINDA K'UKO WAKOZE ICYAHA, NO KUGICIKAHO. KWIHANA NI IMPANO : BITYO RERO AGAHINDA K'UKO WAKOZE ICYAHA NO KUKIREKA NA BYO NI IMPANO.***

Mu minsi ya mbere ngitangira umurimo nkora, nabayeho mu buryo bwarushije ubundi kumbangamira mu mibereho yanjye. Sinari narahindutse, kandi sinari nzi uburyo nahinduka. Sinari narakijijwe, kandi sinari nzi uko nakwakira agakiza. Kandi rero ku muntu utarahindutse kandi utaranakijijwe, umurimo w'ibwirizabutumwa ni ikintu kiruhije pe !

Nuko igihe cy'impeshyi kiragera, itariki y'amateraniro makuru yari yegereje.
Nk'umupastoro mushya, imwe mu nshingano zanjye yari iyo gufasha mu kubaka amahema mu cyumweru kibanziriza amateraniro. Ababwiriza bari bararinganirijwe uwo murimo babanje kubaka amahema bagombaga kubamo ubwabo; nyuma bavuga ko bashaka kwidagadura ! Ibyo ntabwo twari tubimenyereye. Nuko igihe twari turuhukiye hagati y'imirongo y'amahema, dutangira kuganira, twungurana ibitekerezo mu by'iyobokamana.

Twajyaga impaka ku hantu intambara ya Harimagidoni ishobora kuzabera, kandi tukibaza niba amababa y'abamarayika ameze nk'ay'inyoni ! Ku ruhande rwanjye, naboneyeho mbaza umwe mu bapastoro bamenyereye mu murimo iki kibazo: « Mbese mubwira iki umuntu ubababajije uko ashobora gukizwa ? » [Ubwo buryo ni bwo bwari bunogeye kubazamo.] Aransubiza ati «Ubimbajije mubwira kwihana. » Ndongera nti « Iyo bababajije uko bakwihana? » Ati « ntuzi se ko kwihana ari ukugira agahinda k'ibyaha no kubireka ? » Nti « ni byo. Ariko se ni gute umuntu yacika ku byaha bye ? »

Ati « hari ukundi se nyine ; ni ukwihana ! » Nuko ndamubwira nti « Reka turebe. Ubwo se mwaba mushaka kuvuga ko kugira ngo umuntu acike ku byaha, agomba kubicikaho kandi ko kugira ngo yihane, agomba kwihana ? » Avuga atangaye ubona anejejwe n'uko nanjye namaze kubisobanukirwa ati « Nibyo rwose ».

Ubusobanuro busanzwe bwo kwihana dusanga ku rupapuro rwa 17rw'igitabo *Kugana Yesu* bukoresha aya magambo : «Kwihana gukubiyemo kugira umubabaro w'uko wakoze ibyaha ndetse ukabicikaho ».Ariko ukuri ku bijyanye no kwihana, kwari kwaranyisobye ni uko <u>Kwihana ari impano</u>. Kwihana ntibituruka ku muhati wacu, turaguhabwa. Aho rero ni ho itandukaniro rikomeye riri. Nk'uko tubisanga mu Byakozwe n'intumwa 5.31, kwihana ni impano y'Imana.
*Ubutumwa bwatoranijwe* (*Messages choisis*, vol.1, p.414), havuga heruye hati « Kwihana, ndetse no kubabarirwa ubwabyo, ni impano y' Imana muri Kristo. »

Ni uko rero ukwihana kose dushobora guharanira kwibyazamo ngo tukwigezeho twebwe ubwacu, uko si ukwihana nyakuri. Icyakora dushobora kumva tubabazwa n'ibyo dusarura mu mibereho yacu y'ibyaha, ariko keretse gusa twakiriye impano y'Imana yo kwihana, naho ubundi ntitubasha kujya mbere.

Agahinda k'ibyaha n'agahinda ko kubaho dutandukanye n'Imana nta handi gashobora guturuka hatari ku Mana. Ntidushobora kwitera ako gahinda twebwe ubwacu. Agahinda nyakuri ni impano. Gucika ku byaha ni impano na byo. Ntabwo ducika ku byaha kugira ngo twihane. Tujya kuri Yesu kugira ngo twihane. Mu Baroma 2 :4 havuga ngo « kugira neza kw'Imana ni ko kuturehereza kwihana ». Uko turushaho kumva neza urukundo rwa Yesu, ni ko turushaho gusobanukirwa urugero rw'ububi bw'icyaha.Iyo twize neza ubuzima bwa Yesu,tukitegereza igitambo cye cyo ku musaraba

ku bwacu, umutima wacu urashenjagurika, maze tukagira kwihana nyakuri. Icyaha kiba kitakitureshya. Iyo umutima wacu uhindutse, ibikorwa byacu na byo birahinduka, maze tukakira ubuntu bwo kwihana tutazigera twicuza. Na none kandi, gusanga Yesu ni yo ntambwe nyayo tugomba gutera.

### *IHAME RYA 28 : NTITUBANZA GUHINDURA IMIBEREHO YACU KUGIRA NGO TUBASHE GUSANGA KRISTO ; TUMUSANGA UKO TURI AKABA ARI WE UHINDURA IMIBEREHO YACU.*

Umunsi umwe, umuforomokazi yansuye mu biro, maze arambwira ati « ndambiwe imibereho yanjye. Nzi neza ko nkeneye Imana, ndashaka kuyisanga. Mushobora kubimfashamo ? » Bene ibyo ni byo bihe binezeza rwose umupastoro. Sinabuze rero kumubwira nti « nta gushidikanya wowe uyegere gusa mu masengesho, uyisabe kukubabarira ibyaha byawe ndetse no kuyobora imibereho yawe. Ndetse dushobora no guhita tubikora nonaha.» Nuko aravuga ati « oya ! ba uretse gato, hari gahunda mfite mu mpera z'icyumweru ». Ambwira iby'imigambi ye. Yateganyaga gusohokana n'umugabo w'undi mugore. Yashakaga kwegera Kristo ariko ntiyashakaga guhindura gahunda ye yo mu mpera z'icyo cyumweru, kandi ubwo byari kuwa gatanu w'Isabato nyuma ya saa sita. Ndamubwira nti « ushobora gusanga Yesu uko uri. Si ngombwa guhindura gahunda yawe ngo ubone gusanga Yesu. Musange uko uri, iby'imigambi yawe azabyishingira. » Nuko arambwira ati « Ibyo bintu ni byo! »

Ese ni nde wari mu kuri ? Yagombaga se guhindura imigambi yari afite mu mpera z'icyo cyumweru, akabona agasanga Kristo ?
Na none se Yesu we yari kumwakira afite ya gahunda ? Mbese mwe mubitekerezaho iki ?
Muri Yeremiya 3:13 havuga ngo « Icyo nshaka kimwe ni uko wemera ibyaha bya
we ; ibyo wacumuye ku Uwiteka Imana yawe …» Mu bigaragara, uyu muforomokazi iki yari yakigezeho. Yari azi ko akora nabi igihe yaringanizaga iriya gahunda yo mu mpera z'icyumweru ; nyamara ntiyari yiteguye kubireka. Mbese kwihana kubaho gute ? Mbese tujya kuri Kristo kugira ngo twihane, cyangwa turihana kugira ngo dusange Yesu ?

Akenshi natwe tuba nk'umugabo wari ufite imodoka yarapfuye ihoni. Yagiye mu igaraje kugira ngo arikoreshe maze asanga ku muryango icyapa cyanditseho ngo «vuza ihoni niba wifuza umukanishi». Mu gitabo cyitwa *Kugana Yesu*, mu cyigisho cyitwa *Kwihana*, gisobanura uburyo umuntu yava muri urwo rujijo. Aha nyine ni ho benshi bibeshyera, bikabatesha amahirwe Yesu yifuzaga kubaha. Bibwira ko badashobora gusanga Yesu batari bihana, kandi ko kwihana kubanziriza kubabarirwa ibyaha. Ni byo koko kwihana kubanziriza kubabarirwa ; kuko umutima uciye bugufi kandi umenetse ni wo gusa wifuza Umukiza. Ariko se umunyabyaha agomba gutegereza kwihana mbere yo gusanga Yesu ?

Kuba atarihana byaba inzitizi yabuza umunyabyaha gusanga Umukiza we? Reba ku rupapuro rwa 19 rw'icyo gitabo. Igisubizo cy'iki kibazo tugisanga ku rupapuro rukurikiraho: « ntibishoka kwihana umutima udakanguwe n'Umwuka Wera nk'uko bidashoboka kubabarirwa udafite Yesu Kristo. » Kwihana si umurimo ; ahubwo ni ni impano. Kugira ngo twakire impano, mbere na mbere tugomba gusanga uyitanga. None rero niba uri umuforomokazi, wifuza ikintu cy'agahozo mu mibereho yawe kuwa gatanu nimugoroba, ariko ukumva utishoboje guhindura gahunda yawe yo mu mpera y'icyumweru, ushobora gusanga Yesu uko uri. Mu gihe utamufite, ntuzabasha na rimwe guhindura imibereho yawe y'icyaha. Ariko numusanga, azaguha kwihana, imbabazi n'ubuntu ngo ubashe kunesha kuzakubashishisha gukora ibimunezeza. Uruhare rwawe ni ukumwegera no gukomeza kwakira impano aguha.

***IHAME RYA 29: IMANA IDUHA KWIHANA MBERE YO KUDUHA IMBABAZI.***

Reka dutekereze gato maze twibaze umwanya kwihana kujyamo igihe dusanze Yesu. Twagaragaje mu ngingo zabanje ko intambwe ya mbere mu gusanga Yesu ari ukwifuza ikintu kirushije ibindi kuba cyiza. Ubwa kabiri, twiga kumenya icyo cyiza icyo ari cyo. Ubwa gatatu, twemera ko turi abanyabyaha rwose, naho icya kane, tukamenya neza ko tudashobora kwikiza ubwacu. Ubwo rero ni bwo twemera ko dutsinzwe, tukareka urugamba maze tugasanga Yesu. Imana ntidusaba kwihana mbere y'uko dusanga Yesu, kuko ibyo bitadushobokera. Tubanza gusanga Yesu, maze akaduha kwihana. . « Abayuda bigishaga ko Imana yashoboraga gukunda umunyabyaha gusa igihe yabaga yihannye ibyaha. Babonaga ko kwihana ibyaha byari umurimo utuma umuntu yironkera gukundwa n'ijuru. Ndetse nyine iyo myumvire ni yo yatumye Abafarisayo basakuza barakaye cyane bati „uriya muntu yiyegereza abanyabyaha ! "
Ku bwabo, Kristo yagombaga kwemera kwegerwa n'abamaze kwihana gusa. Nyamara mu mugani w'intama yazimiye, umukiza atwigisha ko twakijijwe atari uko twashatse Imana, ahubwo kubera ko Imana yadushatse. « Ntawe umenya... ntawe ushaka Imana ; bose baragomye, bose bahindutse ibigwari.» Abaroma 3.11,12.
« Ntitwihana kugira ngo Imana idukunde, ahubwo iduhishurira urukundo rwa yo kugira ngo tubashe kwihana.» *Imigani ya Kristo* (*Les paraboles de Jésus*, p.159).

Bityo rero nyuma yo gusanga Kristo, tumenya ububi bukomeye bw'icyaha, tuzirikana urukundo uwo adukunda, maze tukanarushaho kumva dukeneye kwakira impano ye yo kwihana. Kwihana si imbuto y'igikorwa cyacu n'ubwo nyine ari ikintu dukora ! Kwihana si umurimo wacu ; ni umurimo Imana idukorera. Kwihana kubanziriza imbabazi. Ariko nyine niba kwihana kubanziriza imbabazi, ubwo kubanziriza no gutsi-ndishirizwa na ko. « Kugira ngo ababarire umuntu, Yesu abanza kumuteramo kwihana.» *Imibereho ihebuje* ( *Une vie meilleure* , p.19).

Mu Byakozwe n'intumwa 2 :38, hagaragaza neza ko kwihana kugomba kubanziriza imbabazi. « Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo, ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu.» Hari ubwo bamwe bashidikanya ku kamaro ko kurondorana ubushobozi, intambwe zinyuranye zigeza kuri Kristo ngo umuntu agere ku gakiza. Ni ukuri si ugushaka kwinezeza kuba umuntu ashyira urutonde rw'ibintu no kugenda ashyira akamenyetso ku byo agenda ageraho, bityo akamenya ibisigaye gukorwa imbere ! Nyamara umwanzi w'Imana ndetse n'abantu ntasiba kuzana urujijo muri uru rugendo. Urwo rujijo rushobora kuzana urusika hagati yacu n'Imana. Niba twibwira ko tugomba gushyiraho imbaraga kugira ngo tubone gutsindishirizwa, cyangwa kwizera, cyangwa kwitanga,cyangwa kwihana, kumvira cyangwa indi mpano iyo ari yo yose, Imana iduha ku buntu, dushobora no kutazigera tuyisanga ! Nyamara usibye kuyisanga gusa, nta kindi cyaduhesha izo mpano. Inyinshi muri izo ntambwe z'urwo rugendo rugana kuri Kristo : Kwihana, kuvuka ubwa kabiri, imbabazi no gutsindishirizwa, bisa n'aho bibera rimwe. Niba mubona ubu tubitandukanya, ni ukugira ngo tubashe kubisobanukirwa neza, kugira ngo tugaragaze neza uruhare rwacu n'uruhare rw'Imana,intandaro za byo ndetse n'imbuto za byo. Mu Baroma 2.4, havuga ko kugira neza kw'Imana ari ko kuturehereza kwihana. Ntidushobora kubyizanamo twebwe ubwacu, ariko *dushobora* nibura gufata umugambi wo gusoma Ijambo ry'Imana no gutegera amatwi umubwiriza igihe yamamaza kugira neza kw'Imana.

Nta cyo dushobora gukora ngo tubone kwihana, ariko nibura *dushobora* gusanga Yesu. Ntidushobora kwiyumvamo agahinda nyakurik'ibyaha ; ntidushobora kureka amafuti yacu kubw'imbaraga zacu, ariko dushobora gushaka Umwami kugira ngo agire icyo atumarira. Imana inezezwa no gutabara abantu badashoboye kwikura muri izo ngorane ubwa bo.

### *IHAME RYA 30 : AGAHINDA KO MU BURYO BW'ISI NI UKUBABAZWA N'UKO WAGARAGAWEHON'INENGE YO KWICA ITEGEKO ; NAHO AGAHINDA KO MU BURYO BW'IMANA NI UKUBABAZWA N'UKO WASHENGUYE UMUTIMA W'INSHUTI YAWE MAGARA, UKAYICUMURAHO.*

Mbese haba hari ubwo wigeze kurenza umuvuduko wemewe mu muhanda ? Waba se warigeze wisobanura kubera ko ukabije umuvuduko ? Ibyo se byarakubabaje ? Niba warababaye se wababajwe n'iki ? Ese wababajwe n'uko warengeje umuvuduko, cyangwa wababajwe n'uko bagufashe ?

Ese waba warigeze kubwirwa ngo « saba imbabazi » ? Twese ahari twigeze tubona umwana wakoze ikosa ariko we ugasanga nta cyo bimubwiye. Nyamara ababyeyi bakamuhata bati ngaho vuga ko wababajwe n'ibyo wakoze. Nuko umwana akubika umutwe akagenda aseta ibirenge hasi kandi adacyeye mu maso, bigaragara ko ababaye. Kera kabaye agapfa kuvuga ati «ndasaba imbabazi » ; hanyuma ababyeyi bakikomereza ibyo bari barimo. Mbese mu by'ukuri uyu mwana ababajwe n'ibyo yakoze ? Reka da ! Ahubwo ikimubabaje ni uko yahatiwe kuvuga ko yicujije !

Bibiliya ivuga « agahinda » k'uburyo bubiri : « agahinda ko mu buryo bw'Imana gatera kwihana kuticuzwa kakerekeza umunyabyaha ku gakiza ; n'agahinda ko mu buryo bw'isi kabyara urupfu.» 2 Abakorinto 7.10.

Hari agahinda rero kava mu ijuru n'agahinda kava ku muntu rwose. Agahinda ka mbere gakomoka ku mubano dufitanye n'Imana, naho akandi kagarukira ku myifatire yacu. Kamwe gahindura imibereho y'umuntu naho akandi kagahindura bya nyirarureshwa, ku bigaragara inyuma kandi by'akanya gato. Kamwe gatanga ubugingo, akandi ko nta kavuro.

Yuda yagize agahinda ko mu buryo bw'isi. Yababajwe n'uko yagaragaweho n'inenge.Yuda yagumye gutegereza kugeza ku munota wa nyuma kugira ngo amenye neza ko umugambi we wamupfubanye rwose. Ariko hanyuma igihe byari bimaze kuga-ragara ko Yesu atakikijije ngo yivane mu maboko y'ababisha be, kandi ko abatambyi bakuru bari bagiye gucira iteka Umukiza, Yuda yibwiye ko ashobora kwihana.
Muri Matayo 27:3, havuga ko ngo Yuda yatangiye kwicuza. Uko umuntu amera mu mutima iyo agize agahinda mu buryo bw'isi kurigaragaza ; aba yumva asa n'uwafatiwe mu cyuho. Kwihana kubera ko wemejwe rwose n'ingaruka zigaragaye kubw'icyaha wakoze ni ikintu kimwe ; kandi kwihana nta n'uragira icyo akurega na cyo ni ikindi kintu.

Igitekerezo cya Kayini nacyo ni urundi rugero Bibiliya iduha mu kwerekana ukwihana gupfuye. Na we yarategereje kugeza ku munota wa nyuma, ndetse we yagara-geje no kwihagararaho imbere y'Imana ngo : « umuvandimwe wanjye ? uwuhe ? oh !
Abeli ? urashaka kuvuga ... wifuza ko nigana uriya ? »

Nyamara agahinda ko mu buryo bw'Imana gatandukanye cyane n'ako. Ako gahinda ni ukwicuza ko twahemukiye inshuti yacu. Mu gitabo *cy'Uwifuzwa ibihe byose* (Jésus-Christ , pp.289, 290), habisobanura hatya « *Tubabazwa kenshi n'amafuti yacu, nyamara tubitewe n'ingaruka za yo zitari nziza ; uko si ukwihana nyakuri ». Kubabazwa n'icyaha nta buryarya ni imbuto y'umurimo w'Umwuka Wera.Umwuka Wera atwereka ubudashima bw'imitima yacu itita ku Mukiza ikanamubabaza, maze mu kwihana kwacu, akatugeza munsi y' musaraba. Icyaha cyose cyongera gukomeretsa Yesu ; iyo twitegereje uwo twacumise, turizwa n'ibyaha byacu byamushegeshe. Amarira nk'ayo ageza umuntu ku kuzinukwa ibyaha*. »

Ibi bitumye tuvuga indi mpamvu y'ingenzi ituma kwihana kuza mu mutima w'umuntu igihe asanze Kristo. Ntidushobora kubabazwa n'uko twahemukiye umuntu dukunda niba tutamukunda ! Waba wibuka igihe wari umwana, ko waba warigeze gukubita igipfunsi umwana w'umuturanyi ? None se ntibyagombaga kukubabaza ?

Iyo dukura, tugenda turushaho - nibura ni ko nizera – gukunda abantu, ku buryo ubugwaneza bwacu butagarukira ku nshuti zacu magara. Uko byamera kose, uko turushaho gukunda umuntu, ni ko turushaho kubabara iyo twamukoreye nabi. Uko turushaho kwiga kumenya Yesu no kwiringira urukundo adukunda, tuzabona ko tubabara rwose by'ukuri iyo twamuhemukiye. Uko ni ko twihana mu buryo bw'Imana, kandi uko kwihana ntituzigera tukwicuza.

## *ICYIGISHO CYA 6 :KWIHANA*

Kwihana ni ukugira agahinda ko kuba wakoze ibyaha,kandi ukabizinukwa.

1.Ni nde wabwirije ibyo kwihana ,mbere yo kuza kwa Yesu ?
« Ni ko Yohana yaje, abatiriza mu butayu,abwiriza abantu ib'umubatizo wo kwihana ngo bababarirwe ibyaha ». Mariko 1:4; Luka 3 :3,8 ;Ibyakozwe 13 :24
2.Mbese Yesu yigishije ibyo kwihana?Kuki?
"Yesu ahera ubwo atangira kwigisha avuga ati : `Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi.` »Matayo 4 :17 ;Reba na Mariko 1 :15.
3.Mbese ni ngombwa kwihana ngo ukizwe ?
"Ndababwira yuko atari ko biri ,ahubwo namwe nimutihana,muzarimbuka mutyo mwese. »Luka 13:3,5;reba na 2Petero 3:9.
4.Mbese abigishwa ba Yesu bigishije ibyo kwihana ?
« Nuko baragenda bigisha abantu ngo bihane. »Mariko 6 :12.
5.Itorero rya mbere ryahaye rite agaciro ingingo yo kwihana ?
"Kuko iminsi yo kujijwa Imana yayirengagije,ariko noneho itegeka *abantu bose bari hose kwihana*. »Ibyakozwe 17 :30 ;Luka 24 :47.
6.Ni mu yahe magambo Itorero riheruka rihamagarirwa kwihana ?
"Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano,nuko rero, gira umwete wihane." Ibyahishuwe3:19.
7.Ni nde wiyumvamo ko akeneye kwihana ?
"Abazima si bo bifuza umuvuzi,keretse abarwayi:sinazanywe no guhamagara abakiranutsi, keretse *abanyabyaha*."Mariko 2:17.
8.Ni abahe banyabyaha bitabye irarika ry'Imana mu gihe cya Yesu ?
« Dore Yohana yaje muri mwe agandera mu nzira yo gukiranuka,ntimwamwemera :nyamara abakoresha b'ikoro n'abamalaya bo baramwemeye :ariko n'ubwo mwabibonye mutyo,ntimurakihana ngo mumwemere. »Matayo 21 :32.
9.Mbese abumvako ko bakiranuka,biyumvamo ubukene bwo kwihana ?
« Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye kumurutisha abakiranuka mirongo urwenda n'icyenda badakwiriye kwihana. »Luka 15 :7.
10.Mbese habaho ukwicuza k'ukuri n'ukutari uk' ukuri ?
« Agahinda ko mu buryo bw'Imana gatera kwihana kuticuzwa,na ko kukazana agakiza :ariko agahinda ko mu buryo bw'isi gatera urupfu. »2Korinto 7 :10.
11.Ese muri Bibiliya harimo ingero z'ukwicuza gupfuye ?

- « Maze Yuda wamugambaniye abonye ko urubanza rutsinze Yesu,*aricuza*, asubiza abatambyi bakuru n'abakuru bya bice by'ifeza mirongo itatu. »Matayo 27 :3.

- « Kuko muzi yuko hanyuma,ubwo yashakaga kuragwa umugisha atemewe,kuko atabonye uko yihana,n'ubwo yabishakaga cyane arira. »Abaheburayo 12 :17.

12.Mbese bishoboka ko twaterwa agahinda no gutinya ingaruka z'ibyaha byacu,aho kubabazwa n' uko twakoze icyaha ?

« Abantu botswa n'icyokere cyinshi,batuka Izina ry'Imana ishobora kubateza ibyo byago ;ntibihana ngo bayihimbaze…kandi kuribwa kwabo n'ibisebe byabo bituma batuka Imana nyir'ijuru ;ntibihana imirimo yabo ».Ibyahishuwe 16 :9-11.

13.Kwihana nyako kuva he ?

"Imana yaramuzamuye,imushyira iburyo bwayo,ngo abe Ukomeye n'Umukiza,aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha."Ibyakozwe 5:31.

**KWIHANA NTIBIHABWA ABABISHAKISHA,AHUBWO BIHABWA ABASANGA YESU.**

14.Mbese kwihana byahawe n'Abapagani ?

"Bumvise ibyo barihorera ,bahimbaza Imana bati:Nuko noneho Imana ihaye n'abanyamahanga kwihana,kugira ngo nabo babone ubugingo".Ibyakozwe 11:18;rebe na 2Timoteyo 2:24-26.

**NTIDUSHOBORA TWE UBWACU KUBYARA UKWIHANA.TURAGUHABWA.NI IMPANO Y'IMANA.**

15.Ese hari ingero zo kwihana nyako ziboneka muri Bibiliya?

*Yobu: « Ibyawe nari narabyumvishije amatwi ;ariko noneho amaso yanjye arakureba.Ni cyo kinteye kwizinukwa,nkaba nihannye ,nigaragura mu mukungugu no mu ivu. »Yobu 42:5,6.

*Dawidi: « kuko nzi ibicumuro byanjye,ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka.Ni wowe,ni wowe ubwawe nacumuyeho,nakoze icyangwa n'amaso yawe.Mana,undememo umutima wera :unsubizemo umutima(umwuka) ukomeye. » Zaburi51:3,4,10. Rebe na Daniyeli10:8; Luka18:13; Roma 7:9.

16.Ni gute Imana ituyobora ku kwihana ?

« Kandi usuzugura ubutunzi bwo kugira neza kwayo n'ubw'imbabazi zayo n'ubwo kwihangana kwayo ?Ntuzi yuko kugira neza kw'Imana ariko kukurehereza kwihana ? »Roma 2 :4.

17.Ni iki Petero yakoze ubwo,nyuma yo kwihakana Yesu yari yibutse ineza Yesu yamugiriraga ?

« Maze atangira kwivuma no kurahira ati :'uwo muntu simuzi'…Petero yibuka ijambo Yesu yari yavuze….Arasohoka,*ararira cyane*. »Matayo 26 :74,75.

18.Ni abagabo n'abagore bangahe Uwiteka yifuza ko bihana ?

« Umwami Imana…itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka,ahubwo ishaka ko *bose* bihana ».2Petero 3 :9.

**IMANA IZAGEZA ABANTU BOSE KU KWIHANA,URETSE ABAZABYANGA.**

Reba Matayo 12.41;11.21;Luka 16.29-31.

19.Mbese kwihana ni ngombwa ngo ubone kubabarirwa?

"Petero arabasubiza ati:'Nimwihane umuntu wese abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo,ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu,kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera".Ibyakozwe 2 :38 ;reba n'Ibyakozwe 3:19.

20.Mbese hari ibyishimo biba mu ijuru iyo abanyabyaha bihannye?

"Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye…"Luka 15:7.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA :**

-Kwihana ni imbuto y' umurimo *wacu*

-Turihana,tukabona gusanga Kristo

-Kwihana bibaho inshuro imwe bikaba bihagije

-Dushobora guhabwa imbabazi tutihannye

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA :**

*Kwihana ni ukugira agahinda k'uko wakoez icyaha kandi ukareka ibyaha byawe ;kwihana ni impano.Bityo, agahinda k'uko wakoze icyaha no kureka ibyaha na byo ni impano.

*Ntitubanza guhindura imibareho yacu ngo tubashe gusanga Kristo.tumusanga uko turi akaba ari we uhindura imibereho yacu.

*Imana iduha kwihana mbere y'uko iduha imbabazi

*Agahinda ko mu buryo bw'isi ni ukubabazwa n'uko wagaragaweho n'inenge yo kwica itegeko,agahinda ko mu buryo bw'Imana ni ukbabazwa n'uko washenguye umutima w'inshuti yawe magara ukanayicumuraho.

# IMBABAZI

## *IHAME RYA 31 : ICYAHA KIMWE RUKUMBI KIDASHOBORA KUBABARIRWA NI ICYO TUTIHANYE NDETSE NGO TUGISABIRE IMBABAZI*

Umunsi umwe nyuma y'amatertaniro, agakobwa kari hagati y'imyaka icyenda n'icumi, karwaye ise mu maso, kankuruye ikote gashaka kugira icyo kambwira. Tujyana ahantu hatuje mu nguni y'urusengero, amarira atemba mu maso, gafite n'ikiniga, maze karatura kati « ndemera ko nakoze icyaha kitababarirwa … » Abenshi ni abafite ubwoba nk'ubwo. Mu ijambo « icyaha kitababarirwa » ubwa ryo harimo igiteye ubwoba. Rishobora gutuma dutekereza Imana ko igira umujinya, izunguza umutwe ivuga iti« ubu bwo warengereye ! » Ndetse n'abakristo bashikamye bari hagati y'imyaka icyenda na mirongo icyenda n'icyenda baterwa ubwoba no kumva ko batabona imbabazi z'Imana.

Wa mugore wafatiwe mu cyuho asambana, yabonaga neza ko yarengereye, yubitse umutwe areba hasi, yari ategereje acecetse ategereje ko bamutera amabuye.

Yaratangaye cyane amenye ko urugi rw'imababazi rukimukinguriwe. Ntiyari yaciriweho iteka.Imana yari ikimuteganyirije imbabazi n'imbaraga. Reka turebe icyo Yesu yavuze ku byerekeranye n'iby'icyaha kitababarirwa muri Matayo12.31 : «Abantu bazababarirwa icyaha n'igitutsi…, ariko gutuka Umwuka Wera ni icyaha kitababarirwa ». Umugabane wa mbere w'uyu murongo uranejeje ngo « abantu bazababarirwa icyaha cyose ». Ariko se gutuka Umwuka Wera bisobanura iki ? Ntabwo bigoye. Bisobanura bitya « kuko umurimo w' Umwuka Wera ari ukwemeza abantu ibyaha bya bo (reba Yohana 16.8,9 ), kandi kuko icyaha cyose gishobora kubabarirwa, gutuka Umwuka Wera bisobanura rero kwanga kwemezwa icyaha ndetse ukanga no kwihana. Hari igisabwa kugira ngo imbabazi zitangwe. Iyaba atari ko biri, umuntu wese yagakijijwe. None se ibisabwa ni ibihe ? Ubwa mbere, tugomba kwatura ibyaha byacu,« nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kwacu », 1Yohana 1.9

Ubwo rero, icyaha kitababarirwa ni icyaha tutatuye ngo tugisabire imbabazi.

Mu gihe cyacu, hari abibwira ko kwatura ibyaha atari ngombwa. Bavuga ko Imana ari Data udukunda kandi ko umubyeyi atatitiriza abana be ngo bemere ibikorwa byabo bibi.

Ku bwa bo, umubyeyi abarira abana be kuko abakunda. Nyamara si ko Bibiliya ivuga.

Ibyanditswe Byera byigisha kwatura ibyaha ko ari ingenzi. Kugira ngo tubababrirwe, tugomba gusaba imbabazi z'ibyaha byacu tukanazakira.

Ese ni gute twakwakira imbabazi z'Imana ? Kuri ibyo, reka turebe amagambo ari mu gitabo cyo *Kugana Yesu* p.41 : « Niba wizera isezerano ko ibyaha byawe byababariwe kandi ko wejejwe, ibyo wizeye Imana izabikugirira biguhindukire ukuri. Urakira nk'uko ikirema cyabigenje kikizera ko cyakize, Yesu yagihaye imbaraga zo kugenda. Ukibyizera bikubera bityo ».

Tujya dutekereza ko icyatuma tubabarirwa ari uko tutakongera gucumura. Dusezeranira Imana dutya : « numbabarira iyi nshuro gusa…», nyamara nyuma tukongera gukora icyo cyaha. Ubwo tugatinya kongera kuyisanga ngo dusabe imbabazi.Ni cyo gituma benshi batekereza ko bakoze icyaha kitababarirwa.

Ariko isezerano ryo muri Bibiliya riravuga ngo « uza aho ndi, sinzamwirukana na hato »Yohana 6:37. Nta tariki ntarengwa nk'uko biba biri ku miti isaza ikarenza igihe. Kwakirwa n'Imana ntibijya birenza igihe. Usanze Yesu igihe icyo ari cyo cyose, urakirwa.

Uwo waba uri we wese, n'ibyo waba warakoze byose, urakirwa. Uyu munsi nusanga Yesu, saba imbabazi, wakire impano aguha yo kwihana n'iyo kubabarira ibyaha, uraba ubabariwe. « Yesu anezezwa no kubona tumusanga uko turi. Abanyabyaha, nta cyo dushoboye, twumva ko ari we dukesha byose. Dushobora kumusanga tukikubita ku birenge bye n'intege nke zacu no guhaba kwacu ndetse n' ibyaha byacu. Ubwiza bwe buzatwuzuza urukundo rwe butwomore inguma , budukize inkamba yose », *Kugana Yesu p.42.*

***IHAME RYA 32 :IMBABAZI NI IMFABUSA IYO UMUNYABYAHA ATAZEMERA .***

Hashize imyaka umugabo ategereje guhanwa .Umuntu umwe yiyemeza kumurwanaho ngo arengere ubugingo bwe .Nuko uwari ugiye guhanwa arababarirwa .Ariko uwo mugabo ntiyabyemera .Uko guhakana kwe kwateye imidugararo mu bacamanza .Hakorwa iki ku muntu wanze imbabazi?
Amaherezo ikibazo cyashyikirijwe urukiko rw'ikirenga ;rwibaza icyo kibazo .Niba imbabazi zitanzwe maze zikangwa ,umuntu ntiyahatirwa kuzakira .Umugabo wari wanze kwakira imbabazi yaje guhanwa .

Ikiremwamuntu cyaciriwe urwo gupfa .Turi imfungwa kuri iyi isi kandi dutegereje igihano .Ariko Yesu yiyemeje kutuburanira .Yesu yaje hano ku isi ; yapfuye mu cyimbo cyacu ariha ikiguzi twagomba gutanga .Yabaye inshungu yacu yifuza kutubabarira ,ariko dufite uburenganzira bwo kwanga ubwo buntu ashaka kuduha .Mbese hari ubwo wowe na bagenzi bawe mwaba mwarageze muri icyo gihe cyo kwanga imbabazi ? Umuntu akagukorera ikosa ukajya kumushaka ,ukamuha imbabazi ariko akazanga? Mbese waba waramenyeko imbabazi zitareba uruhande rumwe?

Ushobora kubabarira .Ushobora gukora uko ushoboye kose kugirango uvugurure umubano n'uwo muntu .Ariko niba yinangiye ntiyemere imbabazi umuha ,izo mbabazi ziba zibaye imfabusa.

Muri Luka 17:3 ,Yesu yabwiye abigishwa be uburyo bwo kwitwara imbere y'ababacumuraho. "Mwene so nakora nabi umucyahe : niyihana umubabarire" Aha ntabwo havuga ngo "mwene so nakora icyaha ,umubabarire",ahubwo havuga ngo niyihana umubabarire .K'umurongo wa kane ,Yesu yongera kuvuga neza ahamya ati "kandi nakugirira nabi ku munsi umwe akaguhindukirira karindwi ati "ndihannye",uzamubabarire .
Imana yubaha cyane umudendezo wo guhitamo ku buryo itaduhatira kwemera imbabazi zayo.
Imana itanga imbabazi zayo ku buntu ,ikadushishikariza kuzakira .Ariko guhitamo ni ukwacu.Dushobora kwanga imbabazi zayo tubaye ari byo twiyemeje.

Ubwo Yesu yaterwaga imisumari ku musaraba yasabiye abamurenganyaga .Amagambo ye yagombaga guhererekanywa uko ibihe bihaye ibindi kugeza mu minsi yacu . "Data ubababarire kuko batazi icyo bakora"Imbabazi ze ntizari zifite umupaka ;yazigiriye n'abari bagiye kumwica, abasengera by'umwihariko. Ariko se isengesho rye ryarumviswe?Byarashobokaga ko isengesho rye ryumvirwa ?Ni ikihe kintu cy'ikubitiro cyari gutuma isengesho ryumvirwa ?

Dusoma mu gitabo Uwifuzwa ibihe byose (*Jésus Christ* P 749) aya magambo “abandi kubwo kwinangira kwabo bizatuma isengesho Yesu yabasabiye ritumvirwa”
Imana yakoze ibyangombwa byose ngo ibyaha bibabarirwe .Izo mbabazi zatanzwe ku buntu nta kwikanyiza .Yesu yashyizeho uburyo buboneye bwo kubabarirwa, bamwe barazakiye abandi barazanze ;kuri bo basanze ntacyo zibamariye. Abari biteguye kuzakira bonyine nibo zagiriye umumaro.

Imbabazi zituri bugufi.Igitambo cya Kristo ku musaraba cyari gihagije ngo abantu bose bavukiye muri iyi isi bakizwe .Ni wowe wenyine washobora kwivutsa izo mbabazi.Guhitamo ni ukwawe .Imbabazi warazihawe niba wemera kuzakira.

***IHAME RYA 33 :IMBABAZI Z’IMANA NTIZIGIRA IHEREZO ;ARIKO KUZAKIRA KWACU GUSHOBORA KUGIRA IHEREZO***

Yibwiragako icyaha cye ntacyo gitwaye . Imyaka myinshi umugambi we wasaga n’uwasohoye. Umurimo yakoreraga Leta wari warahindutse inzira yo kuronka amafaranga. Umushahara we wa buri kwezi wari usekeje, wari nk’ubusa ugereranije n’umubare w’amafaranga yanyerezaga buri gihe.

Rimwe na rimwe yagiraga impungenge. Uko yaronkaga niko yayakoreshaga. Ariko umugore we yakundaga utuntu twiza, abana be bari baramenyereye ubuzima bwiza ,ni nako yakomezaga guhumiriza we ariko agakomeza kunyereza umubare munini w’amafaranga.

Umunsi umwe ibintu byaje guhinduka ukundi; abagenzuzi baje kumugwa gitumo maze ntiyabona umwanya wo kwitonda ngo ahishe ubwo butunzi mu bucakura bwe bwose.N’ubwoba bwinshi uwo mugabo arafatwa kandi aregwa umwenda w’amafaranga miliyoni mirongo itanu (50000000)agomba kwishyura Leta. Yibajije uburyo yabashije gukoresha amafaranga angana atyo ntagutekereza na gato uko byajyaga kugenda hanyuma.

Umugore we n’abana bajyaga gucishwa bugufi. Inzu ye nziza yagombaga kugurishwa, amafaranga avuyemo akishyura umugabane umwe w’umwenda we. Ario hanyuma yo kugurisha ibye byose, hasigaye miliyoni nyinshi yagombaga kwishyura. Ni buryo ki yajyaga kubona ayo mafaranga kandi afunze?

Amaherezo yaje kujya mu rubanza maze ahitamo umurongo umwe ushoboka. Yagiye imbere y’umucamanza yemera icyaha cye maze asaba imbabazi urukiko, asaba igihe cyo kwikosora. Umucamanza yaratangaye maze amuha imbabazi nubwo icyaha cyamuhamaga; nuko asohoka mu rukiko mu mudendezo.Ariko mu by’ukuri ntiyari afite umudendezo kuko yari yemeye ko azishyura amafaranga yibye. Mu bundi buryo yagombaga guhora yumva ko hari umwenda afitiye Leta.
Mu kugera iwe ahura n’umwe muri bagenzi be wari umurimo umwenda w’amafaranga ibihumbi bibiri(2000). Mu byukuri ntiyari menshi, ariko yashoboraga kuyagira urufatiro, kandi biruseho, kuva ubwo yagombaga gushaka ibyo akeneye kandi nta handi afite ho gukura amafaranga. N’uko amusaba ayo mafaranga ibihumbi bibiri.

Uwo mugenzi we ntiyashoboraga guhita abona ayo mafaranga ibihumbi bibiri n’ubwo uwo mwenda wari umaze igihe. Ndetse n’uwawutanze bigaragara ko yari yarabaye umugwaneza bihagije. N’uko ajyana uwo mugenzi we mu butabera. Nyuma y’iminsi mike urubanza rugera k’umucamanza warekuye wa mugabo wari ufunze kubwo kwiba Leta. Umucamanza abonye ko urega ari wa mugabo yarekuye agira umujinya mwinshi ahita afata umugambi wo gukuraho imbabazi yari yamugiriye. N’uku uwo mugabo asubizwa mu buroko. Ubwo urubanza yaregagamo mugenzi we ruba ruramugarukiye.

Iyi nkuru yavuzwe muri Matayo 18. Ifite ukuri gukomeye ku mbabazi. Imbabazi z'Imana nta herezo zigira. Ahubwo, kuzakira kwacu ni ko kubasha kugira iherezo maze bikabangamira umugambi wayo wo kudukiza iteka ry'ibyaha byacu.

Yesu yari yaratanze uru rugero asubiza ikibazo cya Petero "Databuja, mwenedata nangirira nabi nzamubabarire kangahe ?" N'uko Umwigisha atanga igisubizo gitangaje cy'inshuro mirongo irindwi karindwi agaragaza imbabazi Imana itugirira zitagira akagero. Inshuro mirongo irindwi karindwi ntibivuga ko Imana ibara ikarekeraho kutubabarira igejeje ku nshuro 490. Imbabazi zayo ntizishira ahubwo ni twe twica intege kuko tugira isoni zo guhora tugwa mu makosa, tukarekeraho gusaba imbabazi. Turekeraho gusaba imbabazi kuko dutekereza ko twarengeje urugero. Ni muri ubwo buryo duha imbabazi z'Imana iherezo kandi yo ubwayo nta herezo yashyizeho.

Cyangwa se tumeze nk'umugabo twamaze kubona mu gitekerezo haruguru. Uyu mugabo wari ufite umwenda w'amafaranga miliyoni mirongo itanu. Mu by'ukuri ntiyari yemeye imbabazi yari yahawe. Ni iby'ukuri ko yari yasabye imbabazi, ariko yamusabaga kumugirira imbabazi . "Ubwo umugaragu w'Umwami ntiyatekereje ubunini bw'umwenda afite kandi atashobora kwishyura. Yibwiraga ko ashobora kwikiza ubwe"Imigani ya Kristo (*Paraboles de Jésus* p.207)

Uburyo yagenje mugenzi we burerekana ko yari yasuzuguye imbabazi yagiriwe. Ubwo umucamanza yakuragaho imbabazi akongera kumufunga, yariho yubahiriza icyo cyemezo uwo mugabo yari yafashe kuko Imana itagira uwo ihatira kwakira imbabazi zayo. Iyo tubona ubwinshi bw'ibyaha byacu n'uburyo tutabasha kubyivanamo, ntitugomba kwiheba. Uko umwenda wacu ari munini niko dukeneye imbabazi z'Imana n'impuhwe zayo. Mu rukundo rwayo rutarondoreka nta kindi ikeneye kitari ukutubabarira no kutubatura.

## *IHAME RYA 34:ABABABARIWE BYINSHI NI BO BAKUNDA CYANE. ABAKUNDA CYANE, BAZUMVIRA BATAGOMBYE KUBARA INSHURO BUMVIYE.*

Ese ukunda Petero? Biragaragara ko izina rye ryavuzwemo kenshi kuruta andi mazina y'izindi ntumwa. Abenshi ni abamwigereranyaho. Petero yahutiragaho. Ntiyazuyazaga kubaza ibibazo bikakaye ndetse no gutanga ibisubizo bipfuye.

Petero abaza Yesu ikibazo yigiza nkana ku byerekeye imbabazi; cyavuzwe muri Matayo 18:21 "Databuja, mwenedata nangirira nabi nzamubabarire kangahe? Inshuro zirindwi?" Ikibazo cye yakibajije by'umuhango; yari yiringiye ko igisubizo cye ari cyo cyo. Inshuro ndwi yabonaga ari nyinshi. Abafarisayo ntibarenzaga inshuro eshatu. Petero we yari agerageje gukuba inshuro ebyiri ndetse arenzaho biba inshuro ndwi, umubare ushyitse(7). Petero uri igitangaza!.

Ariko banza utekereze gato mbere yo kugira icyo umuvugaho. Ni koko usanzwe uzi igisubizo cya Yesu. Umurongo wa 22 "Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo mirongo irindwi karindwi". Maze wiyibagize umwanya muto iri jambo, maze wibuke ubwo umuturanyi, inshuti, cyangwa umwe wo mu muryango wawe yagukoshereje, ukamubabarira ariko uwo muntu akongera, nawe ukongera ukamubabarira kugeza ku nshuro zirindwi. Ntiwaba wari hafi kugera ku iherezo ryo kwihangana?Uko biri kose, inshuro 490 zerekana umubare munini w'imbabazi.

Jye n'umuryango wanjye twatuye imyaka 7 yose mu ishuri rya Uniyo ya Pasifika yo muri Kaliforiniya yo mu majyaruguru. Icyo kigo cy'ishuri kiri mu misozi. Mu mvugo yaho "Mu birometero 13 hafi …Ni ahantu hitaruye abandi, hatuwe n'Abadivantisiti cyane. Aho hantu

umubwirizabutumwa aba ari nk'umukuru wa Polisi. Akora icyarimwe umurimo w'ubucamanza n'uwo gufata ibyemezo. Umunsi umwe ku cyumweru, telefoni yarampamagaye, umwe mu bizera bacu yashakaga ko mukiranura na bagenzi be kuko indogobe yabo yari yanyutse imyaka ye. Ubwo yabonaga ko nshobora kubakiranura. Igisubizo nashoboye guha uwo mugabo ni ikiboneka muri Luka 17 :3,4 « Mwene so nagucumuraho, umucyahe niyihana umubabarire. Kandi nakugirira nabi[karindwi mu munsi umwe], akaguhindukirira karindwi ati « ndihannye, uzamubabarire.(Petero nawe yatekereje ko inshuri ndwi ku munsi ari nyinshi).

Iyo nza kubwira umugabo nyir'ibihingwa nti « Inshingano yawe ni iyo kubabarira ;niba indogobe y'umuturanyi wawe yangije ibihingwa byawe inshuro esheshatu, uyu munsi umubabarire inshuro esheshatu. Dukurikije uko Bibiliya ivuga, iyo ngamiya ishobora kwangiza ibyo bihingwa n'inshuro 489, ariko icyo gihe nta gihingwa cyaba kigisigaye cyo kwangiza.

Yesu adusaba kugira imbabazi zitagira iherezo kimwe n'uko atadusaba kubabarira kurenza uko Imana yo yiteguye kubabarira. Tuzi ko imbabazi z'Imana zidashira, uko turushijeho kuyegera dusaba imbabazi kandi tuzakira. Ariko bamwe bibatera impungenge bakabaza bati « Mbese ibyo ntibyatera abantu gukora ibyo bishakiye ? » Niba abanyendogobe bababariwe inshuro 490 cyangwa se zirindwi mu munsi umwe, ntibari butekereze ko indogobe ziba zifite uburenganzira bwo kunyuka indabo ?

Mbese inyigisho y'imbabazi z'Imana zidashira ntizatesha agaciro ubuntu bw'Imana ?Yesu yasubirishije icyo kibazo umugani w'abantu babiri barimo umwenda. Muri Luka 7, abwira Simoni, Mariya ndetse n'abigishwa be bamwumvaga ko uwababariwe byinshi ari we ukunda cyane. Uko mubabarirwa ni ko murushaho gukunda.

Tugomba kongera amagambo yo muri Yohana 14 :15 « Ni munkunda muzitondera amategeko yanjye » Dufite ibyangombwa byose ku ngingo yacu. Imbabazi z'Imana ntizirangira ariko ntibiduha uburenganzira bwo gukora ibyaha. Kubera ko ubabariwe byinshi akunda cyane, kandi uko mukunda niko mwubaha. Ibyo birumvikana. « Yesu azi imibereho ya buri wese. » Wavuga uti « ndi umunyabyaha ukabije cyane » Birashoboka. Ariko uko mubona mwihebye ni ko mukeneye Umukiza. Nta n'umwe wigizwayo iyo aje amutakambira n'umutima umenetse. Ntawe avamo ngo amumenere ibanga. Yongera imbaraga umutima wose utengurwa. Ababarirana ubuntu bwinshi abantu bose bamusanga bamushakaho imbabazi no gusubizwamo imbaraga » Uwifuzwa Ibihe Byose (*Jésus-Christ* pp 562, 563).

### *IHAME RYA 35:IMBABAZI TUZIHABWA KU BUNTU, NYAMARA ZIRAHENDA CYANE KUKO ZAGUZE UBUZIMA BW'UMWANA W' IMANA IKUNDA CYANE.*

Umunsi umwe mu isomo nigishaga, naganiriye n'abanyeshuri ku byerekeye amanota. Nuko mbaza abanyeshuri banjye nti « Mbese uko mwakora kose mwifuza kubona amanota meza ? Cyangwa se mwahitamo kubona amanota meza mu gihe mwakoze cyane ngo muyabone ? »

Maze bansubiza neza bitonze bati « Rwose twifuza gukorana umwete kugirango biduheshe amanota ». Sinigeze mbizera na gato, kuko igihe cyose nabateguzaga isuzumabumenyi cyangwa ikizamini, numvaga basuhuje umutima kandi bataka. Yemwe, nari narihanganiye gusaba imbabazi kwabo kudashira ku mikoro banzaniraga bakererewe. Na none kandi byigeze kuntwara umunsi wose ntegeye abanyeshuri amatwi, ubwo twajyaga impaka ngo mbongerere nibura inota rimwe. Nanjye ndababwira nti « Twumvikane ! Mwe murashaka kugusha mwarimu neza gusa! Muri iri shuri buri wese yiringiye kubona amanota meza ?

Abanyeshuri baransubiza bati « Ntitwakwiga byinshi ! twakwibuka bike. Ntitwakwishimira amanota tutakoreye » Ariko sinabashije gutuma bahindura ibitekerezo. Mbese nawe ubyumva kimwe nabo ? Muri ibyo byose ni iki giha agaciro ikintu ? – Ni ukugihabwa nk'impano ? Cyangwa gukora kugirango ubashe kukibona ? Niba nyir'inzu akwishyuriye amazi ni bwo uzarushaho kuyakoresha neza cyangwa nibwo uzarushaho kuyasesagura ? Mbese uzirinda gusesagura amababahasha y'ikigo ukoramo cyangwa se uzirinda gusesagura igihe ukoresha ayawe ? Igihe ukodesheje imodoka bataguhaye ibirometero ntarengwa nibwo uzashaka kuyikoresha cyane cyangwa se buhoro ?
Uramutse uri bwishyurirwe wajya muri Hoteli imwe nk'iyo wahitamo uribwishyurire n'umuryango wawe muri Hoteli ?

Niba ari ukuri ko abantu baha agaciro ibintu byabatwaye imbaraga, kuki Imana itashyizeho uburyo bwo kubona agakiza ugaheshejwe n'imirimo ? Ni gute mu by'ukuri twaha agaciro imbabazi cyangwa kwihana ndetse n'ijuru, niba tubiherwa ubusa ?
« Impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu ».Abaroma6 :23.
Imana yaramuzamuye imushyira iburyo bwayo ngo abe ukomeye n'Umukiza ngo aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha » Ibyakozwe n'intumwa 5 :31.

Ku bw'ibyo, imbabazi, ubuntu n'agakiza byose ni impano si ibihembo. Si ibyo duhabwa kuko tubikwiye. None ni buryo ki dushobora kubiha agaciro kabikwiriye ?
Icyo kibazo cyasobanuka mu gihe dusobanukiwe n'imbabazi icyo ari cyo. Igitabo cyitwa Imibereho ihebuje*( Une vie meilleure* p 135), kibivuga gitya « Imbabazi z'Imana si igikorwa cy'ubucamanza gusa kigendereye kudukiza gucirwaho iteka. Si ukubabarirwa ibyaha gusa, ahubwo ni no kubibaturwamo. Urukundo rwaducunguye ruhindura imitima ». Imbabazi si igikorwa cy'ubutabera gusa, ahubwo ni ibirenze guhanagurwa mu gitabo cyo mu ijuru cyanditswemo abanyabyaha. Yemwe binarenze uburyo umuntu yishimira ijuru. Ahubwo ni ukuvugurura umubano n'Imana. Ni igikorwa giturutse ku urukundo.

Kuri twe abantu, iyo ari ugutanga cyangwa kwakira impano, urukundo rufite akarusho muri ibyo. Umwana azishimira guhangayika akora inkongoro yifashishije udusate tw'ibiti.afatanisha ubushishi. Urukundo ababyeyi bafitiye uwo mwana, ruzatuma baha agaciro icyo gikinisho cye n'ubwo muri cyo nta gaciro gifite. Mbese twe ntitwagombaga kurushaho guha agaciro impano mu gihe yo ubwayo ifite agaciro gatangaje ?

Tuvuge ko uri mu bitaro kubera uburwayi bw'impyiko. Umuvandimwe wawe akemera kuguha imwe muri ebyiri afite kugirango arengere ubugingo bwawe. Mbese uzamubwira uti « Umva, kugirango mpe agaciro impyiko yawe, nyemerera nguhe amafaranga ibihumbi magana atatu (300000 Frw) » ? Uzaba umubabaje cyane numubwira utyo !Kuko muri icyo gihe,impano izaba iguzwe mu gihe yari itanzwe n'umuntu ugukunda cyane ku buryo itazaba mu byukuri yabonerwa ikiguzi.

Ni byo koko urukundo ni rwo ruha ikintu agaciro bigeretseho ni uko ugikennye. Niba urimo urohama, umuntu akakujugunyira umupira wo kwogeraho, mbese uzabanza kumubaza uti « Ba woroheje gato.Mbese ndakwishyura amafaranga angahe ? » Mbese ntabwo ushobora guha agaciro uwo mupira utabanje kuwishyura ? Mu by'ukuri, uwo mupira urakenewe cyane kuburyo utabanza kwibaza ibyo byose.

Nubwo imbabazi ari ubuntu, ni gute twakomeza kuziha agaciro kazikwiye ? Mu kuzirikana ko tuzikeneye cyane ; mu gutekereza icyo byasabye ijuru ngo tubone iyo mpano ; mu kuzirikana urukundo n'ubushake bwimbitse bwa Data wa twese bwo kwiyunga n'abana be, impano yonyine ni yo yashoboraga guhuza ubutindi bwacu n'urukundo rw'Imana.

***ICYIGISHO CYA 7 : IMBABAZI.***

1. Mbese imbabazi ni imibereho ihiriwe ?
   « Hahirwa ubabariwe ibicumuro bye, ibyaha bye bigatwikirwa : »Zabuli 32 :1; Reba na none Abaroma 4 :7.
2. Mbese Imana yifuza kubabarira abanyabyaha ?
   "Kuko wowe Mwami uri mwiza, witeguye kubabarira kandi wuzuye imbabazi kubakwambaza bose" Zaburi 86:5
3. Ni kubw'urukundo rwa nde Imana ibabarira ibyaha by'abantu?
   "Ubwanjye ni njye uhanagura ibicumuro byawe, nkakubabarira kubwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi" Yesaya 43:25; "Ndabandikiye bana bato kuko ibyaha byanyu mwabibabariwe kubw'izina rye". 1Yohana 2:12.
4. Mbese Imana izababarira abanyabyaha?
   - "Kuko nzababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzakibuka ukundi" Yeremiya 31:34. Reba nanone Yeremiya 33:8
   - "N'aho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba, birahinduka umweru bise na shelegi"Yesaya 1:18
   - "Kandi uzarohera imuhengeri w' inyanja ibyaha byabo byose"Mika 7:19
5. Mbese Imana yababariye abanyabyaha ?
   "Neyuye ibicumuro byawe nk'igicu cya rukokoma, ibyaha byawe mbyeyuye nk'igicu" Yesaya 44:22.
   "Ibyaha byanjye byose warabyirengeje" Yesaya 38:17
   "Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera, uko niko yajyanye kure ibicumuro byacu" Zabuli 103:12.
6. Ni gute Imana yagaragazaga ubutabera kandi ikababarira abanyabyaha ?
   "Kandi yabikoreye kugira ngo no muri ikigihe yerekane gukiranuka kwayo, ngo ibe ikiranuka kandi itsindishiriza abizeye Yesu Kristo" Abaroma 3:26. Reba na none imirongo ya 24 na 25.
7. Ni gute Imana yabashije kubabarira ibyaha byacu ?
   « Kristo yapfiriye ibyaha byacu nkuko byari byaranditswe » 1Abakorinto 15 :3, Reba na none Abaroma 5:8-10.
8. Mbese urupfu rwa Kristo rufite aho ruhuriye n'imbabazi z'ibyaha byacu?
   "Amaraso atavuye ntihabaho kubabarirwa ibyaha byacu " Abaheburayo 9:22
   "Kuko aya ari amaraso yanjye, y'isezerano rishya, ava kubwa benshi ngo bababarirwe ibyaha." Matayo 26:28. " Ni we waduhesheje gucungurwa kubw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri." Abefeso 1:7. Reba n'Abakorosayi 1:14.
9. Mbese imbabazi z'Imana zitangirwa ubuntu?
   " Imana yaramuzamuye, imushyira iburyo bwayo ngo abe ukomeye n' Umukiza, ngo aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha" Ibyakozwe 5:31.

**IMBABAZI TUZIHABWA KU BUNTU, NYAMARA ZIRAHENZE CYANE ZAGUZE UBUZIMA BW'UMWANA W'IMANA IKUNDA.**

10. Ni ibihe byangombwa bisabwa ngo tubone izo mbabazi?
    " Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye, bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru, mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu." 2 Ngoma 7:14 Reba Imigani 28:13. na Yesaya 55:7.
11. Mbese kwatura ibyaha byacu ni ingenzi kugirango tubabarirwe?

"Ariko nitwatura ibyaha byacu ni yo yo kwizerwa, kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." 1 Yohana 1:9. Reba na Matayo 3:6

" Nakwemereye ibyaha byanjye, sinatwikiriye gukiranirwa kwanjye. Naravuze nti 'Ndaturira Uwiteka ibicumuro byanjye, na we ankuraho urubanza rw'ibyaha byanjye' " Zabuli 32:5.

12. Mbese haba hari icyaha kitabasha kubabarirwa?

"Ni cyo gitumye mbabwira ko abantu bazababarirwa icyaha cyose n'igitutsi" Matayo12:31.

**ICYAHA CYONYINE KITABASHA KUBABARIRWA NI ICYO TUTICUJIJE NGO TUGISABIRE IMABABAZI.**

13. Ese habaho icyaha cyo gutuka Umwuka Wera?

" Ariko gutuka Umwuka Wera ni icyaha kitazababarirwa" Matayo 12:31 Reba n'umurongowa 32. na Mariko 3:29.

14. Umumaro w'Umwuka wera ni uwuhe?

"Ubwo azaza azatsinda ab'isi abemeze icyaha" Yohana 16:8.

**GUTUKA UMWUKA WERA NI UKWANGA KO ATWEMEZA IBYAHA TUGOMBA GUSABIRA IMBABAZI.**

15. Dushobora guhabwa imbabazi z'Imana turamutse twebwe tutababarira bagenzi bacu?

"Ariko nimutababarira abantu, na so na we ntazababababarira ibyaha byanyu"Matayo6:15, 12, 14; Mariko 11:25; Luka 6:37.

16. Mbese twababarira bagenzi bacu,tukageza ku rugero rungana iki?

"Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha n'uko Imana yabababariye muri Kristo" Abefeso4:32. Reba no mu Abakolosayi3:13.

17. Ni buryo ki Yesu yababariye abanzi be?

"Yesu aravuga ati 'Data ubababarire kuko batazi icyo bakora'".Luka 23:34

18. Ese nitutababarira ntabwo Imana izatubabarira ?

Iga witonze umugani uboneka muri Matayo 18:23-35

19. Ese imbabazi zihindura imibereho yacu?

« Icyoroshye ni ikihe? Ni ukuvuga nti 'byuka ugende'?Ariko mumenye ko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha » Nuko abwira icyo kirema ati « byuka wikorere ubwo buriri bwawe utahe » Matayo 9 :5-6

**ABANYABYAHA BASHOBORA KUGENDA NKUKO YAGENDAGA NYUMA YO KUBABARIRWA IBYAHA. 1YOH 2:6**

20. Mbese imbabazi z'Imana zituma twirara?

- Imbabazi z'Imana ntizigira iherezo. Matayo 18:21-22
- Kugeza inshuro indwi ku munsi. Luka 17:3-5
- Ababababariwe byinshi nibo bakunda cyane Luka 7:41, 43, 47
- Abakunda bitondera amategeko. Yohana 14:15

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- 
- Dushobora gukorera cyangwa kwigeza ku mbabazi.
- Ntakintu gisabwa ngo imbabazi zitangwe.
- Kwatura ibyaha bifite agaciro gake.
- Iyo Imana itubabariye rimwe,biba bihagije by'iteka.
- Imbabazi ntizihindura imibereho yacu.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA.**

- ✓ Icyaha cyonyine kidashobora kubabarirwa ni icyo tuticujije ngo tugisabire imbabazi.
- ✓ Imbabazi ni imfabusa ku umunyabyaha iyo atazakiriye.
- ✓ Imbabazi z'Imana ntizigira iherezo, ariko kuzakira kwacu gushobora kugira iherezo.
- ✓ Abababariwe byinshi bazakunda cyane.
- ✓ Abakunda cyane nibo bazumvira batabara inshuro.

Imbabazi tuzihabwa ku buntu, nyamara zirahenze cyane, kuko zaguze ubuzima bw'Umwana w'Imana ikunda.

## UMUSARABA

***IHAME RYA 36: IMANA NTIBABARIRA IBYAHA AHUBWO IBABARIRA ABANYABYAHA. NYAMARA BIBILIYA IVUGA IBYO KUBABARIRA IBYAHA. YESU YAPFUYE KUBERA KO IBYAHA BITASHOBORAGA KUBABARIRWA.***

Nagomba guhita nemerako iri hame rimeze nk'umukino w'amagambo ugamije kugaragaza igitekerezo dushaka gutanga. Bamwe babona iri hame ari iry'ingenzi, abandi bagasanga ryateza akaga. Ariko reka tugerageze kumva ukuri kuvugwamo twifashishije ibintu byambayeho.

Umunsi umwe ubwo nari ntwaye imodoka mu duhanda duto, narengeje umuvuduko utegetswe, nshaka gucungura igihe. Nari nakerewe mu mihango yo gushyingura. Nuko hashize akanya mbona ikindi gicu cy'umukungugu kinsatiriye ; cyari icy'indi modoka y'abashinzwe umutekano wo mu muhanda. Ubwo umupolisi yarampagaritse maze ambaza arakaye cyane ngo nimwereke uruhushya rwo gutwara imodoka n'ibyangombwa byayo, ariko amaze kumenya uwo ndiwe n'impamvu inyihutisha, atangira gucisha make. Arambwira ati « narinzi ko ari umuntu wibye imodoka, none ubu ndakugenza nte ? Ningukorera inyandiko mvugo ko ngufatiye mu makosa, ejo bizasohoka mu kinyamakuru cy'umugi, maze biguteze ibibazo mu bizera. Ikindi kandi kuguca icyiru na byo bitaba igisubizo ».

Nanjye musubiza ko atari cyo gisubizo. Arambwira ati « ngaho komeza urugendo rwawe ; aragenda, nanjye nkomeza urugendo ariko ngenda buhoro »
Uyu muntu ushinzwe umutekano yakoze ibyo Imana idakora ; kandi ibi byabaye byerekana itandukaniro nshaka kugaragaza riri hagati yo kubabarira abanyaha no kubabarira ibyaha. Umupolisi yababariye icyaha cyanjye cyo kurenza umuvuduko wategetswe.Ariko ibyo ntibyahamanyaga n'amategeko y'igihugu abuzanya kurenza umuvuduko runaka.

Imana ntihindura amategeko yayo. Nta renga yobora igira. Iyo umuntu ayarenzeho, ntishora kuvuga ngo « ntacyo bitwaye, reka twirengagize ibyabaye ». Iyo biba byarashobokaga ko amategeko ahindurwa cyangwa agakurwaho, urupfu rwa Kristo ntirwari kuba ari ngombwa. Kuvanaho amategeko byari kuba ari uguha icyaha intebe ngo kizahoreho no gushyira isi mu buyobozi bwa Satani. Yesu yamanitswe ku musaraba kuberako amategeko adahinduka kandi ko nta kundi umuntu yashobora gukizwa keretse yumviye amahame ari muri ayo mategeko ». Uwifuzwa Ibihe Byose ( *Jésus- Christ* pp 767, 768).

Imana yo ibabarira abanyabyaha. Aho harimo itandukaniro. Iyo uyu mupolisi aza kungenza nk'uko Imana igenza, nta kindi yari gukora uretse kumpana. Nagombaga kujyanwa imbere y'urukiko maze umucamanza akavuga ko tsinzwe, ngacibwa amafaranga, ntayabona nkagomba kumara igihe muri gereza, keretse gusa uwo mupolisi agize icyo akora, agakora mu mufuka akishyura ayo mafaranga

we ubwe kugirango mbashe guhabwa umudendezo. Yakora atyo, akaba yubahirije amategeko kandi akaba andinze ingaruka z'icyaha cyanjye.

Ikiremwamuntu cyishe amategeko y'Imana. Kuba Imana idashobora kubabarira icyaha, ntibyayishobokeraga kubwira Adamu na Eva bamaze gucumura ngo « Mwikomereze, ni uburenganzira bwanyu ». Iyo Umwami Imana ivuga ityo, yari kuba ikururiye isi n'ijuru ingorane zikomeye.
Ubuyobozi bw'igihugu cyacu, haba ubwo bwirengagiza ibyaha bikomeye. Hari n'igihe twica amategeko nti dufatwe. Ndetse bamwe bavuga ko nibura mirongo inani ku ijana (80%) by'ibyaha no kwica amategeko, bidahanwa. N'iyo dufashwe, haba ubwo tutagerwaho n'ingaruka z'amakosa yacu. Ariko ibyo siko bimeze mu buyobozi bw'Imana. Icyaha buri gihe gishyirwa ahagaragara. Ntabwo gishobora kwihanganirwa. Ibivugwa mu Abaroma 6 : 23, bihora ari ukuri. « ibihembo by'ibyaha ni urupfu ».

Mu rukundo rwayo, Imana yabonye igisubizo : urupfu rwa Kristo ku musaraba rutuma ibabarira abanyabyaha. Uko niko irinda gukiranuka kwayo kandi natwe ikadukiza.

### *IHAME RYA 37:KRISTO YAPFUYE KU BW'IBYAHA BYACU NK'UKO IBYANDITSWE BIBIVUGA*

Tuvuge ko uri umucamanza. Ubu turi mu ntambara ya kabiri y'isi yose irarimbanije. Hitileri (uyu ni uwashoje intambara ya kabiri y'isi yose) arafashwe ; baramukuzanira ngo umucire urubanza. Ibimenyetso simusiga biramuhamya icyaha. Bakubwiye iby'ibyumba barundamo abantu bakabicisha ibyuka bihumanya. Ukumva uko imfungwa zategekwaga kwicukurira imva mbere yo kuzirasa.Ukumva uko abasirikare b'Abadage bicishaga abana inzara, bamara kuremba bakabaca ingingo zimwe na zimwe z'umubiri, nyuma yo kubambura ababyeyi babo. Urimo kubona amafoto y'ibikomere biteye ubwoba biri ku mibiri y'abantu. Urabona imirambo yatumbye yafotowe, imibiri itagifite ubuzima. Nk'umucamanza waca teka ki ?

Ariko mbere ya byose, ba uretse gato. Mbese uzi neza ko ugiye kubikorana urukundo? Mbese urashaka kuba umucamanza w'icyamamare utavugirwamo kandi uzi guhana yihanukiriye ? Nufata icyemezo cy'uko Hitileri agomba guhanwa, mbese aho ntibiri butume nawe umera nkawe ?

Muri iyi minsi, biravugwa cyane ko Imana ari inyarukundo kubw'ibyo rero ko ntawe yagirira nabi. Abashyigikira ibyo bose bemeza ko ihame ry'uko urupfu rwa Kristo rwari ngombwa ari imyemerere ya gipagani. Abo bara vuga bati « si Imana y''uburakari igomba guhongererwa ngo icururuke. Si Imana ihora. Ibyo twibwira ko ari igihano cy''Imana ni ingaruka z''ibyemezo byacu bibi ; naho ku Mana yo, kurimbura, kwica, nti byaba ari ibikorwa by''urukundo ».

Birashoboka wenda ko urugero rwa Hitileri rukabije. Reka turebe urundi rugero mu isezerano rya kera. Abisirayeli barimo gusenga ikigirwamana, babyina barimo basambana. Bahenze Mose adahari, ubuyobozi bwasigiwe Aroni maze baboneraho. Babifashijwemo na Aroni, barema inyana y'izahabu. Mu gihe abantu bose basabagijwe n'imbyino, Mose aragaruka abatunguye. Muribuka ingaruka zabyo ? Abihannye bahatiwe kunywa amazi arimo ifu y'icyo kigirwamana cyasewe, abatarihannye baricwa. Ibyo birasa n'igihano kitagira imbabazi na mba. Mbese ibyo Imana yabikoranye urukundo ?

"Imana, kubw'imbabazi zayo, yishe abantu ibihumbi kugirango bitazaba ngombwa kurimbura za miliyoni mu gihe kizakurikiraho. Kugirango abantu benshi bakire, byaringombwa ko umubare muto

uhanwa. Naho ubundi Abisirayeli bamaze kwica indahiro yo kumvira Imana, bari batakaje uburinzi bwayo, bishyize mu menyo y'abanzi babo.

Byari ngombwa kugirango Isirayeli imererweneza kandi byari n'isomo ku bantu bazababaho hanyuma, ko icyaha gihita gihanwa. Mukubuza abanyabyaha gukomeza inzira yabo mbi, umwami Imana yerekanye imbabazi zayo. Iyo ubuzima bwabo bugumaho, umwuka wari ubarimo wari kubatera kwangana no kurwana bakicana. Icyaha cyahise gihanwa by'intangarugero ku bw'urukundo Imana ikunda abatuye isi, n'urwo ikunda Abisirayeli ndetse n'urwo ikunda abanyabyaha ». Abakurambere n'Abahanuzi ( *Patriarches et Prophètes,* p 330).

Icyaha buri gihe kigira ingaruka.Icyaha kizana ingaruka z'urupfu, ntibishoboka kandi kuburizamo ingaruka z'icyaha gusa. Mu buryo bumwe, ubutabera bwonyine nibwo bwabasha guhangana n'icyaha, ariko habonetse uwemera guhabwa igihano. « Kristo yapfiriye ibyaha byacu nkuko ibyanditswe bivuga » 1 Abakorinto 15 : 3. Uyu murongo uvuga ukuri kwa Bibiliya kuri iki kibazo mu buryo bworoshye. Muri Yesaya 53 : 5 haravuga ngo « Ibyaha byacu ni byo yacumitiwe, ibicumuro byacu nibyo yashenjaguriwe ».

Ubutabera na bwo buturuka mu rukundo nk'uko imbabazi ziva mu rukundo. Niba umuhungu wawe akubita mushiki we, ukaba nta cyo ukora ngo ubabuze, nta rukundo ugaragariza buri wese muri abo bana. Urupfu rwa Kristo mu cyimbo cy'abemera igitambo cye n'igihano giheruka mu nyanja yaka umuriro ku batacyemera ni cyo gihano cy'urukundo kuruta ibindi umucamanza w'ibyaremwe byose yakora kugirango ahangane n'ububi bw'icyaha. Urupfu rwa Kristo n'igihano giheruka cy'abacumuye bigaragaza urukundo rwe, nk'uko imbabazi zihabwa umunyabyaha wihannye zirugaragaza. Urukundo nyakuri rurangwa n'imbabazi n'ubutabera.

### *IHAME RYA 38:KUBW'UMUSARABA GUKIRANUKA KW'IMANA KWARAGARAGAYE NDETSE N'IMBABAZI Z'IMANA ZIHABWA UMUNTU WESE*

Muri icyo gihe umujinya waramurenze. Ni ukuri koko yara amaze gutsindwa no kwirukanwa mw'ijuru ; ariko noneho Lusiferi yari afite ubwami bwe ayoboye ari kumwe n'abarenga kimwe cya gatatu cy'abamarayika bo mu ijuru kandi bumviraga amategeko ye. Birumvikana ko kubw'ibyo yari amaze kugeraho, yajyaga kongera kwisuganya ngo agabe ikindi gitero. Kandi yari afite amahirwe yo gutsinda mu mirwano ikurikiraho.

Nyamara rugikubita, ibibazo byatangiye kuvuka mu butegetsi bwe. Nta gushyirahamwe kwari mu bayoboke be. Ubwo kurwana imbona nkubone n'umwana w'Imana kwari kurangiye. Abamarayika ba Satani batangiye kugira intonganya hagati yabo ; kandi izo ntonganya zarimo zivuka hagati yabo zateraga Satani guhangayika.

Ariko hari intambara ikomeye yarimo ica ibintu mu mutima we. Satani yumvaga ari nyakamwe. Yumvaga ari mu bwigunge ; cyane cyane iyo yumvaga abamarayika b'Imana barimo bayihimbaza. Kuko mbere yari umuyobozi w'abo baririmbyi, yari atangiye kubona ububi bw'icyemezo yari yafashe. Yabonaga ahazaza he hazaba habi kuruta ikindi kintu kibi yaba yarigeze gutekereza.

Tubona iyi mirongo ikurikira mu gitabo cyitwa Inama z'Imana muri iyi minsi (*The story of Redemption* p.26.) « Satani yahindaga umushyitsi iyo yatekerezaga ibyo yakoze.
Yabaga yigunze, agatekereza ku by'igihe cyashize, kuby'igihe yarimo no ku migambi ye y"ahazaza.Uko yakabaye, agahungabana nk'uhushywe na serwakira. Ubwo umumarayika wo mu ijuru yatambukaga aho,Lusuferi yaramurembuje, maze amusaba ko yamusabira akabonana n"Umwana w"Imana. Ibyo yarabimwemereye. Lusuferi yabwiye Umwana w"Imana ko noneho

aretse kwigomeka kwe, akaba yifuza kongera gusubira mu rukundo rw'Imana… Kristo yarijijwe n'ishyano Satani agushije, ariko nk'Imana amubwira ko bitagishobotse ko yemerwa mu ijuru. Ijuru ntiryashoboraga kwikururira ako kaga. Iyo Satani yemererwa gusubirayo, ijuru ryose ryari kuba ryanduye, kuko icyaha no kwigomeka byakomotse muri we ; muri we hari hakirimo imbuto zo kwigomeka ».

Amaze kubonana na Kristo, Satani yiyemeje guhindura imikorere. Yiyemeza kuzacumuza umuntu. Yumva ko azagera kucyo yari yabuze akoresheje ubundi buryo. Ibirego bya mbere Satani yaregaga Imana byari uguhakana ubutabera bw'Imana. Ubwo rero mu gucumura k'umuntu yari kubonamo ibyemeza icyo yavugaga.

Ikiremwa muntu ni kiramuka gicumuye, kizaba ikimenyetso cy'uko amategeko y'Imana adatunganye kandi ko bidashoboka kuyumvira. Bityo Satani akaba yigaruriye isi akayitegeka. Ariko Imana niramuka ihaye ikiremwa muntu amahirwe yo gukira, Satani nawe azaba abonye icyo yashakaga, aricyo gusubizwa mu mwanya we. Kuko niba Imana yarashoboraga guha umuntu andi mahirwe, birumvikana ko na Satani yahabwa andi mahirwe.

Ariko umwami Imana yari yarafashe ingamba z'icyo kibazo. Guhera mbere hose, gahunda yo gukiza umuntu yari yarafashwe kandi ikanakuraho ibirego Satani yaregaga Imana.

Kubw'urupfu rwa Kristo ku musaraba, Imana yashoboraga « kwerekana gukiranuka kwayo muri icyo gihe ngo ibe ikiranuka, kandi itsindishirize uwizeye Yesu » Abaroma3 : 26. Igitambo Kristo yatambye ku bwacu cyatumye Imana yerekana gukiranuka kwayo, ndetse yerekana n'imbabazi zayo. Umusaraba wahishuye ubutabera bw'Imana, kandi wegereza umuntu uburyo abona imbabazi hatirengagijwe ubutabera bw'Imana.

Kuri Satani wari wacumuye abigambiriye kandi anasobanukiwe neza urukundo rw'Imana, nta kundi kugaragaza urukundo rw'Imana kuruta ibyo yari azi kwashoboraga guhindura umutima we wuzuye ubugome. Ariko umuntu wari washutswe akayobywa, Imana yashoboraga kumuha andi mahirwe. Ku bantu bari biteguye kubyemera, urukundo, ubutabera n'imbabazi by'Imana, byahishuriwe mu rupfu rwa Kristo, byari kubabera ubugingo. Agakiza rero, kari gashyizwe aho buri wese ugambirira kukakira yakabona.

### *IHAME RYA 39:URUPFU RWA KRISTO RWARI NGOMBWA KUGIRA NGO TUBABARIRWE*

Tuvuge ko wiyemeje kugaragariza abaturage b'I Chicago (soma Shikago) urukundo rw'Imana. Ukajya mu mujyi rwagati ; maze ukagenda mu mihanda ufasha abantu bahanganye n'ingorane zitari zimwe ; ugafata igihe ngo utegere amatwi abantu bari mu bwigunge ; kandi ukihatira kwereka abo muhuye bose urukundo rw'Imana.

Ariko rero, Chicago ni ahantu ho kwitonderwa, cyane cyane iyo bwije. Mu mihanda yaho iyo ari mu gicuku, uba ushobora byanze bikunze kuhagirira ingorane. Cyakora n'ubwo bimeze bityo, ukabasha gushyira mu bikorwa umugambi wawe mu gihe runaka, ukabera umugisha abantu bamwe. Ariko ku mugoroba umwe, mu gahanda gacuze umwijima, umwicanyi ruharwa akahagutegera akakwica.

Abo mwamenyanye b'I Chicago bakamenya ibyakubayeho. Bakabwira abaturanyi babo ukuntu wapfuye ugirango uhamye urukundo rw'Imana. Bityo urupfu rwawe rugasobanuka neza bitewe n'ingorane wemeye kunyuramo ugirango umenyekanishe urukundo rw'Imana mu batuye uwo mujyi munini.

Ese uratekereza ko icyo cyaba nk'ikitegererezo cyiza cy'urupfu rwa Kristo ku musaraba ? Mbese urupfu rwe rwari ngombwa kugirango tubone imbabazi ? Cyangwa se urupfu rwe rwabaye impanuka ? Mbese yaje kw' isi kugirango atwereke urukundo rw'Imana gusa, nuko hanyuma agapfa kuberako ku isi ari ahantu huzuye ubugome ? Cyangwa se urupfu rwe rwari muri gahunda y'Imana yo gukiza umuntu ?

Abantu baratekereje, bashyiraho icyo bise « ihame ryo guhindurwa n''imico ntangarugero byeza ho icyaha » rikavuga ko urupfu rwa Kristo rutari ngombwa ; ngo ikiremwa muntu cyashoboraga kubabarirwa Kristo atagombye gupfa. Rimwe mu makosa iryo hame rivuga ko rikosora, ni ukuvuga ko Imana yarakaye maze igasaba indishyi y'akababaro ngo ibone gushira uburakari. Ni iby'ukuri ko umugambi w'urupfu rwa Kristo atari uwo gucubya kwihorera kw'Imana, kuko Imana yari muri Kristo ikiyunga n'abari mu isi.Ariko se urupfu rwa Kristo ntirwari ngombwa kubera izindi mpamvu ?

Tubona iki gitekerezo gicengera mu mutima iyo ugisomye mu gitabo cy'Intambara Ikomeye (*La Tragédie des siècles* p75). « Niba Yesu yaritanzeho igitambo ni uko abantu bacumuye ntacyo bo ubwabo bashobora gukora ngo bemerwe mu maso y'Imana. Ibikwiriye Umukiza wabambwe akazuka, ni byo rufatiro rwo kwizera kwa gikirisito ».

Abatambyi n'abayobozi b'Abayuda, bari bateranye bakikije umusaraba umunsi wo kubambwa kwa Kristo. Ntabwo bari biteguye kwemera Kristo wari uwubambweho. Iyo ni yo mpamvu bavuze ngo « ko ari Umwami w'Abisrayeli ; namanuke ave ku musaraba nonaha, natwe turamwemera » Matayo 27 : 42. Byashoboka ko nyiramubande y'iki gitekerezo icyumvikana n'ubu ? Mbese turashaka natwe ko Kristo amanuka ku musaraba ngo tubone kumwemera ?

Ni ugukomeretsa ubwibone bw'umuntu kuvuga ko ari ngombwa kwemera ko dukeneye gukizwa aho kwigishwa. Nyamara ariko, igitekerezo cy'uko abantu bakeneye umukiza, niryo shingiro ryo kwizera kwa gikristo.

Bibliya yigisha inshuro nyinshi ko Kristo ari inshungu yacu. Umurongo uzwi cyane ushobora kuba ari uwo muri Yesaya 53. « Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twe twamutekereje nk''uwakubiswe n'Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n'imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibabaro ye niyo adukirisha. Twese twayobye nk''intama zizimiye, twese twabaye intatane ; Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese » Umurongo wa 4-6.

Imihango yose y'ibitambo kuva kuri Adamu na Eva ku miryango y'ingobyi ya Edeni, kugeza ku minsi mikuru yaberaga mu rusengero mu gihe cya Yesu, yari ishingiye ku gitekerezo cy'uko hari undi uzaza kujya mu cyimbo cy'umuntu wacumuye kugirango amukize. Kristo yari « Umwana w''intama watambwe uhereye ku kuremwa kw''isi » Ibyahishuwe 13 : 8.

« Uko byacisha umutima w''umuntu bugufi kose umuntu abona agakiza ari uko yemeye Umukiza wabambwe akazuka. "Umuntu upfukama ku birenge by''umusaraba yizeye, aba yageze ku rugero ruruta izindi mwene muntu abasha kugeraho » Ibyakozwe n'intumwa_(*Conquérants pacifiques* p. 186).

***IHAME RYA 40:NTA CYO DUSHOBORA KONGERA KU GITAMBO CYA KRISTO KU MUSARABA,ARIKO IMANA YO ISHOBORA KONGERAHO BYINSHI.***

Ubwo inteko nkuruy'Abadiventisti yateranaga i Dallas (soma i Dalasi) muri Texas( soma Tegizasi), kimwe mu bibazo byagomba kwigwa, cyari ukungurana ibitekerezo no kongera gusuzuma amahame y'Itorero. Rimwe mu mahame yizweho cyane, yari inyigisho y'impongano. Abantu batanze ibitekerezo byabo kuburyo bunyuranye. Bamwe bashyigikiraga igitekerezo cyo gukurwaho burundu kw'ibyaha, abandi bemezaga gukurwaho kw'ibyaha mu buryo bw'igice. Nari nicaye ku rubaraza rw'icyumba inama yaberagamo nitegereza H.M.S.Richards, wari wicaye munsi y'aho nari ndi, arimo gusoma Bibiliya ye ; yasaga n'utitaye na gato ku byaberaga iruhande rwe.

Umunsi umwe yavuze aya magambo avuga ku giterane cya Bibiliya yigeze kujyamo agira ati : « narafashijwe muri kiriya cyumweru cyose ; nabashije gusoma isezerano rishya ryose ubwo narindi muri icyo giterane!. ». Ariko mugiterane cy'i Dallas, ubwo nifuzaga ko mwenedata Richards ( soma Rikadi) yahagurukaga akagira icyo avuga, W.G.C.Mardoch (soma Maridoki) azamuka ku ngazi maze aravuga ati« Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi bemera kuva kera ndetse kugeza n'ubu ko hariho gukurwaho kw'ibyaha kwa burundu kutari kwarangira".

Igitambo cya Kristo ku musaraba, cyari igitambo cyuzuye. Ubwo Yesu yavugaga ngo « Birarangiye » yavugaga ukuri. Yari arangije inshingano yari yaje gusohoza hano ku isi. « Yari atsinze intambara ». Ukuboko kwe kw'iburyo ko kwera kwari kunesheje. Yashinze ibendera ahirengeye h'iteka ryose. Mbega umunezero abamarayika bagize!. Ijuru ryose ryari ryifatanije n'umucunguzi muri uko kunesha kwe.Satani yabonye ko atsinzwe burundu**.** Uwifuzwa ibihe byose **(***Jésus Christ* p.762).

Ntacyo dushobora kongera ku gitambo cye. Imirimo yacu myiza, kwitanga kwacu no kumvira kwacu, ntacyo byongeraho. Ntakindi twakora uretse kwemera igitambo cya Kristo cyuzuye kuri twe.

Ariko gukurwaho kw'ibyaha kwari kutararangira.
Mu isezerano rya kera, umunsi mukuru w'impongano wabaga buri mwaka ntiwarangiraga ubwo umutambyi yabagaga arimo atamba igitambo. Ibyaha by'abantu byagomba kugerekwa ku isekurume y'ihene, ndetse iyo hene ikoherwa mu butayu. Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba, yari atsinze intambara yo kutubera incungu y'ibyaha. Nyamara intambara yo kurwanya icyaha ntiyari irangiye kandi kugeza n'ubu ntirarangira.

Iyaba Imana itarashatse kugira ikindi icyo ari cyo cyose yongera ku musaraba ku bwo kuremwa gushya kwacu, kuva icyo gihe, ntibwari kongera undi munsi n'umwe w'umubabaro n'agahinda haba n'urupfu. Ubwo Yesu yazukaga muri icyo gitondo, abari barabayeho mbere bapfuye, bose bari kuzukana nawe atari barya babaye « umuganura » gusa.Ubwo yazamukaga ajya mu ijuru, abari baramwemeye bose uhereye kuri Adamu kugera ku gisambo cyo ku musaraba, bajyaga kuzamukana nawe. Ariko nk'uko tubizi, si ko byagenze.

Byaba ari ikosa rikomeye kwibwira ko ibikorwa byacu hari ikintu icyo aricyo cyose byakongera ku gitambo cya Yesu yadutambiye. Byaba kandi ari ikosa, gutekereza ko Inama y'agakiza yarangiriye ku musaraba. Uwo musaraba, ni urufatiro rwo kwizera kwa gikristo, ariko nta nyubako n'imwe irangizwa no gushyiraho umusinge uko waba ukomeye kose.

Igihe gikenewe kugirango imigambi ya Satani uko yakabaye igaragarire ibyaremwe byose, na cyo ni kimwe mu bigize imigambi y'Imana. Kwamamaza Ubutumwa bwiza ku isi yose kugira ngo buri wese ahabwe amahirwe yo kubwemera cyangwa kubwanga ; ibyo nabyo ni ikintu cy` ingenzi mu

mugambi w ‘Imana. Kugaruka kwa Yesu mu mbaraga no mu bwiza bwe aje kujyana abana be aho yabateguriye na byo biri mu migambi y’Imana.

Dore indi migabane y’uyu mugambi : imyaka igihumbi mu ijuru,izaha buri wese uburyo bwo gusuzuma ibitabo by’Imanza ndetse no kwibonera ubutabera no kutabogama by’Imana ; guhangana kwa nyuma kw’ingabo z’umwanzi zirwanya Imana, igihe Satani azaba atamajwe mu maso ya benshi ; ubwo amavi yose azapfukama, ndetse n’ururimi rwose rukatura ko Yesu ari umwami.

Kimwe no kurimbuka kw’abanyabyaha, kutazabasigira umuzi cyangwa ishami, bizakurikirwa no gutunganywa ku isi,na byo ni umwe mu migambi y’Imana yo kudukiza no kuturema bundi bushya.

Uwo mugambi urimo ushyirwa mu bikorwa : Ariko gusohozwa kwawo gutangaje kuzaba ari agahebuzo kurenza uko tubitekereza, kuko uhereye ku kuremwa ku isi « Ntabwo abantu bigeze kumenya cyangwa kumvisha amatwi yabo no kurebesha amaso yabo indi Mana igira icyo imarira uyitegereza itari Wowe » Yesaya 64 :3.

***ICYIGISHO CYA 8:***

## UMUSARABA.

1. Umusaraba wari ufite uwuhe mwanya mu nyigisho za Paulo ?
   « Kuko nagambiriye kutagira ikindi mbamenyesha, keretse Yesu Kristo, ni we Yesu Kristo wabambwe »1Abakorinto 2:2
2. Mbese Yesu yifuje ko twakwibuka urupfu rwe ? « Yenda umutsima, arawushimira, arawumanyura, arawubaha, arababwira ati « uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe : mujye mukorera gutya kugirango munyibuke » Luka 22 :19
3. Mbese urupfu Kristo yapfiriye abanyabyaha rwari ngombwa ?
   - « Kandi nk’uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, niko umwana w’umuntu akwiriye kumanikwa ; kugirango umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho ». Yohana 3 : 14-15, reba na none Luka 24 : 25,26,46.
   - « Kandi amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha »Abaheburayo 2 :22, reba na none imirongo ya 15, 16,23-28.

« Nyamara ibicumuro byacu ni byoyacumitiwe,yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu…….Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese…..yararenganye….yakubitiwe ibicumuro by’ubwoko bwe ».Yesaya 53 :5-8.

- « Nijye mwungeri mwiza. Umwungeri mwiza apfira intama ze……. Kandi mpfira intama zanjye »Yohani 10 : 11,15 : reba na none Abaheburayo 9 : 26 ; 10 :12

4. Mbese umusaraba wa Kristo hari icyo usobanuye ku barimbuka ?

- Ijambo ry’umusaraba ku barimbuka ni ubupfu, ariko kuri twebwe abakizwa n’imbaraga z’imbaraga z’Imana » 1kor.1 :18

**UMUSARABA NTA CYO USOBANUYE KU MUTIMA UTAHINDUTSE**

5. Mbese umusaraba hari icyo wari usobanuye ku ntumwa Petero ?

« Yesu aherako yigisha abigishwa be ko akwiriye kujya iYerusalemu, akababazwa uburyo bwinshi n’abakuru n’abatambyi bakuru n"abanditsi ; akicwa, akazazurwa kumunsi wa gatatu. Petero aramwihererana atangira kumuhana ati « Biragatsindwa, Mwami, ibyo ntibizakubaho na hato ». Matayo 16 : 21,22 reba na none imirongo ya 23, 26 ; 52-54.

6. Ni gute abantu b’ibigoryi bashinyaguriye Yesu iGolgota ?

« Yakijije abandi, ntabasha kwikiza. Ko ari Umwami w"Abisirayeli, namanuke ave ku musaraba nonaha ; natwe turamwemera ». Matayo 23 : 42 ; reba na none imirongo ya 39-41.

7. Mbese umusaraba hari icyo uhuriyeho no gutsindwa kwa Satani ?

« Ubu urubanza rw"ab"isi rurasohoye ; ubu umutware w'ab'isi abaye igicibwa ; najye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose ». Yohana 12 : 31,32, reba na none Ibyahishuwe 12 : 10-12.

« Nuko rero nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, niko na we yahuje ibyo nabo, kugirango urupfu rwe ruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu, niwe Satani, abone uko abatura abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose ». Abaheburayo 2 : 14, 15.

## KU BW'UMUSARABA, GUKIRANUKA KW'IMANA KWARAHISHUWE N'IMBABAZI ZIHABWA BURI WESE.

8. Ni iyihe sano iri hagati y'umusaraba n'Ubutumwa Bwiza bwo kwiyunga n'Imana ?

« Ubwo twunzwe n'Imana ku bw"urupfu rw 'Umwana wayo wadupfiriye tukiri (abanyabyaha) abanzi bayo, na none ubwo tumaze kungwa na yo, ntituzarushaho gukizwa kubw"ubugingo bwe ? » Abaroma 5 : 10 ; reba na none Abefeso 2 : 13,16 ; Abakolosayi1 :20.

9. Ni uruhe ruhari Imana yagize mu kwiyunga n'abanyabyaha ?

« Kuko muri Kristo arimo Imana yiyungiye n'abari mu isi ». 2 Abakorinto 5 : 19 ; reba na none Zaburi 78 : 35 ; Yesaya 63 : 16.

10. Ni mubuhe buryo abanyabyaha bunzwe n'Imana ?

« Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha. Nkanswe none ubwo tumaze gutsindishirizwa n'amaraso ye ntituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we ? » Abaroma 5 : 8,9 ; reba na none Abaroma 3 : 25.

11. Mbese urupfu rwa Kristo rwari ngombwa kugirango ibyaha bibabarirwe ?

« Kuko ubugingo bw'inyama buba mu maraso, … kuko amaraso ariyo mpongano, ayihindurwa n'ubugingo buyarimo ». Abalewi 17 : 11.

« Dutsindishirizwa n'amaraso ye ». Abaroma 5 : 9.

« …Yesu Kristo, ukiduhesha kuzura nayo na bugingo n'ubu ». Abaroma 5 : 11 ; reba na none Abaheburayo 10 : 19 ; 1Yohana 1 :7 ;Ibyahishuwe 1 :5.

12. Mbese urupfu rwa Kristo rufitanye isano no gucungurwa ?

« Kristo yaducunguye kugirango dukizwe umuvumo w'amategeko, yahindutse ikivume ku bwacu (kuko byanditswe ngo « havumwe umuntu wese umanitswe ku giti ») Abagalatiya 3 : 13. ».

« Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ni ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk"uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri » Abefeso1:7; reba na none Abakolosayi1: 14 ; Abaheburayo9: 12.

« Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sogokuruza banyu atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu ; ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo » 1Petero 1 : 18, 19.

« Kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose … ubacunguje amaraso yawe … » Ibyahishuwe 5 : 9.

## UMUSARABA NI IGISUBIZO KU BUTABERA BW'IMANA SI UWO GUHOSHA UBURAKARI BWAYO

13. Mbese Bibliya yigisha iby'inshungu ?

« Nk'uko umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutangira ubugingo bwe kuba inshungu ya benshi »

« Yesu Kristo… witangiye kuba inshungu ya bose » 1 Timoteyo 2 : 56.

« Abacunguwe n'Uwiteka bazagaruka, bagere iSiyoni baririmba ; ibyishimo bihoraho bizaba kuribo ». Yesaya 35 : 10.

14. Ibyanditswe hari icyo bivuga ku kiguzi cy'inshungu yacu ?

« Kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana » Abakorinto 6 : 20.

« Ariko nk'uko hariho abahanuzi b'ibinyoma badutse mu bwoko…, ndetse bazihakana na shebuja wabacunguye » 2 Petero2 : 1.
15. Ni ikihe kiguzi Yesu yatanze ?
« Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu ». Abaroma 6 : 23.
16. Mbese Kristo yapfuye mu mwanya wacu, mbese nk'ingurane yacu?
« ... y'uko Kristo yapfiriye ibyaha byacu. » 1 Korinto 15 : 3.
« ... Kristo yacumitiwe ibicumuro byacu. » Yesaya 53 : 5,6.
« ... Kristo yatambwe ku bwacu. » 1 Korinto 5 : 7.
« Kristo yahindutse ikivume ku bwacu. » Abagalatiya 3 : 13.
« Kristo yababaye umubabaro w'urupfu ku bwacu. » Abaheburayo 2 : 9.
« Kristo yapfuye ku bwacu. » Abaroma 5 : 6-8.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBAGA GUKOSORA**

- Urupfu rwa Kristo ntirwari ngombwa kugirango tubabarirwe.
- Kristo agomba kumanuka ku musaraba kugira ngo tumwemere.
- Urupfu rwa Kristo rwari rugendereye gucubya uburakari bw'Imana.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Imana ntibabarira ibyaha ahubwo ibabarira abanyabyaha ; nyamara Bibliya ivuga ibyo kubabarirwa ibyaha. Yesu yapfuye kuko ibyaha bitabashaga kubabarirwa.
- Yesu yapfiriye ibyaha byacu nk'uko Ibyanditswe bibivuga.
- Kubw'umusaraba, gukiranuka kw'Imana (kwaragaragaye) kwarahishuwe n'imbabazi zihabwa buri wese.
- Urupfu rwa Kristo rwari ngombwa kugirango tubabarirwe.
- Ntacyo tubasha kongera ku gitambo cya Kristo ku musaraba, ariko Imana yo ibasha kongeraho byinshi.

## UBWISHINGIZI

### *IHAME RYA 41: KUGUMA MURI YESU NI INGEZI NKO KUMUSANGA.*

Mbese muri byombi icy'ingenzi ni ikihe? Ni ugushyingirwa cyangwa ni ugukomeza kubana n'uwo mwashakanye ? Njya nkunda kubaza abari mu iteraniro icyo kibazo, maze nkabasaba gushyira urutoki hejuru ngo batange ibisubizo byabo. Nyamara igisubizo gisubizwa na benshi ni ikigira kiti : « Ni bangahe muri mwe batekereza ko iki kibazo kidahwitse ? »

Birumvikana ko gushyingirwa ari ntacyo bisobanuye igihe udafite umugambi wo gukomeza kubana n'uwo mwashakanye. Na none kandi ntiwagumana n'uwo mwashakanye utabanje kumushyingirwa.

Mbese ni kangahe tujya twibuka iryo hame mu ubuzima bwa gikristo ? Mu kuri, gusanga Yesu ni ingenzi, ariko ibyo ni intangiriro ; niba dushaka guhora turi abakristo dukwiriye guhora tujya kuri we.Kugumana na Yesu ni ingenzi nko kujya kuri we.

« Kwitanga kwacu, n'ubwo kwaba gushyitse rwose mu gihe twihannye, kutavuguruwe uko bwije n'uko bukeye, nta cyo kwatumarira » Byanditswe na Ellen WHITE mu Rwibutso n'Integuza(*Review and Herald*) rwo kuwa 6.Mutarama.1885. Na none yanditse mu gitabo *S.D.A Bible Commentary* (Igitabo cy'Ubusobanuro bwa Bibiliya cy'Abadiventiste b'umunsi wa Karindwi) ;Vol1,p1113,

agira ati « kugirango umuntu abashe gukurikira Kristo, agomba mbere na mbere kwihana n'umutima we wose, kandi uko kwihana kukavugururwa buri munsi ».
Yesu ati : « Umuntu nashaka kunkurikira niyiyange yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire ». Luka 9 :23.

Mu kuri, ubukristo burenze cyane icyemezo umuntu yafata rimwe bikaba birangiye. Ubukristo ni uburyo bwo kubaho. Ibyo bigaragara ko ari ukuri kw'ibanze, ariko na n'ubu benshi ntibaragusobanukirwa, ahubwo bahangayitse bibwira ko gukorera Umwami bigereranywa no kuzamuka inzira y` ibihanamanga.

Mu byerekeranye no gushyingirwa, turabyumva ko icyemezo cya buri munsi ari ingenzi. Tuzi ko ndetse ari n'ukuri mu byerekeranye n'akazi. Uko waba waritwaye neza ubonana bwa mbere n'umukoresha wawe, cyangwa umurava wose waba warakoresheje (warerekanye ) ku munsi watangiyeho akazi, bidakomeje bityo, mu minsi mike wakwisanga uri umushomeri. Ushobora nanone kugira gahunda y'imyitozo ngororangingo, maze kunshuro ya mbere ugakoresha umwete hafi yo kubura umwuka. Ariko bidakomeje gutyo ngo ushikame buri munsi nta musaruro mwiza wagira. Birazwi ko kwibaruka ikibondo atari ibintu byoroshye, nyamara nyuma yo kuvuka kw'umwana ni bwo umurimo w'umubyeyi uba utangiye. Uburyo gukurikira isomo ari ingenzi, kuza ku munsi wo kwiyandikisha ; gusa ntibihagije ngo ubone ubumenyi bukenewe.

Niba rero bitworohera cyane kubona ko gutangira bidahagije mu mirimo yo mur'iy'isi ; mbega ukuntu twagombye kumva ko ari ingenzi gushikama mu byerekeranye n'ahazaza hacu h'iteka ryose !

Iyo nigishije uburyo kugumana na Yesu ari ingenzi n'akamaro k'umwanya umarana na we uko bwije n'uko bukeye, haba igihe umuntu anyihererana nyuma y'iteraniro maze akambwira ati : « Narageragеje ariko nta kigenda ».
-Ese waba waragerageje igihe kinga iki ? Na we ati : "Iminsi itatu"
-Mu minsi itatu.

Mbese ntitwari dukwiriye kuba twiteguye guha Imana umwanya ungana nibura n'uwo tugenera imirimo y'ubu buzima? Hari ubwo umuntu atagira ubuhanga bwa ngombwa bwo gukora umurimo uyu n'uyu. Birashoboka ko umuntu yananirwa gukemura ibibazo bimwe na bimwe by'urushako. Hari ubwo waba udashoboye kwiga ibintu runaka. Ariko ku byerekeranye n'ubuzima bwa gikristo, birahagije kujya kuri Yesu kandi ugakomeza kujya ujya kuri we uko bwije n'uko bukeye. Iyo ushikamye muri iyo nzira, Imana ubwayo yirangiriza ibindi byose bikenewe mu buzima bwawe. "Mu gihe umuntu akomeje guhanga amaso kuri Kristo, Umwuka Wera ntazatuza gukora umurimo we kugeza igihe umutima uzasa n'ishusho ya Kristo". *Uwifuzwa Ibihe Byose*(*Jésus Christ*, p.292).

## *IHAME RYA 42 :UBWISHINGIZI BW'AGAKIZA KACU BUSHIMANGIRWA N'UMUSHYIKIRANO WA BURI MUNSI TUGIRANA NA YESU.*

"Kandi uko guhamya ni uku: ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho kandi ubwo bugingo bubonerwa mu mwana wayo. Ufite umwana ni we ufite ubwo bugingo, naho udafite uwo mwana nta bugingo afite" 1 Yohana 5:1-12.

Mbese ufite uwo mwana? Ibyo bishatse kuvuga iki? Muri iyo mirongo intumwa Yohana irahamya ko kugira cyangwa kutagira uwo mwana ni byo bigena kugira cyangwa kutagira ubugingo buhoraho. Ariko se mu kuri, "Kugira uwo mwana" bishatse kuvuga iki?

Rimwe na rimwe haba igihe duhagarikwa imitima na bene izo nteruro zikoreshwa mu kwerekana no gusobanura ubuzima bwa gikristo. Ibyo byakunze kumbaho nkiri umusore nagiraga impagarara bitewe n'amwe mu magambo nari ntasobanukiwe.

Dore na we : “Kugira uwo Mwana” bisobanura bite? “Kugwira urutare” Se byo bivuga iki? Mbese umuntu yakwiyuhagira mu maraso y'umwana w'intama ate ? Warambura ute ikiganza cyawe ugasingira icye ? Dukunze gukoresha umubare munini wa bene izo mvugo dusanga akenshi muri Bibiliya n'inyandiko z'umwuka w'ubuhanuzi dusanga mu itorero ryacu.

Ngitangira umurimo wanjye w'ivugabutumwa, nahuraga n'ingorane zikomeye zo kugerageza gukora nk'umukristo ; kubwiriza nk'umukristo kandi mu byukuri ntari umukristo. Byageze ndete n'aho nshaka kubivamo burundu. Umunsi umwe rero nafashe umugambi wo kwongera kugerageza, n'uko mfata agatabo « Kugana Yesu », uko nsoma, ngaca akarongo ku magambo yose ambwira icyo nkwiriye gukora. Mu gihe rero nari ndangije kugasoma, naje gutahura ko narangije igitabo ngicamo imirongo. Byongeyeye kandi interuro nyinshi nari naciyeho uturongo zari ubwoko bwa za mvugo zifinze ziruhije gusobanurwa.

Ubwo nari ndi hafi rwose guta ako gatabo mu muriro, numvise mu mutima wanjye ikintu kimbuza gukora ntyo. N'ubwo nari ndi kure cyane y'ibisubizo nifuzaga mu buryo budasubirwaho, na none muri njye hari habayemo ikintu ntashobora gusobanura kandi simbe nabasha kukimura ngo kimvemo.

Nuko mfata umwanzuro wo kwongera gutera indi ntambwe niyemeza bundi bushya gusoma « Kugana Yesu » ; ariko noneho ngaca uturongo tubiri ku magambo ambwira icyo nakora, icyo nari nsanzwe nzi uko gikorwa.

Ubwo ni bwo natangiye kwumva amahame shingiro ya gikristo. Mu buryo bwihariye, hari ibintu bitatu naciyeho uturongo : Soma Bibiliya yawe, Senga kandi ubwire undi muntu ibyiza wakuyemo. Mu gihe cyose usoma amwe muri ya magambo adasobanuka neza, Yaba ari ayo muri Bibiliya cyangwa ayo mu bitabo by'umwuka w'ubuhanuzi, nimushishoza cyane muzasanga agusha kuri kimwe (cyane cyane) muri biriya bitatu bifatika, bitubashisha kumva ayo magambo atabasha gushyikirwa n'intekerezo zacu.

Mu mucyo w'ibyo tumaze kuvuga, reka tugaruke kubyanditswe muri 1Yohana5 :11-12 : « Ufite uwo mwana ni we ufite ubugingo » Ariko se ubundi ntitujya dukoresha bene ayo magambo no mu mvugo isanzwe ? Tujya tugira tuti : « Mfite inshuti ! », « Mfite umugore ! » ; undi ati : « Mfite umugabo ! ». Mbese tuba dushaka kuvuga iki ? Mu kuri, tuba dushaka kuvuga umubano uri hagati y'abantu babiri. Kuvuga ko dufite uwo mwana bisobanura umubano dufitanye na we. Mu yandi magambo tugira ibihe byo gushyikirana na we, tukamwumva atubwirira mu ijambo rye. Dukorana na we igihe dufasha bagenzi bacu no mu gihe twiyegurira mu bikorwa by'ivugabutumwa.

Niba ishingiro ryo kubona ubugingo buhoraho ari : « Ukugira uwo mwana » noneho rero intandaro yo kubona ubugingo buhoraho ishinze umuzi mu mubano tugirana na Yesu, no kugusobanukirwa uburyo umuntu yagirana ibihe ashyikirana na we umunsi ku uwundi.

Ubwishingizi bwacu bw'agakiza, ntibwubatse ku icyo turi cyo mu itorero. Ntibunashingiye no kuba abantu bafite inyigisho z'ukuri zitavangiye. Yewe ntibunashingiye na gato ku myitwarire yacu myiza ! Ahubwo dore bwubatse ku mushyikirano uhoraho tugirana n'umuntu ( Ariwe Yesu Kristo ).

Mu gitabo cy'ubusobanuro bwa Bibiliya bw'itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi ( *S.D.A Bible Commantary*) Vol.6 p 1086, Ellen White aragira ati : « Abakomeza guhanga amaso imibereho y'Umukiza(Umwami Yesu), bazabona umudendezo usesuye wo kwinjira mu buturo bwe bw'iby'umwuka ». Mu Rwibutso n'Integuza (*Review And Herald*) yo kuwa 14 Nzeli 1897, uwo mwanditsi na none aragira ati : « Umutima wahindutse ntiwahorana koroha hatabayeho gusigwa umunyu w'Ijambo ry'Imana buri munsi. Ubuntu bw'Imana bugomba kwakirwa buri munsi kuko bitabaye ibyo umuntu ntiyabasha kuguma mu gakiza ».

Mugihe usanga Umukiza buri munsi, ugakomeza kwakira ubuntu bwe iteka, ushakashaka uko wamumenya biruseho, kandi ukarushaho kumugirira icyizere igihe cyose, ni bwo uzumva ufite ubwishingizi udashidikanya ko ufite ubugingo buhoraho.

## *IHAME RYA 43:ABAKRISTO BAGOMBYE KUMENYA RWOSE KO N'UYU MUNSI BAFITE IBYIRINGIRO BY` AGAKIZA.*

Mbese iyo ubajijwe ko wakijijwe ujya usubiza iki ? Mbese ibyo byigeze bikubaho ? Mbese igisubizo cyawe cyabaye ikihe ?

Inyandiko z'iby'Imana dusanga mu itorero ryacu, zitubuza zikomeje kuvuga ngo : « Narakijijwe ». Dore zimwe muri izo nyandiko :

« Ntidukwiriye na rimwe kuvuga ko tunyuzwe, ngo tureke kujya mbere tuvugango « Narakijijwe ». » Igitekerezo nk'icyo iyo kibagariwe gisenya icyatuma habaho ukwirinda, kuba maso, gusengana umwete wo gushikama byagateye umuntu kuzamurwa mu rwego rwo hejuru. Nta rurimi na rumwe rwejejwe rwabasha kuvuga bene ayo magambo mbere y'uko Kristo agaruka, ubwo tuzaba twambukiranya amarembo y'umudugudu w'Imana. Ubwo ni bwo kubwo gucungurwa kw'iteka ryose, tuzabasha guha Imana n'Umwana w'Imana icyubahiro. Umuntu acyuzuwe n'intege nke, akaba atakwikiza n'intege nke ze, ntiyari akwiriye kuvuga ashize amanga ngo : « Narakijijwe » Ubutumwa Bwatoranijwe (*Message choisis*, Vol.1 p 369).

Umuburo nk'uwo nanone tuwusanga mu Migani ya Kristo (*Parabole de Jésus*, p. 128-129) : « Ntidukwiye kwiyemera ubwacu ngo dutekereze ko dukingiwe ibigeragezo igihe cyose turi kur'iy'isi. Abakira Umukiza n'ubwo baba badafite uburyarya na buke mu kwihana kwabo, ntibakwiriye na hato kwibeshya ngo bavuge cyangwa ngo bibwire ko bacunguwe byarangiye. Kwemeza ibyo bintu, bigukura mu nzira. Umuntu wese akwiriye kwihatira kubagarira ibyiringiro no kwizera, ariko na none n'ubwo twakwiyegurira Yesu kandi ntitube dushidikanya ko na we atwakiriye, ibyo ntibivuze ko dukingiwe ibishuko by'umwanzi. Ijambo ry'Imana rirahamya riti : « Benshi bazatunganywa, bazezwa, bazacishwa mu ruganda » Daniyeli 12 :10. Kandi na none ngo : « Unesha ni we uzahabwa ikamba ry'ubugingo. »

Nimurebe namwe uburyo iyo mirongo ivuzwe haruguru ihabanye n'igitekerezo gikurikira : Dukizwa rimwe risa ngo bibe bihagije. Igikorwa cyo gucungurwa gusa ntikiduha ingwate y'uko tuzakizwa hanyuma. Kuvuga ngo « Uyu munsi ndakijijwe » Icyo ni kimwe no kuvugango « Nzakirizwa mu ijuru ». Ibyo bintu ntaho bihuriye.

Ubwo umuntu umwe bari bamubajije ko yakijijwe, yatanze igisubizo kinyuze kandi gikubiyemo uburyo bubiri bw'ikibazo , agira ati : « Kugeza ubu ».

Nimureke dufate akanya maze dushishoze ku ijambo « Ubu ». Mbese ubu warakijijwe ? Waba se ujya usubiza uti : « Ndabyiringira cyangwa ndabyizera ». Cyangwa uti : « Ndibwira ko nzabimenya

k'umunsi w'urubanza » ? Cyangwa ukerura udashidikanya uti : « Rwose nizera ntashidikanya gukizwa kwanjye ni uyu munsi. » ?

Ikibazo cy'agakiza k'umuntu ku giti cye ni ikibazo gikunze kuganirwaho cyane aho abakristo bari. Igihe cyose hatanzwe umwanya uha abakristo urubuga rwo kugaragaza ibibazo by'ibanze bafite haba mu basore cyangwa mu bakiri bato, icyo kibazo ni cyo kiza ku mwanya wa mbere. Iyo ubajije iteraniro kuvuga ibibazo bihitiyemo, iyo bizeye ko bari bubone ibisubizo nyabyo, benshi babaza ibibazo bijyanye n'uburyo bakwumva bafite ibyiringiro by` agakiza. Umwe ati : « Mbese nzajya mu ijuru koko ? » « Ese nzakizwa ? » « Ese koko nzagerayo ? » Yoo, mbega ukuntu uku ari ukwihugiraho kwuzuyemo ukwikunda ! Mu kuri iyo ni imwe mu ntwaro umwanzi yifashisha ngo aduteze kwihugiraho bikatubuza guhanga amaso kuri Yesu. Mu gitabo Kugana Yesu (*Vers Jésus*, p.71, 72) duhamagarirwa kwitondera ibi : « Inarinjye ntikwiye kuba izingiro ry'ibitekerezo byacu ; kandi ntidukwiriye kugira ubwoba kubyerekeranye n'agakiza kacu. Ibyo byose byibagiza imitima yacu isoko y'imbaraga. Mureke imitima yanyu irindirwe mu maboko y'Imana, ibyiringiro byanyu bibe muri yo. Muvuge Yesu, ibye abe aribyo byitwarira imitima yanyu. Reka inarinjye izimirire muri we. Mureke gushidikanya kwose ; mureke ibibatera ubwoba. »

Ubuzima bwa gikristo, umuntu agomba kububamo umunsi k'uw'undi. Ni ugushaka Imana ngo uhore womatanye na yo umunsi wose. Ni ukuyisanga no kwihana ngo ubabarirwe buri munsi. Ni ugushyira imigambi yawe yose ku birenge byayo kugirango idushoboze kugira ibyo dukomeza cyangwa se tureka na none hakurikijwe uko yo ibishaka buri munsi. Ni ukujya ku Mana ngo idusukire k'Umwuka wayo, imbaraga zo gutsinda ibigeragezo, ubwenge mu murimo wayo buri munsi. Bene iyo migirire yadutera kwakira ibyiringiro by'agakiza buri munsi wose twongerewe wo kubaho. « Niba uri mu bushake bw'Imana uyu munsi ubwo waba witeguye Yesu, aramutse aje uyu munsi. » Byakuwe mu gitabo : « Ahantu ho mu ijuru. » (*In Heavenly Places*, p.227).

Waba uri mw'ifuti igihe ugerageza gushingira ku bihe byiza wagiranye n'Imana mu gihe cyashize, n'ubwo byaba ejo hashize, maze ukibwira udashidikanya ko muri byo arimo ibyiringiro by'agakiza kawe byubatse. Niba na none wita ku gushaka kuronka ibyiringiro biahgije kugirango uko uzabe uhagaze neza ku iherezo ry'ubuzima bwawe n'ubwo bwaba buzarangira ejo, ibyo nabyo byakugusha. Dore ahubwo uyu munsi nibwo ushobora kumva ushinganye mu gakiza udashidikanya. Nufata igihe uko bwije n'uko bukeye, ngo uronke ibyiringiro ko Imana ikwemera, ku iherezo ry'ubuzima bwawe, aha ku isi, rwose uzaba uri mu mubare w'abacunguwe iteka ryose.

### *IHAME RYA 44:BIBILIYA ITWIGISHA KO TWACUNGUWE RIMWE RISA, ARIKO BIKAGIRA AGACIRO MU GIHE TUGUMYE MU GAKIZA.*

Umugoroba umwe, nagiye gukurikira ikibwirizwa cy'umuvugabutumwa w'itorero ry'abanazareti wagiraga ati : " twizera ko twakijijwe rimwe gusa ariko nanone mu gihe dukomeje kubaho nk'abacunguwe". Mu kuri, bene uko kwizera abadivantiste b'umunsi wa karindwi bagusangiye n'itorero ry'uwo mubwiriza.

Umugabane munini w'abakristo babwiriza ubutumwa, bizera ko kugira ngo dukizwe bihagije ko twahanga amaso ijuru inshuro imwe gusa mu buzima bwacu, maze tukumva ko dushinganye mu gakiza by'iteka ryose. Bati nyuma y'icyemezo cya mbere cyo kwakira Kristo, ibyemezo wafata uko byaba bimeze kose cyangwa se inzira iyo ariyo yose wayoboramo imibereho yawe uko ubishaka, rwose wazinjira wemye mu murwa w'Imana unyuze muri rwa rurembo rwarimbishijwe amabuye y'igiciro.

Nyamara inyigisho Bibiliya itanga kuri iyo ngingo isobanutse neza. Dusoma muri Matayo24;12-13 «Maze kuko ubugome buzagwira, urukundo rwa benshi ruzakonja, ariko uwihangana akageza umunsi w'imperuka niwe uzakizwa.»

Iryo hame Yesu yongera kurishyira ahagaragara cyane muri Yohana 15,n'igihe Yesu yagiranaga n'abigishwa be ikiganiro giheruka mu nzira igana I Getsemani. Ku mucyo mwiza w'ukwezi kwa nijoro, yaberetse imizabibu, yashakaga gushimangira biruseho umumaro wo kunoza umubano dufitanye nawe ngo babashe kubona ubugingo. Ku murongo wa gatandatu aragira ati: «umuntu utaguma muri njye ajugunywa hanze nk'ishami ryumye, maze barayateranya bakayajugunya mu muriro, agashya.» Byashoboka rero kuba ishami ritari ku muzabibu; kandi iyo uko gutandukanwa kurambye igihe kiragera bikaba ngombwa iryo shami rigatemwa.

Mu mugani w'ubukwe bw'umwana w'umwami (Matayo 22), Yesu aduhishurira ko bishoboka ko umuntu yakwiyemeza kwinjira mu buzima bwa gikristo ariko ntashimikire kuguma muri iyo nzira. Umwami yari yaringanije ubukwe. Kandi na none hari umuntu wari wemeye ubutumire bwo kubuzamo. Iyo ni intambwe ya mbere, ariko yanze cyangwa yasuzuguye kwambara umwambaro w'ubukwe. Mu gihe rero umwami yazaga kugenzura abatumirwa nibwo wa muntu yafatiwe mu ikosa rye. Nuko umwami arategeka ati :«Nimumubohe amaguru n'amaboko mu mujugunye hanze: niho bazaririra bahekenya amenyo» Matayo 22:13.

« Umuntu w'umunyabyaha ntahandi yavana ibyiringiro no gukiranuka keretse mu Mana honyine; umuntu abasha gukiranuka gusa igihe acyizeye Imana kandi agakomeza umubano muzima agirana nayo. Ibihamya ku bagabura (*Testimonies to Ministers*, p.367)

Nk'uko twakomeje kubyibandaho, kumva ushinganye mu gakiza bigumaho iyo dukomeje umubano wacu n'Imana n'igihe cyose duhora twakira impano yo kwihana, ubuntu n'imbabazi. Agakiza karambye ntigashingiye ku myitwarire yacu haba no mu byo twakoze, ahubwo gashingiye ku mubano wo kwizera tugirana na yo. Umubano utabagariwe ntiwaramba.

Tuzi ko mu mibanire y'abantu umuntu yaba yaragiranye n'undi ubucuti mu gihe cyashize ariko uyu munsi ubwo bucuti bukaba butakiriho. Mu gihe umubano udasigasiwe n'umurunga wo guhura kenshi ugeraho ukazimira ku buryo budasubirwaho.
Ibyo ni ko bigenda no mumibanire yacu n'Imana, Bibiliya yita cyane kuduha ingero z'abantu nka Enoki ,Mose, Danieli na Pawulo, bakomeje kugendana n'Imana kugera ku iherezo ry'ubuzima bwabo. Pawulo amaze kugera kuri iyo ntera yashoboye kuvuga ati:«Narwanye intambara nziza narangije urugendo, narinze ibyo kwizera, ibisigaye mbikiwe ikamba ryo gukiranuka.» 2 Timoteyo 4:7-8. Ntiyavuze ati nishyize mu ruhande rwiza, nihatira gukora urugendo, maze bituma umunsi umwe ngira kwizera. Oya si byo, ahubwo yarinze kwizera arakugumana, agushikamamo kugeza ku iherezo.

Na none Bibiliya itubwira abantu batangiye bagendana n'Imana nyuma bakaza kugwa kandi bari mu nzira., nuko agakiza batangiranye kakabanyura mu myanya y'intoke. Urugero , Kayini yabanje kujya atamba igitambo cya mu gitondo na ni mugoroba afatanije n'umuryango we ariko ntiyashikama atyo ngo agere ku iherezo. Umwami Sawuli yimye ingoma akora nk'umwana w'Imana aciye bugufi kandi n'umutima uhindukiye koko. Ariko dore yahisemo kwibera uko yishakiye bimuviramo kwiyahura. Nanone Balamu yari umuhanuzi w'Imana, ariko n'ubwo yari yaburiwe n'indogobe ye, akaburirwa na marayika, kandi Imana ikamuhera inama mu nzozi ze, byose yabirenzeho maze yita ku cyubahiro cye kukirutisha icyubahiro cy'Imana kugeza aho yiyungiye n'abanzi b'ubwoko bwayo. Dore na Yuda yari umwe mu bagize inkoramutima z'Umwami, wiyumviye kandi akareba ibitangaza bya Kristo yatoranyijwe nk'umuvugabutumwa,

aba mu itsinda ry'izindi ntumwa mu murimo wo gukiza abarwayi, yirukana abadayimoni azura abapfuye. Ariko dore tubona Yuda byose abivamo maze akagambanira Umwami we.
Gukizwa rimwe ni ingenzi. Gukomeza kwakira agakiza na byo ni ingenzi,byombi ntibisigana.

## *IHAME RYA 45 :AMAHORO NTAVA MU GUTSINDA, AHUBWO GUTSINDA GUTURUKA MU MAHORO.*

Uyu mwana w'umukobwa yari yarishoye mu bikorwa binyuranye n'umuco, harimo kunywa ibiyobya bwenge n'ubugizi bwa nabi mu baturanyi be. Noneho ubwo yihatiraga kongera kuzamuka uwo musozi yaje kubona ko bitoroshye na gato. Yari afitanye ubucuti n'umusore wigaga mu kigo nigishagamo, maze amuyobora mu biro byanjye ngo mbe namugira inama.

Ubwo yansobanuriraga ingorane ze, anarondora uburyo yaciwe intege n'ibyo isi ishobora gutanga avuga n'uburyo yumva muri we ntabushobozi afite bwo guhindura ingeso ze zari zaramubase, byanteye gutekereza maze ikibazo cye kinjyana ku magambo ari mu gatabo Kugana Yesu ,p. 39

Agatabo twarakarambuye twembi dutangira gusoma amagambo akurikira: "Kuko umutima wawe wamaze gukangurwa n'Umwuka Wera, wakubise amaso ibibi bizanwa n'ibyaha, n'ibyimbaraga zabyo, n'umutima ukurega uruhare wabigizemo n'ishyano rizanwa na byo, maze wumva ubizinutswe. Wiyumvamo uburyo ibyaha byagutandukanije n'Imana, kandi ko uri imbata y'ubutware bw'ibibi gusa! Uko urushaho kurwanira kubicikaho, ninako urushaho kumva ko binaniranye. Kwifuza kwawe kuranduye umutima wawe urahindanye, ukabona ko ubuzima bwawe bwuzuyemo ibyaha no kwikanyiza. Wifuza kubabarirwa ngo ubonere uvanwe m'ububata. Ariko se ukwiriye kugira ute kugirango ubone kuzura n'Imana use nayo ?."

Nyamukobwa yahise atera hejuru ati: "Ayii wee, ibyanjye ni nk'ibyo rwose! Akaga kanjye ni ako! Ahubwo gira vuba unkemurire ikibazo cyanjye. Ayii, nagira nte?"

Nimutekereze hamwe na njye igisubizo twari kumuha. Turabona ko icyo gika kibanza kidusobanurira neza imibereho irimo guhangayika. Umwuka Wera iyo akoze ku mutima, amenya ko hari ikintu umuntu akeneye cy'ingenzi, asanga atabasha kugishyikira ubwe ngo akigezeho. Ntabasha kunesha imibereho ye y'icyaha none arabaza uko yabona umudendezo. Ese koko akeneye iki ngo ababarirwe anahumanurwe?"

Uramutse uri umwe mu bahanga mu by'imyitwarire(Behavioriste), binumvikana nyine ko igisubizo cyanyu cyaganisha ku ngamba z'uburyo umuntu yakwitwara. Wenda wavuga uti: " Uwo muntu yarushaho kugira umwete n'imbaraga ngo akore neza. Ntakwiriye gutezuka ku rugamba. Agomba gufata icyemezo cyo kubaha Imana; n'uko na Yo ikamuha imbaraga za ngombwa ngo akomerere mu byo yiyemeje."
Na none uhaye umwanya wa mbere umubano umuntu agirana n'Imana, ku ikubitiro wavuga uti uwo muntu akwiriye gusoma Bibiliya kandi akagira umwete wo gusenga biruseho.

Ubaye umuyoboke w'idini udakebakeba wavuga udashidikanya uti: "Icyo kibazo cyakemuka ari uko uwo muntu ahindutse umuyoboke w'idini agafatanya n'abandi bakristo.
Ariko se igisubizo, Kugana Yesu yo itanga ni ikihe? Na none kuri ya Paji, interuro ihita ikurikiraho igira iti: "Ikigukwirie ni ukugira amahoro."

Mbega igisubizo! Ni nko kubwira umuntu ufite inyota ko icyo akeneye ari amazi cyangwa umwana ushonje ko icyo akeneye ari ibiryo cyangwa umuryango usumbirijwe n` ubukene ko icyo akeneye ari amafaranga. Umuntu yabasha ate kugira amahoro mu gihe yugarijwe n'umubabaro mwinshi?

Dukwiriye gusoma neza iyo nteruro tukayirangiza. “Icyo ukwiriye ni ukugira mahoro; imbabazi mvajuru n’urukundo rw’Imana mu mutima wawe. Ayo mahoro ntagurwa amafaranga, ubuhanga ntibwayakugezaho n’ubwenge ntibwayashyikira. Ashwii! Umuhate ntiwayaguhesha. Ahubwo Imana iyaguha nk’impano; “nt’amafaranga, nta kiguzi.”. Aba ayawe gusa iyo wemeye kurambura ikiganza ukayakira.” Kugana Yesu.(*Vers Jésus* p. 49)

Dufate urugero ku mwana uri kubyiruka. Mbese ntibimushyikira ko akora ibifutamye? Akagwa, akibeshya ndetse agakora iby’ubupfapfa?. Umwana nk’uwo se yakorerwa iki? Dukurikije ihame rusange ridahinduka, burya umuntu ukunzwe kandi akemerwa uko ari, n’ubwo yaba afite amafuti, agwa, bene uwo ashobora gutera imbere.
Mbese waba wibuka uko byakugendekeye igihe wigaga gutwara imodoka? Mbese wabimenye ku nshuro ya mbere? Umuntu baha urubuga rwo gukora amakosa ari nako yitoza ni we ushobora kuzamenya gutwara imodoka.

Mbese mu buzima bwawe wigeze guhabwa akazi gashya? Mbese byose wabikoze neza ku munsi wa mbere? Cyangwa umukoresha wawe yaba yaratekereje ko byaba ngombwa igihe ngo umenye uko gakorwa? Mu kazi habamo kwihanganira umukozi mushya udafite uburambe mu kazi. Ntabwo bamwirukana iyo adakoze neza umurimo mu minsi ya mbere. Ahubwo aremerwa, agahabwa ituza igihe cyose yiga. Ni muri ubwo buryo gusa iyo umuntu afite umutuzo yibuka neza icyo gukora.

Yesu yabwiye wa mugore wafashwe asambana ku mugaragaro ati:“ Nanjye singuciriyeho iteka, genda, ntukongere gukora icyaha. „ Yohana 8:11. umuntu ushobora kugumana ibyiringiro byo kudacumura ukundi, ni wawundi wamenye neza ko adacirwaho iteka. Ni uko rero, amahoro ni yo akwiye kubanza kubaho, kuko ari yo afungura inzira yo kubohorwa.

***IHAME RYA 46:DUKOMEZA GUCUMURA KUKO TUTIZERA KO TWABABARIWE. GUSHIDIKANYA BIZANA GUTSINDWA, NAHO KUDASHIDIKANYA BITERA KUNESHA.***

Hashize imyaka myinshi mu itorero nari mbereye Pasiteri, hari umuryango wiyemeje kurera agakobwa k’imyaka itanu. Kabyawe n’umugore wari warabaswe n’ibiyobyabwenge, bituma kanyura mu buzima bwuzuye ibirushya byinshi benshi batashobora kwihanganira mu mibereho yabo. Yari yarabayeho atariho ariko mu kuri kubaho neza ntiyari azi uko bimera. Kwangana ni byo yari azi gusa, gukunda ntamenye uko bisa. Mu bigaragara ibye byasaga n’ibitagira igaruriro.

Yabaye mu miryango myinshi atatindagamo. Byatumaga avanga amazina, rimwe ati:“ Mama Karem „ Ubundi ati:“ Mama Becky „ cyangwa ati:“ Mama Ann „. Abo bose bari baratandukanye na we. Nyuma rero yaje kwakirwa n’umuryango w’abakristo, wo wamwizezaga rwose ko batazamwirukana. Ariko uwo mwana we igitekerezo cyo kugumana na wo nticyamurangwagamo. Ibyo yibwiraga byose byari agateganyo. Niyo mpamvu atihanganiraga ko hari umuntu n’umwe wamugirira nabi.

Yari azi neza ko mu kanya gato nk’ako guhumbya yakwirukanwa, maze na we agakora nabi nkana ngo abyihutishe. Nta muntu wari kubasha kuvuyanga ibintu nkawe. Nta gihano na kimwe yatinyaga kuko yari yaramenyereye gukorerwa ubugome bwose kuva mu bwana bwe. Uko bukeye uyu muryango wari waramwakiriye wagendaga urushaho guta ibyiringiro byo kuba wagarura umutima we.

Gutekereza ko imyitwarire ye mibi izatuma bamwirukana, byatumaga arushaho gukaza umurego wo gukora nabi. Igihe kimwe rero yagize umucyo muri we, ubwo yabonaga ko hari abamwemera uko

ari, kabone n'ubwo ari mubi bikabije. Yatangiye kwishimira kubaho ubwo uriya muryango wari waramwakiriye wabashije kumwumvisha ko umwemera uko ari kose. Aho ni ho yaboneye ko kutumvira kwe ntacyo kukimaze.

Uwo mwana yagize guhinduka kwiza ubwo yari amaze kumva neza ingaruka za bimwe mu bikorwa. Ingaruka ntabwo zari mbi byanze bikunze. Zari iz'ukuri; ariko ntabwo bemeraga ko yakomeza kwitwara nabi nta mpamvu. Buhoro buhoro yabonye ko ingaruka yo kutumvira kwe atari ukwirukanwa mu muryango. Nta kabuza ko umwanya we wari kuba ushinganye igihe cyose yari kwemera umwe mu bagize uwo muryango.

Bijya bitubaho maze tugafata Imana nk'uko uwo mwana w'umukobwa yafataga ababyeyi be bashya. Mbega uburyo tujya twibwira ko Imana izatureka kubera uburyo duteye maze ibyo bikadutera kurushaho kwitwara nabi! Yoo, mbega uburyo dukomeza gucumura kuko tutizera ko twahawe imbabazi ! Duhera ku rugero rwo hasi cyane kubera ko dushidikanya ko Imana itwemera mu gihe turimo dukura.

Ibyo se bisobanuye ko icyaha cyemewe, ko twakwica amategeko y'Imana kandi ntiduhanwe? Oya si byo kuko ibikorwa bibi byigirira ingaruka zabyo.Ariko rero kurekwa n'Imana ntibiri muri izo ngaruka, igihe cyose tugumye"mu muryango'' kandi tugakomeza kujya kuri yo kuko ari yo Soko yo gukira kwacu, y'imbabazi n'imbaraga.

Iki gitekerezo kiboneka kandi mu gitabo Kugana Yesu, p. 42"Bamwe bibwira ko bakwiye kubanza kugaragariza Uwiteka ko bahindutse ngo babone gushyikira umugisha wayo. Nyamara ntacyabuza kuwaka n'ubu ngubu. Icyakora bagomba ubuntu bw'Imana n'Umwuka wa Kristo byo kubatabara mu ntege nke zabo. Bitabaye ibyo ntibababasha gutsinda ikibi. Yesu akunda ko tumusanga, uko turi, turi abanyabyaha, abanyantege nke, ari we dutezeho byose. Dukundirwa kumusangana intege nke zacu, n'ubupfapfa bwacu bwose n'ibicumuro byacu byose, tukikubita imbere y'ibireng bye. Tukamwishyira twese. Yishimira kutwuzuza urukundo rwe no kwomora inguma zacu no kutwuhagiraho gukiranirwa kose.>

Dusoma kandi mu 1Yohana3:2 ngo:"Bakundwa, ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa, icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa tuzasa nawe kuko tuzamureba uko ari.'' Twe nk'abahungu n'abakobwa b'Imana uruhare rwacu ni <u>ugufata neza umubano wacu na Yo</u>. Uruhare rw'Imana ni ukumenya neza ko ikintu cyose cyatuma dusa nayo cyazakorwa mu gihe cya cyo.

Yesu akunda ko tumusanga uko turi kose, kuko aribwo buryo bwonyine buriho twabasha kujya kuri we. Ntashyiraho umubare ntarengwa w'inshuro twamusanga zo kwemerwa bundi bushya. Ntadukundira ko hari icyiza kiba muri twe, ahubwo adukunda kuko turi abana be. Iyo rero tumaze kumenya ko adukunda, kandi ko twemerwa na we ni bwo uburwayi bwacu butangira gukira. Kwemera ko atwemera niho byose byuzurizwa.

## *ICYIGISHO CYA 9 : UBWISHINGIZI.*

1. Mbese umukristo yabasha kwizera adashidikanya ubugingo buhoraho ?
   - «Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. »Yohana 3 :16
   - Kuko ubutumwa twahawe butabagezeho ari amagambo gusa ahubwo bwabagezeho bufite n'imbaraga n'Umwuka Wera no <u>kubemeza mudashidikanya.</u> »1Abatesalonike 1 :5

- Uwumva ijambo ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho, kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo. » Yohana 5 :24. Reba na 1Yohana 4 :17.

2 . Mbese ni iki gitanga amahoro n'ubwishingizi ?

- Bene Data ndabamenyesha ubutumwa bwiza … kandi mugakizwa na bwo. Kristo yapfiriye ibyaha byacu nkuko byari byaranditswe … akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe. » 1Abakorinto 15 :1-4.
- « Nuko rero, ubwo twatsindishirijwe no kwizera dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Kristo »Abaroma 5 :1
- « Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ni yo na Se, ishimwe kuko yatubyaye ubwa kabiri, nk'uko imbabazi zayo nyinshi ziri, kugirango tugire ibyiringiro bizima, tubiheshejwe no kuzuka kwa Kristo, tuzabone umurage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka, ni wo na mwe mwabikiwe mu ijuru » 1Petero 1 :3,4 Reba na none Ibyakozwe n'Intumwa 17 :31.

3 . Ubwo bwishingizi butugeraho buva he ?

- "Kandi uko guhamya ni uku: ni uko Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingo bubonerwa mu mwana wayo. Ufite uwo mwana ni we ufite ubugingo, naho udafite umwana w'Imana nta bugingo afite" 1 Yohana 5:11-12

**IMPUGUKIRWA**: Iyo tuvuga ko dufite inshuti, umugore cyangwa umugabo, tuba dushaka kuvuga ko dufitanye umubano n'uwo muntu. Noneho rero ufite uwo Mwana, agirana umubano na Yesu

**UBWISHINGIZI BW'AGAKIZA KACU BUGIRWA BUSHYA N'UMUSHYIKIRANO WA BURI MUNSI TUGIRANA NA YESU.**

4. Mbese ni mubuhe buryo twagira ibyiringiro by'ubugingo buhoraho?
   - "Ibyanditswe kera byose byandikiwe kutwigisha, kugirango kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo, biduhesha ibyiringiro" Abaroma 15:4
5. Ibyanditswe byera byo Soko y'ubugingo, Yesu we abivuga ate?
   - "Urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho" Yohana6:54.
   - "Amagambo mbabwiye ni yo Mwuka kandi ni yo bugingo" Yohana 6: 63
6. Bitugendera bite igihe turya umubiri we kandi tukanywa n'amaraso ye?
   "Urya umubiri wanjye akanywa n'amaraso yanjye, aguma muri njye na njye nkaguma muri we"Yohana 6:56
7. Mbese Kristo uri muri wowe, ni isoko y'ibyiringiro n'ubwishingizi ?

"Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by'ubwiza ." Abakolosayi1:27

8. Twabasha kugira ibyiringiro by'ubugingo buhoraho uhereye ubu?

" Ni ukuri ni ukuri ndabibabwira y'uko unyizera ari we ufite ubugingo buhoraho"Yohana 6:47

9. Ibyo bisobanura ko uwizera atazapfa?
   a. "Uyu ni wo mutsima umanuka uva mu ijuru kugirango uwurya ye gupfa" Yohana6:50
   b. Kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose. Yohana 11:26

**UWIZERA YESU "AZASINZIRA" ARIKO NTAZAPFA KUKO UMWAMI AZAMUKANGURA MU BITOTSI BYE KU MUNSI W'IMPERUKA. Yohana 6:39,40,44,54**

10. Mbese kugumana na Yesu ni ingenzi cyane nko kujya kuri we?
    - Ugushikamishijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringiye" Yesaya 26:3
    - Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu bufite ingororano ikomeye." Abaheburayo10:35
    - Dukomeze kwatura ibyiringiro byacu tutanyeganyega, kuko uwasezeranijwe ari uwo kwizerwa." Abaheburayo10:23. Reba na none Abaheburayo 4:14.
11. Mbese zimwe mu ngaruka nziza zo kuba mu byiringiro ni izihe?
    - Ibyiringiro ni inkingi y'igitsika umutima. Abaheburayo 6: 19
    - Ibyiringiro bidutera kubonera 1Yohana3:3

- Ibyiringiro bituzanira umwete n'imbaraga Zaburi 31:25
- Ibyiringiro bishikama no mu bigeragezo Abaroma 5:3-5
- Bitera amahoro azira guhagarika imitima n'ubwoba. Yohana 14: 27
- Bitera amahoro, imbuto y'Umwuka Wera. Abagalatiya 5:22
- Uburuhukiro buzanwa no gusanga Yesu. Matayo 11:28
- Uburuhukiro buzanwa no kutishingikiriza ku mirimo yacu. Abaheburayo 4:3,10,11
- Ibyo byose bituyobora ku mibereho yo guhimbaza Imana. Zaburi 42:6, 43:5.

**ABAKRISTO BAGOMBYE KUMENYA RWOSE N'UYU MUNSI KO BASHINGANYE MU GAKIZA.**

12. Mbese ubwishingizi bwacu bukomatanya igihe cyashize, icy'ubu ndetse n'ikizaza?

Igihe cyashize: * "Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe" 1Abakorinto 15:3

* "N'uko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana kubw'Umwami wacu Yesu Kristo" Abaroma5:1 Reba na none Abefeso 2:8

Igihe turimo: * Icyo nzi neza ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose kugeza ku munsi wa Yesu Kristo." Abafilipi 1:6.

**AMAKOSA UKURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- Ibyiyumviro tugira bibasha kuduha ubwishingizi.
- Ubwishingizi buzanwa no kuba amazina yacu yanditswe mu bitabo by'itorero.
- Ubwishingizi buzanwa n'ukuri kw'amahame.
- Ubwishingizi bwa gikristo ni indashyikirwa.

**AMAHAME UKU UKURI GUSHYIGIKIRA**

- Kuguma muri Yesu ni ingenzi nko kujya kuri We
- Ubwishingizi bwacu bushimangirwa n'umushyikirano tugirana na Yesu buri munsi
- Abakristo bakagombye kumenya neza rwose n'uyu munsi ko bashinganye mu gakiza.
- Bibiliya yigisha ko twacunguwe rimwe risa ariko bikagira agaciro igihe tugumye mu gakiza.
- Amahoro ntava mu gutsinda ahubwo gutsinda guturuka ku mahoro.
- Dukomeza gucumura kuko tutizera ko twababariwe. Gushidikanya bizana gutsindwa, kudashidikanya bituyobora ku kunesha.

## UMUBANO N'IMANA

### ***IHAME RYA 47: GUTSINDISHIRIZWA N'UBUNTU KU BWO KWIZERA SI AMAGAMBO GUSA AHUBWO NI IMIBEREHO.***

Mureke mbabwire uburyo bwo gukora imikati mu nkeri: Ushyira udupande tw'umugati ku ndiba y'isahani nini. Bamwe bakoresha ubwoko bw'ibisuguti bita "Biscuit de savoie". Abandi bahitamo gukoresha ibyitwa "genoise". Naho, abandi bagahitamo ibyitwa "Biscuit épongé" cyangwa se umugati witwa " Pain brioché". Ariko uko byagenda kose kuri buri bwoko muzarenzaho inkeri zihagije. Niba ari mu gihe cy'ubukonje, nta gushidikanya muzibanda cyane ku nkeri zakonjeshejwe cyane. Nyamara umugati urushaho kuba mwiza iyo ugizwe n'inkeri zikiri nzima. Hanyuma amavuta y'inka ku rugero ruhagije mukayatwikiriza za nkeri.

Uburyo bikorwamo, bugenda buhindagurika bitewe n' ababikora abo ari bo. Ariko, ikigaragara kandi cy'ukuri ni kimwe, ni uko uwo mugati atari amagambo gusa ahubwo ni ikintu gifatika! Biriya bintu byose by'ingenzi uko ari bitatu bigize uwo mugati ari byo: Ibisuguti, inkeri n'amavuta y'inka,

usanga n'ubundi kw'iherezo bigera ku ntego imwe. Kugira ngo ubashe kumenya neza, uburyohe nyakuri bw'uwo mugati ukozwe mu nkeri ukwiriye kuwuryaho!.

Twavuze ku bintu bitatu bifatika bigize ubuzima bwa gikristo ari byo birema icyo bita "Umubano n'Imana". Ibyo ni : Kwiga bibiliya, gusenga no gutanga ubuhamya bwa gikristo cyangwa se kugira uruhare mu kwamamaza inkuru nziza y'agakiza. Muri icyi cyigisho tugezeho, ndifuza ko tuganira, ku nzira ikwiriye yatugeza ku mibereho y'iby'Umwuka isobanutse.

Mbere y'ibindi byose dukwiriye kumva neza ibi: Amagambo atagira ibikorwa afite agaciro gake cyane; kugirango ubwo buryo bubagirire akamaro, mugomba gusogongeraho ubwanyu. Hari itandukaniro rinini hagati yo kumenya umuntu neza, no kugira utuntu duke umumenyaho gusa. Mushobora gusoma imibereho y'Aburahamu Linkolini(Abraham Lincoln) cyangwa se Foloranse Nayitengale (Florence Nightngale), mukamenya amateka yabo ndetse mugafata no mu mutwe ibyo bavuze, ibyo bigatuma mushima imibereho yabo. Nyamara ntimushobora gushyikirana nabo mu buryo bw'umwihariko ntimwabasha no kubamenya icyo mubasha gusa ni ukumenya bimwe mu bikorwa byabo.

Abakristo benshi banyurwa gusa no kwiga ibikorwa bimwe na bimwe byerekeye Imana. Iyo basoma ijambo ryayo, bagenda bakusanya umubare runaka w'ingingo, ugasanga nizo bajyaho impaka uko icyumweru gishira ikindi kigataha, mu ishuri ryo ku isabato. Bakavumbura ko Imana ari inyarukundo ikiranuka, ko ari n'inyambabazi. Ugasanga barayirata nyamara bakiri kure yayo. Ntibigere bayimenyera ubwabo, ngo bagirane umushyikirano wabo bwite na Yo.

Umunyezaburi ati: "Musogongere mumenye ko Uwiteka agira neza" Zaburi34:9. Dusoma mu gitabo cyitwa "Uwifuzwa ibihe byose"( Jésus Christ p. 336,337) "Ntacyo bimaze kuvuga iby'iyobokamana bitakuvuye ku mutima, ugasenga nta nzara y'iby'Umwuka ufite ndetse ubuze no kwizera kuzima. Kwizera Kristo ku izina gusa, ukamwemera gusa nk'Umukiza w'isi, ntikubasha gukiza ubugingo.

Kwiringira agakiza ntabwo ari ukwemera ukuri mu bwenge gusa … Kwizera ibyavuzwe kuri Yesu, nabyo ntibihagije, ahubwo tugomba kumwizera. Kwizera kubasha kutugirira umumaro ni kumwe gusa; ni kwa kundi kudutera kwemera Yesu nk'Umukiza kandi ibimukwiriye tukabigira ibyacu.

Kumenya uko ibintu bikorwa ni ingenzi, ariko ikirushijeho kuba ingirakamaro ni ugusogongera ku cyo ubwo buryo butugezaho ndetse tukabigira imibereho yacu. Biroroshye gusoma uburyo bwiza bwo gukora ibintu, ariko ni wowe wenyine wifatira icyemezo cyo kugerageza kubishyira mu bikorwa. Mbese hari uburyo buhari bwatuma tugirana umubano na Kristo? Dore bumwe mu bwabereye benshi bwiza: Fata igihe wiherereye buri gitondo, buri munsi ushake Yesu mu ijambo rye kandi usenga.

Fata Igihe: Umubano ntunozwa mu kanya gato. Muri iki gihe, abantu benshi bakunda kuvuga ko guhitamo igihe cyiza kuruta uko wafata igihe kinini, nyamara n'ubwo cyaba cyiza gite, hari ubwo utabasha kwakira cyangwa ngo utange ibikwiriye iyo kirushijeho kuba gito cyane.

Wiherereye: Gushyikirana imbona nkubone ni byo bishimangira umubano. Ibyo tuzi ko ari ukuri nko mugushyingiranwa; mu muryango ndetse no mu bucuti. Burya rero no ku Mana ni ko bimeze.

Mu Gitondo: Duhamagarirwa kugira Imana nyambere, dukwiriye kumenyera gutangirana umunsi nayo aho kuyiha umunota wa nyuma, mbere y'uko tujya kuryama.

Buri Munsi: Kubahiriza gahunda ni ingenzi, haba mu bijyanye na gahunda y'iby'umubiri, gahunda yo kwiga gucuranga, iyo gukomeza ubucuti, imigambi ya huti huti cyangwa gushyikirana rimwe na rimwe ntibihagije.

Ushakashake Yesu: Yesu ni we ugomba kuba izingiro ry'imibereho yacu y'iby'Umwuka ya buri munsi. Icyo gihe nticyagenewe kwiga ubuhanuzi, amahame y'itorero cyangwa se inyigisho zo kwirinda, ahubwo ni igihe cyo kumenyana n'umuntu.

Mu Ijambo Rye Kandi Dusenga: Atubwirira mu ijambo rye ukamusubiriza mu isengesho. Kuvuga no kumva ni ibice by'ingenzi by'umubano tugirana n'Umwami.

Byaba gukora imigati mu nkeri cyangwa kwiga kumenya Imana, ntukanyurwe gusa no gusoma uko ibintu. Bishyire mu bikorwa wowe ubwawe. Ubwo rero, uzasobanukirwa neza agaciro kabyo.

## *IHAME RYA 48: UBUZIMA BW'IBY'UMWUKA BW'UMUKRISTO SI IKINTU YAKWITAHO ABISHATSE CYANGWA SE ATABISHAKA NTAKITEHO.UMUBANO N'IMANA NI RYO SHINGIRO RYO GUKURA MU BUKRISTO.*

Umusore witwaga Alain(soma Ale) yari yaranze kuryamira.Isaha yamukanguraga mu gitondo yasonaga igihe cya saa kumi n'ebyiri n'igice za mu gitondo, nk'uko yari abimenyereye, ariko umunsi umwe yaryamye akererewe. Ubwo isaha ye yamukanguraga yarahagurutse arayicecekesha, arongera ariryamira. Akangutse bwa kabiri asanga ni saa mbiri zibura itanu; kugirango atangirane n'abandi isomo rye rya mbere ry'uwo munsi yagombaga kwambukiranya ikigo yigagamo kandi akakinyuramo yirukanka. Muzirikane ko uyu musore yari azi ko ari ngombwa kwambara mu gitondo, kwiyogosha, kwoza amenyo ndetse no gusokoza. Ariko nta gihe yari afite cyo kubikora byose. Umwarimu wari kumwigisha muri icyo gitondo, ntiyari kumubabarira gusiba haba no gukererwa, byongeye kandi bari bafite n'isuzumabumenyi ryanditse muri icyo gitondo uhereye saa mbiri.

N'agahinda kenshi, Alain yaturumbutse mu buriri, afata ibitabo bye n'impapuro ze ajya hanze yiruka; yitera mu mwanya yicaragamo inzogera ya nyuma yo kwinjira ikivuga. Mbese umuntu nka Alain wigeze umubona? Igice kinini cy'ubuzima bwanjye nakibayemo mu mashuli, imyaka cumi n'itandatu nayimaze niga, mara nanone indi myaka igera nko kuri cumi n'itandatu ndi mwarimu wigisha amasaha make. Nahuye n'ibihumbi n'ibihumbi by'abanyeshuli ariko sinigeze mbona hari n'umwe winjira yambaye ikanzu yo kuraramo. Hari ubwo abanyeshuri bagira imirimo myinshi bakora, bakaba bakanguka bakererewe nyamara n'iyo baje kwiga ari benshi usanga bakoze uko bashoboye bakaza bambaye!

Ariko kandi turetse n'abanyeshuri usanga abantu bakuru iteka bavuga ko batabasha kugira ubuzima bw'iby'Umwuka budahindagurika ngo bitewe n'uko batabibonera igihe. Ibi nabibonye na none mu biganiro byerekeranye n'ubuvuzi twagiriye ahantu ho mu burasirazuba mu mezi make yabanjirije iyandikwa ry'iki gitabo. Umugore umwe w'umuganga abaza kandi bigaragara ko abikuye ku mutima ati: " None se uramutse udafite igihe?".

Tubona igihe cyo kwiyuhagira no kwambara iminsi yose. Tukabona igihe cyo kurya. Ariko ntitubona igihe cyo kwambara ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo no kurya umutsima w'ubugingo. Mbese ni ukubura igihe? Oya. Kuki ? Twese dufite amasaha 24 y'umunsi. Ntabwo ari igihe twabuze, ahubwo ntibidushishikaje.

Iyo tuvuze ko tudafite igihe cyo gukora iki cyangwa kiriya ni uko nta gaciro tuba tugiha. Tubona igihe cy'ibyo dutekereza ko bifite agaciro. Kubura igihe sibyo twakwireguza no mu buzima busanzwe. Ufite igihe cy'ibyo ubona ko ifite agaciro, maze ibyo utekereza ko bifite agaciro gake ntubibonere igihe. Nta cyoroshye nk'ibyo. Yesu yabibwiye Marita, igihe yari atumiwe iwabo i Betaniya. Nta gihe yari afite cyo kwicara ku birenge bye, kandi yatekerezaga ko na Mariya ntacyo yabona ! Mu bitekerezo bya Marita, kwihererana na Yesu ntacyo byari bivuze, icyari ngombwa ni ugtegura ifunguro. Maze Yesu amwibutsa ibyari ngombwa n'ibitari ngombwa. Aramubwira ati :<Marita,Marita uriganyira wirushya muri byinshi, ariko ngombwa ni kimwe ; ariko Mariya we ahisemo umugabane mwiza atazakwa>.Luka 10 :41.42.

Utekereza ko kuba wanditse mu bitabo by'itorero bikwiringiza agakiza ?Utekereza ko imyifatire yawe myiza iguha ubwishingizi bwako ?Utekereza ko uzakabona kubw'ubw'umurimo ukorera shoboja, nyamara ku rundi ruhande wamwirengagije ?Cyangwa wizera ibyo Yesu yavuze muri Yohana 17 :3 agira ati :<Ubu nibwo bugingo buhoraho ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, kandi bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo> ?

Tubwirwa ko <imibereho yacu myiza y'iteka iterwa n'uburyo dukresha igihe cyacu muri ubu buzima>.Ibihamya (Testimonies vol 5.p.375). Ariko se ni kangahe twagiye twerekanisha imyitwarire yacu ko nta gihe dufitiye Imana ?

Uyu munsi urarikirwa kugira ngo ugirane umushyikirano na Yesu ,usabane nawe : icyo ni cyo kintu kiruta ibindi byose kandi umuntu wese yagombye kubonera igihe.Niba nta gihe ufite cyo guharira Yesu, nta n'igihe ufite yo kubaho.

### *IHAME RYA 49 : NIBA TUTAGIRA IGIHE CYO KWIGA BIBILIYA NO GUSENGA TUZAPFA MU BY'UMWUKA.*

Igihe kirekire kuruta ibindi wamaze utarya mu buzima bwawe ni ikihe? Abantu hafi ya bose baba barigeze kubwirirwa cyangwa kuburara. Mbese hashize amasaha makumyabiri n'ane? Mbese nawe waba warigeze kumara igihe kirekire utariye? Ahari byaba byarakugezeho mu gihe wari utegereje kubagwa kwa muganga, ukirinda kurya kubw'itegeko rya muganga. Ariko se hari ubwo waba warigeze kumara amasaha makunyabiri n'ane utariye kandi utarwaye ugakomeza gukora n'imirimo yawe nk'uko byari bisanzwe?
Bibiliya ivuga ko Yesu na Mose bamaze iminsi mirongo ine batarya. Nyamara kandi Bibiliya inavuga ko Imana yabakomezaga mu buryo budasanzwe muri icyo gihe. Ubwo rero dushobora kwemezako kuri benshi muri twe kumara amasaha makunyabiri n'ane utariye ari ikintu tutamenyereye mu buzima bwacu.
Ubwo nashakishaga amafaranga yo kuntunga ku ishuri, abatugaburiraga batubwiraga amafaranga make ashoboka buri munyeshuri agomba gutanga ku kwezi. Bakatubwira bati: Uzashaka kurya ibirenze, azongeraho andi mafaranga, ariko uzarya bike ntazariha munsi y'ayo mafaranga twababwiye. Ukwezi kumwe niyemeje kurya ibiciye munsi ya ya mafaranga make bari batubwiye ashoboka,kugirango ntazagira andi nongeraho. Muri uko kwezi namaze icyumweru cyose ntacyo ndya usibye kunywa imitobe y'imbuto gusa. Ariko usibye no gukomeza imirimo yanjye nk'uko byari bizanzwe nta n'ubwo nigeze numva mfite inzara idasanzwe. Tuvugeko rero nyuma y'icyo cyumweru niyemeje gukurikirana amasomo yanjye ntanga udufaranga dukeya nk'utwo. Mbese ubwo buryo bwo kubaho bwari kumbeshaho mu myaka ine yose nagombaga kumara niga? Mbese ntimwemera ko mu gihe gito nari kuzahara bikaba ngombwa ko banjyana mu bitaro?
Muri Yohana 6, Yesu agereranya ubuzima bw'iby'umwuka bwo gushyikirana no gusabana nawe nk'ubuzima bw'umubiri.aravuga ati :"ni ukuri ni ukuri, ndababwira yuko nimutarya umubiri w'umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe" Yohana6:53.

Iryo ni itegeko ry'ubuzima bw'umubiri rikanaba n'itegeko ry'ubuzima bw'Umwuka: Nimureka kurya muzapfa. Haba mu by'umubiri, haba no mu by'umwuka n'ubwo bitaba none cyangwa ejo, iryo tegeko ni iry'ukuri ntirihinduka. Iyo ripfuye, ingaruka zaryo ntizikumirwa.

Madamu White aratanga iyi nama: "Bizatubera ingirakamaro cyane nidufata isaha imwe buri munsi tukayiharira kwiga no kwitegereza ku mibereho ya Kristo. Dukwiriye kubitekerezaho mu buryo burambuye mu bitekerezo tukihatira kongera kureba uko byagenze cyane cyane ibyaherutse ubuzima bwe. " Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ,p.67) . Ni itegeko rikwiriye kugira ngo igaburo ryacu ry'iby'umwuka ribe rishyitse. Niba ubuzima bwa Kristo ari ryo zingiro ry'ifunguro ryacu ry'iby'Umwuka tuzakura. Isengesho ryitwa "Guhumeka k'ubugingo". Iyo nyito ikomoza ku kindi kibazo cy'ingenzi.

Ushobora kumara umunsi wose utariye ariko nta muntu n'umwe wamara amasaha makunyabiri n'ane adahumeka! Ni yo mpamvu ubwo mbabwira iby'umubano tugirana na Kristo, sintekereza ku buryo muzanezerwa, ubwo muzaba mumaze kwibonanira na we mwasabanye. Ariko, muzirikane ko ubu mbabwira ku kibazo cy'urupfu cyangwa ubugingo. Nimutarya kandi ntimunahumeke mu buryo bw'Umwuka, muzapfa. Ubuzima bw'iby'Umwuka ntibushobora kuramba haramutse hatabayeho gusabana na Kristo.

***IHAME RYA 50: GUSOMA BIBILIYA NO GUSENGA UBWABYO NTIBIGARAGAZA KO UFITANYE UMUSHYIKIRANO N'IMANA. ARIKO NIBA UTITA KU GUSOMA BIBILIYA NO GUSENGA, NTUZASHOBORA GUSHYIKIRANA N'IMANA.***

Iyo bavuze ku buzima bw'iby'umwuka bw'umukristo n'ukuntu ari ngombwa kubana n'Imana umunsi ku wundi wiga ijambo ryayo kandi usenga, ntihabura ubaza ati: "ubuzima bw'iby'umwuka ntibugiye gufata indi sura y'agakiza kaboneka ku bw'imirimo?"

Mbere yo gusubiza icyo kibazo, reka tubanze tugisesengure neza. Mbese ibi bishaka kuvuga ko dukwiriye agakiza cyangwa tubona agakiza bitewe n'uko dufashe ku gihe cyacu tukagiharira kwiga ijambo ry'Imana no gusenga? Uko biri kose ryaba ari ikosa rikomeye kwibwira ko hari ubwo umuntu yatsindishirizwa n'imibereho ye y'iby'umwuka kuruta uko atsindishirizwa no kwizera Yesu gusa.

Reka tubisubiremo ko gutsindishirizwa ntahandi guturuka usibye ku kwizera Yesu Kristo gusa. Nta kindi . Ntiduheshwa agakiza n'imirimo yacu, nta n'icyo twakora ngo tube tugakwiriye. Ariko kugirango tubone agakiza tugomba kukemera, kuko bitabaye ibyo isi yose harimo na Satani n'ingabo ze, bose bazageraho bagakizwa. Icyakora igitambo cya Yesu kirahagije kugira ngo isi yose ikizwe. Ariko abantu bose ntibazakemera.

Agakiza kandi ntikakirwa rimwe rizima – kagomba kwakirwa buri munsi. Iyo dusanga Yesu buri munsi tuba tuvugurura kwemera ubuntu, ubushobozi n'agakiza bya Yesu twari dusanganwe. Mu by'ukuri nibyo bikwiriye nk'uko tuzabibona mu ihame rya 95. Ariko kwakira agakiza buri munsi bibifitemo uruhare. Si ikibazo cy'ibyo tugororerwa ahubwo ni uburyo.

"Mbese imibereho y'iby'umwuka ntiyagera ubwo ifata indi sura y'agakiza kabonwa kubw'imirimo?". Ariko iki kibazo kiri ku rundi rwego. Ibyo biradusaba kumenya niba bene iyo mibereho yoroheye nyirayo, ikaba imugaragaraho atiriwe ayishakisha cyangwa se niba iyo mibereho imusaba kwihaharika agashyiraho umwete. Imibereho y'iby'umwuka rero si ikibazo cy'imirimo ahubwo ni umurimo. Kubitandukanya ni ingenzi.

Byinshi tubona mu buzima bwa gikristo ni impano. Kandi nta wakoresha imbaraga ngo abone impano. Kwizera, kwihana, kunesha, agakiza byose ni impano. Ariko hari ikintu kimwe kitari impano: Imana ntiyigeze isezerana ko izishaka mu mwanya wacu. Ntiyigeze isezerana ko iziyakira mu mwanya wacu twe nitutayakira, nta nubwo izigera yigira kwimenya mu mwanya wacu, twe nitudashaka kwiga ngo tuyimenye.

Mu mibereho ya gikristo byose ntibipfa kwizana. Hari ubwo tuzanezezwa no gushaka Yesu kugira ngo tunoze umubano dufitanye nawe,. Ariko hari n'ubwo bizadusaba kwiyambaza ubushake, ikinyabupfura, imbaraga z'imico-mbonera no gushikama ibyo tubashije muri ibyo. Ibyo ni byo Pawulo yise "intambara nziza yo kwizera" 1Timoteyo6:12. Iyobokamana ryacu si irya ba simbirimo. Buri muntu afite icyo agomba gukora. Agomba gukorana n'Imana mu gukira kwe no mu gakiza ke.

Birababaje kubona abakristo batagira ingano barumvise nabi uko kuri. Dutakaza imbaraga, ubushake n'igihe kinini ngo dukore ibyo tudashoboye gukora bya bindi Imana yasezeranye kudukorera. Ahubwo ntidukore ikintu kimwe iturarikira gukora: Kuyishaka. Dutegereza ko inkomyi zose zikurwaho, tukarindira ko hari ubwo kuba inararibonye mu by'umwuka bizatugwirira nk'abakojejweho agakoni karimo imbaraga ndengakamere.

Niba hari ubwo wigeze gufata amasaha ukayaharira kuzajya uhura n'Imana, uzi icyo bishobora kugusaba. Mbese ntihari ubwo wibukaga warebye ku isaha, ushaka kumenya igihe usigaje kwihanganira? Mbese ntabwo wigeze kurambura impapuro vuba vuba ugira ngo umenye ibyo usigaje gusoma? Ntabwo wigeze wumva gusenga bikugoye? None ukora iki mu bihe nk'ibyo?

Kurekura iyo gahunda yawe nta cyo bimaze. Hari uwavuze ati: "Mu gihe wumva gusenga bikugoye ni bwo ukwiriye kurushaho gusenga ushikamye". "Ni iby'ukuri koko dukwiriye gusenga mu gihe twumva ikidodo cy'icyaha gishaka kubitubuza." Byakuwe mu gitabo cyitwa Imibereho ihebuje (Une vie meilleure, p.136) ikindi kandi, nubona imibereho y'iby'umwuka iruhije, ntugakuremo akawe karenge.

Nuko rero gusoma Bibliya no gusenga si ubwishingizi bwo kugira imibereho n'ubuzima bw'iby'umwuka buzira umuze, umuntu ashobora kubikora ariko umutima we ukaguma kure y'Imana. Uko ni ko byagendekeye Abafarisayo. Wasanga ari na ko bimeze iwawe. Icy'ukuri ni kimwe: ntuzakomeza kuba muzima mu by'umwuka nudashakira Yesu mu ijambo rye usenga. Ibyo turya n'umwuka duhumeka si byo bwishingizi bwo kugira ubuzima buzira umuze. Ariko kandi ntibishoboka ko uwo mubiri uba muzima nta kurya cyangwa se nta guhumeka.

Mbese biragoye kudatezuka mu mibereho y'iby'umwuka? Nta gushidikanya n'iyo wifuje kugumana amagara mazima hari ibibazo uba ugiye guhangana na byo: umwuka ubwawo urahumanye, ibyo kurya na byo byuzuyemo udusimba dutera indwara n'ibindi bintu bihumanya biva mu nganda by'uburyo bwose. Nyamara kandi guhumeka no kurya bikomeje gufata umwanya w'ingenzi mu byo ukeneye. Nta kindi kizakomeza gutuma tuba bazima mu by'umwuka rero keretse gukomeza gushaka Imana.

***IHAME RYA 51 : UMUGAMBI W'IBANZE W'ISENGESHO SI UGUHABWA IBYO DUSABA, AHUBWO NI UKUMENYA YESU.***

Tekereza umwanya muto kuri imwe mu nshuti zawe magara.
Ndakeka bikunejeje! Gerageza kwibuka inshuro ya nyuma mwahuye. Mwavuze ibiki? Mwakoze iki? Icyo gihe cyabamereye gite? Noneho ita kuri ibi bintu bibiri bikurikira.
Icya mbere, mbese byagutwaye igihe kingana iki usaba inshuti yawe kukubabarira ?Ni inshuro zingahe wamusabye kugira icyo akumarira ?
Bijya bikubaho gusaba imbabazi inshuti yawe magara ?
Ibyo nta wabishidikanya. Ujya usaba inshuti zawe kugira icyo zigukorera? Nta kabuza. Ariko niba imishyikirano yanyu yari ishingiye gusa kuri ubwo bwoko bw'ibiganiro ntiyamara igihe kirekire!

Imana iduhamagarira kugirana ubucuti na yo.
Muri Yohana 15 :14-15 Yesu yaravuze ati : "  Muri inshuti zanjye……
Sinkibita abagaragu, kuko umugaragu atazi ibyo shebuja akora. Ahubwo mbise inshuti "
" Gusenga ni ukugururira Imana umutima nk'uko umuntu yabikorera inshuti ye magara " Kugana Yesu 73.
Imana irababarira kandi igatangana ubuntu busaze. Yo iduhamagarira gusaba kandi yishimira gutanga.

" Biri mu mugambi w'Imana gusubiza isengesho risenganywe kwizera, iduha ibyo tutajyaga kubona iyo tutabisaba " Intambara ikomeye (LaTragédie des Siècles P.573)
Ntabwo Imana iduhatira kwakira n'igihe ishaka kuducunshumuriraho imigisha yayo. Ijambo ryayo ryuzuyemo amasezerano adushishikariza kuyegera.
Imana yubahiriza uburenganzira bwacu bwo guhitamo igihe igitegereje ko tuyisaba imigisha yadusezeranije.

Nyamara akenshi duhugira mu gusaba no kwakira ku buryo twibagirwa ko hari igisumbyeho kiri bugufi bwacu. Imana yo ireba ibirenze guhaza kwifuza kwacu. Ishaka y'uko tuyikunda. Yaduhaye "amasezerano y'agaciro kenshi kandi akomeye" (2 Petero 1:4), ariko ntabwo yigeze ivuga ko isezerano ryose ryo muri Bibiliya ari iryacu, ubu nonaha mu bihe tugezemo.
Igihe cyose dufite uburenganzira bwo kwishyuza amasezerano yerekeranye n'imigisha y'iby'umwuka. Yiteguye igihe cyose kutubabarira ibyaha, kuduha imbaraga zo kuyubaha n'izo gukora umurimo wayo.

Ariko ibyerekeranye n'amasezerano yo muri iyi mibereho, yemwe n'ay'ubuzima ubwabwo, tugomba gushyira ubushake bwacu munsi y'ubushake bw'Imana kandi tukemera imyanzuro yayo.
Bibiliya irimo amasezerano yo kudukiza ndetse n'amasezerano yo kuduha imbaraga zo gukiranuka kugeza ku gupfa. Imana ni yo igena impano ikwiriye buri bukene.

Mbese dufate umwanzuro ko tudakwiriye gusaba imigisha yo mu by'ubu buzima? Oya, igihe cyose dufite uburenganzira bwo gusaba. Imana iduhamagarira kuyisaba. Isengesho ry'Umwami wacu rivuga ko dukwiriye gusaba imigisha y'iby'ubuzima ngo " Uduhe ibyo kurya byacu by'uyu munsi ".
" Mu kutwigisha gusaba buri munsi ibyo dukeneye, byaba iby'umubiri cyangwa iby'ubugingo, Imana ifite umugambi ! Yifuza ko twiyumvamo ubukene bwo kwitabwaho na yo, ishaka kuturehereza kugirana umushyikirano na yo " Imibereho ihebuje(Une vie meilleure, p.133,134).

Kuki Imana iturarikira gusaba imigisha y'iby'umwuka ndetse n'iy'iby'umubiri aho kuyiduha tutagombye kubiyisaba ? Ni ukugira ngo itwigishe kuyishingikirizaho no kudutera gushyikirana na yo.

Imana ntabwo ari nka ya nshuti yivugira gusa ibyerekeye inyungu zayo. Iturarikira kuza kuri yo no kuyibwira ibyatubabaje bikanaduhangayikisha.
Yifuza gusangira natwe ibyishimo n'imibabaro byacu. Yifuza kumva tuvuga ibyo dutekereza n'ibyo twiyumvamo.
Hariho abibaza rimwe na rimwe bati " Mbese Imana ntizi ibitwerekeye byose?" Ni koko! Ariko no mu mibanire y'abantu, kuvuga kugira ngo muvuge gusa na byo ni ingenzi.

Ndetse nomu rwego rw'abantu , amakuru si ingenzi cyane kurusha ibiganiro hagati y'abantu babiri. Tekereza ko ufite inshuti magara yumvise inkuru nziza runaka. Iyo nkuru ishimishije nawe wayimenye uyiuye mu binyamakuru, kandi ukurikije uko uzi iyo nshuti yawe; ukaba uzi ibyo ikunda gutekereza, imishinga ndetse n'imyifatire yayo, wavuga uti <byabze bikunze biramushimisha>.

Tekereza ko ubu rero aguhaagaye kuri telefoni, maze akakubwira ati <findura ibimbayeho?>Mbese wabasha kumubwira uti :<wikwirirwa ubimbwira byose ndabizi. Nabisomye mu binyamakuru, kandi nzi ko byagushimishije.Birakureba! Ahubwo tuvuge ibindi.>Mbese ni uko wasubiza?

Oya. Ahubwo wategа amatwi inshuti yawe mugasangira ibyishimo bye.Wanezezwa n'uko yaguhamagaye kugira ngo abikumenyeshe, kuko icyo cyaba ari ikimenyetso cy'urukundo agufitiye.
Imana ifite amakuru nyayo kubyo yadukeneraho.Icyo ibuze ni ugusabana n'abo ikunda. Nicyo gituma iturarikira gusangira imibereho yacu nayo.

## *IHAME RYA 52: INTEGO NKURU MU KWIGA BIBILIYA,SI UGUKURAMO UBUMENYI, AHUBWO NI UKUMENYA YESU.*

Itsinda ry'abakristo ryo mu birwa bya Pasifika, buri gitondo bajya ku nkombe z'inyanja kugira ngo barebe mu icyerekezo ry'aho izuba rirasira ngo ahari babona niba Yesu aje. Ntabwo bigeze bumva havugwa ko Imana itakizura abapfuye nk'uko yabikoraga mu gihe Bibiliya yandikwaga. Nabo barasenga abapfuye bakazuka.

Umwe muri abo bakristo yagize umuhati wo gusaba umwami uburenganzira bwo kubatiza umwana we. Uwo mukobwa yari yaremeye Kristo ariko se yari yaramubujije kujya mu itorero.
"Mbese Imana iramutse iteje igishyitsi cy'isi ejo nyuma ya saa cyenda mwaduha uburenganzira bwo kubatizwa ?" Uko ni ko uwo mukristo yabajije umutware, maze ahita yemera. Bukeye nyuma ya saa sita, saa cyenda haba igishyitsi gikomeye, maze wa mukristo aha umukobwa we uburenganzira bwo kubatizwa. Uwo mukristo yaje kubazwa n'abanyamakuru muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bagira bati: "Kuki wahisemo ko habaho igishyitsi? Ntiwashoboraga gusaba ikimenyetso kidakomeye nk'icyo?" Nawe arabasubiza ati: "Ko Imana ishobora byose, kuki ntayisaba ikintu gikomeye?"
Iyo twumvise kwizera koroheje kw'abo bantu, biradusetsa. Dusetswa no kwizera k'umwana. Nyamara kandi, twifuza bene uko kwizera.

Twumva tuzi byinshi ku Mana kubasumbya,ariko bijya bitubaho kuyiringira buhoro. Simvuzeko ubumenyi nta kamaro bufite.Imana yaduhaye ibimenyetso by'uburyo bwose byatuma tuyimenya. Yifuza ko kwizera kwacu kumurikirwa.Ariko ubumenyi ntibuhagije.Tubona ubusobanuro mu gitabo cyitwa Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ p.449) "Umutima ni wo uhamagarirwa cyane kwemera no kwishimira ukuri gusumbya ubwenge….ukuri kugomba kwakirwa mu mutima gukeneye kandi kubahwa biturutse mu bushake.Iyaba ukuri kwageragezwaga muri ubu buryo gusa,ubwibone ntibwabujije uko kuri kwakirwa".

Satani azi byinshi byerekeye Imana gusumbya uwo ari we wese muri twe. Nyamara ubumenyi bwe bwose ntabwo bwari buhagije ngo bumubuze kubizambya byose. Ntabwo buhagije ngo bubashe guhindura imibereho ye uyu munsi.Niwe wifatiye icyemezo cyo kwigomeka.Yagifashe afite umucyo uhagije ku cyubahiro cy'Imana,azi byose ku Mana ndetse n'imico yayo.Nyamara ubumenyi bwose yari afite ntibwari buhagije kugira ngo bimubuze kugwa.
Kumenya ni ingenzi cyane mu gushyikirana. Ariko ntabwo kumenya byasimbura gushyikirana.

Bijya bibaho ko abantu babiri badahuje imico bamenyana. Ibyo bibaho cyane mu gihe cy'intambara, iyo abasirikari bahuriye ahandi hantu. Bibaho kandi mu biganiro by'abanyeshuri, ndetse n'igihe abasore biyemeje kuba abanyeshuri b'abavugabutumwa.
Umusore n'umukobwa bashobora gushimana bagakundana. Ariko birashoboka ko batavugana. Akenshi baraseka, bagafatana mu biganza, bagahoberana, maze bakemeza ko bashyikirana kuko bibanezeza kumarana igihe kirekire. Umusore atekereza ko uwo ari we yashakaga neza neza. Umukobwa akizera ko icyo ari cyo gisubizo cy'inzozi ze. Ariko rimwe na rimwe, nyuma y'igihe runaka bagenderana, wenda se nyuma yo gushyingiranwa, bakabona ko nta na kimwe bahuje, uretse gusekerana, gufatana mu biganza, ndetse no guhoberana! Imico yabo iratandukanye, imigambi yabo mu buzima iratandukanye; ubwo ibibazo bikavuka.

Kumenya no gushyikirana bigomba kuba isanga n'ingoyi. Igihe ababwirizabutumwa bakura abapagani mu gusenga ibigirwamana bakabayobora kuri Kristo, batangira kubigisha ibyerekeye Kristo. Ahari twaba twese twarigeze kumva iby'abantu bayobowe n'Umwuka Wera,bakakira Imana na mbere y'uko hagira umubwirizabutumwa ubageraho. Ariko dore ikintu kibaho mbere na mbere muri rusange: umuntu ayoborwa mu itorero,ayoborwa ku ijambo ry'Imana kugira ngo amenye ibyerekeye Imana, bikamufasha akagira kwizera.

Mu bihugu bivugwa ko byabonye umucyo, imitima myinshi y'abantu isazwe n'inyigisho uhereye mu bwana bwabo. Nyamara muri ibyo bihugu, gusobanukirwa n'icyo umushyikirano ari cyo, biragoye. Hashobora kuba impaka zikagera mu gicuku, basesengura utuntu duto tw'ubwenge, ndetse bavuga no ku Mana buri cyumweru mu Ishuri ryo ku Isabato, ariko ntihaboneke igihe cyo kuyibwira no gushyikirana na yo umuntu ku giti cye.

Inyigisho Bibiliya iduha zigomba gukoma imbarutso ngo habeho umushyikirano.Muri Yohana 17 :3 haranditswe ngo " ubu ni bwo bugingo buhoraho,ko bakumenya,… " Ubumenyi ku Mana bufite akamaro gusa igihe butuyobora ku kuyimenya buri wese ku giti cye.Mu kuyimenya tubona ubugingo.

## *IHAME RYA 53 : AKENSHI IYO DUSENGA, IBINTU NTIBIBURA KURUSHAHO KUBA BIBI, KUGEZA TUMENYE GUSHAKA YESU KUBWO URUKUNDO TUMUKUNDA ATARI KUBW'IZINDI NYUNGU ZACU.*

Umunsi umwe umunyeshuri yarambwiye ati: "Dore iminsi cumi n'itanu irashize ntakiri umukristo, kandi kuva icyo gihe sindacumura na rimwe". Nyamara hariho benshi biyemeza gushaka umubano n'Imana ku buryo bwihariye, ariko bakabona byose bigenda nabi.
"Umubare munini w'abirunduriye mu murimo w'Imana bakomeje, batangazwa kandi bakabona bagoswe n'ingorane batigeze babona mbere hose, bugarijwe n'ibigeragezo ndetse n'ibirushya. Basenga Imana ngo imico yabo ise n'iya Kristo, ndetse ngo babashe gukora umurimo wayo. Nyamara bisanga bari mu bintu bisa n'ibibyutsa ibintu bibi byo muri kamere yabo; bagahishurirwa amakosa yabo batari barigeze batekereza ko abaho. Bakibaza nk'abana b'Israyeli bati:"Niba Imana ariyo ituyoboye kuki ibi bintu byose bituzaho?"Rengera ubuzima (Ministère de la guérison, p.406).

Rimwe na rimwe birakomeye kwemera igisubizo cyatanzwe n'Imana mu gihe nk'icyo!
"Bahuye n'ibyo byose kuko Imana ariyo yari ibayoboye nyine.Ibigeragezo n'ingorane ni uburyo Imana yatoranije bwo kutwigisha uko dukwiriye kwitwara no kudufasha gutsinda" Rengera ubuzima (Ministère de la guérison,p.406).

Inkuru ya Yobu iratangaje! Nawe dore umuntu wari utunganye. Imana ubwayo yarabivuze ibwira Satani iti: "Mbese witegereje umugaragu wanjye Yobu ko ntawe uhwanye nawe mu isi.Ko ari umuntu ukiranuka, akubaha Imana kandi akirinda ibibi?" Yobu 1:8
Nyamara Imana yemereye Satani kuramburira amaboko kuri Yobu n'ubwo yari atunganye. Uko bwacyaga bukira, Yobu yahuraga n'ingorane abantu benshi badahura nazo mu buzima bwabo bwose. Yabuze ubutunzi bwe, abana be ndetse n'ubuzima bwe. Ikigeretse kuri ibyo, yubahutswe n'umugore we, abura kuvugwa neza aho yari atuye ndetse n'inshuti ze zimuburira icyizere.

Mbese ibirego bya Satani byari bishingiye kuki? Yaregaga Imana ko irinda Yobu ku buryo bubogamye. Yaregaga Imana ko igurira ibyaremwe byayo ngo biyubahe.
Ni cyo cyatumye avuga ati: "Yobu agukorera kubera inyungu agukuraho gusa!"
Nyamara Imana ni umucamanza utabera! Yari izi igitera Yobu kuyikorera. Niyo mpamvu yagaragarije ukuri kwayo mu maso y'ibyaremwe byose ,imico y'umugaragu wayo Yobu. Ibwira Satani iti " Genda ujye kugaragaza ko ibyo uvuga ari ukuri ".

Hariho bamwe bagiye bajora inkuru ya Yobu, bavuga ko Imana yifashishije Yobu nk'igikinisho ikina na Satani. Nyamara ntabwo ari Yobu wari warageragejwe, ahubwo ni Imana. Ni uko Yobu utumvaga ibyari byamubayeho ndetse utari yanabiherewe ubusobanuro dukurikije ibyanditswe, yagaragaje gukiranuka kw'Imana mu maso y'ibyaremwe byose.

Nta muntu ujya yishimira umucanshuro. Dushobora kumva ingorane abantu bakize cyangwa b'ibirangirire bahura nazo bashaka inshuti nyakuri. Ntabwo buri gihe byoroha gutandukanya abagushakaho ubucuti nyakuri n'abitaye ku mafaranga yawe cyangwa se icyubahiro cyawe gusa.

Igihe cyose umuntu avuye mu rugabano rwa Satani akajya ku Uwiteka, umwanzi arega Imana agira ati " uyu ntabwo azanywe kuri wowe n'uko agukunda. Ntabwo yemeye kugukorera kubwo kunyurwa n'icyo umwana wawe Yesu yamukoreye.Ashaka igisubizo cy'ibibazo bye. Ashaka gukira indwara ze. Ashaka amahoro y'umutima. Ashaka gucika iby'urubanza rukomeye ". Mu bundi buryo umutima wose wiyemeje kwakira Kristo, uba utangiye urundi rugerero mu ntambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi. Uburyo rukumbi rero Imana yatsindiramo, uburyo ishobora kwemera icyemezo cyacu cyo kuyikunda, ni uguha Satani uburyo bwo kutwemeza kugamburura tukareka icyo cyemezo.

Umunsi umwe umusore yarambwiye ati " Iyaba nari menye ko nacunguwe, ko ibyaha byanjye byababariwe, kandi ko nemewe n'Imana, ubwo nakwifuza ko umuntu yanyica muri ako kanya ". Ndamubaza nti kubera iki se ?
Nawe aransubiza ati " Kuko mba mfite ubwoba ko ibintu byakongera gusubira ibubisi ".
Ariko Imana nta bwo ishaka abayegera gusa igihe bari mu kaga hanyuma mu kanya gato bakareka icyo cyifuzo cyo kuyiyegurira.Ishaka ko dukoresha umudendezo wacu mu guhitamo ni yo mpamvu igomba kurekera Satani uburyo bwo gukora ngo atwemeze ko tugomba guhindura icyo cyemezo.

Ntabwo hashize igihe kirekire Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zitoye itegeko ritanga igihe cyo gutekereza nyuma yo gushyira umukono ku masezerano akomeye. Yemwe na Leta itanga igihe cyo

gutekereza ndetse no kwisubiraho. Icyemezo kizahoraho haba mu minsi mibi cyangwa imyiza ni wo mudendezo wo guhitamo Imana ndetse na Satani bemera.

### *IHAME RYA 54 : UMUNTU WESE UREKA UMUBANO WE NA YESU BITEWE NI IMYITWARIRE YE ATWARWA N'AMATEGEKO.*

Mbese umuntu utwarwa n'amategeko ni muntu ki? Dukurikiye ubusobanuro bumenyerewe ni umuntu wese wiringira kubona ijuru kuko yakurikije amategeko. Ubwo umuntu uhakana Imana n'umupagani ntabwo baba batwarwa n'amategeko kuko badashaka agakiza. Ariko umuntu wese unezezwa n'ibyiringiro by'agakiza, ibyo byiringiro akabyubaka ku mirimo ye myiza, cyangwa ku kubaha kwe, cyangwa ku gutsinda kwe, atwarwa n'amategeko. Ntacyo dushobora gukora ngo tubone cyangwa se ngo tube dukwiriye agakiza; uko niko kuri shingiro ry'agakiza gatangwa no kwizera Yesu Kristo gusa. Icyo dukora ni ukukemera nk'impano gusa.

Twemera iyo mpano iyo tumenyanye n'uyitanga.Twashimangiye ko impano y'agakiza igomba kwakirwa umunsi ku wundi bitari inshuro imwe gusa utangira ubuzima bwa gikristo.Nyamara kenshi twumva aya magambo ngo"Nagerageje ubuzima bw'iby'umwuka ariko byarananiye".
Dore igisubizo cyanjye: Urashaka kuvuga iki? Ntabwo wakoze uko ushoboye ngo umenyane na Yesu ufata igihe wiga ubuzima bwe? Mbese wavumbuye ko gusoma Bibiliya no gusenga bitagufasha gushyikirana n'Imana?
Mbese wabonye ko imbaraga zikenewe mu gufata iyo saha yo kwihererana n'Imana buri munsi ari imfabusa? Mbese ikitaragenze ni iki?

Ingorane bambwiraga isa n'aho ari imwe. "Nabonye ko ngomba gukomeza nkarwana n'ibishuko." Nakomeje gukora amakosa amwe n'aya mbere. Nkomeje kugirana n'Imana umushyikirano ariko biranga. Yesu yaravuze ati: "Ubwami bw'Imana bugereranywa n'umuntu ubibye imbuto mu butaka,yaba asinziriye, cyangwa se ari maso, haba ku manywa cyangwa se nijoro,imbuto ziramera, zigakura,ariko atazi uko zakuze. Ubwa mbere habanza kuba ubwatsi, hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto". Mariko 4:26-28.

Mu guhinga ubusitani, kurera abana, kubona impamyabushobozi, gukora neza k'uruganda rushya, mu kwiga gucuranga, mu kubaka inzu, bisaba igihe gihagije.
Nyamara muri twe, hari benshi batekereza ko bahinduka abakristo mu kanya gato. Benshi ni abatiteguye ko urubuto rw'umwuka rwakwera mu mibereho yabo. Dusoma mu gitabo Imigani ya kristo (Parabole de Jésus p 46) ngo "Umuhinzi ategereza imyaka y'ubutaka y'igiciro, ayirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba". Yakobo 5:7. Niko n'umukristo akwiriye gutegereza yihanganye ko ijambo ry'Imana ryera imbuto mu bugingo bwe. Iyo dusenze ngo duhabwe imigisha y'Umwuka Wera, akenshi Imana isubiza amasengesho yacu itunyuza mu bihe bimwe bifasha izo mbuto gukurira muri twe. Kuko rero tudasobanukiwe imigambi yayo, turatangara ndetse tukigunga. Nyamara imigisha yayo yiyongera nk'uko imikurire y'ibimera igenda. Inshingano yacu ni ukwakira ijambo ryayo, tukaryitaho kandi tukaryumvira tutizigamye. Ubwo nibwo gusa imigambi y'Imana izasohorera muri twe".

Umubano wacu n'Imana ntabwo ushingiye ku myitwarire yacu myiza. Nyamara niba ari imyitwarire yacu ituma ducika intege mu byerekeranye n' umubano wacu na yo, byumvikana ko mbere tuba twarishingikirije ku rugero runaka rw'imyitwarire yacu ngo dukunde twemerwe n'Imana.

Kandi umuntu wese utekereza kwemerwa ndetse no gukizwa biturutse ku mbaraga ze, atwarwa n'amategeko. Kunesha icyaha, imbaraga zo kumvira no gutsinda ibishuko, ntibikomoka kuri twe.

Niba dushaka kumvira, tugomba kujya kuri Yesu, ndetse tugakomeza kujya kuri we ngo tubone gukiranuka kwe.
Ariko nubona ko watsinzwe n'ubukristo, ntukareke umubano wawe na Kristo, kuko ni kubwa kristo gusa ushobora gutsinda mu buzima bwawe bwa gikristo.

Iki gika cyo mu gitabo cyo Kugana Yesu,p.51 cyagombye kuba ku rupapuro rubanza rwa buri Bibiliya. "Tuzajya dupfukama kenshi ku birenge bya Kristo, tuhaje turizwa n'amakosa yacu, ariko ntabwo ari impamvu yo gucika intege. N'ubwo twaba twatsinzwe n'umwanzi, ntabwo tuba duciwe, twaretswe cyangwa Imana yaduhanye. Oya.
Yesu Kristo ari iburyo bw'Imana adusabira. Umwigishwa ukundwa yaravuze ati: "Ibyo mbibandikiye kugira ngo hatagira ukora icyaha, ariko nihagira ukora icyaha, dufite umurengezi kuri Data wa twese niwe Yesu Kristo ukiranuka". 1Yohana 2:1.

Mbese kunesha birashoboka? Ubushobozi bw'Imana buri hafi yacu. Bigenda bite iyo ducumuye? Dufite impano y'Imana y'imbabazi ndetse no kudukiza. Imyitwarire yacu ishobora kuba impamvu yo gucika intege! Ariko niturebe kuri Kristo kugira ngo duhabwe agakiza, imbabazi n'imbaraga zo kumvira. Ntabwo tugomba na rimwe gucogora mu mubano tugirana n'Imana biturutse ku myitwarire yacu idatunganye.Isezerano rye ni iryo kwizerwa. Nidukorana nawe, azarangiza umurimo yatangiye mu mibereho yacu.

## *ICYIGISHO CYA 10: UMUBANO TUGIRANA N'IMANA*

1.Mbese birashoboka ko tugirana umubano n'Imana?
"Ubwo ni bwo bugingo buhoraho ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri wenyine,bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo "Yohana 17:3 .Soma na Yohana 5:20.

2.Ni akahe gaciro Pawulo aha kumenya Kristo?
"Ariko ibyari indamu yanjye,nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo.Ndetse mbitekereza ko ari amase ku bw'ubutunzi butagira akagero bwo kumenya Kristo"Abafilipi 3:7-10.

**GUTSINDISHIRIZWA KU BWO KWIZERA NI IMIBEREHO,NTABWO ARI AMAGAMBO GUSA**.
3.Mbese kumenya Imana byaba ari imibereho ihebuje?
"Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe,n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo,umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe,ahubwo uwirata yirate ibi:y'uko asobanukiwe,akamenya ko ari njyeUwiteka"Yeremiya9:23,24 na Daniyeli 11:32.
4.Ni gute Yesu yagaragaje uwo mubano wa bugufi?
"Ni jye mwungeri mwiza.Nzi intama zanjye na zo zikamenya"Yohana1.:14
5.Mbese Imana iratwumva iyo tuyibwira?
"Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi n'amatwi ye ari ku byo bamusaba?1Petero3:12.
6.Abakiranutsi bakumva bate uko Imana ibabwira?
"Dore kwizera kuzanwa no kumva no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo"Abaroma10:17
7.Mbese Imana yifuza kugirana natwe umubano wa gicuti wihariye?
"Dore mpagaze ku rugi ndakomanga,umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi,nzinjira iwe dusangire"Ibyahishuwe3:20
8.Mbese ibyo kurya by'umwuka Yesu aduha ni ibihe?
<<Yesu arababwira ati"ninjye mutsima w'ubugingo,uza aho ndi ntazasonza na hato;unyizera ntazagira inyota na hato">> Yohana 6:35.
9.Kuki ari ngombwa kurya ibyo kurya by'umwuka?

“Nimutarya umubiri w’Umwana w’umuntu,ndetse ntimunywe n’amaraso ye,nta bugingo muba mufite muri mwe!”Yohana 6:53
10.Niba turya kandi tukanywa kuby’umwuka byagira iyihe ngaruka?
“Urya umubiri wanjye,akanywa n’amaraso yanjye,aguma muri njye,nanjye nkaguma muri we”Yohana6:56.

IMPUGUKIRWA:Ijambo”muri njye”bisobanurwa ngo”mu mubano tugirana na we”.

11.Ni gute twarya umubiri tukanywa n’amaraso ye?
“Umwuka ni we utanga ubugingo,umubiri ntacyo umaze;amagambo mbabwiye ,ni yo mwuka kandi niyo bugingo”Yohana 6:63.

IMPUGUKIRWA:Muri Yohana igice cya 6 Yesu avuga yeruye ko tugomba kumara igihe tugaburira umutima ijambo rye nk’icyo tumara tugaburira umubiri wacu ibyo kurya.
Nubwo ugira ubuzima buzira umuze kubera urya kandi uhumeka, ariko nutabikrา nta buzima buzira umuze uzagira.
Ntabwo ugirana umubano n’Imana kubera ko usoma Bibiliya ukanasenga gusa,ariko utabikoze nta mubano wagirana nayo.
12.Amabwiriza agomba gukurikizwa ngo tunoze umubano wacu n’Imana ni ayahe?
Igihe: Soma Yohana 6:53-63 ndetse n’impugukirwa yo ku kibazo cya 11.

- Wowe wenyine: Woweho nusenga,ujye winjira mu nzu yawe ubanze ukinge urugi uhere ko usenge so mwihereranye,nuko so ureba ibyihereyeye azakugororera.Matayo 6:6 soma na 2Timoteyo 2:15
- Mu itangira :Uwiteka mu gitondo uzajya wumva ijwi ryanjye,mu gitondo nzajya nerekeza gusenga kwanjye kuri wowe mbe maso ntegereje.Zaburi 5:4 soma na Zaburi 55:18.
- Rya buri munsi:”Umuntu nashaka kunkurikira ,niyiyange yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire”.Luka 9:23.
- Gushaka Imana:”Muzanshaka mumbone nimunshakana umutima wanyu wose” Yeremiya 29:13,Hoseya 10:12,soma na none Zaburi 34:11.

**NIBA TUDAFATA IGIHE CYO GUSOMA BIBILIYA NO GUSENGA,TURAPFA MUBY’UMWUKA.**

13.Ni ubuhe buryo bukomeye Imana ikoresha ituvugisha?
“Murondora mu byanditswe kuko mutekereza ko muri byo arimo mufite ubugingo;nyamara ni byo bimpamya” Yohana 5:39

- Ab’i Beroya “bakiranye ijambo ry’Imana umutima ukunze,bashaka mu byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye ibyo bababwiye ko ari iby’ukuri koko”Ibyakozwe 17:11
- Ahera kuri Mose n’Abahanuzi,abasobanurira ibyanditswe kuri we….Nuko baravuga bati”imitima yacu yari ikeye ubwo yadusobanuriraga ibyanditswe” Luka 24:27-32,soma na none 2Tim.3:15

14.Ni ubuhe buryo bukomeye dukoresha tubwira Imana?

- ”Mwirinde,mube maso,musenge”Mariko13:33
- ”Ni ngombwa gusenga buri munsi nta kurambirwa”Luka 18:1
- ”Ntimugahweme gusenga” Abaroma 12:12
- ”Mukomeze gusenga mube maso” Abakorosayi 5:17

**Umugambi w’ibanze wo kwiga bibiliya si uwo kwiyungura ubuhanga, ahubwo ni ukumenya yesu. Umugambi w’ibanze w’isengesho si uwo kubona ibisubzo by’ibyo dusaba, ahubwo ni ukumenya yesu.**

15.Mbese Yesu yigishaga iby'ubuzima bw'iby'umwuka bwa buri munsi?Soma witonze Yohana 6:27-71

16.Ni ibiki byarangaga ubuzima bw'iby'umwuka bwa Yesu?

- Yasengaga yiherereye ku musozi.Matayo 14:23
- Yasengaga yiherereye mu gitondo kare.Mariko 1:35
- Yavaga mu bantu akajya kwiherera agasenga.Mariko 6:46
- Ajya mu butayu akiherera agasenga.Luka 5:16
- Amara ijoro yiherereye asenga Imana.Luka 6:12
- Ubwo yarimo asengera "ahitaruye"abigishwa be bari kumwe na we.Luka 9:18
- Yesu ajyana na batatu mu ntumwa ze,ajya gusenga.Luka 9:28.

17.Mbese ni ikihe cyifuzo intumwa zagize natwe twakwifuza?
"Mwami twigishe gusenga"Luka11:1.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- Dushobora kugirana umubano n'Imana cyangwa undi uwo ari we wese tutagombye kumuha igihe.
- Umugambi w'ikubitiro w'isengesho ni ukubona ibisubizo by'ibyo twifuza.
- Umugambi wa mbere wo kwiga Bibiliya ni ukwiyungura ubumenyi.
- Ubuzima bw'iby'umwuka bw'umukristo ntabwo ari ingenzi cyane.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Gusoma Bibiliya no gusenga,si ibihamya ko usabana n'Imana;ariko nutabikora,ntushobora gusabana nayo.
- Gutsindishirizwa ku bwo kwizera,ni imibereho,si amagambo gusa.
- Ubuzima bw'iby'umwuka bw'umukristo ntabwo ari ikintu cy'agaciro gake.Kubana n'Imana ni rwo rufatiro rwo gukura mu by'umwuka.
- Niba tudafata igihe cyo gusoma Bibiliya no gusenga, dupfa mu by'umwuka.
- Umugamb w'ikubitiro w'isengesho,si ukubona ibisubizo by'ibyo dusaba,ahubwo ni ukumenya Yesu.
- Intego ya mbere yo kwiga Bibiliya,si ukwiyungura mu bumenyi,ahubwo ni ukumenya Yesu.
- Akenshi iyo dusenga ibintu birushaho kuba bibi kugeza igihe tumenyeye gushaka Yesu kubwo urukundo tumukunda atari ukwikunda kwacu.
- Umuntu wese ureka umubano afitanye na Yesu ku bw'imyifatire ye, aba atwarwa n'amategeko.

## KUMVIRA.

***IHAME RYA 55: KUMVIRA NYAKURI NI IMPANO Y'IMANA :UMWAMBARO W'UBUKWE UTANGIRWA UBUNTU.***

Kumvira ni impano. Kumvira ni impano. Kumvira ni impano. Kumvira ni impano. Kumvira ni impano. Kumvira ni impano. Kumvira ni impano.
Kumvira ni impano kuko kwizera ari impano.Niba ibyo utabisobanukiwe,ongera wige amahame avuga ibyo kwizera.

Dusoma mu Bakolosayi2:6 "Nk'uko mwakiriye Yesu Kristo,mube ari ko mugendera muri we".Soma no mu Baroma 1:17"Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera".Gutsindwa kose umwana

w'Imana agira guterwa no kubura kwizera".Abakurambere n'abahanuzi (*Patriarches et prophètes p.640)*

Niba dutangira gusanga Yesu ku bwo kwizera,niba dukomeza kugendana nawe ku bwo kwizera,niba gutsindwa kose guterwa no kubura kwizera kwacu,niba tugomba kubeshwaho no kwizera,kwizera rero ni yo nkingi yo kumvira.
Niba kwizera ari impano,kumvira na ko ni impano.
Bitewe na kamere y'umuntu,kumvira ni impano.Ongera wige amahame avuga iby'icyaha niba ufite gushidikanya ku byerekeranye na kamere y'umuntu yabaye akahebwe.
"Bose bakoze ibyaha nk'uko byanditswe mu Baroma 5:12
Imitima yacu iranduye ntabwo twashobora kuyihindura"Kugana Yesu (Vers Jésus p.18).
Niba ku bwa kamere turi abanyabyaha;niba imitima yacu ihindanye,ni gute twabasha kumvira?

Mu mibereho yacu,gukiranuka nyakuri kose kugomba kuva ku yindi soko itari muri twe ubwacu. Uwiteka ni we gukiranuka kwacu.Soma Yeremiya 23:6.Niba nta gukiranuka tugira,niba Uwiteka ari we wenyine ukiranuka,bituma gukiranuka kose mu bugingo bwacu kuba impano ituruka kuri we.Kumvira ni impano kuko kwitanga ari impano.Niba hari ibibazo ukibaza kuri iyi ngingo,ongera wige amahame avuga ibyo kwitanga.

Mu Baroma 10:3,havuga ku byerekeye Abisrayeli hagira hati"kuko ubwo batari bazi gukiranuka kw'Imana uko ariko,bagerageje kwihangira gukiranirwa kwabo,bituma basuzugura gukiranuka kw'Imana".Mbese ushaka gukoresha gukiranuka kwawe kugereranywa n'umwambaro uhumanye?Cyangwa se wahitamo gukiranuka kw'Imana?Kugira ngo ubone gukiranuka kwayo,ugomba kwemera kugengwa na yo no kuyiyegurira.Niba kwitanga ari impano,nuko rero kumvira ariko ngaruka yo kwitanga nako ni impano.

Kubaha ni impano ikomoka ku buyobozi bw'Imana. Ku bw'ibyo ongera usome ihame rya 20 n'irya 21.
Niba dushyira mu biganza by'Imana ubushake bwacu bwo guhitamo ndetse niba twemera kuba mu butware bwayo aho kuba mu bwa Satani,Imana izadutera ubushake bwo gukora ibyo yishimira nk'uko imigambi yayo myiza iri.Reba Abafilipi 2:13
"Umutima wose wanga kwiyegurira Imana,uba wishyize mu butware bw'indi mbaraga"
Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p.462).
Dutwarwa n'Imana cyangwa se tugatwarwa na Satani.
Iyo Imana ari yo ituyoboye,iduha impano zayo ari zo gukiranuka no kumvira.Igihe cyose dutwarwa n'Imana,tuzumvira iby'ukuri.

Kumvira ni impano bitewe n'ikiruhuko cy'Isabato. Ntabwo twigeze dusesengura ingingo y'iki cyigisho.Ariko muri Ezekiyeli 20:12-20,havuga ko Isabato ari cyo kimenyetso cyo kwezwa.Mu Baheburayo4,havuga iby'uburuhukiro bubikiwe abana b'Imana.Uburuhukiro bushushanywa n'ikiruhuko cy'Isabato."Uwinjiye muri ubwo buruhukiro bwayo na we aba aruhutse imirimo ye nk'uko Imana yaruhutse iyayo".umurongo wa 10.

Ni gute twabona ubwo buruhukiro?Yesu aravuga ati"Munsange…ndabaruhura"Matayo 11:28.
Niba ikiruhuko cy'Isabato ari ikimenyetso cy'uburuhukiro twakira iyo turetse gukoresha imbaraga zacu ngo twigeze ku kwera,kumvira kugomba kuba impano kuko uburuhukiro ari impano. Kumvira ni impano kuko kwihana ari impano.Niba ubishidikanya,ongera urebe amahame avuga ibyo kwihana.Kwihana ni ukubabazwa n'icyaha no kugicikaho.Niba kwihana ari impano,ubwo no kubabazwa n'icyaha ni impano,ndetse no kugicikaho na byo ni impano.

Kumvira ni impano kuko imbuto ari impano.Imbuto ni ikintu cyizana kandi badashobora gutegeka ngo kize.Nyamara Yesu asonzeye imbuto z'abana be.Abivuga mu buryo burambuye muri Yoh.15 : "Nyamara Umukiza ntasaba abigishwa be gukoresha imbaraga zabo ngo bere imbuto.Icyo ababwira gusa ni ukuguma muri we".Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ p.682).

Imbaraga si izo gukora ngo twere imbuto,ahubwo ni izo kuguma kuri we.
"Kumvira ni imbuto yo kwizera"Kugana Yesu,p.53.
Kubera ko imbuto ari impano,kumvira na ko ni impano.

Bitewe n'icyitegererezo cya Yesu,kumvira ni impano.
Kugira ngo umenye ku buryo buziguye bw'ibyo,soma amahame ya nyuma afite umutwe uvuga ngo "YESU".
Yesu yubahaga ate?Nk'umwana w'umuntu yaduhaye icyitegererezo cyo kubaha, nk'umwana w'Imana yaduhaye ubushobozi bwo kumvira"Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p.15).
Yesu yaravuze ati"Ntacyo mbasha gukora njye ubwanjye".
Yongeye guhamya ati"ntacyo mubasha gukora mutamfite"
Niba kumvira kwe kwari impano ituruka kuri se,kumvira kwacu ni impano ituruka kuri we gusa.Kwiga ko kumvira ari impano bidusubizamo intege mu buryo budashidikanywaho.

## *IHAME RYA 56 : KUMVIRA NYAKURI NTIGUTURUKA INYUMA,KUVUKIRA IMBERE MU MUTIMA,KUKIGARAGARIZA INYUMA.*

Igihe twari tukiri abana,jye n'umuvandimwe wanjye,mama yari yaradukodeshereje imyenda y'akazi ko mu gikoni,anadushinga imwe mu mirimo yo mu rugo.Umwe muri yo wari uwo koza amasahane kandi twawukoraga dusimburana.Igihe kimwe umuvandimwe wanjye yarozaga nanjye ngahanagura,ubukurikiyeho nkoza nawe agahanagura.

Umunsi umwe ubwo twari turangije,ayo masahane yari acyeye neza,kuko nta cyarushagaho kunezeza uwahanaguraga nko gusubirishamo mugenzi we ngo yongere yoze isahani yari yarangije!
Rimwe umuvandimwe ampereza isahane ngo nyisubiremo,nyanga mvuga ngo"iracyeye"!
Ahera ko anyerekesha urutoki ahantu hato hatari hanoze neza agira ati"ibi ni byo wita gucya"!Ahita ayishyira mu mazi arimo isabune.
Nize icyigisho mu gihe nozaga amasahani.Igihe utunganya mu isahani mbere,inyuma naho haratungana nta kabuza.

Yesu nawe yigeze gukoresha imfashanyigisho nk'iyo igihe kimwe acyaha Abafarisayo."Mwebwe Banditsi n'Abafarisayo,mwa ndyarya mwe,muzabona ishyano:kuko mwoza imyuma y'igikombe n'imbehe,ariko imbere habyo huzuye ubwambuzi no kutirinda.Wa mufarisayo uhumye we,banza woze imbere h'igikombe n'imbehe,inyuma habyo habone kuba heza".Matayo 23:25-26 .

Iyo Imana igeze ku kibazo cy'icyaha,ijya ku ipfundo ryacyo ari nawo mutima w'umntu.Ni rimwe mu mahame akomeye mu gutsindishirizwa ku bwo kwizera.
Imana ntishyira igipfuko hejuru y'ikimungu(kanseri).Izi neza ko iyo umutima utunganye, ibisigaye na byo byose biratungana.
Natwe nk'ibiremwamuntu,dukururwa no kumvira kugaragara inyuma,kuko nta bindi tubasha kubona keretse ibigaragarira amaso gusa.Ariko,Imana,yo yitegereza mu mutima kandi nta gitwikirizo na kimwe cyahisha ibyaha biri mu mutima.Nicyo gituma kwezwa k'umutima ari byo bifite agaciro mu maso y'Imana.

Ni ibitunguranye kubona igika cya kera kigira icyo kibivugaho,cyandikiwe itorero ryacu mu gitabo cyitwa "Inama ku Mirire ndetse n'Ibiribwa:"Umugambi wo kubanza gutungana inyuma ugakurikizaho imbere wagiye utsindwa kandi uzakomeza gutsindwa igihe cyose.Umugambi Imana idufitiye ni uwo guhera ku nkomoko ndetse n'ingorane zose,ni ukuvuga umutima,noneho amahame yo gukiranuka agasesekara inyuma aturutse mu mutima,bityo ivugurura rizakorerwa rimwe imbere ndetse n'inyuma"(Conseils sur la Nutrition et les Aliments p.40).

Muri iyi minsi yacu,usanga ahantu hafi ya hose hari imyumvire ivuga ko,kugira ngo uhinduke,bihagije ko wasa n'uhindura inyuma mu gihe runaka.Ukurikije ayo magambo,iyo ukajije umurego muri ubwo buryo,ihinduka rigera ubwo rikora n'imbere.Nk'urugero:Tekereza ko wangaga umuturanyi wawe.Niwihatira kumugirira neza,amaherezo uzamukunda.Iryo hame ryakoreshwa no mu rugo rurimo amakimbirane:mukore nk'aho ari bwo mugitangira gukundana,bidatinze ingorane zose zizakemuka.Niba ufite ibibazo by'umubyibuho,niwitwara nk'unanutse bidatinze uzananuka.
Niba ufite ibibazo by'amafaranga,niwaya nk'umukire cyane, uzahinduka umukire cyane utabizi.

Hashize igihe hashimangirwa ibijyanye no kwibwira ko ibintu bizagenda neza.Ibi nta kindi bitera uretse ingorane gusa:ntamumaro bigira.Lusuferi ni we wa mbere wabigerageje.Aribwira ati"nzaba nk'Imana ikomeye".Atangira gukora nk'Imana,arangiza akora nka dayimoni.Ariko usanga hariho abakristo benshi biganye ubwo buryo bwo gukora,biringiye gukora nk'Imana,gukora nka Yesu,kwitwara nk'abafite urukumdo.Ariko bijyana mu nzira idafite aho ibageza.

Nyamara iyo uretse Imana igakorera ibitangaza mu mutima wawe,ikaguhindura ihereye imbere,nta kabuza iryo hinduka ry'imbere rizagaragarira inyuma.Guhindurwa kw'imbere mu mutima ni ukwawe nutumbira umwami ukemerera umwuka we ko ahindura umutima wawe.

***IHAME RYA 57: KUMVIRA NYAKURI NI UMWIMERERE KANDI KURIZANA. GUSA KUBYARWA N'UMUBANO TUGIRANA NA KRISTO KUBWO KWIZERA.***

Ese ntabwo mwigeze mwumva ibyerekeye "amagambo avuguruzanya" ? Abiga iby'imiterere n'iremwa ry'amagambo (Grammairiens) bakoresha interuro y'ubuhanga ariko icyo baba bashaka kuvuga ni ikoreshwa ry'amagambo abiri avuguruzanya.
Nk'urugero " Ubugwaneza bwica" cyangwa "intambara y'amahoro".Hari ubwo umwanditsi cyangwa uvuga ijambo bakoresha uko kwivuguruzanya mu magambo kugira ngo babashe gushushanya amarangamutima cyangwa ibintu bibaho bibiri kimwe kivuguruza ikindi.

Utekereza iki ku "Ukubaha k' umwimerere?" Ese na byo ni ukwivuguruza mu magambo? Iyo uvuze ukubaha ugutekereza nk'ikintu cyaba kigoranye,gisaba imbaraga n'intambara Mbese kubaha gushobora kuba umwimerere? Kubaha gushobora kutaba umwimerere kuramutse ari ukw'inyuma gusa, kutari ukw'imbere. Niba ushaka gukora ikintu ariko ukihatira gukora ikindi kubaha ntikuba kukiri umwimerere. Mbese ni ukugeza ku ruhe rwego ikitwa kubaha kwacu cyakomeje kuduhatira gukora ikintu tutashakaga gukora? Ibyo tubinyuramo cyane mu bwana. Ababyeyi bacu batubwiraga gutunganya icyumba turaramo, ngo twiyuhagire, cyangwa ngo turye imboga. Ariko twikundira ibyumba byacu uko byaba bimeze kose, kandi kuri icyo kigero tuba dutinya amazi ndetse twanga n'imboga. Ku bw'ibyo tuba tubangamiwe, tutishimye, ariko rero amaherezo tukubaha tutabyishimiye iyo bakomeje kubiduhatira. Tugatekereza ko uko ari ukubaha.

Kumenya ko Imana iteganya uburyo bwiza kugira ngo tubashe kuyubaha bishobora kuba inkuru y'agahebuzo! Ubwo buryo buboneka mu gitabo cy' Ibyakozwe n'intumwa ( Conquérants Pacifiques p.428) " Ku bwacu gusa ntabwo dushobora gusanisha imigambi yacu, ibidushimisha, ibyo tubogamiyemo n'ubushake bw'Imana ; ariko niba tubyemeye Umukiza azadukorera ibi : "Tuzakubita

hasi impaka n'ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana, ndetse tuzafata mpiri ibitekerezwa mu mutima byose ngo tubigomorere Kristo" 2Abakorinto 10 : 5

Niba ibitekerezo byacu n'ibyo twibwira biganisha ku cyiza mbese ingaruka ntizaba imirimo myiza yizanye? Imana yasezeranye gukora ihinduka rikomeye mu buryo tudatekereza bikazatanga kubaha nyakuri aho kuba kubaha kw'inyuma gusa. Yasezeranye gukorera muri twe, kugira ngo amarangamutima yacu, ibitekerezo byacu n'uko tuzamera bigendere mu bushake bwe. Reba Kugana Yesu,p.54. Yasezeranye guhindura ibyo tubogamiramo n'ibituryohera kugira ngo abitunganye kandi abyeze. Reba Umurimo w'Ubugabura ( LeMinistère Evangélique p.121). Yasezeranye gufata mpiri ibitekerezo byacu n'ibyo twifuza ngo abigomorere Kristo. Reba Uwifuzwa Ibihe Byose( Jésus Christ p.158) Yasezeranye ko mu kureba Yesu no kumutumbira tuzahinduka ku buryo ubuntu n'urukundo tugirira bagenzi bacu bizizana. Reba Imigani ya Kristo(Les Paraboles de Jésus p.309). Yasezeranye kuduha umwuka mushya, imigambi mishya, imikorere mishya. Reba Ubutumwa ku Basore (Message à la Jeunesse p.70).

Niba amarangamutima, imishinga, ibitekerezo ibikuryohera, ibyo ubogamiyeho, ibyifuzo, ibigukoresha, biri mu nzira imwe n'ubushake ndetse n'umwuka w'Imana; mbese imirimo yawe izamera ite? Ese bizaba bikiri ngombwa gukoresha imbaraga nyinshi ngo wubahe? Kubaha kwawe ahubwo ntikuzaba uk'umwimerere ndetse kwizana?

Mwite kuri iyi mvugo ikurikira " Niba dufitiye Kristo urukundo mu mibereho yacu izindi mpano zose zizabiturukaho ari umwimerere kuri twe: Kugira neza imbabazi, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kwizera, gucisha make no kwirinda." Ubuzima Bwanjye uyu Munsi (*My life today p.50*). " Abana b'Imana ntibibagirwa na gato gukora ibyiza, bakora imirimo myiza bibabangukiye kuko Imana yahinduye kamere yabo ku bw'ubuntu bwayo" Ubuzima Bwanjye uyu Munsi ( *My life today p. 193).*

Gusesengura kubaha nkaho ari "umwimerere" kandi "kuziraho" ntabwo ari ukwivuguruza mu magambo ni inkuru nziza! Umugambi Imana ibafitiye ni uwo kubahindura ihereye imbere ku buryo kuyubaha bibazanira umunezero mwinshi cyane. Kuko bizaba bigusha mu cyo muzaba mushaka gukora.

### *IHAME RYA 58: UWISHINGIKIRIZA KU MANA KUGIRA NGO ABONE INTEGE NTABWO AKENEYE KWITUGATUGA KUGIRA NGO YUMVIRE.AHUBWO ICYAMUGORA NI UKUTUMVIRA*

Byatunguye ababyeyi bacu kubona ko jyewe na mukuru wanjye twabanaga mu cyumba kimwe ku ishuri. Twakundaga kurwana cyane mu bwana bwacu bigatuma ababyeyi bacu bibaza niba dushobora kubaho kugeza dukuze kandi byari bibagoye cyane kwemera ko igihe kimwe tuzahinduka inshuti zikomeye! Ariko iherezo igitangaza kiraba twiyemeza gushyira hamwe no gusangira icyumba kimwe.

Isabato imwe nimugoroba umuvandimwe wanjye yari yatwawe. Twari mu gihe cy'ubukonje bwinshi. Igihe nk'icyo cy'ubukonje "bukabije"Abaturage bo muri Kaliforoniya y'amajyepfo birababagora kwihanganira ikibunda. Ijoro ryasabaga kuguma mu nzu imbere, ukarambura amaguru ku ntebe, ukituriza usoma igitabo cyiza.

Ariko umuvandimwe wanjye we yiyemeza ahubwo gusohoka ngo agende. Mu by'ukuri yiyemeje kugenda n'amaguru kugera i Glendale(soma Gelendali) urugendo rw'ibirometero 120 uvuye aho twari turi. Ntabwo cyari icyemezo gishyize mu gaciro. Mu by'ukuri ikintu cyari kuba cyiza, cyari

ukumubohera ahantu kugeza agaruye ibitekerezo bye. Ariko umukobwa w'inshuti y'umuvandimwe wanjye yabaga i Glendale . Yari amufitiye urukundo rwinshi kandi nari nzi rwose ikimuhangayikkishije! Na none kandi sinagerageje kumubuza ahubwo byageze aho nsa n'umusaba imbabazi.

Twabonye kugeza aha ko ukubaha ari impano. Twavuze kandi ko ukubaha nyakuri ko atari ukurenzaho ahubwo ko guturuka imbere. Twasobanukiwe ko ukubaha nyakuri ari umwimerere kandi kwizana. Ubu tugiye gutera indi ntambwe yisumbuyeho: Niba kubaha kwawe ari uk’ukuri byagusaba imbaraga nyinshi kugira ngo ureke kumvira. Icyakorohera ni ukumvira.

Niba bikugoye kumva neza iki gitekerezo ibuka umuvandimwe wanjye wagendaga n'amaguru kugera i Glendali. Yahatwaga n'imbaraga ikomeye kuruta izindi zose zo ku isi: Ari yo y'urukundo! Uko byari bimeze kose, atitaye ku bisitaza, ku ntera, byari bimugoye cyane kuguma mu cyumba cyacu kuruta ko yari kugenda n'amaguru ibirometero 120 byari bimutandukanyije n'umukunzi we. Kuri we kujya i Glendali byari byoroshye ubigereranyije n'imbaraga yari gukoresha ngo akomeze kwiyicarira ageretse akaguru ku kandi asoma igitabo cyiza. Byari bimworoheye cyane kugenda ahagarikwa n'ikibunda kuruta kuguma mu cyumba cye. Kuri we kujya i Glendali byari umwimerere kandi byizana.

Bamwe batekereza ko rimwe na rimwe iyo tuvuze kumvira k'umwimerere, kandi kwizana tuba twibwira ko ari ukumvira koroshye. Ese kumvira Imana bidusaba imbaraga? Ni byo rwose! Ese umuvandimwe wanjye byamusabye imbaraga kugira ngo ajye i Glendali? Ni byo rwose! Ariko ikibazo cy'ingenzi ni iki: Igisaba imbaraga nyinshi ni iki?

Niba kumvira Imana bigukomereye cyane, kuruta ko wakurikiza kurarikira kwawe, ni ukuvuga ko utarabaho imibereho yo kumvira k'umwimerere.
Niba kutumvira bigukomereye cyane kuko muri wowe hari imbaraga iguhatira kumvira, ubwo rero ushobora kwizera udashidikanya ko Imana ikorera muri wowe ubushake no gukora ibyo yishimira. Dawidi yavuze ibyo kumvira k'umwimerere agira ati"Nishimira gukora ibyo ukunda; ni koko, Amategeko yawe ari mu mutima wanjye". Zaburi 40:9. "Mu guhanga Yesu amaso, duhishurirwa Imana mu buryo bwimbitse kandi bw'ukuri maze tugahindurwa n’uko kumwitegereza. Ubugwaneza no gukunda bene Data birizana" Imigani ya Kristo ( LesParaboles de Jésus p. 309).

Niba igitsika imitima yacu ari ukumvira, niba Amategeko y'Imana ari mu mutima wawe, niba wishimira gukora ibyo ishaka, ni uko rero byagukomerera cyane kutumvira aho kumvira.

Byongeye kandi ibyo ntibishaka kuvuga ko kumvira buri gihe biba byoroshye.
Buri gihe ntibiba byoroshye kudakurikiza akamero kacu! Dufate urugero k'umubyeyi wita k'umwana we. Akamero ke kamutera gushakira umwana we ibyo akeneye mbere yo kwishakira ibye. Akamero ke kazamutera guhindura ibyahi by'uruhinja n’ubwo nabibahamiriza nkurikije ubuzima nabayemo ko guhindura ibyahi bitari ikintu gihora kinejeje! Akamero ke kazamutera kubyuka mu gicuku kugira ngo agaburire uruhinja rwe no kurwuhagira kandi byakamubereye byiza gukomeza kwiryamira mu gitanda cye. Ese buri gihe kwita ku ruhinja biroroha? Oya, ariko ni ikintu cy'umwimerere ko umugore n'umugabo bakunda uruhinja rwabo.

Ku muntu ufite imibereho igengwa n'Imana kumvira bishobora kutoroha buri gihe, ariko ni cyo kintu cyoroshye cyane ahora afite!

***IHAME RYA 59 : KUMVIRA KW'INYUMA GUSA NI UKUMVIRA GUPFUYE.***

Abana bagira ingeso yo kuvuga ikintu cyose kibaje mu mutwe. Urugero twafata : Bakira umushyitsi bamubwira bati " Mama yiringiye ko mutaza kuvuga ibyo kubagwa kwanyu igihe turaba dufungura " Cyangwa se ntibashidikanya kubaza nyirasenge Yohaniya bati " kuki amenyo yawe atatanye ? "

Kuri ibyo bitekerezo, twebwe abantu bakuze twifuza gusubira hasi tukagerageza kubasobanurira itandukaniro hagati y'igikwiriye kuvugwa no kutavugisha ukuri. Ariko buri gihe ntibyoroshye.

Akenshi abana bageze mu gihe cy'ubugimbi binubira uburyarya buba mu itorero. Bihutira gusesengura amabwiriza y'imyitwarire myiza ku mpande ebyiri; ku bigisha babo no ku bayobozi babo. Haba ubwo rero ibibazo byabo bitubuza amahoro kurusha iby'umwana w'imyaka itanu. Ariko nyamara bifuza ibisubizo bisobanutse nta kubareregа, banga ibyo guca ku ruhande.
Mperutse kumva igitekerezo nk'iki ku ngimbi: "GARUKA KU KURI"

Ibyo yabivuganye agahinyu ashaka kuvuga ati "urashyenga!" cyangwa ati "urampinyuye!"
Imana ubwayo ikunda ukuri! Igihe Yesu yari akiri kuri iyi si, ibyo yabipfaga n'abafarisayo gusumbya abandi bose. Amwe mu magambo akakaye aboneka muri Bibiliya abwirwa indyarya. Nko mu Byahishuwe 3, aho Imana igera aho ivuga ko umuntu ucumura yeruye(ku mugaragaro ) imurutisha indyarya yiyita umukristo. Ariko ibi Imana ntibivuga nk'aho ari iteka. "Nzi imirimo yawe y'uko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize. Nuko rero ubwo uri akazuyaze , udakonje kandi ntubire ngiye kukuruka" Imirongo ya 15,16. Amagambo ngo "ukumva ko nta cyo ukennye" bitera umukiza Yesu iseseme" Amagambo ya Ellen WHITE, aboneka mu Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa 7(SDA Bible Commentary, p.963).

"Imana ishyira imbere ukuri. Yifuza gusa amasengesho avuye ku mutima. Ntikururwa n'injyana y'amagambo atondetse neza" Imibereho ihebuje (Une vie Meilleure P 104).
Ishaka gusa impano n'amaturo bitanganywe umutima w'urukundo n'urugwiro. Nta cyo yifuza gitanganywe ingingimira. Reba 2 Korinto 9:7. Yishimira gusa umurimo ukoranywe urukundo no kubaha guturutse mu mutima.Ukubaha kw'inyuma gusa ntacyo kumaze mu maso y'Imana.
"Hari abantu bavuga ko bakorera Imana, bishingikiriza ku mbaraga zabo kugira ngo bubahe Amategeko yayo, kugira ngo bakosore amakosa yo mu mibereho yabo, kandi ngo bigeze ku gakiza. Umutima wabo ntabwo wakabakabweho n'umugambi uhamye w'urukundo rw'Imana, ariko bihatira kuzuza inshingano z'ubuzima bwa gikristo nk'icyangombwa basabwa kuzuza ngo babashe kubona ijuru. Iyobokamana nk'iryo ntacyo rimaze" Kugana Yesu,p.35.

"Umuntu wihatira kwitondera Amategeko y'Imana, gusa kubera ko abisabwa, ntazigera amenya umunezero wo kumvira. Uko si ko kumvira. Umuntu utekereza kumvira itegeko ry'Imana nk'umuzigo, kubera ko ribangamira ibimunezeza , ntabwo ari umukristo mu by'ukuri. Ukubaha nyakuri guturuka mu ihame rifite isoko yaryo nyakuri mu mutima. Guturuka mu rukundo dukunda gukiranuka n'Amategeko y'Imana. Inkomoko yo gukiranuka kose ni ukomatana n'umucunguzi wacu uturarikira gukora icyiza ku bw'urukundo dufitiye icyiza kuko icyiza kinezeza Imana" Imigani ya Kristo(Les paraboles de Jésus pp76,77). Aho tuhabona ikindi gihamya gifatika kerekeye kumvira k'umwiwerere.

Imana ntabwo yita yewe no ku bikorwa byacu byiza nk'aho ari ukubaha mu gihe bidaturutse mu mutima. Kubw'ibyo rero ibyiza byose dukora tutari kumwe na we, igikorwa icyo ari cyo cyose twihatira gukora kuko Imana ibidusaba, ntibikwiriye gutekerezwa ko ari ukubaha.

Imana ntiyita ku kindi kitari ukuri. Niba ukumvira kwacu kudaturuka imbere mu mutima, ntikuba mu byukuri ari ukumvira. Ibyo bihuje n'ibyo Yesu avuga muri Matayo 5 igihe yibutsa ko urwango ari intango y'ubwicanyi no kwifuza kukaba intango y'ubusambanyi. Ntabwo bihagije kwifata ngo udakora igikorwa kibi; ukwifuza kubi kose tuguyaguya mu mitima yacu ni icyaha.

Imana idusezeranira ukuri! Ishaka kuduha ibirenze iby'imibereho yacu y'ahashize, ubwo twihatiraga gukora ibitaturimo, dushinyiriza ngo twibuze gukora mu bykuri ibyo twabaga turarikiye.
Iyo Imana iri muri twe, twumvira kubera ko kumvira biturimo. Uko niko kumvira nyakuri konyine.

### *IHAME RYA 60 : IGIHE TUZAMENYA IMANA UKO BISHOBOKA KO IMENYWA , IMIBEREHO YACU IZAHINDUKA KUMVIRA GUHORAHO.*

Interuro imwe yo mugitabo Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ)ihina mumagambo make ingingo yo kumvira. Isobanura kumvira nyakuri ikanatwereka ukuntu twakugeraho.
" Kumvira nyakuri kose, gukomoka mumutima. Kristo yerekezaga umutima we wose kubyo yakoraga. Nitubyemera azasanisha ibitekerezo byacu ndetse n'ibyifuzo bycu n'uko ari, azatuma imitima yacu n'ubwenge byacu bigendera mubushake bwe, kuburyo mukumvira tuzaba dukora ibiturimo. Ubushake bwejejwe , butunganijwe, buzatera umunezero mwinshi cyane mugihe tumukorera. Igihe tuzamenya Imana nk'uko bishoboka ko imenywa, imibereho yacu izahinduka kumvira guhoraho. Niba duha agaciro imico ya Kristo, niba dufitanye umushyikirano n'Imana, icyaha kiduhindukira ikizira" p. 671.

Twongere dusome twitonze iyi mirongo tunasesengura interuro yose "Kumvira nyakuri kose gukomoka kumutima" Niba ibyo ari ukuri, ukumvira kose kudakomotse kumutima si ukumvira nyakuri. Niba tugomba gukoresha imbaraga nyinshi ngo twumvire, niba tugomba guhora duhanganye n'ibyo turarikira, n'ibyo duhugiramo, icyo tubasha kugeraho si ukumvira ahubwo ni ikinyabupfura.

"Kristo yashyiraga umutima we wose kubyo yakoraga" Kristo ni urugero rukuru rwo gutsindishirizwa kubwo kwizera. Yaje kuri iyi si, atari ukugira ngo apfe kubwacu gusa, ahubwo nanone kugira ngo atwereke uburyo bwo kubaho. Ibyahishuwe 3:21, havugwamo iri sezerano "Unesha nzamuha kwicarana nanjye kuntebe yanjye y'ubwami k'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data kuntebe ye" . Turarikirwa kunesha nk'uko Yesu yanesheje.

Niba tubishaka azasanisha cyane ibitekerezo byacu n'ibye, azatera umutima wacu n'umwuka wacu kubaho mu bushake bwe, ku buryo mu kumwubaha tuzaba dukora ibiturimo. Mbese uruhare rwacu ni uruhe? Uruhare rwacu ni ukugira ubushake no kwemera. Naho se uruhare rwe rwaba uruhe ? Ni uguhindura imitima yacu, intekerezo zacu n'ibiturimo, kugeza aho twumvira ubushake bwe tutabyihatiye. Mwashimishwa niyi mvugo "Ukumvira ko mu mutima". Mu gihe mushaka gufata umwanzuro, ntibyababera inkuru nziza gusanga icyo mwimirije imbere kijyanye n'ubushake bw'Imana? Ibyo ni ibintu bishoboka!

" Ubushake butunganijwe kandi bwejejwe buzabona umunezero mwinshi mukumukorera ". Iyaba umurimo w'Imana wari umunezero wanyu uruta iyindi, kumvira byasaba imbaraga nyinshi ? None se kumvira byaba ikintu kivunanye kandi gihangayikisha ? Cyangwa se ahubwo cyaba icy'umunezero ?

Dore noneho inzira, ubusobanuro bw'uburyo ibi byose bishobora gukorerwa mubuzima bwacu. <Igihe tuzamenya Imana nk'uko ishobora kumenywa, ubuzima bwacu buzahinduka kumvira guhoraho>.

Munkundire mbabaze iki kibazo:<Umaze gusobanukirwa ko utaragera ku rugero rwo kumvira guhoraho, inzitizi waba ugifite ni iyihe? Ese ugomba gukomeza gutwarana? Mbese ukwiriye gufata izindi ngamba? Mbese ukeneye kongera ubushake bwawe? Cyangwa wagombye gukora uko ushoboye kose ngo umenye Imana uko bikwiriye ko imenywa?

Hanyuma: <niba duha agaciro imico ya Kristo, niba dushyikirana n'Imana, icyaha kizaduhindukira umwaku.> Se ubona icyaha ari umwaku? Cyangwa ujya ubona kigukurura? Niba ubo icyaha kigukurura aho kukubihira, ni iki kitagenda? Ubu utaraha agaciro imico ya Kristo uko bikwiriye.Biba bigukwiriye kongera umubano n'Imana.

Iyo twegereye Umwami wacu maze tugashaka kumumenya uko bikwiriye, kumira bihinduka kamere kandi bikizana. Imbaraga zacu nituzishyira mu gusabana n'Imana, nta kabuza ingaruka izaba kumvira.

## *ICYIGISHO CYA 11 :KUMVIRA*

1.Kumvira guhabwa agaciro gute mu Byanditswe Byera ?
" Iyi ni yo ndunduro y'Ijambo,byose byarumviswe.Wubahe Imana kandi ukomeze Amategeko yayo,kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese ".Umubwiriza 12 :13 ;reba na Gutegeka 13 :4.
2.Mbese amaturo n'ibitambo bishobora gusimbura kumvira ?
" Mbese Uwiteka yishimira ibitambo byoswa n'ibindi bitambo kuruta uko yakwishimira uyumviye ?Erega kumvira kuruta ibitambo,kandi kwitonda kukaruta ibinure by'amasekurume y'intama. "1Samweli 15 :22.
3.Ni irihe rarika rikomeye ryo kumvira ryanyujijwe muri Mose ?
" Dore uyu munsi mbashyize imbere umugisha n'umuvumo :uwo mugisha muzawuhabwa nimwitondera amatageko y'Uwiteka Imana yanyu,mbategeka uyu munsi ;uwo muvumo muzawuvumwa nimutumvira amategeko y'Uwiteka Imana yanyu ".Gutegeka 11 :26-28 ;reba na 1 Samweli 12 :14,15 ;Yesaya 1 :19,20.

**KUMVIRA SI KO KUBYARA AGAKIZA ,AHUBWO GUFUNGURIRA URUGI IMIGISHA Y'IMANA.**

4.Imwe mu migisha izanwa no kumvira ni iyihe ?

- " Kandi icyo dusaba cyose tugihabwa na yo,kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo. " 1Yohana 3:22,reba na Yohana 9 :31.
- "Umuntu nashaka gukora ibyo Ikunda,azamenya ibyo nigisha ko byavuye ku Mana,cyangwa y'uko mbivuga ku bwanjye."Yohana 7:17.
- "Icyampa bagahorana umutima umeze utyo ubanyubahisha,ukabitondesha amategeko yanjye yose,kugira ngo babane ibyiza bo n'urubyaro iteka ryose".Gutegeka 5:29;reba na Yeremiya 38:20;26:13.
- "Nibayumvira bakayikorera,bazamara iminsi yaba baguwe neza".Yobu 36:11.

5.Imwe mu mivumo ituruka ku kutumvira ni iyihe?

- " Ariko nibatumvira bazarimbuzwa inkota,kandi bazapfa ari nta bwenge bafite ".Yobu 36 :12.
- " Ariko nibatumvira nzaca ubwo bwoko,nzabuca kandi mburimbure",ni ko Uwiteka avuga.Yeremiya 12:17.
- "Kandi namwe abababazwa kubitura kuzaruhukana natwe, ubwo Umwami Yesu azahishurwa ava mu ijuru,azanye n'Abamarayika b'ubutware bwe hagati y'umuriro waka,ahore inzigo abatamenye Imana n'abatumvira Ubutuùmwa Bwiza bw'Umwami wacu Yesu".2Abatesalonike1:7,8.
- 6.Mbese ni ngombwa kumvira ngo ubone agakiza?

- " Kuko abumva gusa amategeko atari bo bakiranuka ku Mana,ahubwo abayumvira nibo bazatsindishirizwa na Yo ".Abaroma 2:13;rebe na Yakobo 1:22-25.
- "Umuntu wese umbwira ati:'Mwami,Mwami' si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka ".Matayo 7:21;reba na 1Yohana 2:17.

7.Yesu yahujije kumvira n'agakiza ate?

"Ariko nushaka kugera ku bugingo,witondere amategeko."Matayo 19:17;reba na Luka 10:25-28.

8.Mbese byadushobokera kumvira?

" Nzi yuko muri jye,…,nta cyiza kimbamo….Kuko icyiza nshaka atari cyo nkora….Kuko nishimira amategeko y'Imana mu mutima wanjye,ariko mbona irindi tegeko ryo mu ngingo zanjye,rirwanya itegeko ry'ibyaha ryo mu ngingo zanjye ".Abaroma 7 :18-23 ;rebe n'Abagalatiya 5 :17.

9.Mbese byashobokera 'abanyembaraga' " kumvira " mu bigaragara ?

" …Ku byo gukiranuka kuzanwa n'amategeko nari inyangamugayo. "Abafilipi 3 :6.

**KUMVIRA KW'INYUMA GUSA NI UKUMVIRA GUPFUYE**

10.Byagenze bite ubwo Abisirayeli bihatiraga kumvira bari ku musozi Sinayi ?

" Ibyo Uwiteka yavuze byose tuzabikora,kandi tuzamwumvira. "Kuva 24 :7.

**IMPUGUKIRWA**:Ariko ntibakoze ibyo Uwiteka yari yarababwiye byose.Soma Kuva32:7,8,15-20.

11.Ni ikihe kiganiro Yosuwa yagiranye n'Abisirayeli,imyaka mirongo ine nyuma yaho ?

" Ariko jye n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka…Abantu baramusubiza bati :'…Ni cyo kizatuma dukorera Uwiteka'. …Yosuwa abwira abantu ati :'Ku bwanyu ntimushobora gukorera Uwiteka'…Nuko abantu babwira Yosuwa bati:'Oya,ahubwo tuzakorera Uwiteka."Yosuwa24:15-21.

IMPUGUKIRWA :Yosuwa yageragezaga kubibutsa ko batashoboraga kumvira Uwiteka ku bw'imbaraga zabo.

12.Ni mu buhe buryo kuza kwa Yesu ku isi bitanga umucyo ku byerekeye kumvira ?

" Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora ku bw'intege nke za kamere yacu,Imana yabishoboje ubwo yatumaga Umwana wayo,afite ishusho ya kamere y'ibyaha kuba igitambo cy'ibyaha,icira ibyaha bya kamere ho iteka,kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe,abadakurikiza ibya kamere y'umubiri,ahubwo bakurikiza iby'Umwuka. "Abaroma 8 :3,4.

**KUMVIRA NYAKURI NI IMPANO Y'IMANA :UMWENDA W'UBUKWE UTANGWA KU BUNTU**.

13.Ni ayahe masezerano Imana asezeranira abanyabyaha b'abanyantege nke kandi batumvira ?

" Nzabaha n'umutima mushya,mbashyiremo Umwuka mushya,nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye,mbashyiremo umutima woroshye.Kandi nzabashyiramo Umwuka wanjye,ntume mugendera mu mateka yanjye,mugakomeza n'amategeko yanjye. "Ezekieli 36 :26,27 ;rebe na Yeremiya 31 :33,Abaheburayo 8 :10.

14.Mbese koko birashoboka gukora ubushake bw'Imana ?

" …ntimukamere nk'abanezeza amaso y'abantu,ahubwo mumere nk'imata za Kristo,mukore ibyo Imana ishaka mibikuye ku mutima ".Abefeso 6 :6 ;reba n'Abaroma 6 :16-18.

15.Kumvira nyakuri guerwa n'iki ?

"Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye".Yohana14.15.Reba na1Yohana 5 :3.

16.Ni iki Imana ikora ngo tugire kumvira nyakuri ?

- " Nuko Imana nyir'amahora…ibatunganye rwose mu byiza byose kugira ngo mukore ibyo ishaka ;ikorera muri twe ibishimwa imbere yayo ku bwa Yesu Kristo ".Abaheburayo 13 :20,21.

- " Imana y'amahoro ibeze rwose,kandi mwebwe ubwanyu n'Umwuka wanyu,n'ubugingo n'umubiri byose birarindwe , bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza.Ibahamagara ni iyo kwizerwa,no kubikora izabikora ".1Abatesalonike 5 :23,24.
- " Kuko Imana ari Yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira ".Abafilipi 2 :13.

**KUMVIRA NYAKURI KUVUKIRA IMBERE MURI TWE KANDI KUKAGARAGARA INYUMA;NTABWO GUTURUKA INYUMA.**

17.Iyo Imana ikoreye muri twe, bitanga iki?

"Kuko intwaro z'intambara yacu Atari iz'abantu,ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi.Dukubita hasi impaka n'ikintu cyose kishyiriye hejuru kurwanya kumenya Imana,dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorere Kristo".2Abakorinto 10:4,5.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

*Kumvira ntibifite agaciro kanini imbere y'Imana
*Dushobora kwiringira kubona imigisha y'Imana,n'ubwo twaba tutumvira
*Kumvira ntigushoboka
*Kumvira kwigaragariza mu myifatire y'inyuma
*Ntituzashobora kumvira, mbere y'uko Yesu agaruka
*Kugira ngo twumvire,bidusaba ingufu nyinshi

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

-Kumvira nyakuri ni impano y'Imana.Umwambaro w'ubukwe utangirwa ubuntu
-Kumvira nyakuri ntiguturuka inyuma,ahubwo kuvukira imbere muri twe,kukigaragariza inyuma
-Kumvira nyakuri ni umwimerere kandi kurizana.Gusa kubyarwa n'umubano tugirana na Kristo mu kwizera
-Uwishingikiriza ku Mana ngo abone integer ntakeneye kwitugatuga ngo yumvire.Ahubwo icyamugora ni ukutumvira
-Kumvira kw'inyuma gusa ni ukumvira gupfuye
-Igihe tuzamenya Imana nk'uko bishoboka ko imenywa,imibereho yacu izahinduka kumvira guhoraho.

## AMATEGEKO

***IHAME RY 61 : UWO ARIWE WESE USHAKA KUBAHO GIKRISTO ATISHINGIKIRIJE KURI KRISTO, NTABWO ARI UMUKRISTO . AHUBWO YABA UTSIMBARARA KU MIHANGO CYANGWA ATAYITAHO, UWO ATWARWA N'AMATEGEKO***

. Hari amoko abiri y'abatwarwa n'amategeko : Hari abo twakwita ibikara tsiritsiri n'abandi twavuga ko batukura ! Nk'uko twabivuze haruguru, umuntu utwarwa n'amategeko n'umuntu wese wizera kubona agakiza abiheshejwe no kumvira amategeko cyangwa izindi nzira zose yanyuramo atishingikirije kuri Kristo.

Ab'ibikara tsiritsiri bambara ikositimu y'umukara, karuvati ,inkweto n'amasogisi byose by'umukara ; mu buryo bugararagara ni umuntu uhora yijimye, udacya mu maso. Mwene uwo utsimbarara ku mategeko, akayihambiraho, agira amakenga, umutekano we awubonera mu gukurikiza amategeko y'idini abamo. Uko yakora kose, atwarwa n'amategeko kuko adatanga igihe ngo amenyane na Yesu, ngo ashyikirane nawe, bona n'ubwo afata igihe kirekire ngo yige amategeko n'amahame n'ubupfura

Naho uwo twise ko atukura, yirimbisha mu buryo bwose, akigira muri cinema, ubundi akifatira ikirahuri cy'inzoga rimwe na rimwe. Iyi myifatire ni ikitegererezo cy'umugore uhetswe n'inyamaswa wo mu byahishuwe 17 :4. " Uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uwo umuhemba, yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita "
Iri somo ni imfashanyigisho idufashya gushyigikira iyi ngingo. Ntabwo ari ukuri gushya kubyerekeye ubuhanuzi bw'ibyahishuwe. Uko byamera kose uyu utukura yoroshya ibintu. Umutekano we awushakira mu mahame y'idini kandi yarayataye. Atekereza ko uw'igikara tsiritsiri ari imbata y'amategeko, nyamara ntamenye nawe ko ari imbata y'amategeko ifite irindi bara. Nyamara uko waba umeze kose, waba utsimbarara ku mategeko cyangwa uyoroshya, niba utagira igihe cyo gushyikirana na Yesu mwihereranye, ntabwo uri Umukristo.

Rimwe narimwe ababyeyi bajya babaza bati: "Ese ibyiza si uko umuntu yaba imbata y'amategeko aho kuba umunyabyaha ruharwa?" Tubaye dushoboye kwigisha abana bacu kubaha amategeko y'Imana bona n'ubwo bitaba bibaturutse k'umutima, mbese ibyo ntibyazabageza ku iyobokamana nyakuri?

Ikigararagara se ni iki ? Si ko byagendekeye Abafarisayo !
Ni babantu Yesu yemeje bimugoye igihe yari hano ku isi. Muri Matayo 23 :15, Yesu yagaragaje ko abantu bahatwaga n'Abafarisayo ngo bemere idini yabo ; iyo bazaga, bahindukaga abana b'igihenomu inkubwe ebyiri kubasumbya. Mugitabo Uwifuzwa ibihe byose (Jésus Christ p 266), havuga heruye ngo : " Idini ritwarwa n'amategeko ntiryabasha kuyobora imitima kuri Kristo "

Ntibishoboka ko agakiza gaheshwa no kumvira amategeko. "Uwihatira gukurikiza amategeko ngo agere kugakiza, arushywa n'ubusa rwose!"Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p153). "Kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetwe n'amategeko" Abaroma 3:20
Kubera iki se ushyira amategeko hejuru niba kuyakurikiza bitaduhesha agakiza? Ni mpamvu ki twayavuga kandi tukayiga? Niba muby'ukuri kwihatira gukurikiza amategeko byatubuza kujya kuri Kristo kugirango dukizwe, mbese ntibyaba byiza tutumvise naho bayavuga?

Amategeko afite akamaro kenshi kandi ni ingenzi. Amategeko n'ingenzi n'ubwo atadukiza, kuko atwereka urugero dukeneyeho agakiza. Amategeko ntashobora kuduhindura, ariko atwereka urugero rw'uburyo dukeneye guhindurwa.
Intumwa Pawulo agereranya amategeko n'umushorera utugeza kuri Kristo. Abagalatiya 3:24-25. Yakobo we yifashisha ikitegererezo cy'indorerwamo. Yakobo1:23-25.
Indorerwamo ishobora kutwereka ko twanduye ariko ntiyatwuhagira. Uko ni ko bimeze no ku mategeko y'Imana. Atwereka imiterere yacu nk'abanyabyaha kugirango twihutire kujya kuri Kristo we utweza akanaturema bundi bushya. Amategeko abasha gutahura uburwayi bw'icyaha, nyamara ntavura ubwo burwayi haba no kubukiza.

Itegeko rica iteka. Kandi iyo tumenye ko twaciriweho iteka, icyo gihe twumva ko dukeneye imbabazi. Itegeko ritwereka umuvumo uturiho twe nk'abica amategeko ndetse rikanadutegurira kwemera iyi nkuru nziza " Kristo yaducunguriye kugirango dukizwe umuvumo w'amategeko" Abagalatiya 3:13.
Amategeko araturinda, arengera umukiranutsi ndetse n'umunyabyaha. Igihe tugiye mu rubanza rw'Imana; tuba tubizi neza ko turi abere cyangwa se tutari bo. Ntitugomba guhangayika twibwira ko Imana yaca urwakibera yishingikirije ku kintu icyo ari cyo cyose.

Imana yasobanuye mu buryo bweruye amategeko yayo ku buryo, yaba umunyabyaha cyangwa umwere bazi uko bayitwaramo. Abemera gukiranuka kwa Kristo mu cyimbo cyo gukiranuka kwabo, bakizwa urubanza, bakarindwa n'itegeko. Ntabaciraho iteka. Abanyabyaha bazabona byeruye ko

banze ubuntu bw'Imana ndetse ko baciriwe urubanza rubakwirye. Uri imbere y'amategeko y'Imana. Mbese urabona ko aguciraho iteka. Imana ihimbazwe kuko igihe cy'imbabazi kikiriho. Igihe ntikirarenga ngo amategeko y'Imana abe atagishoboye gukora umurimo wayo wo kukugeza kuri Kristo.

### *IHAME RYA 62 : AMATEGEKO NTATANGA IMBARAGA ZO KUMVIRA NYAKURI. SINAYI NTA MUMARO WAYO HATABAYEHO KALUVARI*

Gushyira mu gaciro ubwabyo nta bushobozi bifite.Ubushakashatsi bwerekanye nta gushidikanya isano kunywa itabi bifitanye na kanseri yo mu bihaha. Imibare igaragaza impanuka zo mu mihanda ikomeje kwerekana ukuntu ari bibi cyane gutwara ibinyabiziga wasinze, kandi ubwo bubi ntibugira ingaruka gusa ku muntu utwaye, ahubwo bugaruka n'abantu bose bari aho anyura. Kumira umwuka wa kore cyangwa kokayine kunywa ibikabuzi,kwitera inshinge by'ibiyobyabwenge bya heroyine byagaragaye ko byangiza ubwonko kandi bikangiza ubuzima. Ariko ni ubwo bimeze gutyo, abantu benshi baracyakomeje kunywa itabi,bakomeje kunywa ibinyobwa bifite umusemburo no kwiyangirisha ibiyobyabwenge by'uburyo bwose.

Inyandiko zerekana imikoreshereze y'ibiribwa, zerekanye kenshi ko ibiribwa bibikwa byari biteguriwe guhita biribwa, bigira intungamubiri nkeya, nyamara inganda zikora bene ibyo biribwa ziriyongera cyane.
Byerekanywe ko ubwandure bw'ikirere n'amazi bibangamiye cyane ubuzima bw'abazabaho nyuma yacu. Nyamara dukomeza gukoresha ibintu bizana imyuka ishobora kwanduza ikirere tukanabikoresha nabi

Nubwo hariho icyorezo cya SIDA n'izindi ndwara ziyogoza imiryango, za miliyoni z'abantu zikomeje kwirundurira mu busambanyi. " Nuko rero kumenya ibintu siko kubigenderamo. Kumenya ibizaba ntibivuga kwirinda ingaruka zabyo. Kumenya ibintu siko kugira imbaraga zo kubikora. Igihe Imana yatangaga amategeko, akumvikanira murusaku rw'inkuba n'imirabyo kumusozi wa Sinayi, abisirayeli bamenye rwose ko ayo mategeko ari ay'ukuri kandi ko akwiriye kubahwa. Barasezerana bati : " Ibyo Uwiteka avuze byose tuzabikora " kuva 19 :8.

Bamenye ko amategeko y'Imana atunganye nyamara bagombaga no kummenya umumaro wayo. Bagombaga kandi no gusobanukirwa, binyuze mu mibereho isharira banyuzemo, ukuri kuvugwa munyandiko z'itorero ryacu ngo " Kwitegereza indorerwamo nini y'imico mbonera y'Umwami Imana, amategeko ye yera, ni icyitegerezo cy'imibereho ye gitunganye: ntimwibwire ko hari na rimwe ibyo bishobora kubakiza"Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa 7 (SDABible commentary vol 6 pp1070)

Imana yashubije iki abisirayeli? Mushobora kubisoma mugutegekwa kwa kabiri 5:28-30. "Uwiteka yumva amagambo yanyu mumbwiye arambwira ati: "Numvise amagambo ubu bwoko bukubwiye, n'ibyo bavuze byose babivuze neza" Byari byiza kuba abisirayeli banyuzwe n'agaciro k'amategeko y'Imana.
Nyamara ibyo ntibyari bihagije. Uwiteka yarakomeje aravuga ati: "Icyampa bagahorana umutima umeze utya ubanyubahisha, ukabitondesha amategeko yanjye yose, kugirango babone ibyiza bo n'urubyaro rwabo iteka ryose!"

Mubasha kumva umubabaro Imana yumvikanishaga mu ijuru ubwo yavugaga ayo magambo. Usumba byose yari azi ibintu byose abisirayeli bagombaga kuziga banyuze mu bihe bikomeye.
Yari azi ko kuba bumvise amategeko ye, bitabaha imbaraga zo kuyakurikiza. Kandi yari izi ko ntamuntu washobora gusohoza amategeko yayo kubw'imbaraga ze bwite. Ariko kandi imvugo

Imana yari gukoresha ngo isobanurire Abisirayeli ukuntu bibeshya, ntibashoboraga kuyisobanukirwa no kuyihanganira. Ibyo bagombaga kwiga, bagombaga kuzabibona mumibereho yabo. Nuko kumurongo wa 30, Uwiteka arangiza avuga ati: “Genda ubabwire uti nimusubire mumahema yanyu”

Ababyeyi benshi bibaza ibibazo ku bana babo banga kugendera mu nzira nziza. Abo babyeyi buri gihe baravuga bati: “Nyamara kandi aba bana bazi ibyiza ibyo ari byo!” kandi hari n’ubwo ibyo biba ari ukuri. Ikibazo gikomeye, ni uko kumenya ibintu atari ko guhagije ngo bikorwe.
Ntidukeneye gusa kumenya ibyiza, dukeneye no gushyira mubikorwa ibyo twamenye ko ari byiza. Aho rero niho akenshi ingorane ivukira.

Imana ibona ko twabuze uko twabigenza, ikanasobanukirwa ko twabuze imbaraga. Murukundo rwayo rwinshi ntiyagarukiye kumusozi wa Sinayi , ahubwo yateguye undi musozi ariwo Kaluvali. Nitwakira gukiranuka kwa Yesu, kubwo kugirana umubano uhoraho nawe, azaduha icyo abisirayeri bari babuze: Amategeko y’Imana azandikwa mumitima yacu. Yesu ashobora kuduha icyo amategeko ataduha; imbaraga zo kumvira, imbabazi z’ibyaha byacu, n’amahirwe yo gutabarwa mugihe tubikeneye.

### *IHAME RYA 63 : KRISTO NI IHEREZO RY’AMATEGEKO KUBWO GUTSINDISHIRIZWA; ARIKO SI WE GUKURWAHO KW’AMATEGEKO.*

Muri ibi bihe byavuba, Bibiliya yagiye isubirwamo kenshi inashyirwa muzindi ndimi. Zimwe muri izo nyandiko ni nziza, izindi ni nziza gahoro. Ariko kenshi, kugirango twumve neza ubusobanuro bw’imirongo imwe n’imwe ya Bibiliya, tugomba kugereranya iyo mirongo uko yagiye isobanurwa muzindi ndimi mubihe bitandukanye, n’abantu batandukanye.

Bibiliya nkoresha aha, ni iyasobanuwe na VENDEN. Ni amagambo dusoma mu Baroma 9 :30 kugeza ku gice cya 10 :1-4 " Ni uko tuvuge iki ? Abapagani batashyizeho umwete ngo bere imbuto z’umwimerere zitari impimbano aribo bageze kugukiranuka, noneho Abisirayeli bakoze iyo bwababaga ngo bere imbuto, ntibashobore kwera n’imwe ?

Kuki ? Ni uko bihatiye kubigeraho bakoresheje uburyo bwabo bwite, bashyira umwete wabo wose ku kwera imbuto. Bavandimwe icyo umutima wanjye wifuza kandi nsabira ku Mana Abisirayeli ni uko bakizwa. Kuko nzi yuko bagiraga umuhati, ariko muburyo butari bwo. Nta bwo basobanukiwe n’uburyo Imana yeza imbuto, maze bihangira ubwabo buryo ngo bagerageze kwera imbuto, nuko birengagiza uburyo bw’Imana. Kuko kubamwizera, Kristo ashyira iherezo ku kwiyuha akuya bashaka kwera imbuto.

Ntabwo guhindura Bibiliya ari umurimo woroshye. Uzagerageze uhindure murundi rurimi umwe mumirongo ya Bibiliya ukunda cyane, uzabibona ! Murwandiko Pawulo yandikiye abaroma, mugice cya 9 ni cya 10, avuga ko Abisirayeli batamenye uburyo bakurikiza ngo bere imbuto zo gukiranuka. Ntibasobanukiwe n’uburyo bw’Imana, akaba ariyo mpamvu bihangiye uburyo bwabo butagize icyo bubagezaho. Pawulo yemeza rwose ko Abisirayeli bagize umuhati mwinshi, ariko umuhati wabo wabaye imfabusa kuko bakurikiye inzira itari yo.

Iyo havuzwe ibyo gukurikiza amategeko y’Imana, haboneka imyumvire y’uburyo bubiri :
Ubwambere, abantu baribwira bati : ubw’ amategeko ari meza, reka dukore uko dushoboye tuyumvire. Igikurikira ibyo, ni uko abantu bahinduka abagendera ku mategeko nk’inshingano ariko ntakumvira nyakuri bafite.

Ubwakabiri, abantu bakibwira bati " Niba tutagomba kwigora mu mirimo ngo dukurikize amategeko, ubwo si ngombwa kuyakurikiza "
Ni uko abantu bakishingikiriza ku kwizera no kumpano y'ubuntu bw'Imana maze bakibwira ko badasabwa kumvira. Iyo mitekerereze y'uburyo bubiri yombi ni ukwibeshya.

Ugutsindishirizwa guheshwa gusa no kwizera Yesu Kristo, gukubiyemo ubutumwa bwiza : ukumvira nyakuri kurashoboka, ariko ntiguturuka k'umuhati twishakamo ubwacu ngo twumvire. Gusobanukirwa neza n'ibyo gutsindishirizwa no kwizera Yesu gusa, bituma tudahura n'izi ngorane : Kuruhande rumwe ntituba abantu bagendera ku mategeko nk'inshingano gusa, kurundi ruhande ntituba ibyigenge.

Kubwo umubano uhoraho tugirana n'Imana, turushaho kunyurwa n'ineza n'urukundo atugirira. Kandi n'ubundi ngo " Kumenya neza urukundo rw'Imana bituma tudashobora gupfusha ubusa ayo mahirwe " Ubutumwa bwatoranijwe (Messages choisis Vol I pp366)

Kristo ntavanaho amategeko, ahubwo ni iherezo ry'umuhati wacu w'imfabusa mukubahiriza amategeko. Umushyikirano tugirana nawe kubwo kwizera, ntagushidikanya udushoboza gusohoza amategeko neza biduturutse ku mutima.
" Imirimo myiza nayo izakurikiraho nk'indabo n'imbuto zo kwizera. Imibereho itunganye irimo gukiranuka izerekana ko twomatanye no gukiranuka kwa Kristo " Ellen G. White, ibimenyetso by'ibihe (Signs of times, 5 September 1892)

Niba umugabo cyangwa umugore yumvira amategeko y'Imana, azabyerekanisha umushyikirano agirana na Kristo mu kwizera, amategeko y'Imana azasigara yanditse mu mitima yabo. Niba twemera ko dukwiriye gusohoza amategeko y'Imana, kandi tukaba twemera ko tutabishoboye, ntakindi twakora uretse gusanga Kristo akaduha gukiranuka kwe ho impano.

## *ICYIGISHO CYA 12 : AMATEGEKO*

Inshamake
1. Ese haba hari ikidatunganye mu mategeko y'Imana ?
Abaroma7 :12 " Noneho amategeko ni ayera ndetse n'itegeko ryose n'iryera rirakiranuka kandi ni ryiza "
2. Ni iyihe sano iri hagati y'amategeko y'Imana n'icyaha ?
" Umuntu wese ukora icyaha aba agomye kandi icyaha nibwo bugome " 1 Yoh 3 :4
" Kuko amategeko ariyo amenyekanisha icyaha "Abaroma7 :7
3. Mbese amategeko y'Imana ni amabwiriza akurikizwa mu rubanza ?
" Muvuge kandi mukore nk'abajya gucirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo" Yakobo2:12.
4. Mbese ubuntu bw'Imana bukuraho amategeko yayo cyangwa buduha uburenganzira bwo gukomeza gukora ibyaha ?
" Mbese dukore ibyaha kuko tudatwarwa n'amategeko ahubwo dutwarwa n'ubuntu? Ntibikabeho!" Abaroma 6 :15
5. Mbese kwizera gukuraho amategeko?
" Mbese noneho duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza" Abaroma3 :31

## AMATEGEKO AHORAHO NK'UKO IMANA IHORAHO
6. Gutsindishirizwa kubwo kwizera byaba bihabanye n'amategeko y'Imana ?

" Kuko abumva gusa amategeko ataribo bakiranuka ku Mana, ahubwo abayumvira nibo bazatsindishirizwa nayo "Abaroma2 :13
7. Pawulo ntiyavuze ko dutwarwa n'amategeko ?
" Kuko mudatwarwa n'amategeko ahubwo mutwarwa n'ubuntu "Abaroma 6 :14

**IMPUGUKIRWA** : Pawulo akoresha imvugo " gutwarwa n'amategeko " nibura mu buryo butanu butandukanye : uburyo bune busobanura umumaro wihariye w'amategeko, uburyo busigaye buvuga gukoresha nabi amategeko . Turabisobanura ku kibazo cya munani n'ikibazo cya 13.

8. Ni uwuhe mumaro wihariye w'amategeko dusanga mu Byanditswe byera ?
- Nk'abacirwa urubanza n'amategeko.Yakobo 2 :12
- Nk'abacirwaho iteka n'amategeko.Abaroma 4 :15
- Nk 'abariho umuvumo w'amategeko. Abagaratiya 3 :25
- Amategeko nk'umushorera. Abagaratiya3 :24,25

9.Ni ryari amategeko aduciraho iteka ?
"Nanjye kera nari muzima ntafite amategeko maze itegeko rije icyaha kirahembuka mpera ko ndapfa. Nuko rero iryo tegeko ryagenewe kuzana ubugingo mbona rinzanira urupfu"
Abaroma7:9-10 ; 4 :15 ;Timoteyo 1 :8-9
10. Ni uwuhe muvumo w'amategeko Yesu yadukijije ?
"Kristo yaducunguriye kugirango dukizwe umuvumo w'amategeko, ahindutse ikivume ku bwacu kuko byanditswe ngo " Havumwe umuntu wese umanitswe ku giti "
11. Mbese kuvuga ko amategeko ari nk'umushorera bisobanuye iki ?
"Ubwo nibwo buryo amategeko yatubereye umushorera wo kutugeza kuri Kristo ngo dutsindishirizwe no kwizera " Abagalatiya 3 :24,25

**IMPUGUKIRWA** : Amategeko atubera indorerwamo ituma twoga mu maso Yakobo1 :23 ;25

12. Mbese amategeko afitanye isano no kwihana ?
" Amategeko Uwiteka yigishije araboneye, anezeza umutima, ibyo Uwiteka yategetse ntibyanduye bihwejesha amaso " Zaburi 19 :8
13. Pawulo avuga iki k'ubwo gukoresha nabi amategeko ?
" Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa ni imirimo itegetswe n'amategeko, kuko amategeko ariyo amenyekanisha icyaha " Abaroma 3 :26 ;Abagalatiya 2 :16

**IMPUGUKIRWA** : Gukoresha amategeko nk'uburyo bwo kuyabonamo agakiza ni ukuyakoresha nabi ; ari byo twita gutwarwa n'amategeko.

**KUMVIRA NTIBIDUKIZA ,ARIKO ABAKIJIJWE BAGIRA UMWETE WO KUMVIRA .**
14. Pawulo agarukira he igihe ahangana n'abakizwa n'amategeko ?
" Kuko duhamije yuko umuntu atsindishirizwa no kwizera atari imirimo itegetswe n'amategeko " Abaroma 3 :28
15. Pawulo yita ate abizera gutsindishirizwa n'amategeko ?
" Yemwe bagalatiya b'abapfapfa, ninde wabaroze… ibi byonyine nibyo nshaka ko mumbwira : mbese imirimo itegetswe n'amategeko niyo yabaheshejе Umwuka cyangwa se ni uko mwumvise mukizera " Abagalatiya 3 :1,2
16. Ni iri he teka acira kubishingikiriza ku mategeko ?
" Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko, mutandukanijwe na Kristo kuko mwaguye muretse ubuntu bw'Imana " Abagalatiya5 :4

17. Ni ukuhe guhangana kuri hagati y'abishingikiriza ku mategeko n'abishingikiriza ku rupfu rwa Kristo ?

" Simpindura ubusa ubuntu bwa Kristo ; kuko niba gukiranuka kuzanwa n'amategeko Kristo yaba yarapfiriye ubusa " Abagalatiya 2 :21

18. Ninde ushyira iherezo kukwishingikiriza ku mategeko ?

" Kuko Kristo ariwe amategeko asohoreraho, kandi niwe uhesha uwizeye wese gukira "Abaroma 10 :4

19. Ni mpamvu ki gutsindishirizwa n'amategeko bitagira icyo bigeraho ?

" Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira " Abaroma 8 :7 ;14-25

**KRSTO NIWE AMATEGEKO ASOHORERAHO KUBWO GUTSINDISHIRIZWA? ARIKO SI WE UYAKURAHO**.

20. Mbese Yesu akuraho amategeko y'Imana?

"Kuko uwica rimwe muri aya mategeko naho ryabaryoroheje gusumba ayandi , akigisha n'abandi gukora gutyo, mubwami bwo mwijuru azitwa mutoya rwose. Ariko uzayakora akiyigisha n'abandi mubwami bwo mu ijuru azitwa mukuru" Matayo5:19,17,18.

21. Yesaya ahanura ate ibya Kristo n'amategeko?

"Kubwo gukiranuka kwe, Uwiteka yashimye kogeza amategeko ye no kuyubahiriza"

Yesaya 42:21

22. Ese Yesu yaba yarahaye amategeko ubusobanuro bushya?

"Mwebwe banditsi n'abafarisayo mwa ndyadya mwe, muzabona ishyano kuko mutanga kimwe mu icumi cy'isogi na amisi na kumino, mukirengagiza amagambo akomeye yo mu mategeko, ariyo kutabera, imbabazi no kwizera. Ibyo mwari mukwiye kubikora, na byabindi ntimubireke"Matayo 23:23;5:21-48.

23. Ni mpamvu ki Yesu yishimiraga gukora ibyo Imana ishaka ?

"Mana yanjye nishimira gukora ibyo ushaka; ni koko amategeko yawe ari mumutima wanjye" Zabburi 40:9

24. Dushobora kwishimira gukora ibyo Imana ishaka?

"Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y'ababi, ntahagarare munzira y'abanyabyaha, ntiyicarane n'abakobanyi. Ahubwo amategeko y'Uwiteka niyo yishimira, kandi amategeko ye niyo yibwira ku manywa na nijoro" Zaburi 1:1,2; Yeremiya 31:33; Abaroma 8:2-4; Abafiripi 2:13.

25. Ni iyihe nkuru nziza kubyerekeye amategeko n'ubuntu?

"Kuko amategeko yatanzwe na Mose, ariko ubuntu n'ukuri byo byazanywe na Yesu Kristo" Yohana1:17.

**AMAKOSA UKU KURI GUKWIRIYE GUKOSORA**

* Gutsindishirizwa kubwo kwizera ntibijyana n'amategeko y'Imana
* Ubuntu bukuraho amategeko
* Amategeko y'Imana ntabwo atunganye
* Tudafite Yesu dushobora gukomeza amategeko
* Kristo ashushanya gukurwaho kw'amategeko

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

* Uwo ari we wese ushaka kubaho mu bukristo adafite Kristo si umukristo. Yaba ari uwizirika ku mategeko cyangwa se uyoroshya bose batwarwa n'amategeko.
* Amategeko ntaduha ubushobozi bukwiriye ngo tubashe kuyubaha. Sinayi ntacyo ivuze hatariho Kaluvali.
* Kristo niwe amategeko asohoreramo kubwo gutsindishirizwa; ariko si we uyakuraho.

# IMIRIMO

***IHAME RYA 64 : IMIRIMO MYIZA UDAKORESHEJWE NA KRISTO NI IMIRIMO MIBI RWOSE KU MUNTU UYIKORA.***

Reba urutonde rw'ibikorwa, uko ubyumva, imirimo myiza ni iyihe kandi imibi ni iyihe?
1. Kugaburira umuntu ushonje
2. Guha umuntu ururabo
3. Kujya gusenga
4. Kuyobora umuntu utwara imodoka ahantu runaka igihe yamupfiriyeho.
5. Kumwenyura
6. Gusura abarwayi
7. Kuvuga ngo " murakoze " niba ubikunze cyangwa ngo " mbabarira "
8. Gushyira umuturanyi umugati uryoshye.
9. Gutanga amaturo.
10. Kuganira n'abandi ibyo kwizera kwawe
Noneho munyemerere mbabaze iki kibazo: Ese waba warigeze gusanganirwa n'umusore ubwo wari ku kibuga cy'indege akakumwenyurira, akaguhereza akarabo? Nki inyishyu, yagusabye amafaranga. Ubaye warayamuhaye, mbese watekereje ko ayo mafaranga yagiye mu wuhe mufuka? Yagiye mumufuka w'abayobozi b'itsinda rishinzwe gukusanya umutungo.
Muburyo nk'ubwo, kumwenyurira umuntu maze ukamuherza akarabo byaba ari igikorwa kiza cyangwa kibi?

Mugitabo cy'intambara ikomeye (La Tragédie des siécles pp553), dusoma amagambo akurikira "Ba bandi dutekereza ko batari mubutware bw'umushukanyi, nibo akorana nabo cyane….Benshi batekereza ko umuntu wese w'imfura agomba kuba yomatanye na Kristo muburyo runaka. Nta kosa ryaruta gutekereza utyo. Ni iby'ukuri koko izo ngeso nziza zigomba kuranga imico ya buri mukristo, kuko zerereza muburyo runaka bukomeye kubaha Imana nyakuri. Ariko izo ngeso nziza iyo ziteguriwe Imana, zihindukira umubi imbaraga. Umuntu wese w'umuhanga kandi w'imyifatire ishamaje, udashobora kwisebya ngo akore ikintu abantu muri rusange bafata ko ari igikorwa giteye isoni, nta kindi aba ari cyo uretse igikoresho cyiza kiri mu maboko ya Satani"
Inyifato ishamaje, ntabwo ari igihamya cyo gutungana. Yesu avuga muri Matayo 7:22-23, ati "Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati "Mwami ntitwahanuraga mu izina ryawe? Ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe? Ntitwakoraga ibitangaza mu izina ryawe? Nibwo nzaberurira nti "Sinigeze kubamenya! Nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe" Ibitangaza bikozwe bidakomotse mu isano umuntu afitanye na Kristo, umuntu atazi umwami, ni ugukiranirwa.

Umuntu uhakana Imana ashobora guteka umugati uryoshye maze akawushyira abaturanyi be. Abatizera badatekereza ku Mana bashobora gushishikazwa no kugira icyo bakora mu gukemura ibibazo by'amapfa atera ku isi. Birashoboka ko umupagani cyangwa umuntu utizera asura abarwayi.

Amafaranga yose atangwa mu nsengero si ko umwami ayemera. Bamwe mu bafasha mu mirimo y'idini si abana b'Imana ahubwo ni abakozi ba Satani. Abafarisayo batangaga ubuhamya bwo kwizera kwabo, bagahindurira abantu kuba babi incuro ebyiri kubarusha. Ndetse n'umwicanyi ruharwa ashobora gutwara umugenzi wagize impanuka mu modoka ye, maze akaba abonye umuntu wo gukorera ibyo yishakiye atamurwanya.

Imirimo myiza udakoreshejwe na Kristo, ni imirimo mibi rwose ku muntu uyikora.Kugira ngo imirimo ibe myiza igomba kuba ihesheje icyubahiro Imana. <Aba ari ko umucyo wanyu ubonekera abantu kugira ngo nibabona imirimo myiza yanyu bahereko bahimbaze so wo mu ijuru>

Matayo5:16. Iyo mirimo myiza izatangira kugaragara ubwo kwihana no guhindukira bizaba bije. Ubwo gusa nibwo amagambo n'ibikorwa bishobora guhimbaza Data wa twese uri mu ijuru.

Dusoma mu  Baroma 14:23; < igikorwa cyose kidakoranwe kwizera ni icyaha>. Iyo Imana ica urubanza ireba mu mutima, igenzura ibihishwe n'amabanga by'umutima. Niba tubaho dutandukanye na Kristo, nta kindi twakora kitari ukuyoborwa na kamere yo kwikunda, maze rero iyo twita imirimo yacu myiza ntibe ariyo na mba.

Ni iby'ukuri koko niba icyo umuntu yaba agamije cyose aramutse ahaye umugati ushonje, uyu uhawe azaba agaburiwe. Ariko ku birebaba n'uwo utanze, umurimo mwiza udakoreshejwe na Kristo ni umurimo mubi k'uwukora. Kristo utura muri twe kubwo kwizera, akadutera gushaka no gukora , niwe wenyine soko y'imirimo myiza.

***IHAME RYA 65 : UMUGAMBI W'IMIRIMO MYIZA SI UKUDUKIZA; AHUBWO NI UGUTUMA IMANA IHIMBAZWA.***

Igihe cyose havuzwe ibyo agakiza ku bwo kwizera Yesu Kristo n'uko ibikorwa byiza dukora atari isoko y'agakiza kacu, buri gihe havuka ikibazo "Niba imirimo myiza idafite uruhare mu gakiza kacu mu by'ukuri yaba imaze iki?"

Muri Matayo 5:16 habigaragaz,a neza " Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu bose kugira ngo nibabona imirimo yanyu myiza bahere ko bahimbaze Data uri mu ijuru." Niba imirimo yacu myiza itadukiza, ibyo ntibishatse kuvuga ko nta kamaro ifite. Umugambi w'imirimo myiza ni uwo gutuma Imana ihimbazwa.

Kubera iki Imana ihimbazwa? Mbese iharanira guhimbazwa kubera ko yikunda cyangwa kubera ko yitekerezaho yonyine gusa? Mbese yatubuza gutekereza ku bandi mu gihe yo ibikora? Igitambo cya Yesu ku musaraba kiduha igisubizo gihagije kuri icyo kibazo. Igihe Yesu yavugaga n'ijwi rirenga ati "Birarangiye" yari ashubirije bimwe mu birego bya Satani bivuga ko ntawe Imana yitangira mu bo yaremye. Umusaraba utanga igisubizo gihamya ko Imana yari yiteguye kwemera igitambo gihebuje cya Yesu Kristo.

Kuki tugomba guhimbaza Imana? Impamvu shingiro ni uko ibikwiriye. Ikwiriye ibisingizo byacu. Nta Wabasha kuyiba icyubahiro, gushimwa no guhimbazwa biyikwiriye. Dawidi yabivuze muri aya magambo "Ibyiza Uwiteka yangiriye byose ndabimwitura iki?" Zaburi 116: 12
Mbese wigeze urabukwa ibyiza Uwiteka yagukoreye mu gihe gito gishize?Akenshi biratworohera guhanga amaso ku mutwaro w'ibyaha, umutima uturega cyangwa amaganya adutegereje. Nyamara Imana ntiyigeze itwemerera na hato kwiyikorerera iyo mitwaro. Yadusezeraniye kuyidukuraho, ikaduha uburuhukiro. Ibyiza byayo ntibibarika.Mbega ukuntu itubikiye byinshi! Mbese twashobora kubirondora?

Kuvuga ubutumwa bwiza n'ubuhamya bwa gikristo ni impamvu ya kabiri yo guhimbaza Imana. Bagenzi bacu nibabona Yesu yererejwe muri twe bakanatwigira ho urukundo rw'Imana n'imbabazi zayo, bizabatera nabo ubwabo umwete wo gusanga Imana. Imirimo myiza ikorewe mu mibereho y'umwizera, ihinduka imbaraga ikomeye igaragaza ubukristo nyabwo.

Iyo imirimo myiza dukora idahimbaza Imana, yaba ihimbaza nde? Igisubizo ni kimwe. Niba atari Imana ihimbazwa, nitwe tuba tuba twihimbaza. Iyo niyo mpamvu ya gatatu yo guhimbaza Imana. Umurimo wo gutsindishirizwa, ushingiye ku kujugunya icyubahiro cy'umuntu mu mukungugu.

Ntabwo twakwihimbaza kandi ngo duhimbaze Imana mu gihe kimwe. Ibintu ni bibiri : duhimbaza Imana cyangwa twiha icyubahiro, gushimwa n'ibindi biyikwiriye.

Ibyo bitugeza ku kindi kibazo. Mbese dushobora gukizwa igihe cyose tudashaka guhimbaza Imana? Guhimbaza Imana byagombye kuba ari byo bidushishikariza gukora imirimo myiza. Ni nako bimera igihe tuyikorera tubikunze. Ibyo ni ukuri no mu mibanire n'abantu. Kubaha izina ry'umuryango bishobora kuba impamvu ikomeye. Duhora twiteguye kwitanga kugira ngo duhamirize icyubahiro cyacu abo dukunda kugira ngo tutabahemukira.

Igihe tuzamenya Imana nk'uko bishoboka ko imenywa, igihe tuzayikunda nk'uko bishoboka ko tuyikunda, tuzahishuririrwa ko ibyishimo byacu bishingiye ku kuyubaha ndetse no kuyihesha icyubahiro. Kuyubaha no kuyikorera tubikunze nibyo mbaraga igomba kutugaragaza.

" Byose biri munsi yo guhimbaza Imana. Data wa twese uri mu ijuru niwe ugomba gukundwa mbere, akaba ibyishimo n'ihirwe, umucyo ndetse n'umwuzuro w'ubugingo bwacu, akaba ari we uba umugabane wacu." Abahungu n'abakobwa b'Imana (Sons and daughters of God p.56)

### *IHAME RYA 66: IYO KWIZERA ARI UK' UKURI N'IMIRIMO ARI IY'UKURI,NTUSHOBORA KUGIRA KIMWE NGO UBURE IKINDI.*

Nk'uko hariho indirimbo yakundaga kuvuga ngo "Urukundo no gushyingiranwa birajyana nk'ifarashi n'igare rikururwa nayo kimwe ntigisiga ikindi." (Ni indirimbo ya kera nk'uko mushobora kubifindura mu bundi buryo mutarebeye gusa ku igare rikururwa n'ifarashi.) Muri iki gihe abantu bagerageza kwerekana ko urukundo no gushyingiranwa atari ngombwa ko bijyanirana byanze bikunze. Ariko icyagaragaye ni uko umugambi w'Imana wo gushyingiranwa n'umuryango ko ari uwo agahebuzo.

Kwizera n'imirimo byo birajyana igihe cyose. Nshobora yenda gutanga icyitegererezo kidashidikanywaho.IZUBA N'IGICUCU. Ibyo nabyo biragendana buri gihe ntushobora kubona kimwe ngo ubure ikindi. Muri iyi si, ahari ho hose hari umucyo haba hari n'igicucu. Iryo ni itegeko ridakuka. Mu gitabo cyo Kugana Yesu(Vers Jésus p.83) Havuga ibyishimo bitavanze by'ahazaza. Nyamara muri iyi si n'ibihe byacu by'umunezero bigira ibicucu. Turanezerwa iyo hari uwakiriye Kristo mu bugingo bwe nyamara tubona igicucu cy'abamwihakana.

Tubona ibyishimo mu bwiza bw'ibyaremwe; ariko igicucu cyo gucogozwa n'igicucu cy'urupfu buri gihe kikaba gihari aho tureba hose. Inkuru nziza n'imbi biragendana. Hari ubwo duhabwa kubaho "Umunsi mwiza", kandi iyo ni impano y'igiciro; ariko buri gihe haba hari n'igicucu cy'ejo hashize cyangwa ejo hazaza. Imishyikirano yacu n'abandi nayo igira ibicucu. Kuvuga rumwe, akenshi byijimishwa no kutumvikana. Umutima wacu ushobora kugurumana iyo Imana ubwayo ije gushyikirana natwe; nyamara igihe cyose hahoraho igicucu cy'ibihe Imana isa n'aho iduhishe mu maso hayo cyangwa tukumva itari kumwe natwe, kabone naho twaba tukiri muri ayo masaha y'umugisha.

Biragaragara ko, haba mubyo umubiri, haba no mubyo umwuka buri gihe izuba n'igicucu ntibitandukana. Ni nako rero bimeze ku kwizera n'imirimo. Iyo imirimo ari myiza, iba ikomotse ku kwizera Kristo. Iyo kwizera ari uko ukuri, kubyara imirimo myiza byanze bikunze. Igihe ufashe icyemezo cyo kuguma muri Kristo, uko guhitamo kuba kunarebana n'imbuto uzera: kuko uguma muri we yera imbuto nyinshi. Kwizera n'imirimo, ntibitandukana. Dusoma mugitabo Ubutumwa bwatoranijwe(Messages choisis Vol 1 P 464) amagambo akurikira "Ukwizera nyakuri, kugaragazwa n'imirimo myiza; mbese muri make, imirimo myiza n'imbuto zo kwizera."

Iyo tuvuze ibyo kwizera n'imirimo, umuntu yakumva ari nk'ikigereranyo cy'ingashya ebyiri. Kwizera n'imirimo byagereranywa n'ingashya ebyiri.
Ugerageje kugashyisha imwe gusa, iyo ariyo yose ntiwava aho uri. Ariko nukoresha ingashya zombi icyarimwe, ubwato bwawe buzagenda bugana kunkombe z'ijuru. Uyu muntu watanze iki cyitegererezo, ashimangira cyane ko twagombye gukoresha kwizera n'imirimo muburyo bumwe.

Ariko mu by'ukuri nta mbaraga na nke twagombye gushyira kuri kimwe cyangwa ku kindi! Kwizera ni impano no kumvira ni impano.Aho twagombye gushyira imbaraga zacu zose ni ku kuguma mu bwato: Ni ukuvuga  gukomeza umubano wacu na Kristo mu gusenga no kwiga ijambo rye. Iyo tugiye kuri Kristo ngo tugirane umushyikirano na we ingaruka ya mbere ni ukwizera nyakuri. Iya kabiri ni ugukiranuka nyakuri.

Nyamara icyitegererezo cy'ingashya kigira agaciro gusa iyo ugisobanukiwe neza : Kwizera n'ingashya bigereranywa n'ingashya ebyiri ; binganya agaciro. Ariko mu gukomeza umushyikirano uhoraho na Yesu Kristo ni ho gusa tubona kwizera ndetse n'imirimo. Muri Yakobo 2 :17 tubona ko bishoboka kugira kwizera gupfuye.Mu abaheburayo 6 :1 naho tuhabona iyo nyigisho : Kwizera n'imirimo bigomba kubaho kugira ngo kimwe cyangwa ikindi kigumye kuba kizima.Imirimo myiza izakomoka ku kwizera nyakuri ; no kwizera nyakuri ni imbuto ikomoka ku mushyikirano tugirana n'Imana nk'uko byanze bikunze aho izuba riri haboneka n'igicucu.

## *ICYIGISHO CYA 13:IMIRIMO*

1. Mbese dutsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko ?
"…..Naho abisirayeli bakurikiye amategeko yo gukiranuka, bakaba ari bo batayashohoje. Ni kuki ni uko batashishikajwe no kwizera ahubwo bashishikajwe n'imirimo. Abaroma 9:31-32"
"Ibi byonyine nibyo nshaka ko mumbwira: Mbese imirimo itegetswe n'amategeko niyo yabahesheje umwuka cyangwa ni uko mwumvise mukizera? Abiringira imirimo itegetswe n'amategeko ni ibivume; kuko  byanditswe ngo "havumwe umuntu wese udahirimbanira ibyanditswe mu gitabo cy'amategeko ngo abikore byose." Abagalatiya 3:2,10.
2. Mbese imirimo myiza no kwizera biragendana buri gihe?
"Bavuga ko bazi Imana ariko bakayihakanisha ibyo bakora. (?Bene abo kwangwa urunuka,) ni abatumvira Imana no mu mirimo myiza yose nta cyo bamaze" Tito 1:16
3. Ni gute Yesu yita imirimo myiza ikozwe bidaturutse kuri we?
"Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati: "Mwami Mwami ntitwahanuraga mu izina ryawe? Ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe?Ntitwakoraga ibitangaza mu izina ryawe?" Nibwo nzaberurira nti: "Sinigeze kubamenya nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe"Matayo 7: 22,23

**IMIRIMO MYIZA IKOZWE IDATURUTSE KURI KRISTO MU BY'UKURI NI MIBI KU MUNTU UYIKOZE.**

4. Imirimo myiza nyakuri ikomoka he?
Kristo " watwitangiye ngo aducungure mu bugome bwose, kandi yuhagire abantu kugira ngo babe ubwoko bwe bwite, bugira ishyaka ry'imirimo myiza" Tito 2:14
"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka, kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose." 2Timoteyo 3:16-17
"Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kuva kera ngo tuyigenderemo" Abefeso 2:10

5. Ese byadushobokera gukora imirimo ya Kristo?
“Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko unyizera,imirimo nkora nawe azayikora, ndetse n’iyiruta kuko njya kwa data” Yohana 14:12

6. Ese tuzagororerwa hakurikijwe imirimo yacu?
“Kuko umwana w’umuntu azazana n’abamalayika be, afite ubwiza bwa se, agaherako yitura umuntu ibikwiriye ibyo yakoze.” Matayo 16:27
“Dore ndaza vuba nzanye ingororano kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.” Ibyahishuwe 22:12
7. None se twagombye gukora ngo tubone ingororano?
“Nyamara ukorera ibihembo ntibimuhwanira no guherwa ubuntu, ahubwo abyita ubwishyu. Ariko rero udakora ahubwo akizera utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka” Abaroma 4:4-5
8. Ese tuzacirwa urubanza hakurikijwe imirimo yacu?
“Ni uko mbona abapfuye abakomeye n’aboroheje bahagaze imbere y’iyo ntebe, ni uko ibitabo birabumburwa. Kandi n’ikindi gitabo kirabumburwa ari cyo gitabo cy’ubugingo.Abapfuye bacirwa imanza z’ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze” Ibyahishuwe 20:12
9. None se ibyo bivuga ko imirimo ari yo idukiza ?
" Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira uwirata. "Abefeso 2:8-9
“Nyamara tumenye yuko umuntu adatsindishirizwa n’imirimo itegetswe n’amategeko ahubwo atsindishirizwa no kwizera Yesu Kristo. Dore ndetse natwe twizeye Kristo Yesu kugira ngo dutsindishirizwe no kumwizera, bitavuye ku mirimo itegetswe n’amategeko kuko ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegetswe n’amategeko” Abagalatiya 2:16
“Nkuko Dawidi nawe yeruye amahirwe y’umuntu, uw’Imana ibara ho gukiranuka atabiheshejwe n’imirimo” Abaroma 4:6
“Iradukiza itabitewe n’imirimo yo gukiranuka twakoze ahubwo ku bw’imbabazi zayo.”Tito 3:5

**TUZACIRWA URUBANZA TUNAGORORERWE HAKURIKIJWE IMIRIMO YACU ARIKO NTABWO TUZAKIZWA N’IMIRIMO YACU**.
10. Ese niba imirimo itadukiza yaba nta mumaro ifite?
“Uku ni ko no kwizera, iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine kuba gupfuye.”
Yakobo 2: 17
“Ni uko rero nk’uko umubiri uba udafite umwuka uba upfuye,ni ko no kwizera kudafite imirimo kumeze.”Yakobo 2:26.

**IMPUGUKIRWA**: Yakobo yifashisha ingero za Aburahamu na Rahabu(Reba Yakobo 2:21-25) kugira ngo ashyigikire ibyo yemeza.
11. Yakobo atekereza ate kwizera(Kwemera gusa)?
“Wizera ko Imana ari imwe rukumbi, ibyo ni byiza. Ariko abadayimoni nabo barabyizera nabo bagahinda umushyitsi.” Yakobo 2:19

**NTIBISHOBOKA KUGIRA KWIZERA NYAKURI NTA MIRIMO CYANGWA NGO UKORE IMIRIMO MYIZA NYAKURI NTA KWIZERA**
12. Ni gute imirimo y’Imana ihinduka imirimo yacu?
“Uwiteka, azadutunganiriza amahoro, kandi ibyo dukora byose ni wowe ubidusohoreza”Yesaya 26:12
“Kuko Imana ariyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira”Abafilipi 2:13

"Ni uko Imana nyiri amahoro, yazuye umutahiza w'intama niwe Mwami wacu Yesu imuzurishije amaraso y'isezerano ry'iteka ryose, ibatunganye rwose mubyiza byose kugirango mukore ibyo ishaka, ikorera muri mwebwe ibishimwa imbere yayo" Abaheburayo 13:20-21

13. Aho guhirimbanira gukora imirimo yacu myiza,Yesu aduha ubuhe buruhukiro?

<Nuko rero kuw'ibyo, haracyario uburuhukiro bw'Isabato bubikiwe abantu b'Imana, kuko uwinjiye mu buruhukiro bwayo nawe aba aruhutse imirimo ye nk'uko Imana yaruhutse iimirimo yayo; nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro, kugira ngo hatagira umuntu ugwa akurikije icyitegererezo cya ba bandi cyo kutumvira>Abaheburayo 4:9-11.

14. Ni ikihe kintu cy'ingenzi cyakorwa ngo umuntu abone ubwo buruhukiro?

<Mwese abarushye n'abaremerewe.nimuze munsange nda baruhura. Mwemere kuba kuba abagaragu banjye munyigireho. Kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu.>Matayo 11 :28,29.

15. Umugambi w'imirimo myiza ni uwuhe niba atari uwo kudukiza ?

<Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza , bahereko bahimbaze so wo mu ijuru.>Matayo 5 :16.

**UMUGAMBI W'IMIRIMO MYIZA SI UWO KUDUKIZA, AHUBWO NI UWO GUHIMBAZA IMANA.**

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

- Kwemera gusa niko kwizera nyakuri.
- Imirimo myiza itugeza ku gakiza, naho imibi ikatujyana mu irimbukiro.
- Umuntu ashobora kugira kwizera ntakore imiimo myiza.
- Umuntu ashobora gukizwa ntakore imirimo myiza.
- Hari imirimo myiza ikorwa andi idaturutse kuri Kristo

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Imirimo myiza udakoreshejwe na Kristo, ni imirimo mibi rwose ku muntu uyikora.
- Umugambi w'imirimo myiza si ukudukiza, ahubwo ni ugutuma Imana ihimbazwa.
- Iyo kwizera ari uk'ukuri n'imirimo ari iy'ukuri, ntushobora kugira kimwe ngo ubure ikindi.

## GUKURA

***IHAME RYA 67: KWIZERA KWIYONGERA MU BWINSHI NTIKWIYONGERA MU BWIZA. UKO KWIYONGERA GUTERWA NO GUKOMEZA KWISHINGIKIRIZA KU MANA.***

Marita yageze aho ava mugikoni. Yari amaze gusobanukirwa ubwe icyo kwicara kubirenge bya yesu kwa Mariya aricyo. Marita yemeraga ko Yesu ari Mesiya umukiza w'isi, uwatumwe n'Imana. Yemeraga ko icyo umwigisha yasaba se cyose yamwumva. Yizeye Umwami ubwo yamubwiragako ariwe kuzuka n'ubugingo. Ariko ubwo amaso y'abantu yose yari ahanzwe kugituro gituje cya Musaza we, maze Yesu akabwira abantu kuvanaho ibuye, kwizera kwa Marita kwaje gucogora.

Aburahamu yari inshuti y'Imana. Yari yarasize umuryango we ndetse n'inshuti ze. Yari yarasize igihugu cye ngo abe umusuhuke, nuko agakurikira ijwi ryavugaga mu mutima we, rikayobora intambwe ze. Ntabwo yigeze yumvira inama z'umuryango we, ndetse n'inshuti ze. Ubwo Imana yamusezeraniraga umwana w'umuhungu, umuragwa wari kuzaba Sekuruza w'amahanga menshi, yaranezerewe. Nyamara har' ikintu kimwe atari yiteze, ntiyakekaga ko iryo sezerano ryatinda

gusohora. Gutegereza kwabaye kurekure. Nyuma amaherezo yabaye sekuruza w'amahanga abili ari mu ntambara na bugingo n' ubu, rimwe rihanganye n'irindi. Aburahamu nawe ntiyari ashikamye.

Mose yari umuhanuzi ndetse yari arenze kuba umuhanuzi. Yari yaravuganye n'Imana imbona nkubone. Mumyaka mirongo ine yari yarayoboye abisilayeri b'ibyigomeke kandi binangira, abanyuza mubutayu bugari cyane, yita kubyo bakenye byose. Yari yaragiye abavuganira ku Mana ubwayo, yanga kwemera ko barimbuka nubwo nyamara bari bakwiriye kurimbuka. Nyamara kwizera kwa Mose kwaje gucogora, ndetse ageze kunkengero y'igihugu cy'isezerano maze akora icyaha gikomeye atakagombye kwibeshyaho, cyatumye abura amahirwe Imana yari yamuhaye yo kurangiza umurimo yari yatangiye. Mose nawe ntiyari ashikamye.

Turabibona rero agatsiko k'abantu bari abanyantege nke kagizwe n'abantu benshi: Dawidi, Samusoni, Adamu,Pawulo,Hezekiya, Petero, Yakobo, uwabarondora ntiyabarangiza.Ibyanditswe byera bitubwira abantu bake cyane batabaye nk'abo:Enoki,Elisa,Daniyeli. Si benshi. Iyo ugenzuye neza ingero zivugwa na Bibiliya, zerekana ko niyo bishobotse kwiringira Imana mu buryo buhoraho birashoboka cyane ko umuntu yagira ingorane zo kudashikama. Abakiristo benshi bahora basezerana amasezerano bagahita bayavamo. Bisaba igihe kirekire ngo tumenye kwishingikiriza ku Mana gusa aho kwirebaho ubwacu. Imana igamije kutwigisha kuyishingikirizaho buri gihe. Ariko dukwiriye kumenya ko mubihe byinshi tutabigeraho umunsi umwe.

Gukura mu buzima bwa gikristo, bishingiye kukumenya kwishingikiriza ku Mana ubudasiba kandi bikagenda birushaho.
Nk'uko twabibonye haruguru mubintu 2 harimo kimwe: Kwishingikiriza ku Mana cyangwa kutayishingikirizaho. Ntakuyizigira by'igice, ntakuyiyegurira by'igice. Iyo hatabayeho kwiyegurira Imana habaho kwiyiringira ubwacu.
Tuguma muri Krisito buri munsi iyo duhorana mumushyikirano uhoraho nawe. Wakwibaza uti ni gute naguma muri Kristo? Ni nkuko wamwakiriye. "Nk'uko mwakiriye Umwami Yesu, mugendere muri we." "Umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera kwe." Kugana Yesu, p.55.

Igihe cyose twishingikirije kuriwe tuzabaho ubuzima bunesha kandi bwumvira, ubwo azaduha. Ariko hari ubwo umwanzi ajya atuma tuvana amaso yacu kuri Yesu maze ntitube tukimwishingikirijeho. Ubwo nibwo tugwa tugatsindwa, tukanacumura. Dukurikije uko Bibiliya ivuga, benshi banyuze muri iyo nzira kandi benshi baracyayinyuramo no muri iki gihe cyacu. Igihe ibyo bitubayeho tugomba gusubira kuri Yesu maze tukongera kumwishyuza amasezerano yatanze. "Nitwatura ibyaha byacu niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byaccu no kutwezaho gukiranirwa kose " 1yohana1 :9. Maze tukongera tukunga umubano nawe. Ntitugomba gutegereza iminsi 15 kugirango tumenye ko umujinya w'Imana wacururutse. Ntitugomba gucika intege ngo dutekereze ko tutazagera mubwami bw'ijuru. Ntidukwiriye kandi kugerageza gusubiza ibintu muburyo dukoresheje imbaraga zacu mbere y'uko tumusanga, ahiubwo tumusange uwo mwanya tumwaturire ibyaha byacu kandi tumubwira ko tumukennye.
Ubwo nibwo umushyikirano wacu n'Imana uzaba ugarutse.

Gukura mubuzima bwacu bwa gikristo, gukomeza igihe tuba muri Kristo ubudasiba kubwo kwizera, kandi tugakomeza kubagarira umubano wacu nawe. Igihe twizera Kristo umunsi kuwundi akorera muri twe kugirango tumenye kumwishingikirizaho ubudasiba.

***IHAME RYA 68 : NTAWE UKURA AKORESHEJE UMUHATI WE NGO AKURE***

Intego yanjye yari iyo kugira uburebure bwa metero na sentimetero mirongo inani. Ariko gukura kwanjye kwagendaga buhoro narimfite metero imwe na sentimetero cumi gusa. Ubwo nari mpagararanye kumurongo umwe w'imbere n'abakobwa twiganaga mumwaka wa munani dushaka kwifotoza, numvise ntakibasha kubyihanganira! Byasaga naho igihe cyari kigeze ngo ngire icyo nkora.Nagiye mugikoni negamira urugi maze nshyira irati kumutwe hanyuma nshyiraho ikimenyetso. Hanyuma narasohotse njya kukibuga ninaganika kumugozi wo kwanikaho imyenda igihe kirekire gishoboka. Nasubiye mugikoni nihuta cyane nongera kwipima. Mbega kwihenda ! umuhati wanjye wose wabaye imfabusa.

Yesu yaravuze ati : Ni inde murimwe wiganyira wabasha kwiyunguraho umukono n'umwe? Matayo6 :27. Ntabwo rero umuntu akura kubera ko yashyizeho umuhati we ngo akure. Koko rero, uko urushaho gushyiraho umuhati ngo ukure, si ko ukura. Iyo nza kuba naramaze igihe cyanjye cyose ninaganika kuri uwo mugozi, sinari kubura gusa uburebure bwa metero na sentimetero mirongo inani, ahubwo nari no gupfa !

Dore hashize igihe kirekire Elina White yandikiye itorero ryacu amagambo akurikira : " Gukura kw'ibimera n'uburabyo ntiguturuka ku guhangayika no guhugirana cyangwa se umuhati bigira, ahubwo ni ukubyakira gusa ibyo Imana yabiteganirije ngo bibeho. Uko niko bimeze no kubana bato. Umuhati wabo no guhangayika kwabo ntacyo bibasha kongera kugihararo cyabo. Umuhati wanyu no gushebeka kwanyu ni imfabusa kubirebana no gukura muby'umwuka kwanyu. " Kugana Yesu p.53.
Ndetse n'abana batoya bashobora kumva iri hame rigenga iby'imikurire y'umubiri. Mushobora kubabaza iki kibazo: "Mbese ari ugukura no kurya icyo mushyiraho umuhati ni iki?

Ibyo ntibibasaba igihe kirikire ngo babyumve. Koko nibashyiraho imbaraga ngo bakure, ntaho bazagera. Ariko nibafata icyemezo cyo kurya bazagera bazakura.

-Mbese ushaka gukura muby'umwuka?
Ntabwo ari kubwo kwita kumikurire yanyu muzabasha gukura. Ntagushidikanya ikibi kirenze ibindi mu byerekeranye no gukura muby'umwuka , ni uguhora umuntu yibaza nibayera imbuto. Niba ushaka gukura, ningombwa kurya ku mutsima kandi ukanywa n'amazi y'ubugingo. Ureka kwihangaho amaso, ukayahanga kuri Zuba ryo gukirauka niwe uzagukuza vuba. Umuntu umara igihe cye ngo akore ibishoboka mu mbaraga ze ashaka gukura azakomeza abe igikuri"

-Benshi batekereza ko kuvuka mu buryo bw'umwuka bituruka ku Mana, ariko nabo ari urwabo ruhare gukuza imibereho yabo muby'umwuka. "Abantu benshi ni abibwira ko bagomba gukora umugabane umwe w'uwo murimo ubwabo.
Biringira Yesu kubyerekeranye no kubabarirwa ibyaha byabo, ariko nyuma bagashaka gukora icyiza bakoresheje imbaraga zabo. Iherezo ry'igerageza iryo aririyo ryose ni ugutsindwa. Yesu aravuga ati: "Mutamfite ntacyo mubashagukora"

"Ugukurira mu buntu kwacu, ibyishimo byacu,ukuba ingirakamaro kwacu, byose biterwa n'uko twomatanye n'umukiza. Ni mugushyikirana nawe buri munsi, buri saha, ndetse ni mu kuguma muri we buri munsi, buri saha, ndetse ni mu kuguma muri vers we dushobora gukurira mu buntu. Ntabwo atanga kwizera gusa, ahubwo ni nawe ugusohoza" Kugana Yesu,p.55.

-Mbese intego yawe yaba ari iyo kugera kurugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo? Efeso4:13. Ntabwo muzabigezwaho no kwinaganika kumugozi uwo ariwo wose w'urugero rw'iby'Umwuka.

Uko twakoresha imbaraga zacu kose, ntidushobora gukurira mu buntu kuko imbaraga zacu zidashyitse. Gukura ni impano. Iyo mpano tuyihabwa kubwo komatana na Yesu, dushimangira umubano wacu nawe.Abantu ntibashobora na rimwe kuzigeza kubyo Imana yasezeranye kubaha.

-Mbese rimwe na rimwe ujya wibaza niba ukura? Hariho uburyo bumwe budashobora kwibeshywaho bwo kubimenya. Tekereza ibyo urya! Iteka gukura biterwa nibyo urya.

### *IHAME RYA 69: ABAKRISITO BAKOMEZWA NO KUMENYA INTEGE NKE ZABO.IYO TWIYUMVAMO INTEGE NKE NIBWO TUBA TURI ABANYAMBARARAGA*

Bill(soma Bili) yagiye ahura n'ingorane nawe ubwe atari yiteze. Na muganga we nawe byaramutangazaga akazunguza umutwe yitegereje mu maso h'umurwayi we hagaragaza umubabaro n'amaso ye yuzuye amaraso. Bili abaza muganga ati: "Ndakeka ko ntakizere ku byerekeranye n'uburwayi bwanjye. Si byo se Muganga?
-Yego ni byo koko.
-None ni kuki utampa ikindi kirahure ngo ninywere n'ubundi ko ari ha handi?
Muganga aramusubiza ati: "Nabyumvise ariko reka ngusabe umurimo ubanza kunkorera" Bili aramusubiza ati "Ni uwuhe?" Muganga aramusubiza ati: "Hari umusore umwe uje hano bwa mbere ari mu mpera y'ikirongozi. Nubwo wowe nta kindi kintu mbasha kugukorera, we birashoboka ko ahinduka. Ndifuza rero ko ujya mu cyumba cye maze ukamuha amahirwe yo kukureba; ni cyo ngusaba gusa.Birashoboka ko amaze kukwitegereza, yazinukwa inzoga by'iteka ryose. Bili aremera ajya mu cyumba cy'uwo musore nawe wari waje mu bitaro ku mpamvu z'inzoga yari yaranyoye.

Bili yabyemeye agamije gusa kwibonera ikindi kirahuri cy'inzoga. Nuko atangira kuganira n'uwo musore, maze aramubwira ati : "Wikonona ubuzima bwawe! Nyitegereza. Nabuze umuryango wanjye nta n'agace na gato k'icyubahiro gikwiriye umuntu ngira. Nta nshuti nimwe nta n'akazi ngira ubuzima bwanjye bwarangiritse. Ku byerekeranye n'uko bamvuga hanze, ni agahomamunwa! Mbese ushaka kugira iherezo nk'iryanjye?"
Uwo musore aramusubiza ati: "Ntabwo nzigera mera gutyo. Mfite ubushobozi bwo guhagarika kunywa inzoga igihe mbishakiye." Bili aramusubiza ati: "Nanjye niko nibwiraga ariko siko biri. Sinashoboraga kwifata. Sinashoboraga kubyikuramo. Kugira ngo gusa ndeke kunywa ni uko Imana yampa imbaraga. Kandi nawe ni uko. Nta mbaraga ufite zo kureka inzoga. Iyo uba uzifite ntuba uri hano. Ugomba kwiga kwisunga imbaraga z'ijuru.

Bili yakunze kenshi gusubira ku bitaro nyuma y'uwo munsi ariko atajyanwe no kwivuza. Ntabwo yongeye na rimwe kujya kwaka Muganga ikirahure yari yaramusezeranije. Ahubwo yajyagayo agiye kuganira n'abari barabaswe n'inzoga. Iri ni ryo ryabaye itangiriro ry'ishyirahamwe rigira inama abasaritswe n'inzoga (Muri Amerika). Icyo Bili yabashije kuvumbura yaganiraga n'uwo musore n icyo hame shingiro ry'iryo shyirahamwe ryabo na bugingo n'ubu. Umuntu wese wabaswe n'inzoga, agomba kumenya ko afite icyo akeneye kihutirwa. Batangira bamwigisha kuvuga ngo: "Ndi umuntu wabaswe n'inzoga." Maze bakamwibutsa buri gihe ko agomba kwishingikiriza ku mbaraga yo mw'ijuru niba ashaka kuva muri ubwo bubata. Iyo yemeye kandi akamenya ko ari umunyantege nke, ni bwo abona imbaraga akeneye.

Buri wese muri twe ashobora guhamya ati: "Ndi umunyabyaha" Nk'abakrisito, tugomba kwemera ko mu gukura kwacu, tutagenda tuba abanyambaraga. Dukura gusa iyo buri munsi tugenda tumenya uburyo turi abanyantege nke cyane, n' uko dukenye kwisunga ubuntu bw'Imana. N ibyo Pawulo yavuze mu 2 Abakorinto12:10 aho agira ati: "Kuko iyo mbaye umunyantege nke, aribwo ndushaho kugira imbaraga" "Kwiyumvamo intege nke, bidutera kwishingikiriza ku yindi mbaraga itaba muri twe" Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p 490)

Uku kuri kwababaza abanyambaraga. Ababoneye umutekano mu ngeso nziza ndetse n'imico mbonera bihaye; kubita abanyantege nke, birababaza. Ariko rero umuntu ukomeye cyangwa se ubyiyumvamo nta na rimwe ajya yumva akeneye umucunguzi. Twabyemera cyangwa se ntitubyemere, twabimenya cyangwa se ntitubimenye, buri wese muri twe ni umunyantege nke. Ni ku bwo kumenya gusa ko turi abanyantege nke, dushobora gushakashaka imbaraga itaba muri twe kandi iturenze. "Tuba abanyambaraga igihe dusobanukiwe kandi tukemera intege nke zacu." Ibihamya (Testimonies Vol.5 p70)

Mbese urumva uri umunyambaraga? Ntushobora gukomeza keretse gusa uvomye imbaraga muri Yesu. Mbese urumva uri umunyantege nke? Dore rero inkuru nziza kuri wowe: "Aho intege nke ziri ni ho imbaraga zanjye zuzurira" 2Abakorinto 12:9
Uko wakumva uri umunyambaraga kose, imbaraga zawe nyakuri zizakomoka gusa mu kwemera intege nke zawe. Uko waba uri umunyantege nke kose ushobora kuba umunyambaraga muri Yesu.

### *IHAME RYA 70: DUSHOBOZWA BYOSE NA KRISTO UDUHA IMBARAGA ARIKO NTACYO TWAKORA TUTAMUFITE*

Mu ishuri twari dufite isomo rivuga ibyo gutsindishirizwa ku bwo kwizera Kristo wenyine.Twasomye amasomo abiri: Yohana 15:5 n'Abafilipi 4:13 ahavuga ko nta cyo twabasha gukora tutamufite, ariko tumufite byose birashoboka. Mu mpaka zakurikiyeho, abanyeshuri bamwe bavuze ko bari babujijwe amahoro n'isomo ryo muri Yohana 15:5. Umwe muri bo arabaza ati: " Niba nta cyo twabasha gukora tudafite Kristo, ibyo ntibitwaka agaciro kacu ko kuba abantu? Mbese ntitwaremwe ku ishusho y'Imana ? Mbese ntidufite uburenganzira bwo kwihitiramo? Biragaragara ko nta bushobozi dufite bwo guhitamo niba nta cyo tubasha gukora tutamufite"

Natwe twibanze ku itandukaniro hagati y'ibintu bibiri: Kutagira agaciro no kuba abatagize icyo bashoboye. Twizimbye kuri iki kintu. Nubwo tudashobora kwigeza ku gukiranuka, dufite agaciro katarondoreka mu maso y'ijuru. Ubwo nibwo umusore wari mu nguni y'ishuri yashyize ukuboko hejuru arabaza ati: "Kuki byoroshye kwemera ko nta gaciro dufite ariko bigakomera kwemera ko ntacyo dushoboye?"

Mbese akenshi wiyumva ute? Nt agaciro ufite cyangwa nta cyo ushoboye? Ikizwi neza ni iki: Satani yafashe ukuri kose maze akora uko ashoboye kose ngo akugoreke. Imana iravuga iti: "Mufite agaciro gakomeye ariko mutamfite nta bushobozi mufite" Ku ruhande rwa Satani wemeza agira ati: "Ntimukwiriye. Ahubwo mukore ibishoboka byose muhinduke ahari umunsi umwe mu buryo bumwe cyangwa ubundi muzagira agaciro runaka"

Imwe mu mpungenge zikunze kuvugwa ku cyigisho cyerekeranye n'agakiza kabonerwa mu kwizera Kristo wenyine ni uko hashobora kuvamo idini: "Kudakora" Abenshi baterwa impungenge no kwemera ukwizera "kudakora", kwahwana no kudakora na gato. Iyo barebye bike babashije kugeraho mu myaka isigaye inyuma yabo, igihe bashyiragaho imbaraga nyinshi ngo bakiranuke, bahita bafata umwanzuro ko nibarekeraho kurwana nta cyo bazageraho. Ahubwo rero ikinyuranyo cy'ibyo ni cyo kuri. Aho kugira ngo tubone ko gukura kwacu kuzagwabira igihe duhagaritse umuhati wacu wo gushaka gukora, tuzabona ko ahubwo ari cyo gihe gukura nyakuri kuba gutangiye. Ubutumwa bwa Yesu ntibugarukira gusa kubyo yavuze muri Yohana 15:5, aho tubwirwa ko tutamufite ntacyo twabasha gukora, ahubwo yanatugejejeho iyi nkuru nziza: Ko dushobozwa byose na We.

Mu gitabo Rengera ubuzima (Ministère de la guérison p 138) Tubonamo aya magambo: “Umuntu wiyibagirwa, akemerera Umwuka Wera gukorera mu mutima we ndetse akiyegurira Yesu atizigamye, nta mumaro atabasha kugeraho” Bibiliya yuzuye amateka y’abagabo n’abagore babagaho bishingikiriza gusa ku Mana mu buryo bwuzuye. Mbese nta cyo bakoraga? Nibyo, mu buryo bwo kwishingikiriza ku mbaraga zabo nt cyo bakoraga. Ntiwibagirwe urugero uwo muntu udakora ashobora kugeraho mu gukora.

Hashize imyaka myinshi nkusanya amateka y’abantu bo mri Bibiliya basa nk’aho bakoze iby’ubupfapfa. Mbese mwibuka ibya Yonatani n’uwamutwazaga intwaro biyemeza guhangana bonyine n’ingabo z’Abafilisitiya? None se tuvuge iki kuri Yosuwa wibwiraga gufata umujyi wa Yeriko akoresheje gusa kuwuzenguruka buri munsi mu gihe cy’icyumweru? Cyangwa se ubwo yategekaga izuba guhagarara mugihe yabonaga ko ari ngombwa ko haba amasaha make y’inyongera kugirango arangize urugamba? Nta n’ubwenge bugaragaramo mu birebana n’amayeri y’intambara! Kubona Gidiyoni asubizayo 99 ku ijana (99%) by’ingabo ze nyuma akabona agatera umwanzi yitwaje ibibindi n’imuri!

Eliya nawe yakoze iby’ubupfapfa ubwo yamenaga amazi ku gicaniro cy’Uwiteka ku musozi Karumeri aho kugira ngo yorohereze Imana akazi. Ibya Yehoshafati byo ni agahomamunwa! Umuntu washyize imbere umutwe w’abaririmbyi agiye ku rugamba! Iyo umwe muri izo ntwari za Bibiliya aza kuba yishingikirije ku mbaraga ze aho kwishingikiriza ku mbaraga z’Imana yari kuba abaye ikigoryi cyangwa yiyahuye! Ariko rero igihe intege nke z’umuntu zomatanye n’imbaraga z’Imana, Imana ikoresha abantu nk’abo ngo isohoze ibidashoboka. Igihe rero Imana iduhamagarira kuyishingikirizaho rwose, iyo idusaba kumenya ko tutayifite nta bushobozi tuba dufite, nta bwo iba iduhamagarira kuba imburamumaro. Kubera ko ubuzima buyobowen’Imana, ubwo ni cyo gihe cyonyine waba ufite akamaro n’ubushobozi.
Ni ubuzima, imibereho ikura ikera n’imbuto.

Ubwo bugingo bushobora kuba ubwawe niba wibuts eko utamufite nta cyo wabasha gukora, ariko noneho uri kumwe nawe byose birashoboka; ariko gusa igihe ukomeje kugirana na we umubano uhamye kandi uhoraho.

## *ICYIGISHO CYA 14:GUKURA*

1.Mbese gukura ni ngombwa ku mukristo?
”Kugira ngo tudakomeza kuba abana, duteraganwa n’umuraba, tujyanwa hirya no hino n’imiraba yose y’imyigishirize, n’uburiganya bw’abantu n’ubwenge bubi bw’uburyo bwinshi bwo kutuyobya; ahubwo tuvuge ukuri mu rukundo, dukurira muri we muri byose. uwo niwe mutwe, ariwo Kristo” Abefeso 4:14,15
2.Ni iki gifasha umukrisito gukura?
”Ahubwo mukurire mu buntu bw’Imana no kumenya Yesu Krisito Umwami wacu n’Umukiza”
2 Petero 3:18
3.Ni gute twakira ubwo buntu?
”Nuko rero twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe, tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye” Abaheburayo 4:16.

**DUKURIRA MU BUNTU, KANDI UBUNTU NI IMPANO. BITYO RERO GUKURA NI IMPANO Y’IMANA**
4.Ni ubuhe buryo bufasha umuntu kumenya Yesu Kristo?

”Mumere nk’impinja zivutse vuba, mwifuze amata y’umwuka adafunguye, kugira ngo abakuze abageze ku gakiza” 1.Petero 2:2

Impugukirwa:Dukura biturutse mu kwiga ijambo ry’Imana no gusenga buri wese kugiti cye.

5. Ni uwuhe mugani Yesu yakoresheje kugira ngo agaragaze gukura kwa gikirisito?
”Ubutaka bwimeza ubwabwo. Ubwa mbere habanza kuba ubwatsi maze hanyuma hakaba imigengararo hagaheruka amahundo afite imbuto” Mariko 4:28

Impugukirwa:Abadakura bazapfa.

6. Mbese kwizera kwacu muri Yesu kugomba gukura?
”Dukwiriye kubashimira Imana iteka bene Data nk’uko bikwiriye kuko kwizera kwanyu kugwira cyane n’urukundo rw’umuntu wese muri mwe mukundana rugasaga.2Abatesalonike1:3.
7. Mbese kwizera kwiyongera mu bwinshi cyangwa mu bwiza?
”Maze intumwa zibwira umwami ziti: ” Twongerere kwizera” Yesu arabasubiza ati :”Mwagira kwizera kungana n’akabuto ka sinapi mwabwira uyu musozi muti: randuka uterwe mu nyanja na wo wabumvira.” Luka 17:5,6

**KWIZERA KWIYONGERA MU BWINSHI NTABWO ARI MU BWIZA. UKO KWIYONGERA GUKOMOKA MU GUKOMEZA KWISUNGA IMANA**
8. Mbese dushobora gukoresha umwete wacu ngo dukure?
”Ninde muri mwe wiganyira wabasha kwiyungura umukono n’umwe?”Matayo 6:27
”Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi uko bumera, ntibugira umurimo, ntibuboha imyenda; kandi ndababwirako Salomo mu bwiza bwe bwose atarimbaga nk’akarabyo kamwe mur ibwo” Matayo 6:28-29

**NTABWO UMUNTU AKURA ARI UKO ASHYIZEHO UMUHATI NGO AKURE**.
9. Ni iki twakora ngo dukure kandi twere imbuto?
”Mugume muri jye nanjye ngume muri mwe. Nk’uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu; niko namwe mutabibasha mutagumye muri jye  Yohana15:4
10.Mbese haba hari itandukaniro mu buryo bwo kujya kuri Krisito no kuguma muri we?
”Nuko rero nk’uko mwakiriye Krisito Yesu Umwami wacu,abe ariko mugendera muri we” Abakolosayi 2:6
11.Mbese Krisito azigera atandukana natwe?
“Ninde wadutandukanya n’urukundo rwa Krisito? Mbese n’amakuba cyangwa n’ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni inkota........? Kuko menye neza y’uko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo cyangwa abamarayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizabaho, cyangwa abafite ubushobozi.......,cyangwa ikindi cyaremwe cyose kidashobora kudutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri Krisito Yesu Umwami wacu.”Abaroma 8:35-39
12.Mbese twe dushobora kwitandukanya na Kristo?
“Ishami ryose ryo muri njye ritera imbuto arikuraho, iryera imbuto ryose aryanganyaho amahage yaryo ngo rirusheho kwera imbuto. Umuntu utaguma muri njye ajugunywa hanze nk’ishami ryumye, barayateranya bakayajugunya mu muriro agashya.” Yohana 15:2-6.

**UWITEKA NTAZIGERA ATUREKA; AHUBWO NITWE DUSHOBORA KUMUVAHO.**
13. Mbese muri kamere yacu turi abanyambaraga cyangwa turi abanyantege nke?
“Mube maso musenge mutajya mu moshya. Umutima niwo ukunze ariko umubiri urananiwe” Matayo 26:41

"Kuko iby'amategeko yananiwe gukora kubw' intege nke za kamere yacu, Imana yabisohoje ubwo yatumaga umwana wayo afite ishusho y'ibyaha kuba igitambo cy'ibyaha, icira ibyaha bya kamere ho iteka."Abaroma 8:3

14.Mbese hari icyo Imana iteganyiriza abanyantege nke?

- Dore wigishaka benshi kandi wakomezaga amaboko atentebutse" Yobu 4:3
- N'umunyantege nke nawe ahige ko ari intwari" Yoweli 3:3-10
- Mbese mvuge kindi ki? Igihe cyandenga mvuze ibya Gidiyoni na Balaki n'ibya Samusoni n'ibya Yefuta n'ibya Dawidi n'ibya Samweli n'iby'abahanuzi. Baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka no guhabwa ibyasezeranijwe, no kuziba iminwa y'intare no kuzimya umuriro ugurumana cyane, no gukira ubugi bw'inkota no gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari mu ntambara no kunesha ingabo z'abanyamahanga" Abaheburayo11:32-34

15. Ni iki cyatugaruramo imbaraga?

"Ariko arampakanira ati: Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzurira. Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye ngo imbaraga za Kristo zinzeho. N icyo gituma ku bwa Krisito nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago. Kuko iyo mbaye umunyantege nke niho ndushaho kugira imbaraga"
2 Abakorinto 12:9-10

"Ndababwira ukuri y'uko nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato ntimuzinjira mu bwami bwo mu ijuru"Matayo 18:3

**ABAKRISTO BAKOMEZWA NO KUZIRIKANA KO ARI ABANYANTEGE NKE. IYO TUBAYE ABANYANTEGE NKE, NIBWO TURUSHAHO KUGIRA IMBARAGA.**

16. Mbese ibyo ntibyaba ari ubupfapfa mu maso y'abanyambaraga?

"Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi kugira ngo ikoze isoni abanyabwebge; kandi yatoranije abanyantege nke mu isi ngo ikoze isoni abakomeye" 1Abakorinto1:27

17.Ni iki Kristo yakoreye abari abanyantege nke?

"Tukiri abanyantege nke mu gihe gikwiriye Krisito yapfiriye abanyabyaha" abaroma 5:6

18.Ni nde Soko y'imbaraga zacu?

"Numva ijwi rienga rivuga mu ijuru riti:Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi bw'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo: Kuko umurezi wa bene Data ajugunywe hasi wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu. Nabo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo,ntibakunda amagara yabo ntibanga no gupfa" Ibyahishuwe 12:10-11;Abafilipi 4:13;Abefeso 3:16;Yohana 15:5.

**DUSHOBOZWA BYOSE NA KRISTO UDUHA IMBARAGA; ARIKO ATARI KUBWE NTA KINTU NA KIMWE TWASHOBORA.**

Amakosa uku kuri kwagombye gukosora

- Dushobora kubaho turi abakristo ariko tudakura;
- Dukura dukoresheje umuhati wacu ngo dukure;
- Dushobora gukoresha imbaraga zacu tugakura tutisunze KRISTO;
- Tugomba kuba intungane kugira ngo tube abakristo.

Amahame uku kuri gushyigikira

- Ukwizera kwiyongera mu bwinshi si mu bwiza uko kwiyongera gushingiye ku gikorwa cyacu cyo gukomeza kwisunga Imana
- Ntabwo dukoresha imbaraga zacu kugira ngo dukure

- Abakristo bakomezwa no kumenya intege nke zabo. Iyo twiyumvamo intege nke tuba turi abanyambaraga.
- Dushobozwa byose na Kristo uduha imbaraga, atari kubwe nta kintu dushobora gukora

## UMUSHYIKIRANO N'IMANA

### *IHAME RYA 71: SATANI NTA BUSHOBOZI AFITE BWO GUCUMUZA ABIRINGIRA IMANA. NYAMARA ABIYIRINGIRA ABACUMUZA BIMWOROHEYE.*

Mwaba mwarumvise inkuru y'umukecuru wubahaga Imana utaragiraga ikintu anenga umuntu uwo ari we wese. Umunsi umwe umwizera wo mu Itorero rye bimurenze avuga cyane yeruye ati "Ndahamya yuko hari icyo ushimira Satani". Umukecuru nawe aramusubiza ati: 'Uko biri kose nanjye nzi neza ko ntakwibuza gushima kutarambirwa kwe!' Nanjye nakongeraho ko Satani yaba yaraminuje mu buhanga bwo gushuka abantu.Yabikoze ibinyejana byinshi kandi ahora yiyungura ubuhanga. Azi imiterere y'ubwonko bwacu, azi uburyo bwo kudukina akatubeshya, akatuyobya, maze akatugeza ku kwemera ibishuko bye. Niyo mpamvu nyine hatabayeho Umwuka Wera w'Imana ngo amukumire,nta mahirwe yo kumucika twaba dufite.

Ariko iyo twishingikirije ku bushobozi bw'Imana ,umwanzi niwe umwara kandi nawe arabizi. "Umuntu wese uguma muri we ntakora ibyaha.1Yohana 3:6" Intambara ikomeye (La Tragédie des siècles p.578), naho hasobanura neza aya magambo: "Satani azi neza ko imbaraga zose z'ingabo z'umwijima zidashobora kugira icyo zitwara umunyantege nke kurusha abandi ariko wishingikiriza kuri Yesu kandi ko nubwo zamuhagurukira atazabura kuzinesha. Nubwo yihishanye n'ingobo ze akoresha ubucakura ngo akure ingabo z'umusaraba mu gihome cyazo." Niba satani azi ko umunyantege nke kurusha abandi muri twe, ari uri muri Kristo, nta ko bisa ko natwe ubwacu twasobanukirwa n'icyo kuguma muri Kristo ari cyo.

Mbese ijambo kuguma muri Kristo risobanura iki? Ntakindi rivuga uretse guhama hamwe, kugundira cyangwa se kwisunga Kristo. Satani rero aziko umunyantege nke kurusha abandi wisunga Kristo arushya cyane imbaraga ingabo z'umwijima. Ariko bitera ikindi kibazo. Twabonye ko bitwara igihe kugira ngo tubashye gukura, kandi ko kwiyegurira Imana gutangirana no guhinduka kenshi na kenshi gushobora kuba ari imibereho idahamye, itaramba, mu gihe twiga kumenya Imana umunsi kuwundi no kurushyaho kuyiringira.

Hari ubwo tuyihangaho amaso tukayishingikirizaho maze tugatsinda. Ariko nanone hari ubwo tuyikuraho amaso, maze tukishingikiriza gusa ku mbaraga zacu bwite; bityo tugacika intega tukagwa tugacumura.

Ni ngobwa rero kumenya gutandukanya umushyikirano w'uburyo bubiri Bibiliya itubwira.Tuzabwiga neza mu mahame akurikira ariko muri make, hari gusabana na Kristo kwa buri munsi no kumwiyegurira buri kanya kubwo kwishyingikiriza ku mbaraga ze.

Twibwira ko turamutse tugiranye nawe umubano umunsi ku wundi twagira imibereho ihora inesha. Nyamara birashoboka rwose guhabwa ubushobozi bwose bwo kunesha icyaha no gutsinda kose no kumvira kose itanga igihe cyose uzaba ucyishingikirije ku mbaraga zayo. Ariko igihe cyose uzakura amaso kuri Kristo, maze ukihatira guhagarara wishingikirije ku mbaraga zawe nazo zitagira uko zingana; uzagwa, uzatsindwa, uzacumura. Ninako bizagenda niyo wabana n'Imana umunsi ku wundi ukamara imyaka199 n'amezi 6! Ibyo nibyo byabaye kuri Mose. Yari yaramenye Imana, yari yaravuganye nayo nk'inshuti, amaso ku maso. Yari yarakuye ubwoko bwa Isirayeli mu Egiputa ari

hafi rwose kubugeza ku ngabano z'igihugu cy'isezerano. Ariko umunsi umwe ategera amatwi ibyongorero bya satani washakaga gukura amaso ye kuri Kristo, maze ashaka kwirengera iby'urwo rugendo wenyine. Aba ararakaye maze ashaka kwiyegurira icyubahiro cyari gikwiye Imana yonyine yibuka yakubise igitare aho kukibwira gusa.

Niba hari ubwo wibuka "wakubise  igitare" mu buryo ubwo ari bwo bwose mu mibereho yawe, ushobora kwemera neza ko mu buryo bumwe cyangwa ubundi, icyo gihe, uba waretse kwishingikiriza ku bushobozi bw'Imana maze ukishingikiriza ku mbaraga zawe bwite. Niwiga kuguma muri Kristo buri kanya uko waba uri umunyantege nke kose, bona nubwo waba hanyuma y'abandi bose Umwanzi ntazakugiraho urutabi.

***IHAME RYA 72: GUSHYIKIRANA N'IMANA BURI MUNSI BIGIRA INGARUKA YO GUHORA UYIYEGURIRA, KWISHINGIKIRIZA BURI KANYA KU MBARAGA ZAYO.***

Tekereza uramutse uri mucyuma kizamura abagenzi ugana ku igorofa ya nyuma y'inyubako ya World Trade Center(soma welidi teredi senta). Mu gihe icyo cyuma gikomeje kuzamuka ntakibazo ukunama ushaka gufunga imishumi y'inkweto zawe, ukanyerera ukagwa. Muby'ukuri waguye warimo uzamuka!


Cyaba ahari ari ikigereranyo gito cy'ubwoko bubiri bw'imishyikirano tugirana n'Imana. Dushobora kuyisanga buri munsi kandi tukabana nayo none n'ejo bityo bityo. Uwo mushyikirano wa buri munsi niwo uha urubugaUwiteka ngo ayobore intambwe zacu. Nituguma muri we umunsi kuwundi, tuzaba twerekeza mumpinga. Duhitamo gutandukana n'Imana cyangwa se kugumana nayo buri munsi igihe dufata icyemezo cyo kureka cyangwa gufata isaha yo kwitegereza no gutekereza imibereho ya Yesu, dusenga  kandi tumushakaho ikiruhuko. Igihe cyose tumusanga kandi tugasabana nawe buri munsi, tumurarikira gutura mubugingo bwacu tuba twerekeza mumpinga.

Nyamara bikomerera abakristo benshi kumva ko n'ubwo bamaze kwiyemeza gusabana na Kristo buri munsi bishoboka ko bamukuraho amaso bakayihangaho. Ubwo nibwo bananirwa bakagwa mu cyaha. Ni cyo kiduteye kuvuga ubwoko bwa kabili bw'umushyikirano: Kwiragiza buri kanya ubushobozi bw'Imana. N'igihe umushyikirano wa buri munsi utarogowe, kwiragiza ubushobozi bw'Imana kwa buri kanya gushobora kubaho nabi kukaba nk'imbonekarimwe.

Mu gutangira reka turase ku ntego tuvuge ko umushyikirano tugirana n'Imana ari wo uha ubuzima bwacu icyerekezo n'iherezo ryacu. Dusoma mu gitabo Kugana Yesu, P.45: imirimo myiza cyangwa imirimo mibi igwiririye umuntu si yo igaragaza imico ye.


Bityo rero ni nako kwishingikiriza ku Mana buri kanya ari nabyo byerekana gutsinda cyangwa gutsindwa kw'imibereho ya gikristo. Igihe cyose duhanze amaso kuri Yesu, tukishingikiriza k'ubushobozi bwe, tuba abaneshi. Igihe cyose twihangaho amaso tukiringira imbaraga zacu bwite turatsindwa. Bitewe n'uko turi abanyambaraga cyangwa abanyantege nke, gutsindwa kwacu kubera imbere gusa cyangwa se kukaba uko imbere n'inyuma. Iyo turi abanyambaraga inyifato yacu y'inyuma igaragara neza. Ariko turagwa,tugatsindwa maze tugacumura mu mutima. Iyo turi abanyantege nke, gutsindwa kuba uko imbere n'inyuma. Ariko niba twiyiringira aho kwiringira ubushobozi bwa Kristo, uko byamera kose tuzagwa, tuzatsindwa, kandi ducumure.

Tugerageje guca umurongo werekana uko imibereho ya gikristo iteye twabikora dutya:



Aha biragaragara ko imibereho y'umuntu ugirana umushyikirano na Yesu buri munsi ifite icyerekezo rusange kizamuka bona n'ubwo yabonekwaho no gutsindwa kumugwiririye.


Ariko umukristo utabana na Kristo buri munsi, umurongo w'ubuzima bwe ugaragara utya:



Muri icyo gihe, hari ubwo ashobora gusanga Imana ariko icyerekezo rusange cy'imibereho ye kiba kimanuka.


Iyo umukristo yomatanye na Kristo buri munsi, umukiza agenzura icyerekezo cy'ubuzima bwe. Iyo umukristo adafitanye uwo mubano na Kristo, Satani niwe ugenzura icyerekezo cy'imibereho ye.

Abantu benshi bakunda kwibaza bati:"Ninde uba ayobora ubuzima bw'umuntu mugihe habayeho gucika intege, n'ubwo umurongo ugaragaza icyerekezo rusange cy'ubuzima bwe waba uzamuka?



Igisubizo ni iki : Satani ni we utegeka igihe cyose dukuye amaso yacu  kuri Kristo tukareka kwishingikiriza ku bubasha bwe. Mu by'ukuri iyo dukoze icyaha umwanzi niwe uba uyobora. Ariko birashoka ko umwanzi akomeza kwima mu bugingo bwacu bwa none nyamara Imana ikomeje kubuyobora mu cyerekezo kizamuka. None se iyo bigenze bityo ni iki gituma Imana ikomeza kuyobora ubugingo bwacu? Nta kindi keretse umushyikirano wacu dukomeza kugirana nayo buri munsi.

Umugambi w'Imana ni ukutuyobora vuba, nk'uko bishoboka kose, k'urugero tuzageraho tukayimenya kandi tukayiringira nk'uko bikwiye, kuburyo tutazongera kuyivaho na rimwe bona n'ubwo byaba akanya gato. Ubwo nibwo ubuzima bwacu buzagaragara nk'uko uyu murongo ubyerekana.



***IHAME RYA 73 : KWIREBAHO BITERA BURI GIHE GUTANDUKANA N'IMANA KANDI BIGACA IMIRUNGA YO KUYISHINGIKIRIZAHO GUHORAHO.***

Wibuka igihe watangiraga kwiga imodoka? Hari ibintu byinshi wagombaga kuzirikana! Wagombaga kureba ku gipimo cy'umuvuduko w'imodoka ari nako ugomba kureba ku gipimo cya lisansi, ukareba mu ndererwamo zikwereka ibiri inyuma. Ukitegereza imbere umuhanda n'ibyapa ugatera n'akajisho ku zindi mbonerahamwe zikwereka uko ibice bimwe na bimwe by'imodoka birimo gukora mu gihe igenda, ukagenzura izindi modoka zigukurikiye, kandi ukanategera amatwi amabwiriza mwarimu wawe aguha!

Birashoboka rero ko utwarwa n'ibyo byose kugeza n'ubwo wibagirwa ikintu kirusha ibindi kuba ingenzi: Gutumbira aho ujya! Iyo udahanze amaso aho ugiye, ntugera aho washakaga kujya.

Mu gitondo kimwe nazindutse nigisha umukobwa wanjye imodoka, ubwo twagendaga twakase ikoni twibona mu busitani bw'urusengero! Mu by'ukuri aho siho nari nateganije ko turi bunyure! Maze dusubira inyuma ngo twongere tugerageze. Kandi igihe kigeze umukobwa wanjye amenya gutwara imodoka abona n'uruhushya rwo gutwara imodoka. Nyamara hari icyo ngira ngo mbabwire: Kugira urwo ruhushya ntibihagije kugira ngo ubeuzi gutwara imodoka neza. Uramutse wemeye kurangazwa n'imisozi imodoka ziri mu muhanda na za mbonerahamwe z'imodoka ntiwatinda kwibona munsi y'umuhanda.Kwireba muri za ndorerwamo zikwereka ibiri inyuma, aho guhanga amaso mu muhanda bishobora kugulururira mpanuka.

Iyo tumaze guhinduka abakristo hari ubwo duhura n'ingorane nk'iz' umushoferi utabimenyereye. Tugatwarwa n'urwo rusobe rw'ibintu byitwa ko ari ngombwa. Tukirebaho ubwacu kugirango turebe uburyo twakwivana muri izo ngorane maze tukagenzura abandi bizera ngo turebe uko bahagaze mu rugendo rwabo. Ibyo tubona, ibyishimo n'ibigeragezo byo muri ubu buzima, bizibiranya gushishoza kwacu maze tukibona twataye inzira y'iby'umwuka tukibona mu rwobo. Ni ihame ridakuka ko igihe cyose dukuye amaso kuri Kristo tukayahanga ku kindi kintu icyo aricyo cyose ntakabuza turazimira.

"Iyo umutima w'umuntu wimitse inarijye, utandukana na Yesu kandi ariwe Soko y'imbaraga zose n'ubugingo. Aho niho Satani akomeza guhatanira kurangaza uwo muntu ngo atazongera kureba k'Umukiza ukundi, bityo wa mubano umuntu yagiranaga na Kristo ikaba ivuyeho. Kugana Yesu(Vers Jésus p. 71).
Igihe cyose umwanzi abashije gutuma dukura amaso kuri Kristo turagwa, tugatsindwa, tukanacumura. Tugomba guhanga amaso yacu ku Mana kandi igihe cyose dukomeje kuyihanga amaso tuba amahoro. Ariko iyo twirebaho aho kureba ku Mana, tuba twishyize mu mwanya wayo. Kandi " Iyo umuntu yigabije umwanya wari ugenewe Imana yonyine, aba yageze rwose aho Satani yishimira kumubona" Urwibutso n'integuza(Review and Herald January 3rd,1899).

Petero yatahuye iryo hame mu bihe bigoye. Tubisanga mu nkuru tubona muri Matayo 14:28-30. Uwo munsi, Yesu yari yahagije abantu ibihumbi bitanu; bari hafi kuvuga ko ijuru ryamanukiye isi. Ariko mu gihe bamwe babonaga ko noneho igihe kigeze cyo gushyiraho ubwami bushya, Yesu yohereza abigishwa be hakurya y'inyanja, bagenda bamurakariye kurenza ikindi gihe. Umuraba uraza maze abigishwa bagira ubwoba bwo gupfa. Ariko Yesu arabasanga aza agendesha amaguru hejuru y'amazi.Nibwo Petero yamubazaga ati:" Mwami niba ari wowe untegeke nze aho uri ngendesha amaguru hejuru y'amazi. Yesu aramubwira ati:"Ngwino!" Petero ava mu bwato agendesha amaguru hejuru y'amazi asanga Yesu. Ariko abonye umuyaga ko ari mwinshi,aratinya, atangiye kurengerwa arataka ati: Databuja nkiza!"

Igihe cyose amaso ye yari kuri Kristo Petero yari amahoro. Ariko ubwo yarebaga umuraba, agahindukira akareba n'ubwato ngo ahamye ko na bagenzi be bamubonye yatangiye kurengerwa.

Mu gice kibanza, nababwiye uburyo bubiri bwo gushyikirana: Umushyikirano wa buri munsi no kwishingikiriza ku Mana buri kanya. Iyo dukuye amaso yacu kuri Yesu si umushyikirano wacu wa buri munsi uba urogowe, ahubwo ni ukwishingikiriza ku Mana kwacu kwa buri kanya kuba gutokowe. Iyo tuguye tugacumura tugomba gusanga Kristo kugirango tubone kwihana no kubabarirwa.

Ariko ibyo Imana yaduteganirije by'iteka ryose ntidushobora kubinyagwa kubera gusitara by'akanya gato. "Niba umuntu ubana n'Imana buri munsi (Umushyikirano wa buri munsi) atandukiriye inzira itunganye, agakura amaso kuri Yesu (Kwishingikiriza ku Mana kwa buri kanya); ntaba acumuye ku bushake; kuko iyo abonye igicumuro cye, ahindukira akongera guhanga amaso kuri Yesu, kuba

yaratandukiriye, ntubituma rwose aba uw'agaciro gake mumaso y'Uwiteka Imana" Ellen G. White, Urwibutso n'Integuza (Review and Herald 12/04/1896).

**IHAME RYA 74: IMANA NTIYATANDUKANA NA TWE. ARIKO TWEBWE DUSHOBORA GUFATA ICYEMEZO CYO GUTANDUKANA NA YO.**

Imana ntijya isaba ubutane! Yatwemereye kubikora iyo umufasha wacu aciye mu masezerano yo gushyingiranwa; nyamara n’iyo abana bayo bayihemukiye, ibihe byinshi, umwami Imana ntabwo ajya akoresha ubwo burenganzira. Si Imana ahubwo ni umuntu uca umubano hagati ye n’Imana.

Isezerano ry’Imana ku bwoko bwayo ryakomeje kuba iri ngo:”Sinzagusiga na hato,kandi ntabwo nzaguhana na hato” Abaheburayo 13:5.

Mu mateka y’abisiraheli dusanga ko Imana yagiye igira akenshi impamvu zo kureka abana bayo. Bahoraga bayihemukira. Ntabwo bishe gusa amategeko yayo yatangarijwe kuri Sinai akandikwa n’ukuboko kwayo, ahubwo banaguye mu mutego wo gusenga ibigirwamana bibagirwa Imana y’ukuri yonyine yari yarababatuye mu buretwa bw’abanyegiputa, ikabayobora mu gihugu cy’isezerano. Amateka yabo nk’uko tuyabona mu isezerano rya kera, ahamya ubugome no kwigomeka bya buri gihe by’ubwo bwoko n’abayobozi ba bwo. Dusoma mu gitabo Jésus Christ p.19 (Uwifuzwa ibihe byose) amagambo akurikira:”Guhera bakinjira mu gihugu cy’I Kanani, baretse gukomeza amategeko y’Imana, ahubwo bagendera mu nzira z’abapagani. Imana ibohereza imiburo ibinyujije mu bahanuzi bayo biba imfabusa.Imibabaro baterwaga n’abanyamahanga babarenganyaga,ntacyo yigeze ibigisha. Ivugurura iryo ari ryo ryose ryageragezwaga, ryakurikirwaga n’ubuhakanyi burushijeho kurenza urugero”

Mu gihe cya Kristo,”Icyaha cyari cyarabaye ubuhanga,ingeso mbi zari zarabaye umwe mu migabane igize iyobokamana. Ukwigomeka kwari kwarashoye imizi mu mibereho yabo, urugomo umuntu yagomeye Imana rwari rwuzuye ubusabwe”p.28
Satani yanejejwe n’uko yakoze umurimo we neza,kuko byagaragaraga nk’aho Imana itakibashije kubihanganira,bityo inyokomuntu ikaba yari igiye kurimbuka nyamara Imana yari ifite umugambi w’agahebuzo.Aho kubarimbura yohereje umucunguzi Yesu ubwe aza mu isi kugira ngo abe umukiza, maze agerageza gusibanganya umworera wari hagati y’abantu n’Imana yabo.

Imbabazi z’Imana zanzwe n’ubwoko bw’Abisirayeli n’ubu ziracyari ho ku bantu bose.Buri muturage wok u isi aracyafite uburyo bwo kuzemera igihe cyose umuntu atarafata icyemezo cyo kuba mu ruhande rw’Imana cyangwa kuyirwanya. Igihe Kristo azava mu buturo bwera bwo mu ijuru igihe cy’imbabazi kirangiye, kwihangana kw’Imana kuzaba kurangiye. Ndetse icyo gihe nibwo Imana izemerana agahinda icyemezo tuzaba twafashe cyo kuyivaho. Reba mu Intambara ikomeye (La tragédie des siecles p.666)

Ntiwigeze uhagarikwa umutima no gusanga ko ukeneye ikindi gihe cyo kwiga amasomo Imana igerageza kukwigisha?Ntiwigeze uvuga iri sengesho”Mwami Imana ndakwinginze ntumpane.”Ushobora kwiringira udashidikanyako itazigera ibikora. Ibyiza ahari byaba gusaba ugira uti:”Mwami Imana mfasha ndakwinginze kugira ngo ntagutera umugongo!” Kuko ku byerekeranye n’impano y’agakiza, ndetse n’isano tugirana n’Imana, uruhare rwo guhitamo ni urwacu. Ukwinangira kwacu konyine, niko kubasha gutuma tutamusanga kugira ngo duhabwe icyo ategereje kuduha.

“Ni nde wadutandukanya n’urukundo rwa Kristo?Mbese ni amakuba?Cyangwa ni ibyago?Cyangwa ni ukurenganwa,cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa cyangwa ni ukuba mu kaga?Cyangwa ni inkota?...Ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n’uwadukunze:Kuko menye neza ko naho rwaba urupfu,cyangwa ubugingo,cyangwa abamalayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho,cyangwa ibizaba,cyangwa abafite ubushobozi,cyangwa uburebure bw’igihagararo,cyangwa uburebure bw’ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri Kristo Yesu umwami wacu”Abaroma 8:35,37-39.

## *ICYIGISHO CYA 15: UMUSHYIKIRANO TUGIRANA N’IMANA*

1. Ijambo”Kuguma” rishaka kuvuga iki?
“Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aguma muri jye nanjye nkaguma muri we.” Yohana 6: 56

**IMPUGUKIRWA**:Mu nkoranyamagambo y’igifaransa (LAROUSSE), ijambo kuguma risobanura kuba ahantu cyangwa se kuba umeze ukuntu mu buryo buhoraho.”Kuguma” na none bivuga kuba ahantu utanyeganyega, kunamba ku muntu cyangwa ikintu.
2. Mbese haba hari ikintu kindi cy’ingenzi cyaruta kujya kuri Kristo?
“Maze kuko ubugome buzagwira urukundo rwa benshi ruzakonja. Ariko uwihangana akageza imperuka niwe uzakizwa.” Matayo 24: 12,13.reba no muri Matayo 10:22

## KUGUMA MURI YESU NABYO NI INGENZI KIMWE NO KUMUSANGA

3. Mbese kwihangana no kugumana n’Imana nabyo bizana umunezero?
“Mwibuke ko abihanganye tubita abanyehirwe. Mwumvise ibyo kwihangana kwa Yobu, kandi muzi ibyo umwami Imana yaherutse kumugirira, kuko afite imbabazi nyinshi n’impuhwe.”Yakobo 5: 11 reba na Ibyahishuwe 14:12
4. Mbese kuguma muri Kristo bitanga ubwishingizi ku gakiza?
“Na none bana bato mugume muri we: Kugirango niyerekanwa tuzabone uko dutinyuka tutabebera imbere ye ubwo azaza.” 1Yohana 2:28
5. Ni buryo ki Yesu yerekanye ko byari ngombwa kuguma muri we?

- “Mugume muri jye nanjye ngume muri mwe. Kuko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu ni nako namwe mutabibasha mutagumye muri jye.”Yohana 15:4
- " Ni jye muzabibu w’ukuri na mwe muri amashami.Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we uwo niwe wera imbuto nyinshi kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite "Yohana 15 :5
- "Umuntu utaguma muri jye, ajugunywa hanze nk’ishami ryumye : Maze barayateranya,bakayajugunya mu muriro agashya. "Yohana 15 : 6
- " Nimuguma muri jye amagambo yanjye akaguma muri mwe musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa. "Yohana 15 :7

6. Ni iki gituma tuguma muri Kristo ?

- " Na njye nzasaba Data, nawe azabaha undi mufasha wo kubana na mwe ibihe byose. "Yohana 14 : 16
- " Kandi uwitondera amategeko yayo aguma muri yo nayo ikaguma muri we; kandi ikitumenyesha ko iguma muri twe ni umwuka yaduhaye.”

7. Ni mu buhe buryo tuguma muri Yesu ?

- " Uba mu bwihisho bw’isumba byose azahama mu gicucu cy’ishobora byose. " Zaburi 91 :1
- " Ndabandikiye ba se kuko mwamenye uwahozeho mbere na mbere.Ndabandikiye basore kuko mufite imbaraga kandi ijambo ry’Imana rikaguma muri mwe ; mukaba mwaranesheje wa mubi. "1Yohana 2 :14

- " Nuko Yesu abwira abayuda bamwemeye ati:"Nimuguma mu ijambo ryanjye muri abigishwa ba njye nyakuri."Yohana 8 :31 reba na Yohana 15 : 9
- " Mukomeze gusenga,muba maso, mushima. " Abakolosayi 4 :2

8. Mbese birashoboka kuguma muri Kristo umunsi ku wundi ?
"Yesu ahageze ararama aramubwira ati:"Zakayo ururuka vuba : kuko uyu munsi nkwiriye kurara iwawe.""Luka 19:5
9. Mbese abafitanye umubano na Yesu bashobora kongera gucumura?
" Bagera i Kaperinawumu yinjiye mu nzu arababaza ati : Icyo mwahoze mugiraho impaka tukiri mu nziri ni iki ? Baramwihorera kuko mu nzira bahoze bajya impaka z'umukuru mur ibo uwo ari we. "Mariko 9 : 33,34

**IMPUGUKIRWA**: Mu myaka itatu abigishwa ba Yesu babanye na Yesu bari bagifite ubwibone bwa bo: Icyo akaba ari kimwe mu byaha bikomeye.

10. Bibiliya ivuga iki ku byerekeranye n'icyaha n'iby'umushyikirano n'umwami Imana?
"Umuntu wese uguma muri we ntakora ibyaha,umuntu wese ukora ibyaha ntiyamubonye kandi ntiyamumenye." 1Yohana 3:6

**IMPUGUKIRWA**: Kuba abigishwa ba Yesu barakomezaga gucumura kandi batarasibaga gushyikirana na Yesu,ibyo bigaragaza ko bari bakeneye kwiga kurushaho kwishingikiriza buri kanya kose ku mbaraga ze.

Imbonerahamwe ikurikira yerekana itandukaniro riri hagati y'umushyikirano wa buri munsi no kwishingikiriza ku Mana buri kany

| **KUGUMA**<br>**KUGUMA MU MUBANO** | GUKOMEZA KWISHINGIKIRIZA |
|---|---|
| **Buri munsi** | **Buri kanya** |
| **Uruhari rwacu:Kumushaka** | **Uruhare rw'Imana:Kubidushoboza** |
| **Dusabwa gusa kwemera** | **Kristo ashyira mu bikorwa** |
| **Bisaba imbaraga yatekerejweho** | **Bitanga imbaraga itatekerejweho** |
| **Ishami riguma ku muzabibu** | **Ishami ryera imbuto** |
| **Imibereho ya gikristo** | **Gukura mu bukristo** |
| **Ubwishingizi bw'agakiza** | **Kwera imbuto kugira ngo izina ry'Imana rihabwe icyubahiro** |
| **Umutima utunganye igihe cyose umubano ugumyeho** | **Imyifatire itunganye igihe cyose tugumye mu kwishingikiriza** |

**KWIREBAHO BURI GIHE BITERA GUTANDUKANA N'IMANA KANDI BIGACA BURI GIHE IMIRUNGA YO KWISHINGIKIRIZA KU MANA GUHORAHO. GUSHYIKIRANA**

**N'IMANA BIGIRA INGARUKA YO KWITANGA BURI MUNSI, BURI KANYA UMUNTU AGAKOMEZA KUMVA KO BYOSE ABIKESHA IMBARAGA YAYO.**

11. Mbese nituguma muri Yesu ingaruka yabyo izaba iyihe?
- Kugenda nk'uko Yesu yagendaga.1Yohana 2:6
- Gukunda bene data.1Yohana 2:10
- Kugira imbaraga zo kunesha 1Yohana 2:14
- Gutinyuka ubwo[Yesu] azaba agarutse 1Yohana 2:28
- Kwangwa na bose Matayo 10: 22

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA.**
- Abantu bashyikirana n'Imana ntibacumura.
- Tuba turimbutse igihe cyose ducumuye.
- Dukizwa rimwe rukumbi bikaba birangiye.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**
- Satani nta bushobozi afite bwo gucumuza abiringira Imana.Nyamara abiyiringira abatsinda bimworoheye.
- Gushyikirana n'Imana buri munsi bigira ingaruka yo guhora uyiyegurira, kwishingikiriza buri kanya ku mbaraga zayo.
- Kwirebaho bitera buri gihe gutandukana n'Imana kandi bigaca imirunga yo kwishingikiriza ku Mana guhoraho.
- Imana ntiyatandukana na twe; Ariko twebwe dushobora gufata icyemezo cyo gutandukana nayo.

## UBUHAMYA

***IHAME RYA 75:IMANA ISHAKA KO DUHAMYA KUKO BIDUFITIYE AKAMARO***

Tekereza ko umunsi umwe mfashe urugendo rw'amaguru mva I San Francisco(soma Sani Farasisiko) njya mu ishuri rya yunyoni ya Pasifika(Anguin Californie)-Igihugu cy'isezerano ungezeho uri mu modoka yawe urahagarara unsaba kwinjira ngo tujyane ninemera kwinjira nkajyana na we nzagera iyo njya binyoroheye,bizandinda ibinya nashoboraga kugira mu birenge.Nyamara uko byamera kose,nari mu nzira ijya ku ishuri.

Reka noneho tubicurike. Umunsi umwe mfashe urugendo rw'amaguru mva I San Farasisiko njya I Reno(uwundi mudugudu)ungezeho uri mu modoka yawe urahagaze unsaba kwinjira mu modoka yawe.Ninemera nkicarana nawe nzagera I Reno vuba,bizandinda ibinya; ariko ningerayo bizabyima kurushaho! Ariko uko byamera kose nzaba nageze i Reno.

Icyo ni ikigereranyo cyoroheje cy'ubuhamya n'uruhare rwacu rwo kwamamaza ubutumwa bwiza.Hari igihe abize iby'iyobokamana bajya bajya impaka ku byerekeranye no guhishurirwa kudasanzwe ukugereranyije no guhishurirwa gusanzwe cyangwa se kwa rusange.Abashyigikira guhishurirwa kudasanzwe, bavuga ko kugira ngo umuntu akizwe,agomba kuba yarumvise ibya Yesu, kandi akamwemera adakebakeba.Bemeza ko abantu bamaze kugera kuri Kristo nibaramuka batabigejeje ku bandi, abantu bazarimbuka by'iteka.

Abashyigikira ihishurirwa rya rusange, bizera ko Imana izacira umuntu wese urubanza ikurikije umucyo yamenye.Niba ibyo umuntu yabashije kumenya mu mibereho ye, byaba guhurira n'Imana mu byaremwe, ibyo bizaba bihagije.

Ushobora gutekereza iki kibazo mu buryo buhanitse, ukemeza ko Imana y'urukundo idaca urwa kibera kandi ikiranuka, idashobora kwemera ko umuntu arimbuka kubera ibyo nkora cyangwa se ibyo ntakora ni cyo inyandiko zahumetswe zisa n'izishaka gusobanura: Kristo niwe"Mucyo w'ukuri waje mu isi ngo amurikire umuntu wese"Yohana 1:9.Dushobora gusoma amagambo akurikira muri Review and Herald(Urwibutso n'Integuza) yo ku wa 22 Kamena 1911:"Ku munsi w'amateka igihe uzabazwa impamvu utumviye amategeko y'Imana, ntuzabasha kwireguza ukutumvira k'undi muntu.

Nta gushidikanya tubasha kugeza ku bandi inkuru nziza y'agakiza bityo Imana ikadukoresha nk'ibikoresho byayo kugira ngo tubayigarurire.Nkuko bimeze muri cya kigereranyo cy'urugendo rujya mu "gihugu cy'isezerano" twatanze mu ntangiriro z'iki cyigisho dushobora ahari kugabanya ho imyaka myinshi ku gihe abantu bazashaka Imana, nitubagezaho imyizerere yacu. Ariko Imana nta bwo ishaka ko iherezo ryabo ry'iteka rizashingira kuri twe.

None se muri ubwo buryo, umumaro w'ubuhamya bwa gikristo waba uwuhe?Akenshi duhamagarirwa kwamamaza ubutumwa bwiza ku bw'urukundo dukunda abantu.Ariko se niba Imana ishobora kubagera ho itadukoresheje ni kuki idusaba kubikora? Mbese ntibyari bikwiriye kureka abamarayika bakaba ari bo bakora uwo murimo wo gukiza abantu dore ko ari nabo babishoboye kuturusha?Tubwirwa ko mu minsi iheruka "Abamalayika bazakora umurimo abantu bari kuba baranejejwe no gukora iyo batirengagiza amabwiriza y'ijuru." Ubutumwa bwatoranijwe(Messages choisis Vol.1 p 138).Kubera ko ibyo bizaba mu minsi y'imperuka ni kuki bitaba ubu ngubu?Bityo twarindwa amakosa yose tujya dukora iyo tugerageje kugeza ku bandi iby'imyizerere yacu.Kugira ngo dusubize iki kibazo tugomba gusobanukirwa n'umugambi Imana iba ifite mu kutugira abahamya bayo.Amagambo asobanuye neza avuga ku buhamya bw'abakristo, tuyasanga mu gitabo cyo Kugana Yesu mu ngingo ivuga "Imirimo n'ubugingo" "Imbaraga zose tuzakoresha dufasha bagenzi bacu zizatugarukira ari nk'ikime cy'imigisha niyo mpamvu Imana yadushinze umurimo mu nama y'agakiza".Igitabo Ibihamya by'Itorero(Témoignage pour l'Eglise Vol.3 p 425) kibisobanura muri aya magambo: "Uruhare rwacu rwose mu guteza imbere umurimo w'Imana ni ubuntu Imana yatugiriye"

Tujya dutinya rimwe narimwe ko nitwemera uku kuri, tuzatambamira umurava twari dufite! Byagaragara ko ari ukwikunda kujya mu murimo ngo bibe aritwe bizanira ibyiza aho kugira ngo bizanire ibyiza abandi. Nyamara dukwiriye kwita ku itandukaniro riri hagati y'umugambi w'Imana mu kuduhamagarira gutanga ubuhamya bwa gikrisito n'umugambi tuba dufite. Dushishikarira umurimo wayo kubera ko tuba dufite icyo kuvuga kandi tutakwihanganira kutageza kubandi. Twumva dushaka kubwira abandi inkuru nziza kuko twifuza ko nabo bamenya ukuri kwatubatuye. Dusanga bagenzi bacu kuko twahawe icyubahiro n'amahirwe byo gukorana n'Imana.

Mugihe dukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa kubwo urukundo dukunda bagenzi bacu no kubwo urukundo dukunda Imana, ubugingo bwacu buzagira ibintu buhungukira byanze bikunze. Uwo niwo mugambi w'ibanze w'Imana.

## ***IHAME RYA 76: N'UBWO UBURYO BUKORESHWA BUTANDUKANYE, UMUKRISTO NYAKURI AHORANA ICYIFUZO CY'UMWIMERERE KIMUHATIRA KUVUGA IBYO YIZERA.***

Ntimushobora gufungirana inyoni yanyu yitwa gasuku mu kintu gikozwe muri palasitike ngo mukidanangire .Simvuze ko mutagombaga;ahubwo ko mutashobora !
Kuko muramutse munabigerageje nta kindi mwabona keretse urupfu rw'iyo nyoni yanyu.
Icyo mwasigarana gusa ni akarundo k'amababa yayo!

Dusoma mu gitabo cyo Kugana Yesu mu cyigisho kivuga iby'<imirimo n'ubugingo>ko " igihe cyose tumaze kwigishwa kumenya Yesu duhorana icyifuzo kitapfukiranwa cyo kubwira abandi iyo nshuti ihebuje twabonye".Ukuri gukiza kandi kweza ntigushobora guhora gukingiraniwe mu mutima.
Iyo tumaze kwambikwa gukiranuka kwa Kristo ,ni uko tukuzuzwa umunezero w'Umwuka Wera ,ntituba tugishoboye kwiyumanganya.Niba rero twaramaze gusogongera tukamenya ko Uwiteka agira neza, dufite icyo twabwira abandi.

Ukuri nk'uku kuboneka hose mu mwuka w'ubuhanuzi.
"Yesu ntiyabwiye abigishwa be ati 'Nimukore uko mushoboye kugira ngo umucyo wanyu umurike' ahubwo yarababwiye ati 'Mureke umucyo wanyu umurike'.Niba Kristo atuye mu mitima yacu ntidushobora gupfukirana umucyo wacu."Imibereho ihebuje (Une vie meilleure pp.53-54).
"Icyifuzo kibanze cy'umutima wahindutse ni ukuzana abandi kuri Kristo"Intambara ikomeye (La Tragédie des siècles pp.72-73).Umukristo nyawe ahorana icyifuzo cy'umwimerere cyo kumenyesha bagenzi be bose ubutumwa bwiza .Ahasigaye buri wese akagaragaza icyifuzo cyo kwamamaza inkuru nziza!Waba ahari wibuka iby'ababembe mu gihe Isiraheli yari yaratewe n'inzara .Uwo mujyi wari wugarijwe abantu bicwa n'inzara .Itsinda ry'ababembe ryiyemeje gusohoka mu mujyi bizeye kubona icyo kurya. Uburibwe bwabo bwajyaga kubica mu gihe gito .Niko kwiyemeza kugenda n'ubwo bashoboraga kwicwa bakiri mu nzira batageze ku mugambi wabo .Icyabatangaje cyane bageze mu rugerero ni uko basanze abanzi babo bagiye bahunze ijoro ryose basize amahema yabo n'impamba zabo .

Ni uko baricara bararya ,baranywa ndetse banafata ifeza n'izahabu basanze mu mahema abiri ya mbere bahingukiyeho . Ubwo nibwo bagize ishyushyu ryo kujya kumenyekanisha iyo nkuru nziza .Iyo nkuru tuyisanga mu 2 Abami7:9.
"Hanyuma baravuga bati ibyo tugira ibi si byiza .Uyu munsi ni umunsi w'Inkuru nziza …nitwicecekera …tuzagibwaho n'urubanza .Ni uko nimuze tugende tumenyeshe abo mu rugo rw'Umwami".N'ubwo icyifuzo cyo kwamamaza inkuru nziza kitubamo twese kubyifuza birashoboka ko umuntu yakiburizamo. Ariko igihe kigumye gupfukiranwa, kigeraho kikazimira nk'uko kasuku yapfira mu kintu cya palasitike ikomeje gufungiranirwamo.
"Ubuntu bw'Imana ntibuzaguma mu mutima w'umuntu wahawe amahirwe n'uburyo bwihariye byo kuba yagira icyo avuga, nyamara akicecekera. Umuntu nk'uwo mu gihe gito azabona nta kintu afite cyo kuvuga". Ellen G.White mu kinyamakuru Urwibutso n'Integuza(Review and Helard ) cyo ku wa 22 Kanama 1899.

Ibi na byo biratuganisha ku kundi kuri kw'ingenzi: Twese ntabwo dukoresha uburyo bumwe mu kwamamaza inkuru nziza.Abantu bose bazifuza kumenyekanisha kwizera kwabo ; ariko baramutse badashyize ibyo mu bikorwa icyo cyifuzo cyazimira.uko byamera kose abantu ntibazakoresha uburyo buhwanye mu kumenyekanisha ibyuzuye imitima yabo.

Umwuka Wera niwe uhitamo impano atanga, zo gufasha mu murimo w'Imana.abantu ntibashobora gukoresha uburyo bumwe ,ndetse ntibanagera kuri bagenzi babo hifashijwe uburyo busa. Ariko nk'abahamya b'abakristo icyo duhuriyeho ni uko dufite icyo twavuga; kandi buri wese afite umwihariko w'uburyo yakoresha mu kumenyesha abandi ibyo Yesu yadukoreye.umwe azagira impano yo gushyikirana n'abandi ndetse yumve bimworoheye guhagarika abantu mu muhanda ngo ababwire ibya Yesu. Naho undi udakunda kugaragara, ntanashire amanga, ahitamo gukorera umurimo mwiza abo azi."uburyo bwa Kristo bwo gukiza imitima, ni bwobuhebuje; nibwo bwonyine bugera ku ntego ihamye.Yajyaga mu birorero by'abantu benshi, akabakorera ibyiza, akabaruhura, ndetse akabatera kumwiringira. Nyuma y'ibyo nibwo yababwiraga ati 'Nimunkurikire'Rengera ubuzima (Le ministère de la guerison p .118)

Twari dukwiriye kwambura isura mbi ubutumwa bwiza.Birashoboka ko mwaba mwarigeze kureba filime yitwa 'The Gospel Blime'[Ubutumwa buvugwa uko umuntu ashatse] : ikubiyemo uburyo bunyuranye bukoreshwa n'abakrtisto gito mu ivuga butumwa.gukizwa ntabwo ari igikorwa rusange ; ahubwo ni umurimo ureba buri wese ku giti cye. Ubuhamya kubw' ibyo Yesu yadukoreye byihariye, ni bwo buhora ari igihamya nyakuri ; kizahoraho ndetse kiruta ibindi byose ushobora kubwira abandi.

***IHAME RYA 77 : UMUNTU UFITE UMUNEZERO KURUSHA ABANDI MU ISI NI UWITANGIRA GUKORERA ABANDI ;NAHO UMUNYABYAGO KURUSHA ABANDI ,NI UWISHAKIRA INYUNGU ZE MBERE YA BYOSE.***

Mbese muranezerewe ?
Mu kiburamwaka twakundaga kuririmba indirimbo ivuga itya : " ndishimye, ndishimye ubu, ndishimye hejuru, ndishimye hasi, ndishimye hakurya no hakuno, ndishimye kandi igihe cyose. "
Urishimye igihe cyose ? Birumvikana ko muri uru rugero hatavugwamo abantu benshi .Mbese siko biri? Burya n'umuntu uteganya ibyiza gusa agera aho ibyiringiro bye by'ibyiza bihura n'inzitizi!

Ariko kimwe cyo ni ukuri: Mukwiyibagirwa no kwihatira gufasha abandi, niho haboneka umunezero. Umuntu uharanira iteka kugenzereza inarijye ye uko ibyifuza, ahora atishimye .

"Ntahandi habonerwa umunezero nyawo, uretse mu mibereho yo gufasha abandi. Umuntu ubaho mu buzima butagira umumaro,bwuzuye kwikunda, ni umunyamibabaro" Mu bikari byo mu ijuru (In heavenly places p229).
"Abirundurira mu gushaka ibyabo bibanezeza, mu by'ukuri ni abanyabyago. Abibagirwa inarijye kubwo kwitangira abandi ,bazabona umucyo w'itangaza mu mitima yabo n'ibyiza bagirira abandi bibagaragarire" p325.

Umwe mu migambi y'Imana ku bwoko bwayo ni umunezero. Rimwe na rimwe abakristo barabyibagirwa; nuko bakiyumvisha ko uwambaye ibigunira n'imyenda yo kwirabura aba ariwe uba hafi y'Imana kurusha abandi. Ariko ibyo si byo. Niba ari ukuri ko umunezero ugaragara cyane nk'umucyo w'inyuma uzanwa no kwamamaza, ni nako ari ukuri ko abakristo bagombye kuba aribo banezerewe kurusha abandi ku isi.

Hari inkuru y'umukristo wirindaga ,ariko agahora yijimye ;nyamara yihatiraga kugeza ku bandi ibyo kwizera kwe .Ni uko inshuti ye iramubwira iti : " Ndumva ntakeneye kuba umukristo .Dore wowe wagira ngo uhora urwaye umutwe udakira .Wumva utifuza ko uwo mutwe wakira ?Nyamara kandi biragoye. "

Ni iki kidutera gutekereza ko mu bihe turi hafi ya Kristo cyane, ari uko tugomba kwigaragaza ko twubashye cyane ? Mwaba mwarigeze kwitegereza uko abantu baba bifashe mu ifunguro ryera ? Ubundi ni umuhango wagenewe kwerekana ukubabarirwa, agakiza n’amahoro bitangwa n’Imana.Ariko ntuzibeshye ngo umwenyure !
Nkubwiye ukuri ko n’ubikora uzasanga ari wowe wenyine !

Igihe kimwe, nagerageje kwemeza ko kumwenyura mu gihe cy’ifunguro ryera atari icyaha, ariko ntabwo nageze ku musaruro ushimishije.Igihe abadiyakoni bagaburaga umubiri n’amaraso bya Kristo bava mu ruhande rumwe bakajya mu rundi, usanga icyo gikorwa cyahindutse nko gushyingura. Bamwe muri twe basa n’abagiye kumwenyura icyo babonye mu maso hababazengurutse, hijimye ,n’abo bihutira guhita baceceka.

Ifunguro ryera ryari rikwiriye kuba umuhango w’ibyishomo. Uko guterana kwagombye kuba kuzuye ibyishimo !N’umurimo w’Imana nawo ni uko !Abakiristo bagombye kuba aribo bantu banezerewe kurusha abandi bose ku isi. Iwe mu mpamvu yagombye gutuma bahora bameze batyo, ni uko umukristo nyakuri ahora atekereza ku bandi, agashaka kugera kuri bagenzi be, bityo rero inarijye ntibe ikiri izingiro ry’imibereho ye.

Umuntu wirundurira mu murimo w’ibwirizabutumwa, byanze bikunze azabona imigisha.<Kuko ushaka kurengera ubugingo bwe azabubura. Ariko utita ku bugingo bwe ku bwanjye no ku b’ubutumwa bwiza azaburokora>Mariko 8 :35.Gutanga ni ukwakira.<Umungeri nyakuri azagaburira abita ku bandi. Bazanywa ku mazi y’ubugingo bashire inyota. Ntibazakorera gushaka ibibarangaza, ibiriho cyangwa ibihindagura imibereho yabo.Ikizabashishikaza cyose kizaba ari ugukiza abarimbuka>.Uwifuzwa ibihe byose (Jesus Christ, pp.643,644.)

Uranezerewe cyangwa uri umunyamibabaro ?Uruhare ugira mu munezero no kubaho neza kw’abandi nibyo bishyiraho itandukaniro.

### ***IHAME RYA 78: UMURIMO WA GIKRISTO MU MIBEREHO Y’IBY’UMWUKA UGERERANYWA N’IMYITOZO NGORORANGINGO MU BUZIMA BUSANZWE.***

Ubwo indege y’umukapiteni witwa Eddie Ricken Backer (soma Edi Rikeni Bakeri) yahubukiraga munyanja ya Pasifika mugihe cy’intambara ya kabili y’isi yose; abarokotse icyo cyago bakomeje kureremba hejuru bari mubwato bushinzwe ubutabazi, ntacyo kurya ntanicyo kunywa bafite, bakomeje kureremba hejuru y’amazi ibyumweru byinshi bategereje uwabaruhura. Rikeni Baka hamwe n’umuliyetona we witwa JamesWhataker(soma Jemusi Watekeri) banditse ibyababayeho bagira bati “ Twibajije ko twumvise aho abamarayika baririmba” Umwe mubari barokotse yaje gupfa maze bagenzi be bamara igihe bibaza niba badakwiye kumufata bakamuryaho maze ibisigazwa bye bakaba aribyo bata mu nyanja.

Ariko muse n’abatekereza ko mbere ho hato yo kurohorwa kwabo bagabo nahuye nabo ndi mubwato bwanjye. Abo bagabo banyitegereza bakibaza niba atari indi ndege. Ariko mpagarara hafi yabo ndababwira nti “Biragaragara ko mukomerewe bagenzi ndetse mukwiye kugirirwa impuwe icyo mukeneye cyane n’imyitozo”

Ntibaba bibeshye bansubije bati “Icyo ukeneye ni ukwivuza mu mutwe!”
Namaze igihe kirekire niyumvisha ko uburyo bwiza bwo gushishikariza abantu iby’Imana ari ukubafata ukabigisha uko bahamya ibyo kwizera kwabo bakabona uko bajya mu murimo w’ivugabutumwa. Ubwo banshingaga kuyobora irindi torero, nishakiye abandi bantu

b’abanyamurava ngo dufatanye. Bose mbatera akanyabugabo ngo bajye mungo bakomanga k’urugi urwo ari rwo rwose, bagatanga ibinyamakuru n’ibyigisho bya Bibiliya.
Abantu nka batanu ku ijana nibo babyakiriye ngo bahamye kwizera kwabo bakoresheje uko bashoboye kose. Mu by’ukuri umurimo wari uzimiye. Mu by’ukuri icyo umuhati wanjye wabyaye ni ugushyira abantu kure y’itorero. Benshi bihitiyemo kwihugiraho aho kumva ko hari icyo baregwa n’imitima yabo kubwo kutagira icyo bakora mu murimo w’ivugabutumwa.

Ni ubupfu kubwira abantu gukora imyitozo ngororamubiri mugihe bari hafi yo gupfa. Ni ubupfu mu by’ukuri kugerageza kubwira umuntu utaravuka ngo akore imyitozo ngororangingo.

Niyemeje rero guhindura uburyo; ngeze murindi torero nakoze uko nshoboye ngo nkundishe abantu iby’umwuka. Ntangira nerekana akamaro gaturuka k’umubano tugirana n’Imana. Niteye ingabo mubitugu nubwo byari bikiri muntangiriro. Ariko bimaze gushyuha uwo mwete usubira hasi; kandi nanjye noherejwe murindi torero.

Nyuma yaho nasobanukiwe n’imiterere y’ikibazo. Ni ikintu kingenzi gutangirira ku kwita kubirebana nibyo umwuka. Ariko nyuma y’ibyo nibyiza gushishikariza abakristo mumaguru mashya kugira icyo bakora mu murimo wa gikristo. Ubuzima bushya muri Kristo ntibushobora kuguma gukomezwa igihe hatabayeho kubusangira n’abandi. Uburyo bumwe rukumbi bwo gutuma itorero rigira ububyutse bugira icyo bugeraho, ni ugutoza abizera gusangira n’abandi ukwizera kwabo.

Uku kuri kuboneka mugitabo cyo Kugana Yesu, p.64 : Imbaraga ziva mumyitozo; gukora umurimo ni kimwe mu byangombwa bigize ubuzima. Abumva ko bazakomeresha ubugingo bwabo bwa gikristo kwizirika kubikorwa bazanirwa n’ubuntu ntacyo bakoreye Kristo, bameze nk’abarya badakora. Nyamara muby’umwuka nk’uko biri mubuzima busanzwe; ikibabaje ni uko ibyo biganisha kukwangirika no kurupfu. Uwareka gukoresha amaguru ye yageraho agatakaza ubushobozi bwo kuyakoresha. Ni nako bigendekera umukristo udakoresha ubushobozi Imana yamuhaye. Ntibizatuma adakurira muri Kristo gusa, ahubwo azabura n’imbaraga yari afite.

Kristo yakoreshaga uburyo abagishwa bashoboraga gukoresha. Mbere na mbere yabahamagariye kumukurikira. Soma Matayo 4:19. Nyuma niho yabashinze umurimo agira ati “Mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa mubabatiza mu izina rya Data n’iry’Umwana n’iry’ Umwuka Wera” Matayo 28:19.

Mu kwiga kumukurikira, mu gukomeza kumukurikira, ni bwo gusa tuzaba twiteguye kujya mbere .

### *IHAME RYA 79 :NTAWE UTANGA ICYO ADAFITE*

Reka tujyane dutekereze ibyabereye mu rukiko rumwe. Umutangabuhamya yarahiye kandi yemeza kuvugisha ukuri kose ndetse ukuri kwambaye ubusa. Ajya imbere y'abacamanza ubwo ibazwa riratangira.
- Wari he muri wa mugoroba ubwo icyaha cyakorwaga ?
- Iwanjye.
- Wakoraga iki ?
- Nari ku buriri nsinziriye.
- Hari ikintu icyo ari cyo cyose wamenye kitagenze neza ?
- Oya.
- Hari ikintu icyo ari cyo cyose waba warumvise ?
- Oya. Nari nsinziriye ubwo ibyo byose byarimo kuba.
- Ubwo se wibwiraga ko uri umutangabuhamya ?

Muri ubwo buryo umutangabuhamya yahita yirukamwa. Isezerano rya kera ritubwira igitekerezo gishimishije cy'umutangabuhamya utari ufite icyo avuga. Abusalomo yari yacuze umugambi wo kwigabiza ingoma ya se Dawidi. Hari habaye urugamba ; aho urugamba rwari rushyushye, inyumbo ya Abusalomo imunyurana munsi y'amashami y'impatanwa y'igiti ; maze asigara anagana mu kirere afashwe n'umusatsi ! Umugabo witwa umukushi aba umugabo wo guhamya iby'iyo mpanuka, banamutuma kujya kumenyesha Dawidi ibyo yabonye. Ariko undi mugabo ashaka na we kugira icyo akora. Uwo yitwaga Ahimasi. Yegera umusirikari mukuru aramubwira ati „ reka nanjye niruke." Umugaba w'ingabo aramubaza ati " kuki ushaka kwiruka ? Nta nkuru n'imwe ufite yo gutanga. " Ariko Ahimasi akomeza gutitiriza ; ubwo ariruka cyane n'ubwo atari afite icyo ajya kuvuga. Mu by'ukuri yarirutse cyane ku buryo yatanze umukushi kugerayo ari na we wari umutangabuhamya nyakuri. Yunama imbere y'umwami ati " byose bimeze neza ! " Ibyo byari ibinyoma. Ariko ubwo Dawidi yamuhatiraga kumuha ibisobanuro birambuye ku birebana na Abusalomo ; icyo yabashije kuvuga ni iki ngo : " nabonye abantu bacitse mo igikuba, ariko sinamenye ibyo ari byo. " 2 Samweli 18 : 29.

Abakristo benshi birukankana na Ahimasi ! Umuhati wabo ni mwinshi, ariko ubutumwa bwabo nta reme bufite. Kugira ngo umuntu abe umuhamya wuzuye, agomba kugira icyo ahamya. " Tudafite kwizera kuzima muri Yesu umukiza wacu bwite, ntitubasha kubera urugero isi yuzuye gukiranirwa. Ntidushobora gutanga icyo tudafite twe ubwacu. Urugero rwacu ku mibereho myiza n'iterambere ry'abari mu isi rugererwa ku kubaha Imana kwacu no kuyiyegurira. Aho ubwitange nyakuri butari, nta rukundo nyakuri, nta hinduka nyakuri ry'imibereho ndetse nta n'ububasha nyakuri bihari. " Imibereho Ihebuje ( Une Vie Meilleure P. 50 )

Kugira ngo umuntu abe umuhamya wa Kristo, intambwe ya mbere agomba gutera ni iyo kubana na yesu ; iyo ikaba imibereho ye bwite. Ntibihagije kugenzura ihinduka ry'imibereho y'undi cyangwa se kuba wumvise imbaraga ndetse na rukuruzi y'ubutumwa bwiza. Ubuhamya bwa gikristo bushingiye neza ku byo wiboneye ubwawe. Nta mutima n'umwe wakururwa n'umuntu uhamya iby'ubukristo yivugira ati " Nabonye abantu bacitsemo igikuba … ariko sinamenye ibyo ari byo. "

Isi ya none itegereje ubuhamya nk'ubwo Yesu yasabye umunyagadaleni amaze kumukiza dayimoni ati " witahire ujye mu banyu ubabwire ibyo Imana igukoreye byose n'uko ikubabariye. " Mariko 5 : 19.

## *ICYIGISHO CYA 16 :UBUHAMYA*

1. Ni iki Bibiliya ivuga ku buhamya bwa gikristo ?
- " 'Muri abagabo bo guhamya ibyanjye' ni ko Uwiteka avuga "
Yesaya 43: 10.
- " Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose ngo ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize " Matayo 24 : 14.
- " Kandi namwe muzampamya ; kuko uhereye mbere na mbere mwari kumwe nanjye " Yohana 15 : 27.
- " Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira ; kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose no kugeza ku mpera y'isi. "Ibyakozwe n'intumwa 1 : 8.
- " Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo. " Ibyakozwe n'intumwa 5 : 32.

2. Ese Yesu ategeka abigishwa be gutanga ubuhamya ?

- " Arababwira ati 'nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu "Matayo 4 :19.

- " Arababwira ati 'mujye mu buhugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza …" Mariko 16 : 15.
- " Ibisarurwa ni byinshi ariko abasaruzi ni bake ; nuko mwinginge nyir’ ibisarurwa ngo yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye. " Luka 10 : 2, reba n'imirongo 1- 20.
- " Imana … iduha umurimo wo kuyunga n'abandi … ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo. " 2 Abakorinto 5 : 18-20.

**UBUKRISTO NYAKURI NI UBUTANGA UBUHAMYA**

3. Ni kubw'uwuhe mugambi Imana idusaba gutanga ubuhamya ?
- " Mwemere kuba abagaragu banjye ; munyigireho …" Matayo 11: 29.
- " …Utita ku bugingo bwe ku bwanjye no ku bw'ubutumwa bwiza ; azabukiza " Mariko 8 : 35.

4. Ni uruhe rugero rw'umurimo Yesu yatanze ?
- " Kandi ushaka kuba uw'imbere muri mwe ; ajye aba imbata yanyu ; nk'uko umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutanga ubugingo bwe kuba inshungu ya benshi. " Matayo 20 : 27- 28.

5. Ni iki kidutera gushaka gutanga ubuhamya ?
- " … nizeye, ni cyo cyatumye mvuga ; natwe twizeye ni cyo cyatumye tuvuga. " 2 Abakorinto 4: 13.
- " Urukundo rwa Kristo ruraduhata. " 2 Abakorinto 5:14.

6. Ni iki ikirema cyakoze ubwo cyari kimaze gukira ?
- " Arabambaduka, arahagarara, aratambuka, yinjirana na bo mu rusengero ; atambuka yitera hejuru ashima Imana. " Ibyakozwe n'intumwa 3 : 8.

7. Ni iki Yesu yabwiye uwari umaze gukizwa abadayimoni ?
- " Witahire ujye mu banyu, ubabwire ibyo Imana igukoreye byose, n'uko ikubabariye. " Mariko5:9.

8. Ese tugomba guhatira abandi imyizerere yacu ?
- " Ariko umugaragu w'Umwami wacu ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiriye kugira ineza kuri bose, agakunda kwigisha, akihangana, agahanisha ubugwaneza abamugisha impaka. Ngo ahari nibishoboka, Imana ibahe kwihana ngo bamenye ukuri. " 2 Timoteyo 2 : 24-25.
- " Akomeza kubigishiriza ijambo ry'Imana mu migani myinshi nk'iyo mu buryo bashoboraga kuyumva " Mariko 4 : 33.
9. Ni ibihe bintu by'ukuri bigize umugabane w'ubuhamya bwa gikristo ?
- Ubwami bw'Imana. Matayo 10 : 7 ; Luka 9: 60 ; Ibyakozwe 8 :12.
- Kwihana. Mariko 1 : 4 ; Matayo 6 : 12.
- Kubaturwa. Luka 4 : 18-19.
- Yesu Kristo. Ibyakozwe 5 : 42.
- Guhinduka. Ibyakozwe 14 : 15.
- Ijambo ryo kwizera. Abaroma 10 : 8.
- Umusaraba. 1 Abakorinto 1 : 18.
- Kristo wabambwe 1 abakorinto 1:23
- Kwizinukwa. 2 Abakorinto 4 : 5.
- Kubabarirwa ibyaha. Luka 14 : 47.
- Umuzuko. Ibyakozwe 4 : 2, 17, 18 ; 1 Abakorinto 15 : 12.
- Imbabazi z'ibyaha. Ibyakozwe 13 : 38.

- Amahoro. Abefeso 2 : 17.
- Gukiranuka. 2 Petero 2 : 5.
- Ubutumwa bwiza. Mariko 1: 14 ; Luka 9 : 6 ; 1 Abakorinto 15: 1-4.
- Ibyo twabonye kandi twumvise. 1 Yohana 1: 3.
- Imana si umwijima ahubwo ni umucyo. 1 Yohana 1: 5 ; Yohana 1: 9.

10. Ni gute Yesu yabwiye abigishwa be kwitegura umurimo ?
- " Ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzahabwa imbaraga zivuye mu ijuru. " Luka 24 : 49.

11. Mbese abigishwa bategereje ntacyo bakora ?
- " Baguma mu rusengero iteka bashima Imana " Luka 24 : 53.

12. Ni iki abamamaza ubutumwa bwiza bagomba kuba biteze ?
- " Dore mbatumye mumeze nk'abana b'intama hagati y'amasega. " Luka 10 : 3.
- " Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni : kuko ari imbaraga y' Imana ihesha uwizera wese gukizwa. " Abaroma 1: 6.
- " Mumenye ko uyobora umunyabyaha ; akamukura mu nzira ye yayobeyemo, azakiza ubugingo urupfu ; kandi azatwikira ibyaha byinshi." Yakobo 5 : 20.
- " Ababiba barira ; bazasarura bishima. Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishimye azanye imiba ye. " Zaburi 126: 5-6.

13. Imana ivuga iki ku batanga ubuhamya bwo kwizera kwabo ?
- " Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru ; n'abahinduriye benshi kuba abakiranutsi, bazaka nk'inyenyeri iteka ryose. " Danieli 12 : 3.
- "Erega ibirenge by'uzanye ubutumwa bwiza ni byiza ku musozi, akamamaza iby'amahoro, akazana inkuru nziza, akamamaza iby'agakiza." Yesaya 52 : 7.
- " Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu, nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data uri mu ijuru. " Matayo 10 : 32.

14. Mbese abakristo bose bafite impano zimwe zo gukoresha mu murimo ?
- " Nk'uko mu mubiri umwe dufite ingingo nyinshi, zikaba zidafite umurimo umwe ; natwe ni ko turi : kuko turi benshi, nyamara turi umubiri umwe muri Kristo, umuntu wese ni urugingo rwa mugenzi we. Nuko kuko dufite impano zitandukanye, nk'uko ubutumwa twahawe buri." Abaroma 12: 4-6 ; ndetse no mu Befeso 4 : 11-12 ; Abakorinto 12.
- " N'ugabura ibyayo , abigabure nk'ufite imbaraga Imana itanga. " 1 Petero 4 : 11.

**ABAKORERA BAGENZI BABO BARAHIRWA, ABIKORERA UBWABO BAFITE AKAGA.**

**YESU N'UBUHAMYA**

- Filipo aramusubiza ati "Ngwino urebe" Yohana 1 : 46.
- Kandi duhamya ibyo twabonye. Yohana 3 : 11.
- Umugani w'umububyi. Matayo 13 : 3-9, 18-23.
- Mube ari mwe mubagaburira. Mariko 6 : 37.
- Gusabira abandi ibyo kurya. Luka 11 : 5-8.
- Gutanga ibyo kurya mu gihe gikwiye. Luka 12 : 42-43.
- Guhatira abantu kwinjira. Luka 14 : 23.
- Imigani yerekeranye n'ibintu byari byazimiye bikongera kuboneka.

Luka 15.

- Umugani w'abakozi bahamagawe ku masaha atandukanye. Matayo 20 : 1-16.
- Igiti cy'umutini kiteze imbuto. Mariko 11 : 12-14, 20-21.
- Andereya na Filipo bayobora abapagani kuri Yesu. Yohana 12 : 20-22.
- Umugani w'abakobwa cumi. Matayo 25 : 1-13.
- Umugani w'abagaragu bahawe itaranto. Matayo 25 : 19-30.
- Ntimuhagarike umutima w'ibyo muzavuga. Luka 21 : 13-15.
- Mujugunye urushundura ku ruhande rw'iburyo. Yohana 21 : 6.

| **TUGERAGEZE GUTANGA UMURIMO KU MUNTU UHINDUTSE VUBA NO KU MUKRISTO USHIKAMYE** | |
|---|---|
| **UMUKORERABUSHAKE UTARABIHUGUWEMO,UMUN-TU UHIDUTSE VUBA** | **UMUKOZIWABIHUGUWEMO,U-MUKRISTO USHIKAMYE** |
| -Umurimo wihariye | -Umurimo rusange |
| -Iteraniro rigizwe n’umuntu umwe cyangwa itsinda rito. | -Iteraniro ry’abantu benshi |
| -Kubwira inshuti ze | -Kubwira abantu atari asanzweazi |
| -Ubuhamya bw’ibyo Yesu yamukoreye | -Uretse n’ubuhamya bw’ibyo Yesu yamukoreye,yigisha n’amahame ndetse n’iyobokamana |
| -Kuyobora undi kuri Kristo ndetse no kuguhinduka | -Uretse kuyobora undi ku guhinduka,anamugira umwe mu bagize itorero |
| -Muri rusange akoresha igihe gito ubundi akishakira ibitunga ubugingo bwe bw’iby’umwuka n’iby’umubiri | -Akenshi akoresha igihe cye cyose,agatungwa n’ubutumwa bwiza |

**AMAKOSA UKU KURI GUKWIYE GUKOSORA**

- .Ku mukristo ibyo guhamya no gusangira n’abandi ibyo kwizera afite muri Yesu, ntabwo ari ngombwa; ni igikorwa cyabaho cyangwa ntikibeho ntibigire icyo bitwara.
- . Abantu babyigiye gusa nibo bagomba guhamya
- .Ubuhamya bwacu nibwo bugena ahazaza h’iteka h’undi muntu.Yohana 1:9

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

- Imana ishaka ko duhamya kuko bidufitiye akamaro. Nubwo uburyo bukoreshwa butandukanye, umukristo nyakuri ahorana icyifuzo cy’umwimerere kimuhatira kuvuga ibyo yizera.
- .Umuntu unezerewe wa mbere ku isi ni uwitangira gukorera abandi, umunyabyago kurusha abandi ni ushaka mbere yabyose inyungu ze .
- .Umurimo wa gikristo mu mibereho y’iby’umwuka, ugereranywa n’imyitozo ngororangingo mu buzima busanzwe.
- .Ntawe utanga icyo adafite.

***IHAME RYA 80: KU BYEREKERANYE N’IBISHUKO NI UKUMENYA NIBA IMIBEREHO YACU IGENGWA CYANGWA ITAGENGWA NA KRISTO***

Mbese waba utarageragezwa ? Waba se warigeze uba umuhigo w’ibishuko?Ikindi kibazo nshobora kongeraho ni iki: Ese waba uri ikiremwamuntu?Igishuko ni ikintu gisanzwe mu buzima bwo kuri iyi si; kandi turi benshi tumaze gusobanukirwa ku by’ibyo tubona ko umwanzi ariho mbere y’uko tunatahura ko hariho Imana ku bw’imibereho tubaho.

Ubwo nari ingimbi, nizeraga ko gusakirana n’igishuko byagombye cyangwa biba byararangiye ubwo nari nujuje imyaka makumyabiri.Nyamara ubwo nagiraga imyaka 20 hanyuma 21 ndetse no kuyirenza,naje kumenya ko nkeneye indi myaka.Natekerezaga ko nzaba ntandukanye n’ikigeragezo icyo ari cyo cyose ubwo nzaba ngejeje ku myaka 30.Nyamara buri gihe cy’imyaka 10 cyazanaga urundi rutonde rw’ingorane. Ndashidikanya gutangaza imyaka naba nkeneye ubu! Ikibabaje kandi cy’ukuri ni uko turi mu isi y’ibishuko; Satani akaba ariho kandi akaba atagira umuntu n’ umwe arekera umutuzo.Kwihangana kwe ndetse n’ubuhendanyi bwe ntibigereranywa; kandi n’ iyo atagize uwo acumuza ntabura kumubabaza. Igishuko nta bwo ari igice cy’ibinezeza.Ibivugwa kuri Kristo mu Abaheburayo 2: 18“Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe abasha no gutabara abageragezwa bose’’

Ariko iyo igishuko kigejeje ku gutsindwa, kuneshwa no ku cyaha umubabaro urushaho kuba mwinshi. Iyaba twamenyaga gusa uburyo duhangana n’igishuko twagombye gusubiza ikibazo kibazwa n’abagabo n’abagore benshi.Akenshi uburyo bwakwifashishwa mu kunesha ibishuko biterwa n’ubushake umuntu afite cyangwa adafite; n’ibisa n’ibitunganiye umunyambaraga si ko biri ku munyantege nke.

Mu gihe tuvuga kuri iki kibazo twibutse na none ko icyaha atari ikibazo cy’imiterere y’imibereho.Twamaze kubona ko icyaha (mu bumwe) ari ukubaho imibereho itishingikirije ku Mana; naho ibyaha (gukora ibikorwa bibi) ni ingaruka yo gutandukana n’Imana. Mu buryo busa n’ubwo,tubasha gutandukanya igishuko mu buke(Igishuko cyo kubaho umunsi ku wundi nta gushyikirana na Kristo)n’ibishuko (mu bwinshi) bijyanye n’ibikorwa bibi n’imyifatire idahwitse.

Niba ntsindwa n’ibishuko (mu bwinshi) , ikibazo cyanjye nyirizina cyaba ari iki he?Ni ukubura ibyiringiro bihoraho mu Mana. Niyo mpamvu umwanzi akora uko ashoboye ngo aburizemo umushyikirano udatezuka tugirana na Kristo kuko ari bwo ibyiringiro byacu mu Mana bijya mbere. Niba Satani abasha kuduhatira kubaho dutandukanye na Yesu Kristo ibishuko bizahita bidutsinda.

’’Umutima womatanye n’Imana uyikuraho imbaraga uko ukomeza kugirana umushyikirano uhoraho nayo.Igihe umutima ugize akamenyero ko kuganira n’Imana, ububasha bw’umwanzi burashenjagurika kuko atabasha kuguma hafi y’umutima wiyegereza Imana.“ Byavuzwe na Ellen White muri SDA Bible Commentary(Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’itorero ry’abadiventiste b’umunsi wa karindwi)Vol.7 p.937

Reka tubihamye:Ku birebana n’ibishuko, umuzi w’ibibazo ni ukubaho imibereho itandukanyijwe na Kristo. Niba wemera guhora utangira umunsi udafashe igihe cyo gusenga no kwiga ijambo ry’Imana, niba hari intera hagati yawe n’umwami Yesu,wamaze gutsindwa .Ibishuko ntibibasha gutsindwa keretse tugiranye umushyikirano na Yesu gusa.Niba dushaka kumenya uburyo twatsinda ibishuko (mu bwinshi), tugomba guhora tugenza dutyo,twibaza uko twatsinda igishuko (mu buke) igishuko cyo kubaho dutandukanye n’Imana.

Ariko umukristo wegurira imibereho ye mu biganza bya Kristo buri munsi agafata igihe ngo amumenye rwose,akarushaho kumwiringira rwose, abasha n'ubwo bimeze gutyo kumenya ko atashutswe gusa ko ahubwo yanatsinzwe n'ibishuko. Niba ari ko biri kuri wowe, isomo ku miterere y'ibishuko ryakubashisha kubona igisubizo cy'icyo kibazo.

***IHAME RYA 81: IBISHUKO BIHINDUKA IBYAHA IYO TUBIHAYE ICYICARO MU NTEKEREZO ZACU.***

Tuvuge ko ubwo wabyukaga muri iki gitondo, wafashe icyemezo cyo kumara isaha wiherereye usenga witegereza imibereho ya Kristo. Wamurarikiye kuyobora ubuzima bwawe, ndetse wemeye impano ze zo kwihana n'imbabazi muri uwo munsi utangiye. Wamweretse imigambi yawe ndetse umusaba kukuyobora. Maze utangira akazi kawe.

Ariko mbere y'uko bwira usanze wacumuye. Watsindwe na kimwe mu bishuko by'umwanzi, maze mu gusuzuma uko byagenze wibaza uti: "Kuki? Gute? Nateshutse he?".

Reka turebe muri make "ibice bigize" igishuko.
Twamaze kuvuga ko iyo ukomeje guhanga amaso Kristo, nta bubasha icyaha kiba kigufiteho no mba. Iyo utangiranye umunsi wawe n'Imana, uba wishyize mu bushobozi bwayo. Igihe cyose uzakomeza kwishingikiriza ku Mana, umubisha ntashobora kugucumuza. Mu by'ukuri, iyo wishingikirije burundu kuri Kristo, uzinukwa ibyaha. Umwanzi azi neza ko azaba atakaza igihe cye mu kwihatira kugushuka ngo ukore ibikorwa bibi. Mbere ya byose mu buryo bumwe cyangwa ubundi, agomba gutuma ukura amaso kuri Kristo, ndetse agaca imirunga yo kumwishingikirizaho ikuboheye kuri we.

Mu gitabo Imibereho ihebuje(Une vie meilleure, p.109) havuga ngo: "Tukimara kuba ba nyamujyiryanino mu kwiringira Imana kwacu, duhita dutsindwa n'igishuko"
.
Twamaze gushyira ahagaragara uburyo umwanzi akoresha ngo adukure kuri Kristo. ( Reba urutonde rwabyo mu Kugana Yesu p.57, akora uko ashoboye ngo atume utwarwa n'ibinezeza, imihangayiko, guhugirana, ishavu, amakosa y'undi muntu, amakosa yawe, ndetse no kudatungana kwawe cyangwa ubwoba ku byerekeranye n'agakiza kawe. Iyo uteye Kristo umugongo, maze ugatangira kwitegeho amakiriro ibihindizo byawe biratentebuka ndetse umwanzi akaba ashobora ku kwinjirana akwereka ibishuko uzabona byanze bikunze ko ari byiza.

Akenshi iri hinduka ribaho utarabutswe; aho guhanga amaso kuri Kristo wirebaho, aho kwishyira mu maboko y'Imana ngo unayiringire, ukigenga. Ikimenyetso cya mbere cy'iri hinduka kigaragara iyo umwanzi akweretse kimwe mu bishuko bye ukabona ko kigukurura.
Mu gitabo Reka nkwiringize(Let me assure you), Edward WICK asesengura igishuko mu ntambwe eshanu: igishuko, igitekerezo, kwemera, umugambi, igikorwa.
Tuzisuzume imwe imwe:
1. Igishuko:umwanzi atwereka ibishuko bye maze akaturehereza gukora ibyaha. Ntashobora kuduhata; aratureshya. Gushukwa si icyaha. Yesu yarashutswe.
2. Igitekerezo:Imana ntisuzugura ubwenge bwacu. Ntabwo tunesha, ubushobozi bwo gutekereza kwacu butabigizemo uruhare. Yesu ubwe, yafashe igihe cyo gutekereza ku gishuko umwanzi yari amweretse, kugira ngo abone icyo amusubiza. Kwita ku buremere bw'igishuko no kumenya uko giteye ntabwo ari icyaha
Niwishingikiriza kuri Yesu mu gihe cy'ibishuko, ntuzajya kure cyane. Umwuka w'Uwiteka azabamba ihema ryo gukumira umwanzi, maze uhabwe kunesha. Ariko nureka guhanga amaso

Kristo, ukirebaho, niba uteze amakiriro ku mbaraga zawe bwite, nta kindi wakora kitari ugutera intambwe ikurikiyeho,aho ibishuko bihindutse ibyaha,ni ukuvuga igihe tubyemeye.

3. Kwemera :kwemera ni iki ?Ni ugusubiza uvuga uti : "Byaba byiza ! "Ntibisaba kuvuga ngo : "Ni byo,ngiye kubikora. "Kuko ibyaha bitangira mbere y' uko ibikorwa bitangira.Yesu yavuze muri Matayo 5 ko nurakara uba uri umwicanyi,ndetse no kwifuza umugore uba uri umusambanyi.Ntabwo ari ngombwa ngo urenge iyo ntambwe ya gatatu ngo ube ukoze icyaha imbere y'Imana. "Imbaraga y' icyifuzo kibi ihishura guhaba k'umutima wacu ".Imibereho ihebuje(Une vie meilleure, p.110).
4. Umugambi :Bitewe n'imiterere y'igishuko,iyi ntambwe ishobora kuba ngufi cyangwa urusobe.Ndetse n'umuntu ufite imbaraga ikomeye y'ubushake,mu gushinyiriza, akabasha kwibuza gutera intambwe ya gatanu, abasha gufata igihe cyo kugambirira,kuko abona ko ari byiza !Umunyantege nke azakora imigambi ndetse ayishyire mu bikorwa.
5. Igikorwa :Nibura ku munyantege nke,umugambi uhindutse igikorwa.Ariko zirikana neza ko atari iyi ntambwe yemeza ko umuntu yacumuye cyangwa atacumuye.Icyaha cyatangiye ku ntambwe ya gatatu,mu gihe cyo kwemera.

Inkuru nziza,ni uko igihe cyose muri izi ntambwe eshanu ushobora kumenya akaga urimo maze ugahindukirira Kristo ngo uhabwe kwihana n'imbabazi. Ahora yiteguye kutwakira igihe cyose tumusanze. Igihe cyose tuzakomeza gushaka kugira na nawe umubano n'umushyikirano' umunsi ku wundi, azatuyobora kugeza ubwo tuzaba twishingikirije kuri we atari rimwe na rimwe gusa, ahubwo akanya kose k'ubuzima bwacu. Ubwo nibwo umwanzi azarushywa n'ubusa ashaka kutugerageza.

### *IHAME RYA 82 :YESU YASHUKISHIJWE GUKORA IBYIZA AKORESHEJE UBUBASHA BWE BWITE; NATWE NI KO BITUGENDEKERA.*

Ese waba warigeze ushukishwa guhindura amabuye imitsima? Nabaye umuhigo w'ibishuko byinshi ariko sinigeze mpura n'igisa n'icyo! Kuki ? Kuko umushukanyi yaba azi ko ata igihe. Sinabibasha niyo naba mbyifuza.
Ese ni bibi guhindura amabuye imitsima? Ese ni ikosa gusonza mu gihe umaze ibyumweru bitandatu utarya? Hashize igihe ubwo Yesu yari mu murimo, ayobowe na Se yatubuye imitsima n'amafi akoresheje imbaraga ndengakamere kandi abigaburira abantu baherukaga ifunguro rya mu gitondo. Umushukanyi ntiyashukishije Kristo guhindura amabuye ibisuguti (friandises) cyangwa keke. Yamushishikarije guhindura amabuye imitsima – kandi icyo ni cyo gikwiriye umuntu umaze iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine atarya.

Ibishuko byose umwanzi yatekereje kugirango ateshure Yesu ku mugambi we byari bifite icyo bihuriyeho. Buri gishuko cyose cyari kigendereye kubuza Yesu kwishingikiriza ku bubasha bwa Se no kumushora mu gukoresha ubushobozi yari afite kuva akivuka.
Mu maso ya Yesu, icyaha cyari ikizira. Yakundaga gukiranuka akanga gukiranirwa. Reba Abaheburayo1:8-9. Bityo rero, umushukanyi ntiyashoboraga kumureshya amushukisha gukora ibikorwa bibi. Icyo yashoboraga kwari ukumushukisha gukora neza ariko akoresheje ubushobozi bwe bwite.

Tuzavuga mu buryo burambuye kamere ya Yesu mu ihame rya 90 kugeza kurya 94. Ariko kugira ngo tubashe kumva iyi ngingo ijyanye n'ibishuko tugomba kumva ibi: Yesu ntiyashukishijwe gukora ibikorwa bibi. Yashukishijwe gukora ibikorwa byiza ariko akoresheje ubushobozi bwe bwite, kandi natwe dushukwa gukora nk'ibyo.
Mu Byahishuwe 3:14 – 22, hari ubutumwa bwagenewe itorero ry'i Lawodokiya. Iryo torero ntiryigeze ribura gukora imirimo myiza, ahubwo nta mushyikirano rigirana na Yesu. Tubona Yesu akomanga kugira ngo yemererwe kwinjira. Umunyalawodokiya ntakeneye kwihana ibyaha ahubwo akeneye kwihana icyaha. Yabaye imibereho izira amakemwa ariko atandukanijwe na Kristo.

Yibagiwe ko “mu maso y’Imana ibigaragara ntacyo bimaze. Nta rukundo rw’Imana mu mutima, imihango igaragara y’idini nta mumaro igira”. Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’ itorero ry’Abadiventisite (Commentaire d’Ellen G. White, SDA Bible Commentary, Vol7,p.958)

Laodokiya ni itorero ryuzuye abagabo n’abagore b’abanyambaraga batumva ko bakeneye umukiza. Ariko ku murongo wa 21 hari inkuru nziza ku banyalaodokiya mu buryo bw’isezerano ku bazanesha. Ni ubuhe buryo bwakoreshwa kugira ngo uneshe?
Dushobora kunesha nk’uko Kristo yanesheje . Kristo yisungaga imbaraga mvajuru aho gukoresha imbaraga zari muri we, natwe tubasha kumwigana.

Umushukanyi azihatira kutugusha mu buryo bumwe nk’ubwo yashakaga kuneshamo Kristo. Kandi nk’uko mu buryo bubabaje tubizi, biramushobokera gutuma dukura amaso ku Mukiza. Satani ntabwo aza kutubaza niba twiteguye gukora icyaha giteye isoni. Yihatira gusa kuzuza iminsi yacu, amasaha yacu, n’iminota yacu urusobe rw’ibintu, byiza ubwabyo ariko biduteshura kuri Yesu. Akora uko ashoboye kose kugirango duhugirane cyane bitume tubura akanya ko gushyikirana na Kristo no kunoza umushyikirano wacu nawe. Ntacyo bimutwaye kuba twatwawe n’imirimo y’itorero tugahugirana ntitubashe guhanga amaso Yesu Kristo. Hano tugeze ku ndiba y’ikibazo. Iby’imirimo yacu "myiza" ntacyo bimubwiye iyo tuyikoresheje imbaraga zacu bwite.

Nyamara twaraburiwe ku bijyanye n’iyo ngorane. Yesu ntabwo yazanywe no kudupfira gusa ahubwo yaje kutwereka uburyo bwo kubaho. Yaje kutwereka uburyo bwo guhangana n’umwanzi udushukisha gutandukana n’Imana ngo twishingikirize kuri twe ubwacu. Ubwo tuzamenya icyo icyaha n’igishuko bisobanura tuzamenya aho twakura imbaraga. Ni twanga kureka kwisunga Kristo, nubwo haba hari impamvu zifatika tuzahinduka abaneshi kubw’ububasha bw’Imana.

## *IHAME RYA 83 : UMWAMI IMANA IZI GUKIZA IBISHUKO ABAMUNAMBAHO,ARIKO NTAKIZA ABABI.*

Hashize imyaka myinshi nita ku matorero akorera mu bigo by’amashuri. Kwigisha isomo mu mashuri yisumbuye buri gihembwe byamfashije kumenyerana n’abanyeshuri. Ibyo bihora binyibutsa kudashyira mu gaciro ku byerekeranye n’amanota. Mu buryo bwihuse abanyeshuri bakoze uko bashoboye kugirango be kwiga ndetse n’ibyigisho byabazanye! Bihutira kwiga umwarimu no gusesengura imyigishirize ye. Bapfusha ubusa igice kinini cy’igihembwe, maze ku munota wa nyuma bagashyuha imitwe ngo ahari babona icya kabiri.

Abanyeshuri banjye bagerageje kuburizamo ibyo nkora byose ngo mbigishe ikintu runaka; maze nanjye ngerageza kuburizamo ibyo bibwiragara! Kubw’ibyo, natekereje ubundi “buryo bwo gutanga amanota”. Nsezeranira icya kabiri cy’amanota ku munyeshuri wese uza mw’ishuri buri gihe kandi agakora imikoro uko bikwiriye, mu gihe cyabyo, ntitaye ku manota yabonye mu isuzumabumenyi ryanditse cyangwa mu bizamini.

Ikintu gitangaje kandi gisekeje ni uko mu myaka myinshi nigishije mpura n’abanyeshuri amagana, nta na rimwe nigeze mbona uwazaga buri gihe mu ishuri agatangira imikoro ye igihe wigeze abura icya kabiri. Umunyeshuri wakurikiye neza isomo kandi agakora imikoro, nta kimubuza gusubiza neza mu gihe cy’isuzumabumenyi ryanditse cyangwa mu bizamini!

Ariko isezerano ryanjye ryagumyeho. Abakora neza umurimo wabo umunsi ku wundi bazitwara neza ku munsi w’ibizamini. Imana yasezeranye kurokora abayubaha ibishuko "Umwami Imana izi gukiza abayubaha " 2Petero2 : 9

"Abubaha Imana" ni bande? Ese wigeze utekereza ko uramutse "wubaha Imana" utakenera ubufasha bwo gutsinda ibishuko? Muri Zaburi 1:6 havuga hatya:"kuko Uwiteka azi inzira y'abakiranutsi, ariko inzira y'ababi izarimbuka" Abantu bubaha Imana rero ni abakiranutsi, naho ababi ni abakiranirwa. Abubaha Imana, ni ukuvuga abakiranutsi, ni abatitegaho amakiriro, ntibanayategе ku gukiranuka kwabo bwite, ahubwo bakayatega ku gukiranuka kwa Yesu. Abo ni abavugwaho ibi:"Umwami Imana izi kubakiza ibibageragеza" Abantu babi ni ukuvuga abakiranirwa, ni abatega amakiriro ku gukiranuka kwabo bwite, no ku mbaraga zabo bwite. Nyamara ari ugukiranuka ari n'imbaraga ntabyo bafite! Imana ntishobora gukiza ibishuko abantu bategа amakiriro ku bushobozi bwabo gusa.

Ese dushobora kuvuga ko Umwami Imana itabasha gukiza umuntu mubi ibishuko? Ni kangahe wagerageje kubaho imibereho ya gikristo bikakunanira kuberako,mu bihe biruhije washatse kwitabaza imbaraga udafite? Ni nko gushaka gutsinda ikizamini cy'isomo utize, cyangwa gusinya sheki nta faranga na rimwe ufite muri banki.

Dusoma muri Rengera ubuzima (Le ministère de la guérison, p.441) :"Iyo tutagishyikirana n'Imana, dusigara nta kirengera. Si imigambi yacu myiza cyangwa ibyemezo byiza dufata bitubashisha gutsinda ikibi. Tugomba kuba abagabo n'abagore basenga".

Uko urushaho gushaka Imana umunsi ku wundi ari nako uhindurwa no kuyihanga amaso, niko usobanukirwa ukuntu ari ubupfu gutega amakiriro ku ntege nke zawe. Ubwo uzarekeraho kugerageza kurwanya icyaha na satani wowe ubwawe, umwami Imana izagutabara. Afite ububasha bwose mw'ijuru no mu isi, kandi iyo wishingikirije ku bubasha bwe, kunesha biba ihame.

### *IHAME RYA 84 : NTABWO DUTSINDA IBISHUKO ARI UKO BIJE, AHUBWO TUBITSINDA BURI GIHE MBERE Y'UKO BYIGARAGAZA*

Umunsi umwe numvise umubwiriza avugira ku ruhimbi ingero nyinshi zerekeye uburyo yatekerezaga twatsindamo ibishuko. Aravuga ati:" Tekereza ko bikugoye kureka ibisindisha. Ugiye ku mucuruzi wa vino ndetse uguze yo icupa rimwe. Wicaye mu ivatiri yawe, upfunduye icupa urishyize ku munwa. Ako kanya uhise umenya ko washutswe!" Ibyo ni ukuri !

Umubwiriza arakomeza: "Tekereza ko uri umuntu ukoresha cyane ikiyobyabwenge, uhuye n'umucuruzi wabyo ndetse ukagura urugero runaka rw'ikiyobyabwenge kirusha ibindi gukariha. Utashye iwawe, uteguye urushinge, ushyuhije gato imvange y'ibiyobyabwenge, noneho igihe ugiye kwitera urushinge ukibuka ko wari ushutswe. Wakora iki ?"

Birashoboka ko imwe mu ngorane zacu zikomeye mu byerekeranye n'igishuko iterwa n'uko dutegereza igihe nk'icyavuzwe n'uyu mupasitoro, hanyuma tukagerageza gufata umwanzuro w'ikigomba gukorwa. Ariko muri icyo gihe biba byatinze cyane. Niba byose bihera mu bitekerezo, tuba twamaze gutsindwa n'igihsuko duhuye nacyo niba tubuze kwiringira Kristo ndetse tukarekeraho kwishingikiriza kuri we. Niba ibyaha atari ibikorwa bibi gusa ahubwo bikaba n'ibyifuzo byacu bibi, n'ibitekerezo byacu bibi ndetse n'imigambi mibi( nk'uko twabibonye mu bice bibanza ) wari wamaze gutsindwa n'igishuko na mbere y'uko ujya ku mucuruzi wa vino cyangwa mbere yuko uhura n'umucuruzi w'ibiyobyabwenge. Igishuko kiba cyabaye icyaha igihe umaze ku cyemerera mu bwenge. Kugambirira no gushyira mu bikorwa bikurikiraho ni ingaruka ndakuka z'icyaha cyamaze gukorwa.

Tubwirwa mu gitabo Imibereho Ihebuje (Une vie meilleure,p. 11):"igihe cy'igishuko kibanziriza icyaha gishishana si cyo kikirema, icyo gikora gusa ni ukugaragaza ikibi cyari cyihishiriye mu

ibanga ry'umutima. Umuntu "ateye nk'uko ibitekerezo byo mu mutima we biri". Kuko mu mutima w'umuntu "ariho iby'ubugingo biva" (Imigani 23:7; 4:23).

Niba utsinzwe ikizamini cy'imibare, ingorane nyayo yatangiye igihe wirengagizaga gufata mu mutwe mara(X) cyangwa ukareka gusubiza amahurizo wagombaga gukora umunsi ku wundi. Niba muri banki konti yawe ntakikiriho, ingorane nyayo yatangiye igihe wibagirwaga kwandika sheki utanze cyangwa igihe wakoze amakosa mu ibaruramari ryawe. Niba urimo urohamira aho amazi ari maremare mu kidendezi, ibyo bitewe n'uko utigeze witoza kogera neza ahantu hatari amazi menshi. Abanmyambaraga bakoresheje uburyo bwose bushoboka ngo babashe kuzinukwa icyaha mu gihe cy'igishuko. Abanyantege nke nabo bagerageje ubwo buryo baza gusanga nta cyo bubatabayeho. Ingorane ntishingiye ku kubona amagambo akwiriye mu isengesho cyangwa yo kuririrmba mu gihe cy'igishuko. Ingorane ni ukujya ku isoko y'imbaraga kugirango igishuko nikiza umwuka w'Uwiteka abashe kubambira amahema ye kukurinda umwanzi.

Uburyo bwose bushingiye kukwihagararaho igihe ikigeragezo cyaje buzatuma wihangaho amaso ndetse kandi ntacyo bizakugezaho. Inzira imwe rukumbi yo gutsinda icyaha n'umubi ni ukureba Yesu ntabwo ari ukwireba. Abanyambaraga nabo bamaze kubona ko iyo batandukanye na Kristo icyo bashobora kwiringira gusa nu ugutsinda ibigaragara. Ntibashobora guhindura iby'imitima yabo yifuza.

Igihe Yesu yari agarutse aho abigishwa be bari bari mu murima w'i Getsemani yarababwiye ati: "ni mubyuke musenge kugira ngo mutajya mu moshya." Luka 22:46 Mbese bari bashutswe muri icyo gihe?. Ni koko bari bashutswe ngo basinzire! Bari batsinzwe n'igihsuko mu kwirengagiza gukomeza kubana n'imbaraga mvajuru, icyo ni cyo cyabateye kuneshwa mu gihe cy'ibihsuko. Kandi kubwo kwirengagiza kwabo, igihe ibihe bikomeye byaje, bose bahanye umwigisha baranahunga.

Dusoma mu Baheburayo4:16;"Twegere intebe y'ubuntu tudatinya kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" Ibihe byinshi twagiye twumva aya magambo nk'aho avuga ko tugomba kwegera intebe y'ubuntu tudatinya kugira ngo dutabarwe mu byo dukeneye. Ni byo koko Yesu aratwakira igihe cyose tumugarukiye, ariko ni mu kwiringira imbabazi ze ku ntebe y'ubuntu ubu tuzabona ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye. Umwami Imana atubabarira buri gihe ibyaha byacu, ariko tuzakizwa akamenyero ko gucumura ni tujya kuri we ndetse tugasaba imbaraga ye mbere y'isaha y'igishuko. Duhabwa kunesha iyo twiga kuguma muri we umunsi ku wundi, akanya kose.

## *ICYIGISHO CYA 17:IGISHUKO*

1. Icyaha ni iki?
"Igikorwa cyose kidakoranwe kwizera kiba ari icyaha" Roma 14:23
Impugukirwa: Niba umutima w'ikibazo cy'icyaha ari ugukora icyiza cyangwa ikibi tudafitanye umubano wo kwizera n'Imana, umutima w'ikibazo mu bijyanye n'igishuko ni ukubaho dutandukanye na Kristo.
2.Ni iyihe ngaruka y'icyaha, aribyo kubaho dutandukanye no Kristo?
"Umuntu wese ukoze icyaha aba yishe amategeko kuko icyaha ari ukwica amategeko" 1Yohana 3:4
Impugukirwa: Umuntu wese ugwa mu gishuko cyo kubaho atandukanye n'Imana, azagwa no mu gishuko cyo gukora ibikorwa bibi.
3.Ese hari uwo Imana yigeze ishuka?
"Umuntu niyoshwa gukora ibyaha, ye kuvuga ati:Imana niyo inyoheje, kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi cyangwa ngo nayo igire uwo ibyoshya" Yakobo 1:13

4. None se ibishuko biva he?
Mu isi no kwifuza kwayo. 1Yohana 2:16 – 17
Muri kamere no mu kwifuza kwayo. Yakobo 1: 14-15; 1Petero 2:11.
Kuri Satani umushukanyi 1 Tesalonike 3: 5; Matayo4: 1.
5. Mbese igishuko ni icyaha?
"Maze Yesu ajyanwa n'umwuka kugeragezwa n'umwanzi" Matayo 4:1.
IMPUGUKIRWA: Yesu ntiyigeze akora icyaha, biragaragara ko igishuko atari icyaha.
6. Ni ryari igishuko kiba icyaha?
"Mwumvise ko abakera babwiwe ngo ntukice, uwica akwiriye guhanwa n'abacamanza. Ariko njyewe ho ndababwira yuko umuntu wese urakarira mwene se akwiriye guhanwa n'abacamanza, uzatuka mwene se ati wa mupfu we akwiriye guhanwa mu rukiko, uzabwira mwene se ati wa gicucu we, akwiriye gushyirwa mu muriro w'i Gihenomu" Matayo 5:21-22.
v "Umuntu wese ureba umugore akamwifuza, aba amaze gusambana nawe mu mutima we" Matayo 5:28.

**IBISHUKO BIHINDUKA ICYAHA IYO TUBIHAYE ICYICARO MU NTEKEREZO ZACU.**

7. Bibiliya ivuga iki ku kwemera icyaha?
"Mwana wanjye abanyabyaha nibakoshya ntukemere" Imigani 1:10.
8. Mbese ni icyaha gutekereza ikibi?
"Mbese abagambirira ikibi ntibaba bayobye? Ariko abagambirira ibyiza bazabona imbabazi n'umurava" Imigani 14: 22. Reba Abaheburayo 4:12.
9. Mbese Yesu yashukishijwe gukora ikibi cyangwa gukora icyiza?
"Amaze iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine atarya abona gusonza. Umushukanyi aramwegera aramubwira ati: Niba uri umwana w'Imana bwira aya mabuye ahinduke imitsima". Matayo 4:2,3.

**IMPUGUKIRWA**: Ntabwo ari bibi kugira inzara umaze ibyumweru bitandatu utarya. Kuri Yesu icyaha cyari ukubura ibyiringiro muri se ndetse agakora ikintu cyiza akoresheje imbaraga ye bwite. Yesu yashukishijwe gukora neza ariko akanabikoresha ubushobozi bwe bwite. Natwe dushobora gushukwa muri ubwo buryo. Buri munsi dushukishwa kwitwara neza dukoresheje imbaraga zacu tutishingikirije kuri Kristo.

10. Mbese Yesu yashukishijwe kubaho yishingikirije ku bubasha bwe bwite?.
"Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose" Heb.2:18
11. Mbese gushukwa ni ibisanzwe?
"Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari rusange mu bantu" 1 Korinto10:13
12. Mbese igishuko kibasha kuba umugisha?
"Hahirwa uwihanganira ibimugerageza; kuko namara kugeragezwa, azahabwa ikamba ry'ubugingo" Yakobo 1:12
13. Mbese dushobora kwishimira mu bigeragezo?
"Benedata, mwemere ko ari ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza, mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana." Yakobo 1:2,3
14. Ninde ubasha kudukiza mu gishuko?
"Umwami Mana azi gukiza abayubaha ibibagerageza" 2Petero2: 9, Reba na none Tito2:11,12.

**UMWAMI IMANA AZI GUKIZA ABAMUNAMBAHO IBISHUKO ARIKO NTAZAKIZA ABABI.**

15. "Abamwubaha" ni bande?.
"Kuko Uwiteka azi inzira y'abakiranutsi, ariko inzira y'ababi izarimbuka" Zaburi 1:6.

IMPUGUKIRWA: Iri somo ryerekana ko abubaha Imana ari abakiranutsi, kandi ko ababi ari abakiranirwa. Abantu bubaha Imana ntibitegaho amakiriro no kugukiranuka kwabo bwite. Niyo mpamvu umwami Imana izi kubakiza mu gishuko. Ababi bishingikiriza ku guhiranuka kwabo no kumbaraga zabo bwite, kandi nta byo bafite! Imana ubwayo ntibasha gukiza abiringira imbaraga zabo bwite.

16. Mbese umwuka wera ashobora kudufasha gutsinda ibishuko?
"Muyobowe n'Umwuka, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira" Gal 5:16, reba na none Roma 8:14.
17. Mbese amasezerano akubiye mw'ijambo ry'Imana ashobora gufasha mu kudukiza mu gishuko?
"Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mw'isi no kwifuza". 2Petero 1: 4, Reba nanone Matayo4: 4,7,11.
18. Ni irihe sezerano ryihariye ryagenewe abageragezwa?
"Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari rusange mu bantu; kandi Imana ni iyo kwizerwa, kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira" 1 Korinto10:13; reba na Yesaya 59:19
19. Ese ukunesha kuba ryari? Ni mu gishuko se cyangwa ni mbere yacyo?
"Nuko rero twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe (ubu), tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" Abaheburayo 4:16.
20. Ese ibyo bibasha kuvuga ko ibishuko bitsindwa bitari byanagaragara?
v "Mube maso, musenge(ubu), mutajya mu moshya (ubwo amoshya azagaragara)."Matayo 26:41.
v "Ikibasinzirije ni iki? Nimubyuke musenge(ubu), kugira ngo mutajya mu moshya(Ubwo amoshya azagaragara)" Luka 22:46.

**UDAFITE AMAFARANGA MURI BANKI NTIWASHOBORA GUSINYA SHEKI. NTABWO DUTSINDA IBISHUKO ARI UKO BIJE, AHUBWO TUBITSINDA BURI GIHE MBERE Y'UKO BYIGARAGAZA.**

21. intambwe z'igishuko n'icyaha ni izihe?
- Igishuko: 1Abakorinto10:13 (ntabwo ari icyaha)
- Igitekerezo: Matayo 4:1-11 (Ntabwo ari icyaha)
- Kwemera: Matayo 5:27,28 (Icyaha)
- Umugambi: Imigani14:22 (icyaha)
- Igikorwa: 1 Yohana3:8 (icyaha)

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA.**
- Icyaha ni ugukora ibikorwa bibi gusa.
- Igishuko ni icyaha.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA.**

- Ku byerekeranye n'ibishuko,ikibazo cy'ingenzi ni ukumenya niba imibereho yacu igengwa cyangwa itagengwa na Kristo.
- Ibishuko bihinduka ibyaha iyo tubihaye icyicaro mu ntekerezo zacu.
- Yesu yashukishijwe gukora ibyiza akoresheje ububasha be bwite, natwe niko bitugendekera.
- Umwami Imana azi gukiza abamunambaho ibishuko, ariko ntakiza ababi.
- Ntabwo dutsinda ibishuko ari uko bije, ahubwo dutsinda buri gihe mbere y'uko byigaragaza.

***IHAME RYA 85: KUNESHA NTABWO ARI UMURIMO W'AMABOKO YACU;TUGUHABWA N'IMANA.***

Muri buri butumwa bw'amatorero arindwi yo mu byahishuwe igice cya mbere kugera ku cya 3, hari inyigisho igenda igaruka : KUNESHA. Buri torero ryagiye rihabwa isezerano ryihariye ; isezerano riteganyirijwe abazanesha. Abwira itorero rya EFESO ati : " Unesha nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri Paradiso y'Imana " Ibyahishuwe2 :7. Abwira itorero rya SIMURUNA ati : " Unesha ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri. " Ibyah.2 :11. Abwira itorero rya PERUGAMO ati : Unesha nzamuha kuri manu yahishwe, muhe n'ibuye ryera, ryanditsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese, keretse urihabwa. " umurongo wa 17.

Abwira itorero rya TUWATIRA ati : " Unesha akitondera imirimo yanjye akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose " umurongo wa 26. Abwira itorero rya SARUDI ati : " Unesha ni we uzambikwa imyenda yera, kandi sinzahanagura na hato izina rye mu gitabo cy'ubugingo ; ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'Abamalayika. " Ibyah.3 :5.

Abwira itorero rya FILADELIFIYA ati : " Unesha nzamugira inkingi yo mu rusengero rw'Imana ya njye, kandi ntazasonza ukundi nanjye nzamwandikaho izina ry'Imana yanjye n'iry'ururembo rw'Imana yanjye, ni rwo Yerusalemu nshya : Izamanuka iva mu ijuru iturutse ku Mana yanjye ; kandi nzamwandikaho izina ryanjye rishya "umurongo wa 12.

Arangiriza ku itorero rya LAWODOKIYA agira ati : " Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami nk'uko nanjye naneshejwe nkicarana na Data ku ntebe ye " umurongo wa 21.

Mu bigaragara rero, kuba umuneshi ni ikintu cy'ingenzi cyane. Ku bazanesha, Uwiteka yatanze ibintu by'igiciro kugirango baharanire kubigeraho : Ububasha bwo kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo no kuri manu yahishwe, guhabwa izina rishya, gutwara amahanga, kwambara imyenda yera, kuba inkingi mu rusengero rw'Imana no kwicarana na Kristo ku ntebe ye y'ubwami.

Igihe mbwiye abanyumva ko kunesha ari impano, kenshi bibwira ko kunesha atari iby'ingenzi cyane. Agakiza, kwizera no kwihana ni impano. Ni inde wavuga ko ibyo atari ingenzi ? Umugambi Imana idufitiye, ni ukunesha ndetse no kurenza kunesha. Yifuza ko " turushishwaho kunesha " na Yo. Abaroma 8 :37.

" Igihe Imana ivuze ibyo kunesha ndetse no " kurenzaho ", iba ivuga ukuhe kunesha ? Ese kwaba ari ukunesha ibyaha ? Oya. Ni ukunesha ikintu kigoranye cyane ukunesha ; imibereho ya gikristo ni urugendo kandi ikaba n'urugamba ; ariko ntabwo ari ububasha bw'umuntu bwamuhindura umuneshi. Iyo ntambara ibera mu mutima ari na yo ikomeye kurenza izindi zose umuntu yigeze arwana kandi ifite umugambi wo gutuma umuntu ku giti cye yegurira ubushake bwe Imana n'ubutware bw'urukundo rwayo " Imibereho Ihebuje (Une Vie Meilleure, p.163)
Reba neza ko atari ikibazo cyo kureka gukora ibikorwa bibi, ahubwo ni ugutandukana n'inarinjye : Kwizinukwa ubwawe no kumva ushaka kureka Imana ikaba ari yo ikuyobora.

Ahari yaba ariyo ntambara rukumbi mu isi no mu ijuru isaba kumanika amaboko kugirango umuntu aneshe ! Niba ibyo ariko biri, byanze bikunze ukunesha ni impano kuko kwiyegurira Imana ari impano. " Naho kuri twe ubwacu, ntitubasha na rimwe kunesha ibyifuzo byacu bibi, ibyo twamenyereye bibi, yemwe habe no kunesha umwanzi uturusha imbaraga watugundiriye mu bibi

by'ububata bwe. Imana yonyine ni yo ibasha kuduha kunesha " Une Vie Meilleure (Imibereho Ihebuje) p.163.

Mu butumwa bwahawe itorero rya LAWODOKIYA, twabonye uburyo Imana iteganya kugirango umuntu aneshe. "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye ". Yesu yaba yaranesheje ate ? Yesu yanesheje kubwo gutega amakiriro k'ubushobozi bwa se no guhora agirana na Se umushyikirano uhoraho. Ntabwo ari uko yarwanije Satani akoresheje imbaraga ze bwite bona n'ubwo yari abifitiye ubushobozi tutagira. Kubwo kwizigira ubushobozi n'imbaraga bya Se, Yesu yabaye umuneshi. N'uko rero natwe nitwizigira Yesu kandi tukamwizera tuzanesha. " Uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi : ni ukwizera kwacu " 1Yohana 5 :4.

## *IHAME RYA 86 : MU RUGAMBA TURWANA NK'ABAKRISTO,TUGOMBA KUGIRA UMWETE MU NTAMBARA YO KWIZERA ;NAHO MU NTAMBARA YO KURWANYA IBYAHA TUGATUZA.*

Muri iki gihe, bavuga uburyo bwinshi bwa gahunda y'imyitozo ngororangingo. Imyitozo yabaye gikwira ku buryo abantu bamwe boretse ubuzima bwabo ku buryo budasubirwaho. Urwanjye ruhare nihitiyemo umwitozo nakwifuza kubona ngerageza mu buzima bwanjye bw'iby'Umwuka. Umwitozo uzabahindura abanyambaraga ngo muneshe ! Ese uriteguye ? Nuko rero nifuzaga ko mwaguma hamwe mutanyeganyega ari na ko mujya mbere !

Uwiteka yategetse abisirayeli bene uwo mwitozo mu itangira ry'urugendo rwabo bajya mu gihugu cy'isezerano. Icyo gitekerezo kiboneka mu gitabo cyo Kuva 14 :13-15, ubwo bari ku nkengero y'inyanja itukura. Iburyo ni ibumoso hari imisozi miremire kandi n'umwanzi yarushagaho kubasatira abaturutse inyuma. Ubwo ubwoba bwari bwabatashye, Uwiteka abohereza ubu butumwa abunyujije muri Mose : " Mwitinya, mwihagararire gusa murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi ; kuko abanyegiputa mwabonye uyu munsi mutazongera kubabona ukundi. Uwiteka ari bubarwanirire namwe mwicecekere. Uwiteka abaza Mose ati : " Ni iki gitumye untakira ? Bwira abisirayeli bakomeze bagende."

Uko ni ko gahunda y'umwitozoBibiliya idutegeka imeze :kujya mbere wihagarariye !
Ese byashoboka ko umuntu ajya mbere kandi yihagarariye, atanyeganyega ngo ave aho ari ? Byanze bikunze ibyo byabagezeho. Ese ntabwo mwaba mwarigeze kwicara mu modoka igenda cyangwa mu ndege yagurukaga ? Ese icyo gihe ntimwari mwicaye ahantu hamwe ?Abantu babona neza ukuntu byaba ari ibisazi kwiruka mu modoka irimo igenda cyangwa mu ndege irimo iguruka !Ntabwo ari ukurushywa n'ubusa gusa, ahubwo wanadandabirana ugatemba. Ni uko rero ugomba kuguma mu mwanya wawe ; nyamara unakomeza kujya mbere ndetse ukihuta kurenza uko wagenda uramutse uvuyemo ukiruka n'amaguru.

Ni buryo ki abana b'Isirayeli bagombaga kwihagarira ari nako bajya imbere ? Ku byo kurwanya umwanzi bagombaga kwihagararira, bagatuza, ntibanyeganyege - ariko bakajya imbere mu kwizera ! Iryo niryo tandukaniro hati y'intambara yo kwizera n'intambara yo kurwanya icyaha Imana iturarikira kurwana intambara yo kwizera ; ariko itwihanangiririza itubuza kwishora mu kaga ko kurwanya icyaha.

Intambara yo kwizera ni urugamba turwana buri munsi, twiteganyiriza igihe cyo gutekereza, gusenga kandi twiga imibereho ya Kristo kugirango tunoze umubano dufitanye na We. Kurwanya icyaha ni urugamba rwo gutsinda ibishuko n'ibyaha kugira ngo tujye guhangana na Satani n'ubushobozi bwe. Niba dushaka kujya mu rugamba rwo kurwanya icyaha, tuba twamaze

gutsindwa rugikubita. Abefeso 6 :12 haravuga hati : " Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri ahubwo dukirana n'abafite ubutware n'ubushobozi n'abategeka iy'isi y'umwijima n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. " Ngaho rero ! Niba tudakirana n'abafite umubiri n'amaraso, turwana buryo ki ? Twarwanya dute imyuka ? Hari uburyo bumwe rukumbi ; tugomba kubona imfashanyo y'undi Mwuka kugirango arwane mu cyimbo cyacu.

Ubundi ibyo ni byo Imana yasezeranye kudukorera : " Umuntu ntashobora kwikiza ubwe, ahubwo umwana w'Imana aramutabara, akamurwanirira, maze akamushyira ahantu heza, amugabiye imico ye y'ijuru ". Ellen WHITE, Review and Herald (Urwibutso n'integuza) 8, Gashyantare, 1898.

Burya Pawulo atubwira kwambara intwaro zose z'Imana kuko biteganijwe ko hazaba intambara. Ariko iyo ugenzuye izo ntwaro zitandukanye zanditswe mu Abefeso 6 :11-18, uzasanga ko ari intwaro ziteganirijwe intambara yo kurwanywa ugumye hamwe. Ibyo byasubiwemo kenshi " Mwambare intwaro zose z'Imana kugirango mubashe guhagarara mudatsinzwe... mugundire intwaro zose z'Imana kugirango mu minsi mibi, muzabashe gushikama kandi mugume mubirindiro. mutanyeganyega !Bibiliya mpuzamatorero (TOB) Reba ukuntu buri ntwaro Imana iduhamagarira kwambara, yerekeye kugirana umubano na yo ushingiye ku kwizera. Ibyo bishatse kuvuga intambara yo kwizera. Ntabwo ari ntwaro zo gusatira umwanzi, ahubwo n'izo kwirinda. Izo ntwaro zose ni zo : ukuri, gukiranuka, ubutumwabwiza bw'amahoro, kwizera, agakiza, gusenga n'ijambo ry'Imana. Umukristo wujuje ibyangombwa, azaba yiteguye kuguma hamwe mu guhihibikana kwe arwanya umwanzi ; ariko ari mu rugendo rwo kugirana umubano mu kwizera no kwiringira Imana.

Niba utazi kuguma hamwe, ntukirwe ugerageza kujya mbere ; niba bitabaye bityo, uzagwa ntakabuza. Na none ntukagerageze kuguma hamwe utajya mbere. Mu yandi magambo, uzaba ugeze mu idini y'imburamumaro izahinduka umwaku. Guma hamwe ari nako ujya mbere nibwo buryo rukumbi bwo kunesha.

### *IHAME RYA 87 : KUNESHA NYAKURI NI UGUTSINDA AKAMENYERO KO GUSHYIRAHO UMUHATI WACU NGO TUBE ABANESHI.*

Yehoshafati yari amaze kumenya ko umwanzi aje amusatiriye. Aho kugirango ateranye inama yo gutegura intambara, ngo ategeke imitwe y'ingabo kwitegura ngo bahite bajya ku rugamba, yafashe umwanzuro ushimishije cyane. Ushobora gusoma uko byagenze mu 2Ngoma20.Umwami ateranya abayuda bose ngo basenge !

Ubwo bari bateranye basenga, umugabo wari uhumekewemo n'Umwuka w'Imana arahaguruka abaha gahunda. Abwira abaturage b'i Buyuda kujya gusanganira umwanzi,ariko ko batagomba kurwana, kuko Uwiteka yari bubarwanirire. Bukeye bwaho mu gitondo kare bateranira kujya gusanganira umwanzi. Maze nyuma yo kungurana ibitekerezo, banzura kwohereza umutwe w'abaririmbyi imbere y'ingabo z'abayuda kugirango bahimbaze Uwiteka uko barushaho gusatira umwanzi.

Ese wari kunezezwa no kuba muri uwo mutwe w'abaririmbyi ? Mbega ukuntu kunesha umuhati wo kugirango tube abaneshi ari ukunesha gukomeye ! Ese ushobora gutekereza ko hari umuririmbyi wahishe umuhumetso we mu ikanzu ye ?

Ese ntibyari bisabye ukwizera gukomeye gusiga umuhumetso imuhira, maze bakajya imbere mu izina ry'Uwiteka baririmba ishimwe rye ? Uko biri kose, Abayuda bakoze ibyo Yehoshafati yari yabategetse ; maze muri uwo munsi, Abayuda bahabwa n'Uwiteka kunesha gukomeye.

Uko ni ko bimeze mu mibereho y'iby'Umwuka : unesha iyo watumbiriye Yesu maze ukishingikiriza k'ubushobozi bwe. Ntabwo ari igihe wihatiye kurwanya icyaha na sekibi. Habe na mba ! Ntidushobozwa kunesha na rimwe n'uko dushaka " gufasha " Imana uruhare runaka, tugerageza kurasa k'umwanzi tutiringiye kumuhamya. Kunesha ni umurimo w'Imana. Icyo dushobora gufatanya na yo gusa, ni ukubana na yo buri munsi ; bityo tukayiharira umurimo wo kuturwanyiriza umwanzi.

Ahari wigeze ukina umukino wo gushyira inkoni ku rutoki igahagararaho itaguye hasi. Nureba ku kiganza cya we, ntuzaba ukibashije kuyigumishaho ; ariko iyo uhanze amaso ku nkoni, ukareba hejuru, birakorohera cyane kuyigumishaho.

Iyo twirebyeho, ntakabuza kunesha biduca mu myanya y'intoki ; ariko iyo dutumbiriye Yesu, nibwo tubona kunesha. Umusizi umwe abivuga atya : " Narebye kuri Yesu, maze inuma y'amahoro iraza ihagarara mu kiganza cyanjye ! Narebye ya numa, maze irongera irigurukira".

Kunesha gucika benshi muri twe atari uko tutashyizeho umuhati ngo tuneshe ; ahubwo ari uko twashyizeho umuhati mwinshi cyane. Twarakoze ngo tubone ukunesha, maze dukoze dutyo, tubura icyo twiringiraga kubona.

Mu gukura kwa gikristo, byashoboka ko umuntu akora buri munsi kugirango aneshe maze ntabibone, cyangwa akareba kuri Kristo aho kugirango ashakishe kunesha ku mbaraga ze maze akanesha. Kunesha ni nko kwitanga kuko bishingiye ku kwizinukwa. Nta kunesha kw'igice kubaho ; uratsinda cyangwa ugatsindwa.
Dushobora kugaragarisha uko kuri " Igipimo cy'imibereho yo kunesha " :

```
                  5                                       *
             4              6                         *       *
        3                       7                  *             *

   2                               8             *                 *

  1                                   9        *                    *

 0                                     10     0                     10
```

Banza witegereze igishushanyo cy'ibumoso. Kenshi twagiye tugerageza gupima kunesha muri ubwo buryo. Tuvuge ko mu ntangiriro z'imibereho yanjye ya gikristo, nari mfite imico mibi cyane. Ariko nkora uko nshoboye kose ngo neshe, maze hanyuma y'igihe runaka, uburakari nagiraga bwatumaga agashinge kerekana icyenda kuri cya gipimo. Nyuma y'imyaka myinshi y'imibereho yanjye ya gikristo, uburakari nagiraga bwatumaga agashinge kerekera kuri gatandatu. Imyaka myinshi na none ishize, agashinge karazamukaga kakajya kerekera kuri gatatu kubera uburakari nari mfite. Maze mbere yo gupfa, igihe " niyumvaga neza " agashinge ntikigize kanyeganyega ukundi. Ariko uko siko kunesha !

Noneho rero, itegereze igishushanyo cy'iburyo. Gifite imibare ibiri gusa: zeru n'icumi. Naba maze imyaka myinshi cyangwa umunsi umwe ndi umukristo, igihe cyose nishingikirije ku mbaraga zanjye bwite, aho kwishingikiriza kuri Kristo, agashinge gahora kerekera ku icumi. Igihe cyose nishingikiriza kuri Kristo, aho kwishingikiriza ku mbaraga zanjye, byaba ari umunsi wa mbere cyangwa wa nyuma w'imibereho yanjye ya gikristo; agashinge ntikanyeganyega ukundi.

Imana ikeneye ko twakwiga kuyishingikirizaho buri mwanya. Ibyo byadushobokera nk'uko Kristo byamushobokeraga. Dusoma mu gitabo Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p.685)amagambo akurikira: "Yesu yari aziko imibereho y'abigishwa be bamwizera yari kuzaba nk'iye: kunesha kwiyungikanya ntakigukoma mu nkokora, atari ukunesha kwa hano ku isi, ahubwo ni ukunesha kw'ahazaza."

Ese ni iki gitera bene uko kunesha kwiyungikanya kudakomwa mu nkokora? Ni ukwiringira Kristo k'umwigishwa. Mu kwiga kumumenya, ni ho tubasha kwiga kumwiringira buri mwanya. Iyo tumwiringiye maze tukamutumbira, kunesha kuba kudashidikanywaho.

## *ICYIGISHO CYA 18: KUNESHA.*

1. Ni gute Ibyahishuwe byibanda ku mumaro n'agaciro byo kunesha?
- ."Unesha nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo" Ibyah.2:7
- ."Unesha ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri"Ibyah.2:11
- ."Unesha ni we uzambikwa imyenda yera ; kandi sinzahanagura na hato izina rye mu gitabo cy'ubugingo; ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika be"Ibyah.3:5
- ."Unesha, azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye, na we abe Umwana wanjye" Ibyah.21:7

2. Mbese imbaraga zo kunesha zituruka he?
- ."Uwiteka, gukomera n'imbaraga n'icyubahiro no kunesha n'igitinyiro ni ibyawe, … Mu kuboko kwawe harimo ububasha ni imbaraga; kandi kwogeza no guhesha bose imbaraga biri mu kuboko kwawe." 1Ngoma29:11,12.
- ."Muririmbire Uwiteka indirimbo nshya, kuko yakoze ibitangaza. Ikiganza cye cy'iburyo n'ukuboko kwe kwera, byamugize umuneshi".Zaburi98:1 (Bibiliya mpuzamatorero. TOB)

3. Imana iduha kunesha ibinyujije kuri inde?
- . "Ariko Imana ishimwe iduha kunesha kubw'Umwami wacu Yesu Kristo."1Abakorinto15:57

**KUNESHA NTABWO ARI UMURIMO W'AMABOKO YACU,AHUBWO TUGUKOMORA KU MANA.**

4. Ni ukuhe kunesha kunesha iby'isi?
"Icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi; kandi uku ni ko kunesha kwaneshеje iby'isi; ni ukwizera kwacu"1Yoh.5:4
5. Mbese kwizera kwacu kwerekeye kuri inde?
„ Ni inde unesha iby'isi? keretse uwizera ko Yesu ari Umwana w'Imana „1Yoh.5:5
6. Kwizera kunesha kuva he?
&. „Kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo „ Abaroma10:17
&.„Ndabandikiye ba se, kuko mwamenye uwahozeho mbere na mbere. Ndabandikiye basore, kuko mufite imbaraga; kandi ijambo ry'Imana rikaguma muri mwe, mukaba mwaranesheje wa mubi „ 1Yoh.2:14; 1Yoh. 4:4
7. Ni ibihe bintu bindi bikubiye mu kunesha?
„ Na we bamunesheshеje amaraso y'umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo; ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa. „ Ibyah.12:11
8. Mbese dushobora kunesha nk'uko Kristo yanesheje?
„ Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data kuntebe ye „ Ibyah. 3:21
9. Ese kunesha kwa Yesu gushobora kudutera ubutwari?
„ Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi „Yoh.16:33; Yoh.12:31. Reba n'Abaroma 8:3,4.

10. Ese byanze bikunze tugomba gutsindwa n’uburiganya bw’umwanzi?
„ Oya ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n’uwadukunze „ Abaroma8:37
11. Imbaraga zo kunesha tuzikura kuri inde?
„Ibisigaye mukorere mu Mwami no mu mbaraga z’ubushobozi bwe bwinshi „Abefeso6:10
12. Ese muri iyo ntmbara tugomba kurwana cyangwa tugomba gutuza gusa?
„ Mwambare intwaro zose z’Imana, kugirango mubashe guhagarara mudatsinzwe n’uburiganya bwa Satani... N’uko rero mutware intwaro zose z’Imana, kugirango mubashe gukomera kumunsi mubi; kandi murangije byose, mubashe guhagarara mudatsinzwe „Abefeso6:11-14
13. Ni izihe ntwaro zo kwirinda muri iyi ntambara yo guhama mu birindiro?
&. „ Muhagarare mushikamye, mukenyeye ukuri „Abefeso6:14
&.„Mwambare gukiranuka nk’icyuma gikingira igituza „Abefeso6:14
&.„ Mukwese inkweto: ni zo butumwa bwiza bw’amahoro bubiteguza „Abefeso6:15
&.„ Kandi ikigeretse kuri ibyose, mutware kwizera nk’ingabo; ni ko muzashoboa kuzimisha imyambi ya wa mubi yaka umuriro „ Abefeso6:16
&.„ Mwakire agakiza kabe ingofero „ Abefeso 6:17
&.„ Mwakire inkota y’Umwaka, ni yo jambo ry’Imana „Abefeso6:17
&.„ Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga „Abefeso 6:18
&.„ Mukomeze rwose kuba maso, musabire abera bose „ Abefeso 6:18

**IMPUGUKIRWA:** Kuko tudakirana n’abafite amaraso n’umubiri; ahubwo dukirana n’abatware n’abafite ubushobozi n’abategeka iy’isi y’umwijima n’imyuka mibi y’ahantu ho mu ijuru. Ni yo mpamvu tugomba gusaba Umwuka Wera kugirango aturwanirire. Reba ku murongo wa 12.

**MU NTAMBARA TURWANA NK’ABAKRISTO TUGOMBA KURWANA INTAMBARA YO KWIZERA. NAHO MU YO KURWANYA ICYAHA TUGATUZA.**

14. Ni bande bafite uruhare muri iyi ntambara y’Umwuka?
&." Mbese abamarayika bose si imyuka iyikorera : itumwa gukora umurimo w’abazaragwa agakiza ? "Abaheburayo1 :14
&." Ubwo umwanzi azaza nk’umugezi uhurura azahungishwa n’Umwuka w’Uwiteka. " Yesaya 59 :19. Reba muri Bibiliya yitwa Traduction Louis Second Revisée.
15. Abakijijwe banesheje iki ?
" Mbona igisa ni inyanja y’ibirahuri bivanze n’umuriro mbona n’abatabarutse banesheje ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo n’umubare w’izina ryayo bahagaze kuri iyo nyanja bafite inanga z’Imana, baririmba indirimbo ya Mose imbata y’Imana n’indirimbo y’umwana w’intama bati : " Mwami Mama ishobora byose, imirimo ya we irakomeye kandi iratangaje. Mugaba w’amahanga inzira zawe ni izo gukiranuka n’ukuri " Ibyah.15:2-3
16. Abaririmbaga indirimbo ya Mose bagize imibereho y’Umwuka imeze ite ?
" Mose asubiza abantu ati : " Mwitinya mwihagararire gusa murebe agakiza Uwiteka ari bubazanire uyu munsi " Kuva14 :13
17. Ni irihe sezerano rihebuje ryo kunesha mu gihe cy’abisirayeli ?
" Urugamba si urwanyu ahubwo ni urw’Imana…Muri iyo ntambara ntimuzagomba kurwana muzahagarare mwireme inteko gusa mwirebere agakiza Uwiteka azabaha. "2Ngoma20 :15-17

**IMPUGUKIRWA**: soma imirongo 1-24 kugirango usobanukirwe n’uko bigenda iyo dushakashatse Imana aho kurwanya umwanzi.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**
&. Kunesha ntibishoboka
&.Kunesha si ngombwa

&.Kunesha ni umurimo wacu
&.Kunesha kwa Yesu gusimbura ukwacu

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

&. Kunesha ntabwo ari umurimo w'amaboko yacu, ahubwo tugukomora ku Mana.
&. Mu ntambra turwana nk'abakristo, tugomba kurwana intambara yo kwizera ; naho mu yo kurwanya icyaha tugatuza.
&.Kunesha nyakuri ni ukunesha akamenyero ko guhora uhihibikanira kuba umuneshi.

## GUTUNGANA.

***IHAME RYA 88: GUTUNGANA KW'IMICO SI INTEGO DUSHOBORA KWIGEZAHO UBWACU, NI UMURIMO W'IMANA MURI TWE.***

Ese waba warigeze kugura imodoka nshyashya? niba aribyo waba wibuka uko wiyumvise ubwo wayitwaraga ukagera iwawe n'ibinyoteri bishashagirana bishyashya n'intebe zigitangaza? Ese wabyifashemo ute ubwo bangirizaga bwa mbere aho bashyira imipira y'imbere cyangwa ubwo umwe mu bana bawe yamennye amata ku ntebe z'inyuma?

Muri buri muntu habamo kumva ashaka ibitunganye. Duhora twifuza cyane ibitunganye, maze tugacika intege iyo ikintu "gitunganye"cyangiritse. Iyo ikintu cyangiritse twanga kugitangaho umutungo mwinshi. Guhera mu bwana twiga ko iyo ikintu cyangiritse kiba kitagitera umunezero ukundi.Ababyeyi bacu badushishikariza gufata ibintu byacu neza kugirango bibashe kurama igihe kirekire bitari byata agaciro.

Duhora twihatira gufata neza imibiri yacu ngo ihore itunganye. Ababyeyi bashimishwa no kubona impinja zabo zimeze neza ntakibazo zifite bigatuma bigiza kure ikibi cyose cyabangamira izo mpinja cyaba ari ukuzanduza cyangwa ari ukuzibabaza.

Dukora icyiza gishoboka cyose kugira ngo duhishe ikintu icyo ari cyo cyose cyagaragaza ko dushaje maze ibyo bigatuma tubabazwa n'iminkanyari uruhara, guhombana imisaya, no gutakaza amaraso ya gisore. Duhora twifuza ubwiza, ubwo tuzaba dufite imibiri itunganye.

Gutungana ni ingenzi cyane kuri buri wese muri twe kandi ni ingenzi n'imbere y'Imana. Imana yadusezeraniye ubusore budashira, butarwara, butababazwa, n'ubugingo bw'iteka bwuje ubuzima buzira umuze n'ubwiza bw'umubiri. Yatubwiye ibyaho tuzaba mu ijuru, uko hazaba hatunganye muri buri kantu kose kaho. N'indabo ubwazo zizaba zitunganye kandi ntabwo zizigera zihunguka habe na mba. Dufite ibyiringiro by'umunezero utunganye kuko atubwira ko amarira, kuboroga no gusuhuza umutima bitazabaho ukundi.

Ariko rero hari ukundi gutungana tugomba kugira tutabanje gutegereza ijuru. Nanone Imana yadusezeraniye gutunganywa kw'imico,anariko tugomba kugeraho tukiri hano ku isi. Uwiteka yaduseraniye gutunganywa,yategetse ko habaho gutungana. Ashaka ko tuba intungane.

Imana ibwira Aburahamu iti: "Ujye ugendera imbere yanjye, kandi utungane rwose" Itangiriro 17:1b Yesu abwira abigishwa be ati: "Mube mukiranutse nkuko So wo mu ijuru akiranuka" Mat. 5:48.Pawulo arandika ati: " Twigire imbere, tugere aho dutunganirizwa rwose" Heb. 6:1.

Gutungana ni ingenzi, gutungana birashoboka. Gutungana ni ibyangombwa ku umukristo. Ntimukigere mwibagirwa ko gutunganywa ari umurimo w'Imana atari uwacu. Ngaho suzuma iyi mirongo ya Bibiliya ishimangira uko kuri.

"Imana ni igihome cyanjye gikomeye, ishorerera umukiranutsi mu nzira yayo." 2 Samweli 22:33
"Ni yo Mana inkenyeje imbaraga, Igatunganya inzira zanjye". Zaburi 18:33.
"Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo, Ibakomeze, ibongerere imbaraga, ni mumara kubabazwa akanya gato." 1 Pet. 5:10.

" Nuko Imana y'amahoro, yazuye Umutahiriza w'Intama, ni we Mwami wacu Yesu, imuzurishije amaraso y'isezerano ry'iteka ryose, ibatunganye rwose mu byiza byose, kugirango mukore ibyo ishaka ikorera muri mwe ibishimwa imbere yayo, kubwa Yesu Kristo icyubahiro kibe icye iteka ryose! Amina! Heb. 13:20,21.

Mbese waba wifuza gushyikira gutungana kw'imico? Birashoboka. Kumenya ko iyo umuntu wacu w'inyuma agenda abura imbaraga, ko ubutunzi bwacu bugaragara bugenda busaza maze umuntu wacu w'imbere akaba ashobora guhora ahinduka mushya uko bukeye nuko bwije biteye akanyabugabo. Reba 2 Kirinto 4:16. Ni byo, gushyikira gutungana kw'imico mbere yo kugera mu ijuru birashoboka. Imana ni yo itunganya imibereho yacu, igihe dukomeje kugirana nayo umubano kandi "Umurimo wayo uratunganye rwose". Gutegeka 32:4.

### *IHAME RYA 89: INYIGISHO YO GUTUNGANA ISHOBORA GUTERA AKAGA NIBA ISHINGIYE KURI TWE UBWACU NDETSE NO KU MURIMO YACU BWITE.*

**ICYITONDERWA**: Gutungana bishobora kuba inyigisho iteye akaga mu buzima bw’iby’Umwuka!

Ariko nubwo bimeze bityo ntitugomba gutinya kwiga iyo ngingo kuko ari inyigisho ya Bibiliya. Ariko iyo nyigisho ishobora gutera akaga niba dutega amakiriro kuri twe ubwacu. Igihe cyose twitumbiriye aho gutumbira Kristo, turagwa, tugatsindwa kandi tugacumura. Turamutse tuzirikanye ko gutungana atari intego twe ubwacu dushobora kugeraho ko ahubwo ari umurimo w’Imana muri twe, dushobora kwiga iyi nyigisho nta kaga biduteye. Nuko rero, niba gutunganywa ari umurimo w’Imana yonyine rukumbi, iyi nyigisho izatuma tuyihanga amaso maze tureke kwitegaho amakiriro.

Bibiliya ivuga ko hariho gutungana kw’uburyo butatu. Dushobora kuba intungane kubwa kavukire, intungane uko dukura n’intungane kubyerekeye imico. Rimwe na rimwe abantu bajya impaka ku magambo nk’aya yo muri Matayo 5:48 “Mube mukiranutse nk’uko So wo mu ijuru akiranuka”. Maze kenshi na kenshi tukihutira kongeraho aya magambo tuti: “Ibyo ntibishatse kuvuga “Intungane”, bishatse kuvuga,”GUSHYIKA”.

Ariko gushyika bifite uburemere burenze gutungana. Uruhinja rushora kuba intungane “rutaramenya no kuvuga”. Ku muhanda akavugiriza induru abandi Bana batuye hakurya y’uwo muhanda ngo “mwa bicucu mwe!” ariko akomeje kwifata bene ako kageni kurinda agize imyaka makumyabiri byaba ari ibyo gutinywa.

Kugira imico itunganye ntabwo ari ukuba intungane kubwa kavukire n’uko ugenda ukura gusa ahubwo ugomba no kuba intungane igihe umaze gukura.

"Ubwa mbere habanza kuba utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto" Soma muri Mariko 4:28. Uruti rw'icyatsi rushobora kuba rutunganye, ihundo rishobora kuba ari ihundo ritunganye. Ariko urubuto rumaze kwera ruri mu ihundo rusobanura kuba rweze kandi rutunganye. Na none mu Migani ya Kristo p. 50), haravuga ngo " Dushobora kugenda turi intungane kuri buri ntambwe yose y'imikurire yacu."

Nuko rero Bibiliya yigisha ko gutungana bishoboka. Na none yigisha ko gutungana ari umurimo w'Imana atari uwacu nk'uko twabibonye mu cyigisho cyabanjirije iki. Bibiliya yigisha kandi ko tutagomba kwibwira ko twashyikiriye ubutungane, kwibwira gutyo rero byaba ari ikimenyetso cy'uko tutari intungane! Dusoma muri Yobu 9:20.
"Naho na ba ndi umukiranutsi, akanwa kanjye kancira urubanza, naho naba ndi intungane ni ko kampamya ubugome".

"Uwibwira ko yera ntabwo aba ari uwera mu by'ukuri abanditswe mu bitabo byo mu ijuru nk'abakiranutsi ntibabizi kandi nibo banyuma mukwirata ubugwa neza bwabo" – Kwizera kumbeshaho (The Faith I live by, p.11) . "Uko uzagenda wegera Yesu, niko uzagenda ubona ko uri mubi cyane, kuko ariko uzajya urushaho guhumuka mu by;umwuka, maze ububi bwawe burushaho kukugaragariza guhabana gukomeye kuri hagati yabwo no gutungana kwa kamere ye. Icyo ni igihamya ko ibihendo bya Satani bitagifite ububasha ahubwo ko guhembura k'Umwuka w'Imana kugenda kugukura mu bitotsi bimeze nk'urupfu – Kugana Yesu, P.52.

Niba aribyo koko ko uko tugenda twegera Yesu, ariko turushaho gusanga tutari intungane kwitegaho amakiriro ntibyaba bikibaho kubera ko tutamenya igihe twaherewe uko gutungana. Mu murimo wo gutunganywa, uruhare rwacu ni ugukomeza kwegera Yesu tumuhanz' amaso, ibisigaye ni we bizababa bireba.

"Buri wese azaba afite urugamba rukaze rwo kunesha icyaha mu mutima we. Rimwe na rimwe bica intege kubera ko tubona ububi bwo mu mico yacu; maze tugahagarara tubyibazaho kandi twakagombye gutumbira Yesu maze tukambara ikanzu yo gukiranuka kwe". - Témoignage pour l'Eglise, Vol. 3 p. 453 (Ibihamya by'itorero).

Ariko igihe cyose dukomeje kuzirikana mu bitekerezo ko ubutungane ari umurimo w'Imana idukorera, ni ko tuzakomeza kuyishingikirizaho kugirango yuzuze ikigomba gukorwa cyose muri urwo ruhande. Dushobora kwiga tudafite ubwoba amasezerano y'iyo nyigisho, maze tukanezezwa n'imigambi y'ayo ishyitse yafashe kugira ngo itubature ku cyaha.

## *ICYIGISHO CYA 19:GUTUNGANA.*

**1.ESE MU GIHE CY'ISEZERANO RYA KERA IMANA YARARIKIRAGA ABIZERA GUTUNGANA?**

&. " Aburahamu amaze imyaka mirongo urwenda n'icyenda avutse, Uwiteka aramubonekera, aramubwira ati "Ni njye Mana Ishobora byose; ujye ugendera imbere yanjye, kandi utungane rwose" Itang. 17:1.
&. " Utungane (Isirayeli) rwose kuri Yahwe Imana yawe" Gut. 18:13 (Bibiliya yitwa Yerusalemu)

**2.ESE MU GIHE CY'ISEZERANO RISHYA IMANA IRARIKIRA ABAKIRISTO GUTUNGANA?**

" Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka" Mat. 5:48
" Ibisigaye, benedata, murabeho, mutungane rwose" 2Kor. 13:11

.

**GUTUNGANA NI AMAHIRWE DUHABWA N'IMANA.**

**3. ESE GUTUNGANA KWABA KUGERA NO MU GIHE CYACU CYASHIZE.?**

&." Mwana wanjye humura, ibyaha byawe urabibabariwe". Mat.9:2

&."Ubwanjye ni jye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira kubwa njye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi" Yes.43:25

&." Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera, dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo" Rom. 5:1

**4. ESE GUTUNGANA KUREBA N'IGIHE CYA NONE TURIMO?**

&." Ibyanditswe byera byose byahumetswe ni Imana, kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu no ku mwemeza ibyaha bye, no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka, kugirano umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose, ngo akore imirimo myiza yose" 2Tim. 3:16,17

&." Bana banjye bato, mbandikiye ibyo, kugirango mudakora icyaha" 1Yoh. 2:1

&." Nanjye singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha" Yoh. 8:11 Reba na none Yoh. 5:14

&." Nuko ibasha kubarinda ngo mudasitara, no kubahagarika imbere y'ubwiza bwayo mudafite inenge, ahubwo mwishimye bihebuje,. " Yuda 24

&." Kuko Intwaro z'intambara yacu atari iz'abantu ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi; dukubita hasi impaka n'ikintu cyose cyishyirira hejuru kurwanya kumenya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose, ngo tubigomorere Kristo" 2Kor. 10:4,5 Reba na none Heb. 13:20,21

**5. ESE GUTUNGANA KWABA KWITA NO KU GIHE KIZAZA ?**

&. " Ariko inzira y'Umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, ugakomez agukura ukageza ku manywa y'ihangu" Imigani 4:18

&."Ni cyo gituma dukwiriye kuba turetse guhora mubya mbere bya Kristo, tukigira imbere , ngo tugere aho dutunganirizwa rwose, twe kongera gushyiraho urufatiro ubwa kabiri, arirwo kwihana Imirimo ipfuye, no kwizera Imana " Heb. 6:1,2

&. " Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganywa rwose, ahubwo ndakurikira kugirango ahari mfate icyo Kristo yamfatiye ". Abafilipi 3:12. Reba na none Abefeso 4:11-13

&."Abo bose, nubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo, nyamara ntibahabwa ibyasezeranijwe, kuko Imana yatugambiriye ikirushaho kuba cyiza, kugirango abo badatunganywa rwose tutari kumwe" Heb. 11:39,40.

**KUBW'IGIHE CYASHIZE DUFITE GUTUNGANA DUKESHA IMBABAZI Z'IMANA.KUBWA NONE DUTUNGANYWA N'UBUSHOBOZI BWE NAHO KUBW'AHAZAZA DUTUNGANYWA KUBW'AMASEZERANO YE.**

**6. BIBILIYA YABA IVUGA IBY'UMUTIMA UTUNGANYE ?**

&. " Maze abantu banezezwa n'uko bemeye gutura, kuko batuye Uwiteka, bafite umutima utunganye" 1 Ngoma 29:9

&." Kandi amaso y'Uwiteka ahuta kureba isi yose impande zose kugira ngo yerekane ko ari umunyamaboko wo kurengera abafite imitima imutunganiye" 2 Ngoma 16:9

&." Ndakwinginze Uwiteka, uyu munsi wibuke ko najyaga ngendera mu byu kuri imbere yawe n'umutima utunganye, ngakora ibishimwa imbere yawe. Nuko Hezekiya ararira cyane." 2 Abami 20:3

&." Nuko imitima yanyu ibe itunganiye Uwiteka Imana yacu, mugendere mu mategeko yayo, mwumvire amategeko yayo, nk'uko mubigenjeje uyu munsi" 1Abami 8:61 Reba na none 2 Ngoma 19:9

**7.BYABA BISHOBOKA KO UMUNTU AGIRA UMUTIMA UTUNGANYE ADAKORA IBITUNGANYE ?**

&. " Ariko ingoro ntizakurwaho mu bw'isirayeli; icyakora umutima wa Asa wari utunganye iminsi yose" 2 Ngoma 15:17

7. **MBESE BIRASHOBOKA GUKORA NEZA UDAFITE UMUTIMA UTUNGANYE ?**

&. " Akora[Amasiya] ibishimwa n'Uwiteka abikorana umutima utunganye, ariko si rwose" 2Ngoma 25:2

Impugukirwa: Reba ibyageze kuri Amasiya! Reba 2Ngoma 25.

8. **MBESE DUSHOBORA GUHANGARA KUVUGA KO DUTUNGANYE?**

&. " Naho naba ndi umukiranutsi, akanwa kanjye kancira urubanza. Naho naba ndi intungane, ni ko kampamya ubugome" Yobu 9:20

**INYIGYNYIGISHO YO GUTUNGANA ISHOBORA GUTEZA AKAGA IYO IRAMUTSE ISHINGISHINGIYE KU KWIHANGAHO AMASO.**

9. **GUTUNGANA BYABA ARI UMURIMO WACU CYANGWA SE UW'IMANA ?**

&. "Imana ni igihome cyanjye gikomeye; ishorerera umukiranutsi mu nzira yayo" 2Samweli22:33.

&. "Niyo Mana inkenyeje imbaraga, igatunganya inzira yanjye." Zaburi18:33

&." Uwiteka azatunganya ibyanjye rwose" Zaburi 138:8

&."Kandi Imana igira ubuntu bwose yabahamagariye ubwiza bwayo buhoraho buri muri Kristo, izabatunganya rwose ubwayo, ibakomeze, ibongerere imbaraga, nimumara kubabazwa akanya gato". 1Pet. 5:10

**GUTUNUGUTUNGANYWA KW'IMICO SI INTEGO DUSHOBORA KWIGEZAHO UBWAUBWACU,NI UMURIMO W'IMANA MURI TWE**.

**10. IMANA IDUTUNGANYA MU BUHE BURYO ?**

&." Nuko Imana nyir'amahoro … ibatunganye rwose mu byiza byose, kugirango mukore ibyo ishaka, ikorera muri mwe ibishimwa imbere ya yo"Abah. 13:20,21

**11. NI UBUHE BURYO IMANA IDAKORESHA IRI KUDUTUNGANYA ?**

&. " Kuko amategeko atagize icyo yatunganije rwose, ahubwo yari ibanze ry'ibyiringiro biyaruta, biduhesha kwegera Imana" Heb. 7: 19

&." Muri abapfapfa mutyo? Mwatangije iby'Umwuka, none ubu ngo iby'umubiri nibyo bibageza ku gutunganywa ?" Galat. 3:3

**12. NI UBUHE BURYO IMANA IKORESHA KUGIRANGO ISOHOZE UMUGAMBI WAYO ?**

&. " Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza intege m'ubugingo" Zaburi19:8

&." Nabikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye kugirango ntagucumuraho " Zaburi119:11

&." Nusha kuba intungane rwose, genda ugurishe ibyo utunze" Mat. 19:21

&.“ Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zuzura” 2 Kor. 12:9
&.“ Ubonye yuko kwizera kwafatanije n’imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n’imirimo ye, “ Yakobo2:22
&.“ Nuko bakundwa, ubwo dufite ibyo byasezeranijwe, twiyezeho imyanda yose y’umubiri n’umutima, tugende twiyejesha rwose kubaha Imana” 2 Kor. 7:1
&.“ Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n’abandi kuba abahanuzi, abandi kuba ababwiriza butumwa bwiza; n’abandi kuba abungeri n’abigisha: kugirango abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo: kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse, bageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo” Abefeso 4:11-13
&.“ Benedata, mwemere ko ari ibyishimo rwose, nimugubwa gitumo n’ibibagerageza bitari bimwe, mumenye yuko kugeragezwa kwo kwizera kwanyugutera kwihangana. Ariko mureke kwihangana gusohoze umurimo wako, mubone gutungana rwose, mushyitse, mutabuzeho na gato”. Yakobo 1:2-4 [Yakobo1:12]

**13. NI INDE WAGEZE KU UGUTUNGANA ?**

&. “ Nowa yari umukiranutsi, yatunganaga rwose mu gihe cye; Nowa yagendanaga n’Imana” Itang. 6:5
&.“ Mu gihugu cya Usi, hari umuntu witwaga Yobu; kandi uwo muntu yari umukiranutsi utunganye, wubahaga Imana, akirinda ibibi” Yobu 1:1. Reba nanone 1:8, 2:3

**14. MU KUREKA IMANA NGO YIKORERE UMURIMO WAYO, URUHARE RWACU RWASIGARA ARI URUHE ?**
&.“Nowa yagendanye n’Imana” Itang. 6:9
&.“ Yesu aramusubiza ati: “Nushaka kuba intungane rwose, genda ugurishe ibyo utunze … maze uze, unkurikire” Mat19:21
&.“… Jyewe mbe muri bo, na we ube muri njye, ngo babe umwe rwose” Yohana 17:23
&.“ Ni we twamamaza, tubwira umuntu wese, tumwigisha ubwenge bwose, kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo” Abakolo.1:28
&.“ Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara sinjye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera umwana w’Imana wankunze, akanyitangira” Galatiya 2:20 Reba nanone Heb.7:19.

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA:**
&.Gutungana ni ibyangombwa kugira ngo umuntu akizwe
&.Gutungana ni ukwintwari mu by’Umwuka gusa.
&.Guhera ubu gutungana ntabwo bishoboka.
&.Abadacumura na gato nibo Imana ibara nk’intungane.
&.Gutungana ni umwuzuro w’ibikorwa byiza.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**
&. Gutungana ni intego tudadashobora kwigezaho twe ubwacu, n’umurimo w’Imana muri twe.
&.Inyigisho yo gutungana ishobora gutera akaga niba ishingiye kuri twe ubwacu ndetse no ku mirimo yacu bwite.

***IHAME RYA 90 : KU BWA KAMERE YE ITAGIRA ICYAHA, YESU YARI NK'ADAMU MBERE YO KUGWA NTABWO YAVUTSE ATANDUKANYE N'IMANA, YESU YARI NK'ADAMU NYUMA YO KUGWA KU BYEREKEYE IMBARAGA ZE Z'UMUBIRI, IZ'IBITEKEREZO N'IZ'IMICO.***

Haba ubwo twibajije niba Yesu yari nk'Adamu mbere yo kugwa cyangwa nk'Adamu nyuma yo kugwa. Byombi ni ukuri.

Kugirango dusobanukirwe n'icyo gisubizo, tugomba gusobanura neza imibereho ya Yesu dushaka kuvuga .Dushobora kugabanyamo ubumuntu bwa Yesu ibice bine: Kamere y'iby'Umwuka, Imabraga z'umubiri, ubushobozi bw'ubwenge n'imbaraga z'imico.

Muri kamere ye y'iby'Umwuka, Yesu yari ameze nk'Adamu mbere yo kugwa." Kristo yiswe Adamu wa Kabiri. Yunzwe n'Imana mu gutungana no mu kwera, Umukundwa w'Imana, yatangiriye aho Adamu ubwe yari yaratangiriye. N'umutima ukunze yanyuze aho Adamu yaguye kandi avanaho gutsindwa kw'Adamu." (Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadivantiste b'umunsi wa karindwi, Vol.7, p.650)

Kristo yari umuntu wuzuye, ariko nta cyaha habe na gato- ni we muntu wenyine kuva kuri Adamu wabayeho atyo. Ku iherezo ry'umurimo we yashoboraga kuvuga nta muntu umuvuguruza ati: " Umutware w'ab'iy'isi araje kandi ntacyo amfiteho". Yohana 14:30. Dusoma m'ubutumwa bwatoranijwe , umuzingo wa mbere " Ntitugomba kwibeshya kuri kamere muntu ya Kristo itararangwagaho icyaha na busa" No mu magambo ya Elina White ari mu ubusobanuro bwa Bibiliya bw'itorero ry'abadivantiste b'umunsi wa karindwi, umuzingo wa 7 " yagombaga [Kristo] kwambara kamere muntu maze akaba umutwe w'ikiremwamuntu, ariko ntiyambare kononekara k'umuntu."

Ucyumva ibyo ahari aho wavuga ko ibyo ari ukuvuguruzanya, kuko mu ruhande rumwe Yesu yishyizeho ibicumuro byacu, icyaha cyacu yemwe na kamere yacu y'icyaha. Ariko n'ubwo yishyizeho ibicumuro byacu ntabwo yahindutse umunyabicumuro, kuko iyo biza kuba bityo na we yari kuba akeneye Umukiza. Kuba yarambaye kamere yacu y'icyaha ntabwo byahinduriye kamere ye bwite kuba kamere y'icyaha. Yishyizeho ibicumuro byacu n'icyaha cyacu kugira ngo ahinduke incungu yacu.

Ubwo Malayika yasuraga Mariya akamubwirako azabyara Mesiya, yaravuze ati: "Umwuka Wera azakuzaho n'imbaraga z'Isumbabyose zizagukingiriza; ni cyo gituma Uwera uzavuka azitwa Umwana w'Imana "Luka 1:35. Yesu yavutse mu buryo butandukanye n'ubwo twavutsemo. Nta n'umwe wo muri twe washoboraga kwitwa "Umwana wera ". Nk'Adamu mbere yo kugwa, Yesu afite kamere muntu y'umuntu, yashoboraga gutsindwa n'igishuko. Ariko kuko atigeze atsindwa na gato yakomeje kubaho ari nta cyaha afite. Reba Uwifuzwa Ibihe Byose p.98 Nguko uko yahindutse Adamu wa kabiri maze akatubatura mu gutsindwa kw'Adamu wa mbere. Reba 1 Kor. 15:21,22.

Nuko rero na none, Yesu yavutse mu buryo butandukanye n'ubw'Adamu. Yaravutse naho Adamu araremwa! Ariko Yesu ntabwo yatangiye ubuzima bwe ku isi mu mahirwe nk'ay'Adamu. "Mu myaka ibihumbi bine, imbaraga z'umubiri ni iz'ubwenge ndetse n'ubushobozi bw'imico mbonera by'ikiremwamuntu byari byaragiye bugabanuka, maze Kristo yambara ubumuga bw'ikiremwamuntu cyangiritse. Ni muri ubwo buryo gusa yashoboraga gucungura umuntu mu kononekara kwe gukabije" Uwifuzwa Ibihe Byose p. 58

Kristo yari afite imbaraga z'umubiri zari munsi y'izo Adamu yari afite. Ntabwo yari afite igihagararo nk'icy'Adamu, Kubera ko igihagararo cy'umuntu cyagiye kigabanuka uhereye ku irema. Ntabwo yari umunyambaraga nk''Adamu. Yarananirwaga bikamusaba kuruhuka mu gihe Adamu yari kuba agikomeje gukora k'urugero, ubwo yari kunyanja ari ni ijoro n'igihe yari ku iriba muri Samariya, ubwo n'abigishwa be ubwabo bari bafite imbaraga zihagije zo gukomeza imirimo yabo.
Nk'umuntu, ntabwo Kristo yari umuhanga nk'Adamu! Ubwenge bwagaragaraga mu murimo we bwababaga buvuye mu ijuru, ntabwo ari muri we; Yesu ntabwo yigeze akoresha ubuhanga bwe bw'ubumana. Yishingikirizaga ku ubwenge bwa Se nk'uko na none yamwishingikirizagaho mu migambi ye ya buri munsi

Na none Kristo ntabwo yari afite ubushobozi bw'imico mbonera nk'Adamu. Mbese imico ymbonera ni iki? Elina white, ukoresha iyo mvugo nta busobanuro ayitangaho. Ariko ubushobozii bw'imico mbonera bwerekeye ku imico uko umuntu ateye no mu kwitegeka kwe. Niba Kristo yari afite ubushobozi bw'imico mbonera bwari munsi y'ubw'Adamu ni ukuvuga ko yarushaga Adamu kuba umunyantege nke, kugira imbaraga nke zo kunesha ibishuko muri kamere ye ya kimuntu mu gihe atisunze ubushobozi mva juru.

Mbega urukundo rw'Imana ngo rurarushaho kwigaragaza: Kugirango yemere ko umwana wayo aza mu isi akishyiraho ingaruka zishishana nk'izo ku bwacu! Mu gitabo Uwifuzwa Ibihe byose, hatubwira ko Data wa twese yemeye ko Kristo "agerwaho n'akaga k'ubuzima kimwe n'undi muntu wese, kurwana nk'undi mwana wese w'ikiremwa muntu, bishoboka ko anatsindwa akanarimbuka by'iteka". Duhora twifuza cyane kurinda abana bacu imbaraga za Satani. Ariko " Imana yemeye gutanga Umwana wayo w'ikinege kugirango ajye ku rugamba rushishana rufite ingaruka ziteye ubwoba kandi ibyo byabereyeho kugirango inzira y'ubugingo iringanirizwe abana bacu. " Dore aho urukundo rushingiye!" "ISHIME WA JURU WE! NAWE WA SI WE UTURAGARE! " – Uwifuzwa Ibihe Byose, p.34.

### *IHAME RYA 91 : MU GUTSINDA IBISHUKO, YESU NTA MAHIRWE YIHARIYE YADUSUMBYAGA*

Uko ibihe biha ibindi niko abantu bahura n'íbibazo by' ubukene. Niba nawe ari uko bikumereye, ahari wakwifuza gukurikirana amahugurwa afite insanganyamatsiko ivunga ngo " Uko wabeshwaho na duke ufite " Aha kandi umwigisha ni Yohana D.Rockefeller(soma Rokifela). Mbese wabyitabira ? Mbese ni gute abanyeshuri batekereza ku isomo ryatwa " Imikoro itavunanye ? "Umwarimu uribigisha afite ubwenge bw'íkirenga bugeze ku rugero rwa 200(Quotient intellectuel) Mbese ukunda imyitozo ngororamubiri?Mbese watekereza iki ku kuba mu itsinda ry'abitoza kumanukira mu mitaka riramutse ritozwa na Malayika Gabulieli
Iyo Yesu aba yaraje mu isi nk'Umukiza wacu gusa, uburyo imibereho ye ya hano ku isi yari iteye, ntabwo bwazaga kuba ingezi nabwo. Ariko nk'uko yaje kutubera urugero, kutwereka uko dukwiriye kubaho, ni muri ubwo buryo yagombaga kubaho uko natwe tugomba kubaho ubwacu. Iyo bitaba ibyo, ntitwari kuzashobora gutera ikirenge mu cye.
Tubona amagambo akurikira mu gitabo ry'Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ p.14) "Iyo biza kuba ngombwa ko dusakirana n'ibyo Yesu ubwe atashoboye kwihanganira, Satani yari kubikuramo urwitwazo rwo kwerekana ko ubushobozi bw'Imana butaduhagije."
Mu mpaka zose zigibwa ku byerekeye kamere ya Kristo, ibintu bibiri by'ingenzi nibyo bituma habaho kutumvikana: Ku ruhande rumwe, ni ubuhe busobanuro twaha amagambo aboneka mu Baheburayo 4? Havuga ko Yesu yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse y'uko atigeze akora icyaha? Ku rundi ruhande rumwe ni gute yashoboye kuvuka nta cyaha, kandi yarabyawe n'umugore? Muri ibyo bibazo byose nta na kimwe gifitanye isano simusiga kandi itaziguye

n'imibereho yacu, kandi ibyo byombi biri mu ngingo tubwirwa ko ari ubwiru, imyigire yacu itagombye guharanira igihe kirekire. Reba ibyavuzwe na Elina G.WHITE mu gitabo cy'ubusobanuro bwa Bibiliya bw'itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi.(SDA Bible Commentary, vol.5 pp.1128,1129). Ibiri amambu, abantu benshi cyane, basa n'abemeranywa ku zindi ngingo ebyiri z'ingenzi: Mu gutsinda ibishuko Yesu nta mahirwe yari afite yihariye yaturushaga. Yanesheje icyaha nk'uko natwe twakinesha. Ibyo ni ibintu bishobora kugaragarira mu bikorwa kandi twabihaweho umucyo mwinshi utangaje

Yesu ntiyigeze agwabizwa n'ikigeragezo, haba yewe no mu bitekerezo bye,kandi natwe dushobora kunesha nkawe . Reba Uwifuzwa Ibihe byose(Jésus Christ p.105) Nkúko mu Byahishuwe 3:21 havuga, dushobora rwose kunesha mu buryo Yesu yaneshejemo "Ku bwo kunesha kwa Kristo, amahirwe yose yari afite, ari mu maboko ya buri muntu ; kuko ashobora guhabwa indi mbaraga itamuturutsemo, imusumba we ubwe ndetse agahabwa na kamere y'úbumana, mu gihe cyose azahungira kure uburiganya buterwa n'irari ry'isi" Elina G.WHiTE, Signs of times(Ibimenyetso by'ibihe) 16,Mutarama 1896 . Nuko rero nta kindi kera kirabura Yesu yaturushaga cyamubashishije gutsinda icyaha; niyo mpamvu ari we mutoza ukwiriye wo kutwereka uko dukwiriye kubaho. Yaraje kandi abaho mu bukene no mu ntege nke z'ikiremwamuntu, kugirango abashe gutabara abafite kamere muntu bose

Nta gushidikanya hari amahirwe Yesu yaturushaga.Kuko yari Imana mu buryo bwuzuye kandi akaba n'umuntu. Ariko nta na rimwe yigeze akoresha ubwo bumana bwe mu gutsinda ibishuko, kandi kudakoresha ubwo bushobozi, byari imvune kuri we, ndetse iruta iyo duterwa no kutagira ubwo bushobozi bwe bwihariye.

Urugero.Yesu yari afite akarusho kihariye ku byerekeye n'imyitwarire: Kuba atarigeze akora icyaha; ntiyashoboraga kugeragereshwa kugumya gukora icyaha. Kandi imbaraga ihatira umuntu kugumya gucumura, igenda ikura uko umuntu acumura, ni imwe mu mbaraga ikomeye irehereza umuntu ku kibi.Ariko yari afite ingorane ku byerekeranye n'umurunga umuhuza na Se, kuko Yesu yashoboraga kubaho atandukanye na Se ububasha twe tudafite na gato. None se ni nde ufite ikigeragezo gikomeye kurusha undi cyo kwirwanirira? Mbese ni ubifitiye ubushobozi, cyangwa ni utabufite ?

" Nta murimo wari ukomereye umwami w'ubugingo, nko kurangiza inshingano yari yihaye yo gucungura umuntu. Yambitse ubumana bwe ubumuntu.Yari asanganywe icyubahiro cye mu bikari byo mu ijuru, yari amenyereye gukoresha ububasha bwe bwose . Byari bimukomereye cyane kuba umuntu ndetse no kugumana kamere ya kimuntu nk'uko abantu bibakomerera kwizamura ngo bigeze kuri kamere izira amakemwa, ndetse ngo bagire kamere y'ubumana "Elina G.WHITE, SDA Bible Commentary(Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'itorero ry'Abadventiste b'umunsi wa karindwi) Vol 7 p.930.

Ku byerekeye ikibazo shingiro cy'icyaha n'igishuko- Gutandukana n'Imana. Kristo nta mbaraga yaturushaga ; ahumbwo mu kuri twamurushaga amahirwe ''Umuntu ntashobora kwikiza we ubwe, ahubwo umwana w'Imana aramurwanirira akamushyira aheza hamunogeye,akamuha imico y'ubumana'' Elina WHITE, Urwibutso n'Integuza(Review and Herald, 8 Gashyantare 1898)
Imibereho ya Yesu iduha ubwishingizi bw'uko natwe dushobora kunesha ibishuko.Nkuko yaneshaga kubwo kwishingikiriza kuri se, dushobora kunesha kubwo kumwishingikirizaho. Dushobora kuba mu mwanya mwiza utunogeye uyu munsi.

***IHAME RYA 92 : YESU YANESHEJE IBISHUKO NK'UKO NATWE TWABINESHA ,KU BWO GUKORESHA IMBARAGA IVUYE MU IJURU, AHO GUKORESHA IMBARAGA IYE BWITE.***

Yesu yari yakoze cyane amanywa yose, yigisha kandi akiza abantu. Bugorobye yiyemeza kwambuka inyanja arikumwe n'abigishwa be. Yari yananiwe si we wabonye bikiye mu bwato, ahita asinzirira ibwerekeza h'ubwato. Abigishwa ntibitaye ku kumenya aho Yesu aherereye. Bari abarobyi ntibari abigisha nka we.Amanywa yose yari yakoze inshingano ze ; igihe cyari kigeze ngo nabo barangize izabo nshingano. Nta gushidikanya bari bagiteguza ku byerekeranye no kwita ku bantu, ugereranyije n'ibyo Yesu yakoraga ; icyakora barigishwaga. Ariko ku birebana n'inyanja n'ubwato, byari akamenyero kabo, ndetse bumvaga bashobora guhangana n'icyabatera cyose bari mu mazi.
Umuraba ugitangira, ntacyo wari ubabwiye.Bari barahuye n'imiraba myinshi muri iyo nyanja, kandi bakayikira.Imbaraga zose za ngombwa kugira ngo bo n'ubwato bwabo babashe kwiyambutsa, nizo bari barangamiye, ndetse kugeza ubwo umuraba ukomeye kurusha iyindi yaje batakibuka ko Yesu ari kumwe na bo mu bwato. Ibyo kuri twe twumva bitabaho, maze tukibaza ukuntu bageze aho hose.

Ariko se twe ubwacu, ni kangahe tutibagiwe Yesu ? Mbese ibi ntibiratubaho na rimwe ? Mbese nta gihe waba wari ugiye gukora impanuka, nyuma ugasanga wari wizeye kuyikizwa n'ubuhanga bwawe aho gutabaza Imana ngo igutabare? Waba se utarigeze uhura n'intonganya mu muryango aho buri muntu atagituje,kandi bose babwirana amagambo akarishye ?Wagerageje wowe ubwawe gutuza iyo serwakira- nuko nyuma yaho gato aba ari bwo utekereza gusenga.

Iyo umwe mu bana banyu akomeretse cyangwa atunguwe n'uburwayi, ni nde mutabaza bwa mbere? Mbese ni umuvuzi muturanye cyangwa ni muganga uruta abandi ? Nuko rero na n'ubu, tujya twibagirwa ko Yesu arikumwe na twe. Ibyabaye kuri Yesu n'abigishwa be muri iryo joro, ni icyitegererezo kuri twebwe, kitwereka uburyo umucunguzi yaneshaga ibishuko byose. Yesu yari afite amahoro asesuye ubwo bamukanguraga umuraba urimbanije. Imvugo ye n'indoro ye ntibyerekanaga akanereri k'ubwoba, kuko umutima we utashoboraga kugira ubwoba. Ariko kandi ntiyishingikirizaga ku bubasha bukomeye yari afite. Umutuzo we ntiyawuterwaga n'uko yari umwami w'isi,inyanja n'ijuru,kuko ubwo bubasha yari yarabwiyambuye, kandi arivugira ati '' Ntacyo nshobora gukora ubwanjye'' Yohana 5 :30.Yiringiraga imbaraga za se n'urukundo rwe no kumwitaho kwe. Nk'uko Yesu, mu kwizera, yahanze amaso ku kugira neza kwa se.Yishingikirizaga ku kwizera imbaraga za se n'urukundo rwe no kumwitaho kwe. Nk'uko Yesu mu kwizera, yahanze amaso ku kugira neza kwa Se, ni ko natwe dukwiriye kwishingikiriza ku butabazi bw'Umukiza wacu.Uwifuzwa Ibihe byose(Jésus-Christ pp 326,326)

Elina WHITE agumya agereranya umuraba mu nyanja na za serwakira z'ibishuko bidutera. " Mbega ukuntu dukora nk'ibyo bariya bigishwa bakoraga ! "Iyo imiraba yo kugeragezwa ivugije ubuhuha,iyo imirabyo irabije,umuhengeri ukatugota turirwanirira twenyine,turwanya ayo mahindu, tukibagirwa ko hari ugomba kudufasha.twiringira imbaraga zacu bwite,tukageza hafi yo kuzimira.Ariko iyo twibutse Yesu, gutaka kwacu ntikuba imfabusa . Nubwo ababazwa cyane no kutizera kwacu,ntabwo yirengagiza na rimwe kuduha ubufasha dukeneye " Uwifuzwa Ibihe byose. Uwifuzwa Ibihe byose (Jésus Christ p 327).

Ni iby'agahozo,kumenya ko Yesu yanesheje nk'uko natwe twabigeraho.Biradukomeza cyane,kuko dushobora kubaho nkuko yabagaho.Nta karusho kandi yari afite; ahubwo mu mibereho ye yahangaga amaso kuri se .Ni inkuru nziza kuko yanesheje kandi ku bwe na twe, dushobora kunesha.Ku bw'ubuntu bwe budutsindishiriza,ukunesha kwe kuba ukwacu iyo tumusanze

tukamusaba kutubabarira. Ariko aduha ibirenze ukunesha yatuboneye. Ku bw’imbaraga ye mu bugingo bwacu dushobora kubaho imibereho yo kunesha kwe.Yesu nta mucyo yagize,haba no gukoresha imbaraga umuntu ubwe atahabwa ku bwo kumwizera.Abigishwa be bose bashobora kugera ku rugero rwe rw’umuntu uboneye,niba bemeye kwishyira mu maboko y’Imana nk’uko yabikoze "Uwifuzwa Ibihe byose (Jésus-Christ p.669)

" Kristo yahanganye n’ibishuko akoresheje imbaraga ishobora guhabwa umuntu wese yashyikiriye intebe y’Imana ; kandi nta muntu ; yaba umugabo cyangwa umugore, udafite uburenganzira kuri ubwo bubasha, mu gihe yizeye Imana. Umuntu ashobora guhabwa kamere y’Imana nta muntu uriho udashobora guhamagaza ubufasha mu ijuru mu gihe uhuye n’ibishuko cyangwa ibimugerageza.Kristo yaje guhishura isoko y’ububasha bwe kugira ngo hatagira umuntu wiringira ubushobozi bwe bwite " Ubutumwa bwatoranyijwe (Message choisis Vol.1.p.478)
Ubwo yazaga ku isi,Kristo yasezeye ku bubasha bw’ubumana bwe.Ariko kandi yabashije kunesha ku bw’imbaraga z’Imana.Yanze gukoresha ubumana bwe asanganywe ahubwo ahanga amaso ku bushobozi buturutse mu ijuru. Nyamara ubwo bubasha natwe,dufite uburenganzira bwo kubuhabwa. Mu mibereho yacu, ubumuntu bushobora kubangikana n’ubumana nk’uko byari mu mibereho ya Yesu ; kandi tumaze kwambikwa kamere y’Imana,dushobora kuba abaneshi. 2Petero 1 :4

## *IHAME RYA 93 : YESU YANGAGA ICYAHA URUNUKA.IBYO NATWE BYATUBAHO IGIHE DUFITANYE UMUSHYIKIRANO N’IMANA*

Yesu yabayeho imibereho ye yose yo ku isi yishingikiriza kuri se,kuba kandi atarigeze atsindwa n’igishuko cyo kwitandukanya na we n’akanya nk’ako guhumbya,byatumye Satani atabasha kumushukisha gukora ibyaha, kuko Yesu yangaga icyaha urunuka.
Ibi tubibwirwa kenshi mu nzandiko zera.Bityo dusoma ibyerekeye Yesu mu Baheburayo 1 :9 ngo "

Kuko wakunze gukiranuka ukanga ubugome(ibyaha) "Reba na none ibyo dusoma mu gitabo cy’umwuka w’ubuhanuzi " Ibyaha,amacakubiri,kwifuza kubi ,izi mbuto z’ubugome zose, ni ikizira kuri we "Uwifuzwa Ibihe byose(Jésus-Christ p 92) " We,[Yesu] wangaga icyaha urunuka, yikoreye ibyaha mu mutima we,ibyaha by’isi yose "Ubutumwa bwatoranijwe(Message choisis vol1.p378). " Imico ye, yerekanaga urwango nyarwo yanga icyaha " Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’itorero ry’abadiventisite b’umunsi wa karindwi.(SDA Bible Commentary) Vol5. p 1142. " Kristo yangaga ibyaha urunuka ibihe byose " Vol 7.p 904. Reka twumve ubusobanuro bw’aya magambo : Kristo ubwe, " yarababaye ubwo yageragezwaga " Yesu nta kizinga cy’icyaha cyamurangwagaho : Ahubwo ibyumviro by’umubiri we, byatumaga yumva uburibwe bw’indengakamere, bw’ubusabwe bw’ikibi "Uwifuzwa Ibihe byose(Jésus-Christ p 71).Yesu yangaga ikintu kimwe ku isi : icyaha " p 701 " Yesu yagize umubabaro mwinshi ku rugero rwo kwera kwe no kwanga icyaha kwe. Byaramushavuzaga cyane kubona azengurutswe n’abantu bayoborwa na Satani.

Hari ubwo abantu bagerageza kwerekana ko Kristo yashutswe n’ikibi nk’uko umuntu w’umunyabyaha ashukwa mu gihe atagengwa na Kristo. Bibwira ko ibyaha níbigeragezo Satani yeretse Kristo mu isi byamubereye ‘’ibishuko’’ maze agashinyiriza, akihangana akanga gushyira mu bikorwa icyo ibyifuzo bya kamere ye byamusabaga gukora. Nta gihabanye n’ukuri nk’ibyo.
Izindi nyigisho,zishaka kwerekana ko Kristo yakuruwe n’ibibi ko nawe yagiraga ibitekerezo by’irari no kwifuza n’uburakari, ariko ku bw’urukundo akunda se, akanga gukora ibyo kamere irarikiye. Inyandiko zera, ntizemera na busa iyo mitekerereze.Ni iby’ukuri ko urukundo Yesu akunda se ari rurerure cyane, nyamara n’urwango yanga ibyaha ni uko rureshya. Ntiyabonaga icyaha nk’ikinezeza; ahubwo yakibonaga nk’ikintu gikwiriye kwangwa urunuka.

Inkuru nziza iyo twiga imibereho na kamere bya Kristo, n'uko imyifatire ye imbere y'icyaha n'ikibi ishobora kuba iyacu.Ntabwo imibereho yacu igomba kuba iyo gutwika irari ridukururira kwivanga na ab'isi n'ibyaha byabo, ubundi ngo dushinyirize, ndetse ngo turwane no gutera isi umugongo.Ntitwagombye kwishyira mu rubuga rw'umubi kugira ngo bigaragare ko dukunda Imana byimazeyo.Urukundo rwatubashisha kubona uburyo bwo kwitandukanya n'ibyo kamere irarikira ngo tubashe kunezeza Imana.Dushobora kugira imibereho inesha nk'uko Kristo yanesheje –atari ukunesha ibikorwa bibi gusa –ahubwo no kunesha ibyifuzo bibi.Ni ukuvuga kunesha kurenze ibyerekeye imyifatire ;ahubwo kugera no ku byifuzo n'ibyo umutima urarikira.Dushobora kwanga icyaha nk'uko Yesu yacyangaga.

Aha na none kandi,ibyanditswe byera bivuga byinshi. " Iyo twambaye gukiranuka kwa Kristo,ntidushobora kurarikira icyaha… bishobora kutubaho gukora amakosa,ariko tuzanga urunuka icyaha cyatumye umwana w'Imana ababazwa " Ubutumwa ku basore(Message à la jeunesse p.336) " imibereho yuzuye umubabaro yatumye basobanukirwa n'ububi bw'icyaha,n'ububasha bwacyo,n'ingaruka zacyo,niyo mpamvu bacyanze urunuka "Intambara ikomeye(Tragédie des siècles pp552,553) : " Umutima wahinduwe bundi bushya,wanga icyaha "Mu bihamya by'itorero(Témoignage pour l'Eglise vol1.p287)haravuga ibyerekeye umuntu wahindutse : " Imibereho ye ya kera,ayibona ko ari imfabusa kandi iteye agahinda,yanga icyaha "Mu Uwifuzwa Ibihe byose(Jésus-Christ pp.671)havuga hatya : " Igihe tuzamenya Imana uko bishoboka ko imenywa,imibereho yacu izaba iyo kumvira guhoraho.Niba duha imico ya Kristo agaciro kayo,niba dushyikirana n'Imana,icyaha tuzakibona nk'ikintu cyo kwangwa urunuka "

Mbese ubona ko ibyaha bikwiriye kwangwa se ubibonamo ibinezeza runaka ?Byose biterwa n'uburyo uzi Imanacyangwa utayizi.Mu gihe dukoresheje imbaraga ngo twange icyaha ntidushobora kucyanga.Twiga kwanga icyaha iyo dukoresheje imbaraga zacu n'umuhati bya ngombwa ngo tumenye Imana, kandi ngo tugumye kugirana umushyikirano na yo uhoraho ; uko bukeye n'uko bwije.Aho watangirira hose wiga agakiza tubonera mu kwizera Yesu, amaherezo azaba amwe.Mbese uramuzi ?Kumumenya niryo shingiro ibindi byose bishamikiraho.Kumumenya nibwo bugingo buhoraho.

### *IHAME RYA 94: NTIDUSHOBORA KUBA NKA YESU ARIKO DUSHOBORA GUKORA NKA WE*

Mbese hari ubwo ujya uririmba iyi ndirimbo : " TURAKURAMYA ? "
Rugero ruboneye,Mutware utagereranywa
Uduhire twese
Nk'uko wari uri,niko twifuza kumera iteka
Abicisha bugufi,Abagwa neza " ?

Mbese koko birashoboka kumera nka Yesu ?Cyangwa iyi ndirimbo itugusha mu makosa ?Dushobora kumera nka Yesu ku bintu bimwe hanyuma ku bindi ntibishoboke ? Mbere na mbere hari ibintu bimwe tudashobora guhuza na Yesu kuko ari Imana kandi twe tukaba tutari yo. Ni umuremyi wacu twe tukaba ibiremwa gusa.Dushobora gufatanya na kamere y'Imana mu gihe aba mu bugingo bwacu,ariko tuzahora turi abantu.Nuko rero kuri iyo ngingo,ntidushobora kuba nka Yesu.

" Ukwigira umuntu kwa Yesu, kwahoze kandi kuzahora iteka ari ubwiru.Ibintu byose byahishuwe ni ibyacu n'abana bacu ; ariko umuntu wese yirinde, ye kwibwira ko Kristo ari umuntu buntu nk'umwe muri twe, kuko adashobora kuba atyo "Amagambo ya Elina WHITE mu Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi(SDA Bible Commentary Vol.5.p 1129).

Ndetse no mu gihe twagarukira mu kugereranya ubumuntu bwa kamere ya Yesu,twibonera ko tudashobora kumera neza nka we.Yavutse ari " Umwana Wera "Nta cyaha muri kamere ye, haba no gusamanwa icyaha nk'uko twabyibanzeho mu ihame rya 90. Twavutse dutandukanye n'Imana, twe abanyabyaha muri kamere no mu mavuko. Mu gihe cyose tuzaba tukiri ku iyi si,tuzaba dufite iryo tandukaniro rya kamere.Reba imigani ya Kristo(Les Paraboles de Jésus pp.133,134)

Imibereho yacu ya kera yaranzwe n'ibibi, ni indi ngingo igaragaza ko tudashobora kuba nka Yesu. Twakoze amakosa. Mu gihe cy'iteka ryose tuzahora dukeneye ubuntu bwa Kristo budutsindishiriza kandi bukatubabarira kugira ngo ibyaha byacu byo mu gihe cyashize, bibabarirwe. Yesu utarigeze acumura, ntabwo yigeze agira amateka y'ibyaha bye.

Nyamara birashoboka gusa na Yesu. Dushobora kubaho nk'uko Yesu yabayeho no gukora nk'uko yakoraga. Dushobora kunesha ibitugerageza nk'uko yabinesheje, twishingikirije ku mbaraga z'ijuru, aho kwirebaho. Dushobora kubaho twomatanye n'Imana nk'uko Kristo yabayeho yomatanye na Se,maze tugahishukirwa n'uko itandukaniro riri hagati yacu na Kristo, ntacyo rihindura !

Yesu yabayeho nk'umuntu. Mu buzima bwe bwose ku isi, ntiyigeze akoresha ububasha bwe bw'ubumana, kugeza mu gitondo cy'umuzuko.

Ibitangaza byose Yesu yakoze : Kuzura abapfuye, gukiza abarwayi,gukiza no kweza ababembe,kwirukana abadayimoni,kugendera hejuru y'amazi,gusoma ibitekerezo by'umutima-byanakozwe n'abigishwa be.Ibikorwa bya Yesu ni se wabimukoreshaga.Yesu arabivuga mu butumwa bwiza bwanditswe na Yohana 14 :10 " Data uguma muri jye, niwe ukora imirimo ye "

Mu gitabo cy'Uwifuzwa ibihe byose(Jésus Christ),tubwirwa inshuro nyinshi ko ubumana bwa Kristo,bwagaragaye binyuze mu bumuntu bwe.Ubwa mbere ni igihe yezaga urusengero, ubwo byasaga n'aho umwenda w'ubumuntu utamurutseho akanya gato,maze abantu bakarabukwa ku bumana bwe buhishwe.Iyo mvugo " BINYUZE ",igaragaza ko Imana ubwayo ari yo yihishuye ibinyujije mu mwana wayo.

Nyamara ukunesha yahawe binyuze mu ntambara yarwanye n'umwanzi, ni ingenzi cyane ugereranyije n'ibitangaza yakoze.ku bwo gushyikirana na se,ku bwo kwiringira se,yaranesheje.kandi ukunesha kwe gushobora kuba ukwacu. Nk'uko imirimo ya data yagaragaraga mu mibereho ya Yesu, Imana ishobora kuduteramo gukora no gukunda ibyo yishimira nk'uko ubuntu bwayo buri "Abafilipi 2 :13

### *IHAME RYA 95 : IPFUNDO RY'ICYAHA NI UGUCIKA K'UMUBANO HAGATI Y'IMANA N'UMUNTU.UMUGAMBI W'AGAKIZA,NI UGUSUBIZAHO UMUBANO HAGATI Y'IMANA N'UMUNTU.*

Yesu arashaka gushyingirwa ! Ibyahishuwe 19 :6-9 harabihamya : " Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi,n'irisa n'iry'amazi menshi asuma n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi,rivuga riti " Haleluya ! kuko umwami Imana yacu,ishobora byose iri ku ngoma !Tunezerwe twishime,tuyihimbaze,kuko ubukwe bw'umwana w'intama busohoye,umugeni we akaba yiteguye,kandi ahawe kwambara umwenda w'igitare mwiza,urabagirana,utanduye(Uwo mwenda w'igitare mwiza niwo mirimo yo gukiranuka y'abera)arambwira ati " Andika uti " Hahirwa abatorewe ubukwe bw'umwana w'intama ".

Muri Edeni,niho imirunga yahuzaga umuntu n'Imana yacikiye.Bamaze gukora icyaha,Adamu na Eva,barihishe aho kwegerana umwete umuremyi wabo ;kuva ubwo ntibongeye gutemberana n'Imana muri iyo ngobyi mu mafu meza ya nimunsi.

Adamu na Eva bari bamaze kwiyemeza kutazongera kwiringira utarigeze areka kuba uwo kwiringirwa.Muri ubwo buryo imirunga yabahuzaga n'Imana yaracitse.

Ariko Imana ntiyifuje ko birangirira aho.Umubano n'ibiremwa byayo wari ufite agaciro gakomeye mu maso yayo biyitera kurinde igera ku musaraba kugira ngo ibyutse wa mubano wari warahungabanye.Yaje ari umuntu,agendera hagati mu bantu, yambaye ubumuntu,kugira ngo azibe icyuho cyaciwe n'icyaha.

" Ubwo rero Yesu yaje akaba umuntu akaba muri twe,tuzi ko Imana izi neza ibiturushya,kandi ko ibabarana na twe.Umuhungu n'umukobwa wa Adamu wese,agomba gusobanukirwa n'uburyo umuremyi wacu ari inshuti y'abanyabyaha.kuko mu nyigisho zose zivuga iby'ubuntu,mu masezerano yose y'umunezero,mu gikorwa cyose cy'urukundo,mu bitureshya byose igihe dutekereza ku mibereho y'umukiza hano ku isi tubona " Imana iri kumwe na twe "Uwifuzwa ibihe byose(Jésus-Christ p-14)

Nuko rero ubu Yesu arashaka gushyingirwa. " GUSHYINGIRWA " bisobanura iki ?Ibyo bivuga kwiyomatanya n'umuntu kandi by'iteka ryose.

Umunsi umwe ku kibuga cy'indege cy'i TOKYO(soma Tokiyo) jye n'umufasha wanjye,twahuye n'umunyasuwede werekezaga i SEOUL(soma Sewulu) muri Koreya,aho inshuti ye y'umukobwa yari iri(fiancée)imutegereje. Nta wari warigeze abona undi muri abo bombi.Bamenyanye binyuze mu kwandikirana. Iyo yari inshuro ya mbere bari bagiye kurebana amaso ku yandi.Birumvikana ko uyu musore yifuzaga cyane kurebana n'inshuti ye.Yari afite amatsiko menshi y'ubukwe bwabo.Byari bimutindiye kubona mugenzi we no kwibanira na we mu buzima bwabo.

Twamenyaniye na Yesu mu gusenga no kwiga ijambo ry'Imana.Twize kumukunda kuko ari we wabanje kudukunda. Dushobora kwomatana na we,maze tugategerezanya ibyishimo ugushyingirwa kwacu na we igihe tuzarebana amaso ku maso ubudatandukana ukundi.

Rimwe na rimwe dutinya ko umushyikirano uhoraho hagati yacu na Kristo wahinduka undi murimo dusabwa kurangiza.Nyamara uwo mushyikirano,ntabwo ari inzira itugeza ku ntego dufite gusa,ahubwo ni yo ntego.Nta bwo tugirana umushyikirano na Kristo kugira ngo tubashe gukizwa n'umubano tugirana na Kristo.

Iyo twinjiye mu buruhukiro bwa Yesu,imibereho y'ijuru tuyitangira hano ku isi.Araturarika : " Nimuze munyigireho ; turasubiza tukamusanga ;nuko kuri twe ubugingo buhoraho buhita butangira.Iyo Kristo atwegereje Imana,ni ryo juru,niko turushaho kubona ubwiza n'icyubahiro bitwugururiwe ;uko turushaho kumenya Imana,niko umunezero wacu urushaho kugwira.

Uko turushaho kugendana na Yesu,turushaho kuzuzwa urukundo rwe,tukanyurwa no kumubona.N'ubu ngubu,tubasha kubona ibyo kamere yacu ibasha kwakira byose.Ariko se ibi bingana iki ugereranije n'byo mu ijuru "uwifuzwa ibihe byose (Jésus-Christ p 323)

**YESU ARASHAKA GUSHYINGIRWA ! WOWE SE ,URABYEMEYE ?**

## *ICYIGISHO CYA 20. YESU*

1. Mbese Bibiliya yigisha ko Yesu ari Imana ?
"Dore umwari azasama inda,kandi azabyara umuhungu,azitwa Emanweli,risobanura ngo "Imana iri kumwe na twe" Matayo 1:23
"Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana" Yohana 1:1,2

2. Ni iki Data wa twese yavuze kuri Yesu?
"Maze ijwi rivugira mu ijuru riti"Nguyu umwana wanjye nkunda nkamwishimira" Matayo 3:17

3. Mbese Yesu ubwe yavuze ko ari Imana?
"Umutambyi mukuru yongera kumubaza ati "Mbese ni wowe Kristo koko,umwana w'Imana idahinyuka?Yesu aramusubiza ati "Ndi we: kandi muzabona umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ushobozi bw'Imana aje ku bicu byo mu ijuru.Mariko 14:61,62.Reba na Yohana 4:25,26,9:37.

4. Mbese ntabwo Yesu yigeze avuga nk'Imana?
"Igituma Data ankunda,ni uko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane.Ntawe ubunyaka,ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye.Nshobora kubutanga kandi nshobora kubusubirana" Yohana10:17,18.
"Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakiye,ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka" Yohana 6:38
"Abonye kwizera kwabo aravuga ati"Wa mugabo we ibyaha byawe urabibabariwe.Abanditsi n'abafarisayo batangira kwiburanya bati":Uyu ni nde wigereranyije?Ni nde ushobora kubabarira ibyaha,keretse Imana yonyine? Luka 5:20,21.

5. Ese Yesu ubwe yigeze yiyita izina ry'Imana?"NDI"?
® Ndi umutsima w'ubugingo.Yohana 6:35
® Ndi uwavuye kuri yo kandi niyo yantumye.Yohana 7:29
® Ndi uwakomotse mu ijuru,…Ntabwo ndi uw'iyi si.Yohana 8:23
® Aburahamu ataravuka Ndiho.Yohana 8:58
® Ndi ukuzuka n'ubugingo.Yohana 11:25
6. Mbese abadayimoni bemezaga ko Yesu ari umwana w'Imana?
"Umushukanyi aramwegera,aramubwira ati"Niba uri umwana w'Imana,bwira aya mabuye ahinduke imitsima Mat 4:3

**IMPUGUKIRWA**: Satani yageragegeresheje Yesu guhindura amabuye imitsima kuko yari azi ko Yesu yari abishoboye.Ntashobora kubitugeragegeresha,kuko azi yuko tutabifitiye ubushobozi.

® "Abadayimoni nabo iyo bamubonaga,bamwikubitaga imbere bagataka cyane bati"Uri umwana w'Imana" Mariko 3:11; Matayo 8:29;Luka 3:34; 8:28; Mariko 1:24;5:7

7. Ese Yesu yari n'umuntu?
"Jambo uwo yabaye umuntu,abana na twe (tubona ubwiza bwe busa n'umwana w'ikinege wa se) yuzuye ubuntu n'ukuri"Yohana 1:14.
"Nuko rero,nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso,niko nawe ubwe yahuje ibyo na bo,kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu,ari we Satani." Abaheburayo 2:14;Reba na none imirongo ya 15,16.

8. Mbese Yesu yafashe kamere muntu yari afite ataracumura?

® Malayika aramusubiza[Malia] ati"Umwuka Wera azakuzaho n'imbaraga z'isumba byose zizagukingiriza:Nicyo gituma Uwera uzavuka azitwa umwana w'Imana"Luka 1:35.

® "Kuko wakunze gukiranuka,ukanga ubugome,nicyo cyatumye Imana,niyo Mana yawe,igusiga amavuta yo kwishima,ikakurutisha bagenzi bawe" Abaheburayo 1:9

® Ni nde muri mwe unshinja icyaha ? Yohana 8 :46

® Umutware w'ab'iyi si aza,kandi ntacyo amfiteho.Yoh.14 :30

YESU YANGAGA ICYAHA URUNUKA.IBYO NA TWE BYATUBAHO IGIHE CYOSE DUFITANYE UMUSHYIKIRANO UHAMYE N'IMANA.

9. Mbese Yesu yaba yarambaye kamere y'ikiremwamuntu cyamaze gucumura ?

® Yari(Yesu) asinziriye, aryamye ibwerekeza ,yiseguye umusego. Mariko 4 :38 ; Reba na Yohana 4 : 6

® Bukeye bwaho,bamaze kuva i Betaniya arasonza.Mariko 11:12

® Hanyuma y'ibyo Yesu amenye y'uko byose birangiye,agira ngo ibyanditswe bisohore rwose, niko kuvuga ati"Mfite inyota"

® Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana na twe mu ntege nke zacu; ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe,keretse y'uko atigeze akora icyaha.Abaheburayo 4: 15; Reba na Abaheburayo 2:17,18; Matayo 4:1

**YESU YARI AMEZE NKA ADAMU ATARACUMURA KU BWA KAMERE YE IZIRA ICYAHA.NTIYAVUTSE ATANDUKANYE N'IMANA.YESU YARI NK'ADAMU NYUMA YO KUGWA KU BYEREKERANYE N'IMBARAGA Z'UMUBIRI,IZ'IBITEKEREZO,N'IZ'IMICO; KU BW'IBYO,YARI YAMBAYE KAMERE Y'ICYAHA.**

10. Ese Yesu hari icyo yaturushaga cyatuma anesha icyaha?

® Yesu ntacyo yikoreshaga we ubwe.Yohana 5: 19,30.Nta Kristo ntacyo tubasha gukora.Yohana 15:5

® Yesu yari muri se.Yohana 14:10.Dushobora kuba muri Kristo.2Abakorinto 5:17.

® Data wa twese yari muri Kristo.Yohani 10:38.Yesu ahobora kuba muri twe.Abakolosayi 1:27.

® Yesu ntabwo yivugiraga we ubwe Yohana 8:28; 12:49,50 ntitugomba kuvuga ku bwacu.Matayo 10:20

® Yesu yari atuwemwo na se.Yohana 14:10.Yesu atura mu mutima wacu ku bwo kwizera. Yohana 17:23; Efeso 3:17;Abafilipi 2:13

**YESU NTA KANDI KARUSHO YATURUSHAGA KAMUBASHISHIJE GITSINDA IBIGERAGEZO.**

11. Mbese ububasha bwo gukora ibitangaza Yesu yabukuye he?

® Yemwe bagabo b'Israyeli mwe,nimwumve aya magambo:Yesu w'I Nazareti, wa muntu Imana yabahamirishije imirimo ikomeye n'ibitangaza n'ibimenyetso,ibyo yamukoreresheje hagati yanyu nk'uko mubizi ubwanyu.Ibyakozwe n'intumwa 2:22

12.Ese Abigishwa ba Kristo nabo bashoboraga gukora ibyo bitangaza?

® Ugukizwa hakozwe ku bishura bya Yesu . Mariko 6:56

Ugukizwa n'ibitambaro byakoze ku mubiri wa Pawulo.Ibyak 19:11,12

® Yesu yazuraga abapfuye.Luka 7:11-15.Abigishwa be bazuye abapfuye Matayo 10:8,Ibyakozwe 9:36-42

® Yesu yasomaga mu mitima Luka 7:39-47.Intumwa ze na zo zarondoye imitima.Ibyakozwe 8:39.
® Yesu agendera hejuru y'amazi Matayo 14:29.Petero agenda hejuru y'amazi Matayo 14:29
® Yesu aburira hagati ya bo.Luka 4:29,30.Filipo ntiyongera kuboneka.Ibyakozwe 8:39
® Yesu yirukanye abadayimoni. Luka 4:33,36.Abigishwa ba Yesu birukanaga abadayimoni.Luka 10:17
® Yesu yakijije abarwayi.Matayo 4:23.Abigishwa ba Yesu bakizaga abarwayi. Luka 9:6
® Imana yakoreraga imirimo mu mibereho ya Yesu .Yohana 14:10,11.Imana ikorera imirimo yayo mu bugingo bwacu.Yohana 14:12-14

**YESU YANESHEJE IBISHUKO NK'UKO NA TWE TWABIBASHA;NDETSE AKORA N'IBITANGAZA KUBWO KWIZERA,KUBW'IMBARAGA Y'IJURU AHO KUBA UBUSHOBOZI BWACU BWITE.**

13.Ni he Yesu yakuraga kwizera kwe?
® "Handitswe ngo" Luka 4: 4,8,12
® "Ariherera arasenga" Luka 5:16
® "Yakeshaga ijoro asenga" Luka 6:12
® "Yari yaramenyereye kujya mu materaniro yo kuramya Luka 4:16

14.Mbese mu kuri,Imana yari yahannye Yesu ku musaraba cyangwa Yesu yatekereje ko yari yahanwe?
® "Dore igihe kirenda kugera,ndetse kiraje,ubwo muri butatane umuntu wese ukwe mukansiga jyenyine" Yohana 16:32
® Marayika uvuye mu ijuru aramubonekera,amwongerera imbaraga. Luka 22:43.
® Maze mu isaha ya cyenda Yesu avuga ijwi rirenga ati"…Mana yanjye,Mana yanjye ni iki kikundekesheje? Matayo 27:46
® Kuko muri Kristo ari mwo Imana yiyungiye n'abari mu isi ,ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo; kandi noneho yatubikije ijambo ry'umwuzuro"2Korinto 5:18

**AMAKOSA UKU KURI KWAGOMBYE GUKOSORA**

® Yesu yari Imana ntiyari umuntu.
® Yesu yari umuntu ntiyari Imana
® Yesu yari afite imbaraga idasanzwe twe tutabona,yamufashaga gutsinda ibigeragezo
® Yesu yifashishije kamere y'ubumana bwe,kugira ngo agire imibereho idacumura.

**AMAHAME UKU KURI GUSHYIGIKIRA**

® Yesu yari ameze nk'Adamu ataracumura ku bwa kamere ye izira icyaha :ntiyavutse atandukanye n'Imana.Yesu yari nk'Adamu nyuma yo kugwa ku byerekeranye n'imbaraga z'umubiri ndetse niz'imico ye.
® Mu gutsinda ibishuko,Yesu nta mahirwe yihariye yadusumbyaga
® Yesu yanesheje ibigeragezo nk'uko na twe twabinesha ; kubwo gukoresha imbaraga mva juru,aho kwiringira imbaraga ze bwite.